# IBIBAZO



# 101

## Kuri Elina G. White n'inyandiko ze



ELLEN G. WHITE ESTATE

# IBIBAZO 101 KURI ELINA G. WHITE N'INYANDIKO ZE

# IRIBURIRO

Iki gitabo, cyanditswe n'abarinzi b'inyandiko za Elina G. White *[Ellen G. White Estate]* muri 2010, kandi cyabonye *kopirayiti [uburenganzira bw'umuhimbyi]* muri 2018. Ururimi rw'umwimerere cyanditswemo ni Icyongereza; kandi cyitwa "101 QUESTIONS ON ELLEN G. WHITE AND HER WRITINGS [Ibibazo 101 kuri Elina G. White n'Inyandiko ze]." Nyuma y'aho cyarasemuwe gishyirwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda muri 2020-2021.

Iki gitabo kigizwe n'ibibazo n'ibisubizo. Twahisemo ibibazo bimwe na bimwe, gusa ntibivuze ko buri kibazo gifite ibyo gihagarariye. Twifashishije ibibazo abantu bagiye bohererereza mu myaka yashize ku rubuga rwa murandasi rw'abarinzi b' inyandiko za Elina G. White (http://www.whiteestate.org). Uretse gusa ku bibazo bimwe na bimwe, ubundi ibisubizo byagiye byandikwa na William Fagal, akaba ari umuyobozi ushinzwe gutegura no gukurikirana gahunda z'abarinzi b'inyandiko za Elina G. White. Amazina y'ababajije ntabwo agaragara ku rubuga rwa murandasi, kandi no muri iki gitabo ntabwo twigeze tuyashyiramo.

Ibibazo n'ibisubizo byanditswe ku buryo bw'imbwirwaruhame, kubw'ibyo rero twarabinonosoye kugira ngo tubashe kubikoresha muri iki gitabo. Umwanditsi yananonosoye ibisubizo byinshi kugira ngo yongeremo ubumenyi bushya kandi abasomyi barushemo kunyurwa. Kugira ngo iki gitabo kidahinduka kirekire cyane, ibisubizo byinshi byagiye byandikwa mu buryo bw'incamake ugereranyije n'uburyo byari byaratanzwe ku rubuga rwa murandasi, kuko ibyinshi muri byo birimo inyandiko zuzuye cyangwa ibice byuzuye by'ibitabo.

Ushobora gusoma ibibazo n'ibisubizo byose uko byakabaye ku rubuga rw'abarinzi b'inyandiko za Elina G. White rwitwa (http://drc.whiteestate.org). Mu kugufasha kubibona, twashyize mu dukubo imitwe y'amagambo y'ibibazo n'ibisubizo ku rubuga rwacu rwa murandasi; kandi twakoresheje utwuguruzo n'utwugarizo munsi y'ibibazo twakoresheje nk'imitwe y'igice. Shakisha imitwe yo ku rubuga rwa murandasi wifashishije akazu kabugenewe k'amashakiro kari mu nguni ya ruguru y'ibumoso bwo kuri paje y'urwo rubuga rwitwa "Digital Resource Center Website."

Ushobora kuzabona ko hamwe na hamwe imitwe yo ku rubuga rwa murandasi idahura neza n'insanganyamatsiko z'ibibazo n'ibisubizo bibikurikira. Ahanini ibyo

byatewe nuko ibyabajijwe mbere byagendaga byisubiramo bya hato na hato, twebwe rero twakoresheje ibindi bibazo bidahuye ijana ku ijana n'ibyabajijwe ku rubuga rwa murandasi. Imana igufashe kugira ngo gusoma iki gitabo bizakubashishe kurushaho gusobanukirwa kandi byongere kwizera kwawe mu buryo Imana yavuganye natwe ikoresheje intumwa zayo, iza kera n'izo muri iki gihe.

***Uwakusanyije/Uwanonosoye iki gitabo mu Cyongereza:***
DAVID C. JARNES

***Uwasemuye iki gitabo mu Kinyarwanda:***
MAAJABU ALLELUIA TITO
E-mail: maajabualleluiatit77@gmail.com
Tel: (+250)785943779 / (+250)728915675

***Uwagize uruhare mu gukosora isemurwa ry'iki gitabo:***
HAGENIMANA JEAN DE DIEU
E-mail: hagena77@gmail.com
Tel: (+250)784239311

## IBITABO BYAKORESHEJWE N'AHO WABISANGA

Ibitabo byakoreshejwe mu gusemura iki gitabo, ahanini ni ibitabo bibitswe mu buryo bw'ikoranabuhanga [*soft copies*]. Kubw'iyo mpamvu, hamwe na hamwe, amapaje yabyo ashobora kudahura neza n'ay'ibitabo byacapwe kera cyangwa vuba twaba dufite, nyamara amagambo abirimo arahuye. Ibyo bitabo by'ama *soft copies,* ari na byo nyirizina byakoreshejwe muri iki gitabo, mubasha kubibona munyuze kuma links akurikira:

1. Ibitabo 5 by'urukirikirane rw'intambara y'ibihe byose | ASA UR-NYARUGENGE (abakurambere n'abahanuzi, abahanuzi n'abami, uwifuzwa ibihe byose, ibyakozwe n'intumwa n'intambara ikomeye)

http://www.asaurnyarugenge.org/ibitabo-5-bisobanura-bibiliya/

2. Kurambagiza | ASA UR-NYARUGENGE (ijuru rito, urugo rwa gikristo, inzira y'ubusore bunejeje,urugo ruhumura, umubano unejeje, kurambagiza no gushyingiranwa, n'ibindi...)

http://www.asaurnyarugenge.org/kurambagiza/

3. Ibihe byimperuka | ASA UR-NYARUGENGE (Kwitegura akaga gaheruka, ibyaduka byo mu minsi y'imperuka, ukuri kuvugwe, ikimenyetso cy'inyamaswa, abatware b'ikibi, umukino ukina ufite iherezo, ibyaha nkoraruguma bya vatikani, ibimenyetso by'ibihe by'imperuka, ifaranga rya electronic, n'ibindi...)

http://www.asaurnyarugenge.org/ibihe-byimperuka/

4. Ubuzima | ASA UR-NYARUGENGE (rengera ubuzima, Inama ku mirire n'ibyo kurya, n'ibindi...)

http://www.asaurnyarugenge.org/ubuzima/

5. Ibitabo by'andi matorero tujya twifashisha | ASA UR-NYARUGENGE (umugenzi 1&2, uruhererekane rw'abapapa, umutima w'umuntu, ikorowani mu kinyarwanda, gatigisimu, kinyamateka magazine, n'ibindi...)

http://www.asaurnyarugenge.org/ibindi/

6. Ibitabo by'itorero | ASA UR-NYARUGENGE (Bibiliya Yera, Ibyo abadiventiste b'umunsi wa 7 bizera, umwiteguro w'imvura y'itumba, Daniyeli n'ibyahishuwe,

ibiganza bisenga 2, amahame 95 yo gutsindishirizwa, igishushanyo mbonera cy'ubuturo bwera, ni nde uri mu kuri, ibisubizo by'ibibazo byawe, intambwe zigeza umuntu ku bubyutse, Amagambo yagiye yitirirwa Elina G. White nyamara atari aye, Indongozi y'itorero (ingeri ya 2015), Intambara ikomeye n'ijambo ry'Imana, Inyandiko z'intumwa Pawulo, Kweza umunsi w'isabato, Kwitandukanya n'isi, Mineyapolisi 1888 ni iki cyabaye, Ubusobanuro bwa Daniyeli n'Ibyahishiwe(cyanditswe na Uriah Smith), Urwandiko rwandikiwe ab'i Lawodokiya, Ibibazo 101 kuri Elina White n'inyandiko ze, Indongozi y'umukuru w'itorero [ingeri yo mu 1999] n'ibindi...)

http://www.asaurnyarugenge.org/itorero/

7. Integuza | ASA UR-NYARUGENGE (gutsindishirizwa,amategeko y'ubuzima,mpa abana bawe mbarere,amategeko cumi, umugore ku murimo,ubutumwa bwiza n'ubugorozi mu itorero, n'ibindi...)

http://www.asaurnyarugenge.org/urwibutso-n-integuza/

8. Ibindi bitabo bya Elina G. White | ASA UR-NYARUGENGE (Inama zigirwa itorero, imigani ya Kristo, ubutumwa ku basore, inama ku busonga, ivugabutumwa, umurimo wa gikristo, ubutumwa bwatoranijwe 1&2, inyandiko z'ibanze, kugana Yesu, uburezi, imibereho yejejwe, intumwa y'Imana, Abahirwa ni ba nde, Inama z'Imana muri iyi minsi, n'ibindi...)

http://www.asaurnyarugenge.org/ibindi-bitabo-bya-ellen-g-white/

9. Ibyigisho biyobora abakuze kwiga Bibiliya | ASA UR-NYARUGENGE

http://www.asaurnyarugenge.org/ibyigisho/

10. Ibyigisho byanditse | ASA UR-NYARUGENGE (ibyemewe n'ibitemewe ku isabato, Mbese ufite ubuzima buzira umuze ku ruhe rugero, ingaruka mbi zo kureba amafilime, ibyabereye i Mineapolis, agaciro k'impano mu rukundo, indimi 5 z'urukundo n'ibindi...)

http://www.asaurnyarugenge.org/ibyigisho-byanditse/

# AMASHAKIRO

IRIBURIRO .......... 3

IBITABO BYAKORESHEJWE N'AHO WABISANGA .......... 5

AMASHAKIRO .......... 7

IGICE CYA MBERE – IBIBAZO BIJYANYE NA ELINA WHITE NO GUHUMEKERWA KWE .......... 15

Ikibazo cya 1: mbese Elina White yari umuhanuzi umeze nk'abanditse Bibiliya? ("Mbese Elina White yari umuhanuzi?") .......... 16

Ikibazo cya 2: Mbese buri kimwe cyose mubyo Elina White yanditse cyarahumetswe? ("Mbese Elina White yigeze avuga ko bimwe mubyo yanditse aribyo byonyine byahumetswe?[1]") .......... 20

Ikibazo cya 3: Mbese inyandiko za Elina White ni "umucyo muto?" ("Umucyo muto, Umucyo munini") .......... 22

Ikibazo cya 4: Mbese Imana yigeze Iha Elina White amagambo nyirizina yifuzaga ko yandika? ("Ihumekerwa ry'amagambo") .......... 25

Ikibazo cya 5: Mbese Elina White yigeze akora amakosa? ("Amakosa ya Elina White") .......... 27

Ikibazo cya 6: Mbese amayerekwa ya Elina White yari ingaruka z'indwara y'igicuri? ("Amayerekwa ya Elina White, ingaruka z'indwara y'igicuri") .......... 31

Ikibazo cya 7: Mbese Elina White yigeze yiba inyandiko ziri mu bitabo byanditswe n'abandi hanyuma azita ize? ("Mbese zimwe mu nyandiko za Elina White ni inzibano?") .......... 33

Ikibazo cya 8: Mbese abafasha mu by'ubuvanganzo ba Elina White bigeze bandika ibitabo bye? .......... 37

Ikibazo cya 9: Mbese umwanditsi wa Elina White yigeze yandika Kugana Yesu? ("Mbese igitabo cyo Kugana Yesu, cyanditswe na Elina White?") .......... 40

Ikibazo cya 10: Mbese Elina White yigeze avuga ko yavuganye n'umugabo we wapfuye, ubwo yari ari mu iyerekwa? ("Inzozi z'umugabo wapfuye") .......... 42

Ikibazo cya 11: Mbese ni ukubera iki Elina na James White bafite za obeliske ku bituro byabo? (“Obeliske ku gituro cya Elina White?”) ........................................ 44

Ikibazo cya 12: Mbese ubuhanuzi bwa Elina White bwo mu 1856 ntibwasohoye? (“ubuhanuzi bwo mu 1856”) .................................................................................... 47

Ikibazo cya 13: Mbese Elina White yigeze avuguruza ibyanditswe ku bijyanye “n’umunsi n’isaha”? (“Umunsi n’isaha byarahishuwe?”) .................................... 50

Ikibazo cya 14: Mbese Elina White yigeze yitiranya mu buryo bwo kwibeshya, ba Herode babiri? (“Ibisa nko kuvuguruzanya hagati *Spiritual Gifts* vol.1, p.71 na *Spirit of Prophecy* vol.3, p.334”) ......................................................................... 52

Ikibazo cya 15: Mbese iyerekwa rya Elina White ryigeze rigaragaza abantu ku mubumbe wa Saturune? (“Elina White n’umubumbe wa Saturune.”) ................. 54

Ikibazo cya 16: Ni gute umuhanuzi nyakuri, yashoboraga kuba yaratangaje inyigisho y’urugi rukinzwe? (“Elina G. White n’urugi rukinzwe”) ....................................... 56

Ikibazo cya 17: Mbese Elina White yaba yaribeshye ku rusengero rwo muri Yerusalemu nshya? (“Urusengero muri Yerusalemu nshya”) .............................. 60

Ikibazo cya 18: Mbese ifoto ya Elina White yambaye urunigi “yarahinduwe”? (“Ifoto yerekana madamu White yambaye urunigi”).................................................... 61

Ikibazo cya 19: Mbese umufotozi yigeze afotora Elina White yambaye umukufi w’izahabu? (“Ifoto ya Elina White afite umukufi w’izahabu n’agafashi”) ............ 62

Ikibazo cya 20: Mbese Elina White yigeze anenga ihame ry’ubutatu bwera? (“Abapayiniya n’ubutatu bwera”) ................................................................... 64

Ikibazo cya 21: Mbese hari uwigeze ashyira amagambo y’ubutatu bwera mu bitabo bya Elina White, rwihishwa? (“Ikibazo kijyanye no kuba inyandiko zarahinduwe”) ................................................................................................................... 67

Ikibazo cya 22: Mbese ibitabo by’ingenzi cyane Elina White yanditse, byarahinduwe? (“Ibitabo byarahinduwe?”) ........................................................ 70

Ikibazo cya 23: Mbese dushobora kugirira icyizere inyandiko zakusanyijwe? (“Inyandiko zakusanyijwe no gukoresha inyandiko za Elina White”) .................... 74

Ikibazo cya 24: Kubera iki ibyo Elina White yanditse byose, bitigeze bicapwa? (“Inyandiko zitacapwe”)......................................................................... 76

Ikibazo cya 25: Mbese amafaranga yavuye mu bitabo bya Elina White yagiye hehe? (“Ni gute Elina White yasize atoranyije abarinzi b’inyandiko ze”) ........................ 77

Ikibazo cya 26: Mbese kwizera ihumekerwa rya Elina White, ni ikimenyetso cy’ubuyoboke? (“Elina G. White, ikigaragaza ko uri umwizera?”) ........................ 79

Ikibazo cya 27: Mbese Elina White yigeze abuza ababwiriza, gukoresha inyandiko ze mu bibwirizwa byabo? (“Amagambo ya Bibiliya kandi Bibiliya yonyine, agomba kumvwa ku ruhumbi”) ........................ 82

IGICE CYA KABIRI – IBIBAZO BIJYANYE N’AMAHAME Y’ITORERO RY’ABADIVENTISTE ........................ 83

Ikibazo cya 28: Ni iki Elina White yavuze ku bijyanye no kwambara imitako? (“Imitako”) ........................ 84

Ikibazo cya 29: Mbese Elina White yigeze avuga ko tutari dukwiriye kuba twambara impeta zo gushyingirwa? (“Impeta yo gushyingirwa”) ........................ 86

Ikibazo cya 30: Mbese abagore b’abadiventiste, bagomba kwambara imyenda y’ibara ryijimye? (“Ikanzu itukura”) ........................ 89

Ikibazo cya 31: Ni ikihe kibazo, kiri mu kujya aherekanirwa za filime? (“Ni ikihe kibazo, kiri mu kujya aherekanirwa za filime hagezweho?”) ........................ 91

Ikibazo cya 32: Mbese ni iki Elina White yavuze ku makinamico ya Gikristo? (“Ibirebana n’ikinamico muri rusange ndetse n’ikinamico rya Gikristo”) ........................ 94

Ikibazo cya 33: Bite no kubyina? (“Ibaruwa ijyanye no kubyina”) ........................ 96

Ikibazo cya 34: Mbese imikino ikoreshwamo umupira, iri hanze y’imbibi z’ibyo twemerewe? (“Siporo, gukina ukoresheje umupira”) ........................ 98

Ikibazo cya 35: Mbese hari ikibi kiri mu gukoresha ingoma? (“Ibibazo bijyanye n’ingoma!”) ........................ 101

Ikibazo cya 36: Mbese twakwizihiza Noheli? (“Noheli”) ........................ 104

Ikibazo cya 37: Ni gute Elina White yari kwemeza ibyo Bibiliya igaya? (“Noheli”) ........................ 106

Ikibazo cya 38: Mbese twakwizihiza Pasika? (“Mbese abadiventiste bakwiriye kwizihiza Pasika?”) ........................ 108

Ikibazo cya 39: Mbese abadiventiste babujijwe gusabana kw'abagize itorero? ("Mbese uburyo bwose bwo gusabana kw'abagize itorero no kwidagadura ni bubi?") ........ 110
Ikibazo cya 40: Mbese twagira imisaraba mu nsengero zacu? ("Pasika") ........ 112
Ikibazo cya 41: Mbese kwiyuhagira ku Isabato ni icyaha? ("Kweza Isabato!") .... 114
Ikibazo cya 42: Mbese gukora inama z'abagize komite y'itorero ku Isabato, ntabwo bikwiriye? ("Kweza Isabato") ........ 116
Ikibazo cya 43: Mbese itorero ry'abadiventiste, rikwiriye kwanga inkunga zose za Leta? ("Inkunga ya Leta") ........ 118
IGICE CYA GATATU – IBIBAZO BIJYANYE N'IBIHE BIHERUKA ........ 121
Ikibazo cya 44: Mbese Kristo yashoboraga kuba yaraje, mbere yo mu 1884? ("Kristo yashoboraga kuba yaraje") ........ 122
Ikibazo cya 45: Mbese ishyaka ry'abademokrate, rizashyiraho amategeko y'icyumweru? ("Mbese ishyaka ry'abademokrate, ni ryo nyirabayazana w'amategeko y'icyumweru?") ........ 124
Ikibazo cya 46: Mbese Leta Zunze Ubumwe za Amerika izarwanywa, hanyuma itakaze imbaraga zayo? ("Mbere y'iherezo ry'ibihe, Leta Zunze Ubumwe za Amerika izarwanywa hanyuma itakaze imbaraga zayo") ........ 125
Ikibazo cya 47: Mbese isanduku irimo Amategeko Cumi izaboneka? ("Mbese isanduku izaboneka") ........ 126
Ikibazo cya 48: Mbese ibyabaye kuwa 11 Nzeri, byasohoje ubuhanuzi bwa Elina White? ("Ubuhanuzi bwa World Trade Center") ........ 129
Ikibazo cya 49: Mbese Elina White, yigeze ahuza abayisilamu n'ibizaba mu gihe giheruka? (Abayisilamu mu buhanuzi) ........ 131
Ikibazo cya 50: Mbese abayobozi bose b'abadiventiste, bazagwa mu minsi iheruka? ("Amagambo ya Will Ross") ........ 132
Ikibazo cya 51: Ni bande bazaba bagize 144,000? ("144,000") ........ 135
Ikibazo cya 52: Mbese abana bato b'ababyeyi bizera, bazakizwa? ("Ibirebana n'abana bapfuye bakiri bato cyane") ........ 137
Ikibazo cya 53: Mbese umurimo w'ubuhuza uheruka wa Yesu, uzaba uwo gukiza abana b'abizera? ("Umurimo w'ubuhuza uheruka") ........ 139

Ikibazo cya 54: Mbese Imana izatwoherereza umucyo mushya, mbere yuko Yesu agaruka? ("Ikibazo kirebana n'umucyo mushya mbere yuko Yesu agaruka")..... 141

Ikibazo cya 55: Ni iki dukwiriye gukora kugira ngo tubone umucyo mushya? ("Umucyo mushya, Umucyo wa kera") ........................................................ 143

IGICE CYA KANE – IBIBAZO BIJYANYE N'UBUZIMA N'IMIRIRE............................ 145

Ikibazo cya 56: Mbese Elina White, yavuze ko abana badakwiriye gukora ku mbwa n'injangwe? ("Imyitwarire ya Elina G. White ku birebana n'amatungo") ........... 146

Ikibazo cya 57: Mbese igihe cyacu cyo kurekeraho gukoresha amata n'ibiyakomokaho, cyarageze? ...................................................................... 148

Ikibazo cya 58: Ni iyihe nkuru ya Dogiteri Kress, n'indwara ya "pernicious anaemia"? ("Dogiteri Kress") ........................................................................................ 149

Ikibazo cya 59: Mbese nta kibazo kiri mu kuba twarya foromaje? ("Elina White n'icyo yanditse kuri foromaje")............................................................................ 151

Ikibazo cya 60: Mbese Elina White yavuze ko nta kibazo kiri mu gukoresha shokora ("Kakawo na UFOs")................................................................................ 153

Ikibazo cya 61: Mbese twarya ibihumyo n'ibiryo byatunganyijwe hifashishijwe uburyo bwa ferimantasiyo? ("Inama ya Elina G. White ku bihumyo n'ibiryo byatunganyijwe hifashishijwe uburyo bwa ferimantasiyo")............................. 155

Ikibazo cya 62: Mbese imbuto n'imboga, ntibigomba na rimwe kuribwa ku ifunguro rimwe? ("Imbuto/Imboga") ........................................................................ 156

Ikibazo cya 63: Mbese ngomba guhagarika kurya inyama kugira ngo nkizwe? ("kurya inyama bizashyira agakiza mu kaga") ................................................ 158

Ikibazo cya 64: Mbese abatarya inyama, ni bo bonyine bazimurwa? ("Abarya inyama no kwimurwa")........................................................................................ 160

Ikibazo cya 65: Mbese tugomba kuba "abīfata bya burundu" kugira ngo tube abatarya inyama, ba nyabo? ("Kurya ibihari")................................................ 161

Ikibazo cya 66: Mbese imyumvire ya madamu White y'igitera indwara, yigeze ihinduka? ("Ukwimuka buhoro buhoro kwa Elina G. White, ava ku nyigisho ya Miasma ajya kuya Germ")........................................................................... 163

Ikibazo cya 67: Mbese tugomba kwirinda shimiyoterapi n'iyindi mivurire igezweho? ("Kanseri y'ibere, no gukoresha ibimera mu cyimbo cyo gukoresha imiti") ....... 165

IGICE CYA GATANU – IBIBAZO BIJYANYE N'ITORERO RY'ABADIVENTISTE........... 167

Ikibazo cya 68: Mbese abayobozi b'itorero ry'abadiventiste, banze ubutumwa bwo mu 1888? ("Mbese ubutumwa bwo mu 1888, bwanzwe n'abayobozi b'itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi?") ...................................................... 168

Ikibazo cya 69: Mbese Elina White yavuze ko Inteko nkuru rusange ari Babuloni? ("Mbese Elina White yanditse ko Inteko nkuru rusange y'itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi ari Babuloni?") ............................................................ 170

Ikibazo cya 70: Ni hehe Elina White yavuze ko Imana yaretse itorero? ("Imana yaretse itorero mu gihe kirekire cyatambutse") .............................................. 173

Ikibazo cya 71: Mbese hari irindi torero, rizasimbura itorero ry'Abadiventiste? ("Mbese tugomba gushakisha irindi torero?") ................................................ 176

Ikibazo cya 72: Mbese madamu White yavuze ko Itorero ry'Abadiventiste "rizanyura mu bihe bikomeye"? ("Itorero rizanyura mu bihe bikomeye") ......... 177

Ikibazo cya 73: Mbese ntitwakabaye tubwiriza "inkingi z'imyizerere" ya Kidiventiste? ("Umurimo") ........................................................................ 178

Ikibazo cya 74: Ni iki Elina White avuga ku kubwiriza gukozwe n'abagore? ("Mbese abagore ntibakwiriye kuvugira mu rusengero?") ............................................ 180

Ikibazo cya 75: Mbese uyu munsi wa none, dukwiriye kuziririza iminsi mikuru yo mu Isezerano rya Kera? ("Kuziririza iminsi mikuru uyu munsi wa none") ................ 182

Ikibazo cya 76: Mbese Elina White yatanze umuburo wo kutagira amatorero manini? ("Haba hari inama n'imwe irebana n'ingano y'itorero?") ..................... 185

IGICE CYA GATANDATU – IBIBAZO BIJYANYE NO GUSHYINGIRANWA NDETSE N'IMIBONANO MPUZABITSINA ........................................................................ 187

Ikibazo cya 77: Mbese umudiventiste akwiriye gushyingiranwa gusa n'undi mudiventiste? ("Ibyo mushiki wacu White yavuze bikwiye kuranga uwo uzashaka") ........................................................................................................ 188

Ikibazo cya 78: Ni iki Elina White yavuze ku mibonano mpuzabitsina mu bashyingiranwe? ("Imibonano mpuzabitsina mu bashyingiranwe") ................. 190

Ikibazo cya 79: Mbese twemerewe gukoresha uburyo bwo kuboneza urubyaro butari karemano? ("Kuboneza urubyaro mu buryo karemano tugereranyije no gukoresha ubundi buryo") .......................................................................... 192

Ikibazo cya 80: Mbese Abadiventiste bahawe ubutane, nyuma y'aho bakihana, bemerewe kongera gushyingirwa? ("Ubutane no kongera gushyingirwa")........ 194

IGICE CYA KARINDWI – IBIBAZO BIJYANYE N'IMIBEREHO Y'IBY'UMWUKA......... 197

Ikibazo cya 81: Mbese Elina White yavuze ko tudashobora kumenya niba twarakijijwe? ("Agakiza") ........................................................................... 198

Ikibazo cya 82: Ni ubuhe buryo burusha ubundi kuba bwiza, abakristo bakemuramo amakimbirane? ("Amagambo ya Elina White ku bijyanye no gukemura amakimbirane binyuze mu biganiro?") ........................................................... 200

Ikibazo cya 83: Mbese ibyo abandi batekereza, ni ibyo kwitabwaho? ("Imibonano mpuzabitsina")............................................................................................ 202

Ikibazo cya 84: Mbese icyaha cyo gutuka Umwuka Wera ni ikihe? ("icyo Elina White avuga ku cyaha cyo gutuka Umwuka Wera") .................................................. 204

Ikibazo cya 85: Mbese Satani ashobora gusoma ibiri mu ntekerezo zacu?......... 206

Ikibazo cya 86: Mbese buri gihe tugomba gupfukama mu gihe turimo gusenga? ("Inyifato yo mu gihe cyo gusenga") ............................................................... 207

Ikibazo cya 87: Kubera iki Eliya yagombaga gusenga incuro zirindwi? ("Amagambo avuga kuri Eliya") ......................................................................................... 209

Ikibazo cya 88: Mbese umwe gusa mu badiventiste icumi, ni we uzakizwa? ("Ntanumwe mu icumi, wo mu itorero ry'Abadiventiste, wajyaga gukizwa") .... 211

Ikibazo cya 89: Mbese abamarayika bacu, badusiga ku muryango w'aherekanirwa za filime? ("Mbese abamarayika badusiga mu mazu yerekanirwamo za filime no mu tubari?") ................................................................................................ 213

IGICE CYA MUNANI – IBIBAZO BITANDUKANYE .............................................. 215

Ikibazo cya 90: Ni gute ubumana bwa Kristo butapfuye ku musaraba? ("Ubumana ntibwigeze bupfa?").............................................................................. 216

Ikibazo cya 91: Mbese Yesu azagumana umubiri we wa kimuntu iteka ryose? ("Umubiri wa Yesu mu bihe by'iteka ryose").................................................. 218

Ikibazo cya 92: Mbese abantu bahinduye amagambo yo muri Bibiliya zacu? ("Guhindura amagambo")........................................................................... 219

Ikibazo cya 93: Mbese amasemura agezweho ya Bibiliya, ateje akaga? ("Ingeri nshya za Bibiliya") ........................................................................................ 222

Ikibazo cya 94: Hari ikintu na kimwe Elina White yavuze kuri dinezoro? (“Dinezoro”) .......... 224

Ikibazo cya 95: Mbese amagambo madamu White yavuze ajyanye na amarigamasiyo, asobanuye iki? (“Amarigamasiyo n’abirabura”) .......... 226

Ikibazo cya 96: Mbese abantu b’ayandi moko, ntibakwiriye gushaka kugira uburinganire hagati yabo n’abazungu? (“Amagambo ya Elina G. White avuga ku moko y’abantu”) .......... 230

Ikibazo cya 97: Mbese Elina White yavuze ko “ingirabuzimafatizo zigenga iby’iyororoka” z’amoko yose y’abantu, zari ziri muri Adamu? (“Inkomoko y’amoko y’abantu bafite uruhu rw’irindi bara”) .......... 233

Ikibazo cya 98: Mbese Elina White yari afite igisekuru cy’amoko atandukanye y’uruvange? (“Amateka ya/ubwoko bwa Elina G. White”) .......... 236

Ikibazo cya 99: Ni iyihe ndirimbo yo mu gitabo Elina White yakundaga by’umwihariko? (“Ikibazo cy’indirimbo yari ikunzwe by’umwihariko”) .......... 237

Ikibazo cya 100: Mbese Lusiferi yabashaga kuririmba amajwi ane icyarimwe? (“Umuziki – Mbese Satani yabashaga kuririmba amajwi ane?”) .......... 238

Ikibazo cya 101: Mbese Yohana Umubatiza yariye udusimba? (“Ikibazo ku bwoko bw’inzige Yohana Umubatiza yaryaga”) .......... 239

# IGICE CYA MBERE – IBIBAZO BIJYANYE NA ELINA WHITE NO GUHUMEKERWA KWE

## Ikibazo cya 1: mbese Elina White yari umuhanuzi umeze nk'abanditse Bibiliya? ("Mbese Elina White yari umuhanuzi?")

*Njyewe n'umugabo wanjye twagiye tujya impaka mu buryo bukomeye ku bijyanye na Elina G. White ndetse n'umwanya afite mu itorero. Umugabo wanjye yizera ko Elina G. White yari umuhanuzi kandi ko inyandiko ze zahumetswe nk'uko na Bibiliya imeze. Njye nizera ko yahumekewe n'Imana nk'uko nizera ko C. S. Lewis ndetse n'abandi banditsi b'abakristo na bo bahumekewe n'Imana kugira ngo bandike ibyo banditse. Nyamara, ntabwo nizera ko yari umuhanuzi, kandi ntabwo ntekereza ko inyandiko ze zahumetswe nk'uko na Bibiliya imeze.*

*Mbese haba hari inyandiko igaragaza umuntu utari umudiventsite waba waregereye Elina G. White adafite aho abogamiye na hamwe, maze bikarangira yemeye ko muby'ukuri ari umuhanuzi kubwo kumubona ari mu mayerekwa?*

*Inyandiko zose n'ibitabo nasomye bya Elina G. White byacapwe n'itorero, kandi kubw'ibyo ntekereza ko itorero rimubogamiraho. Byanyorohera cyane gutekereza ko bitewe n'uburyo itorero ryinjiza inyungu nyinshi ikomotse mu bitabo bye, kubw'ibyo riharanira no kumwogeza ko ari umuhanuzi.*

Niba uri umufana wa C. S. Lewis (cyangwa nubwo waba utari we), ahari ushobora kuba wakwishimira ibyo yanditse bijyanye n'ubukristo bwe. Ni isubi ya nyuma y'igice cyitwa "Andi mahitamo ateye ubwoba"

Ahangaha ndi kugerageza kubuza uwo ari we wese gukoresha amagambo y'ubupfu, ayo abantu benshi bakunda kuvuga kuri Yesu. "Niteguye kwakira Yesu nk'umwarimu ukomeye w'iyobokamana, ariko sinemera ibyo yiyita, ko ari Imana." Icyo ni ikintu tudakwiriye kuvuga. Umuntu wari umuntu buntu nyamara akavuga ibyo Yesu yavugaga, ntabwo yaba ari umwigisha ukomeye w'iyobokamana. Yaba ari umupfapfa – ku rwego rw'umuntu wiyita ko ari igi ritogosheje – bitabaye ibyo, yara ari Sekibi w'ikuzimu. Ugomba gukora amahitamo yawe. Uyu muntu agomba kuba yari kandi n'ubu ni Umwana w'Imana, bitabaye ibyo yaba ari umuntu ubana n'ubumuga bwo mu mutwe cyangwa ikindi kintu kibi. Ushobora kumucecekesha nk'aho ari umupfapfa, ushobora kumunegura cyangwa ukamwica nk'aho ari umudayimoni; ushobora kandi kubarara ku birenge bye ukamwita Umwami n'Imana. Ariko mureke twe kuzana ibitekerezo bipfuye kandi by'ibihimbano bivuga

ko ari umuntu w'umwarimu ukomeye. Ibyo ntiyigeze abitubwira kandi ntiyigeze anabigambirira.

Mbese ibyo ntibifite aho bihuriye n'uburyo dufata Elina G. White? Birumvikana ko byo biri ku rwego ruciriritse cyane – Ntabwo we yigeze avuga ko ari Imana. Icyakora yavuze ko amayerekwa ye ndetse n'ubutumwa bwe byakomokaga ku Mana binyuze mu buryo ndengakamere (ibi C. S. Lewis ntiyigeze abyivugaho na rimwe). Niba Elina G. White yaba yarabyibeshyeho se, twashingira kuki tuvuga ko Imana yamuhumekeye? Mbese hari ibindi twashingiraho twanzura ko yari uwo yavuze ko ari we – "intumwa y'Imana" – cyangwa yabanaga n'ubumuga bwo mu mutwe cyangwa yari umukozi wa Satani?

Turamutse dufite amakuru yabyo yanditse, yagufasha agatuma ubyemera kandi ukanyurwa. Ariko sinakugira inama ko wizera ibyo yavuze ushingiye kuri ibyo. Mu by'ukuri, ndakwihanangirije ngo ntuzabikore. Kubera iki? Kuko Bibiliya ntabwo ivuga ko igihamya umuhanuzi nyakuri ari ukumubona ari mu iyerekwa. Ikirenze kuri ibyo, ni uko inararibonye yerekanye ko icyo gihamya gishobora no kwiganwa, bikozwe n'abakozi ba Satani cyangwa se bigakorwa n'imbaraga ndengakamere za Satani.

Urugero twatanga ni uru: nyuma y'urupfu rwa Elina G. White, umugore witwa Margaret Rowen (soma Marigarita Roweni) yavuze ko ari we musimbura wa Elina G. White. Abantu babonye Margaret Rowen ari mu iyerekwa, kandi bahamije ko rwose atahumekaga mu gihe yabaga akiri mu iyerekwa. Ibi byemeje abadiventsite batari bacye ko uwo mugore yari afite impano nyakuri yavuye ku Mana. Nyamara siko byari biri. Yacurishije inyandiko mpimbano ivuga ko ari umusimbura wa Elina G. White, kandi yavugaga ko iyo nyandiko yakomotse kuri Elina G. White, kandi ibyo yabibeshye umudogiteri kugira ngo amufashe abike rwihishwa iyo nyandiko mu byo Elina G. White yanditse, kugira ngo nibabireba "bazayisangemo". Yibye amafaranga abaterankunga boherezaga ku biro bye, maze ubwo byose byari bimaze kujya hanze, yagerageje kwica wa mudogiteri, ubwo na we yari amaze kumwigarika. Byarangiye afungiwe muri gereza ya Calfornia – icyakora amayerekwa ye yasaga nk'aho ari ay'ukuri!

Bibiliya iduha ibimenyetso shingiro dukwiye kugenderaho kugira ngo twemeze ko uwiyita umuhanuzi afite muby'ukuri iyo mpano nyakuri iva ku Mana.

1. Ubuhanuzi bw'umuhanuzi nyakuri bukwiriye gusohora. ("*None umuhanuzi uhanura iby'amahoro, ijambo rye nirisohora ni ho azamenyekana ko yatumwe n'Uwiteka koko*." [Yeremiya 28:9], "[21]*Kandi niwibaza uti "Tuzamenya dute ijambo Uwiteka atavuze?"* [22]*Umuhanuzi navuga mu izina ry'Uwiteka hanyuma icyo yavuze ntikibe, ntigisohore, icyo kizaba ikitavuzwe n'Uwiteka. Uwo muhanuzi azaba ahangaye kucyihimbira, ntuzamutinye*" [Gutegeka kwa kabiri 18:21,22]). Bibiliya igaragaza yeruye ko ibi tugomba kubyifashisha mu kugenzura umuhanuzi nyakuri. Ariko kandi itubwira ko mu buhanuzi bumwe na bumwe bwo muri Bibiliya, haba hari ibigombero, bishobora kuba byagaragajwe cyangwa byavuzwe mu buryo buziguye.
2. Ubutumwa bw'umuhanuzi nyakuri buhuza n'ijambo ry'Imana. (''*Nimusange amategeko y'Imana n'ibiyihamya. Nibatavuga ibihwanye n'iryo jambo nta museke uzabatambikira*." [Yesaya 8:20]). Reba ibyari biri kuvugwaho – gutandukanya umuhanuzi w'ukuri n'uw'ibinyoma. Ubwo rero iri ni irindi suzuma rya Bibiliya.
3. Umurimo w'umuhanuzi nyakuri wera imbuto zikwiriye. ([15]*"Mwirinde abahanuzi b'ibinyoma baza aho muri basa n'intama, ariko imbere ari amasega aryana.* [16]*Muzabamenyera ku mbuto zabo. Mbese hari abasoroma imizabibu ku mugenge, cyangwa imbuto z'umutini ku gitovu?"* [Matayo 5:15,16]). Bibiliya ubwayo igaragaza izo mbuto muri ubu buryo: umuhanuzi azageza ku bantu ubutumwa bw'Imana maze bahindukire bave mu byaha byabo. (reba muri Yeremiya 23:22, kandi wite no ku byari biri kuvugwaho mu mirongo ibanza.)
4. Umuhanuzi nyakuri avuga ukuri kwerekeye uburyo Yesu yigize umuntu. ("[1]*Bakundwa, ntimwizere imyuka yose ahubwo mugerageze imyuka ko yavuye ku Mana, kuko abahanuzi b'ibinyoma benshi badutse bakaza mu isi.* [2]*Iki abe ari cyo kibamenyesha Umwuka w'Imana: umwuka wose uvuga ko Yesu Kristo yaje afite umubiri ni wo wavuye ku Mana,* [3]*ariko umwuka wose utavuga Yesu utyo ntiwavuye ku Mana, ahubwo ni umwuka wa Antikristo, uwo mwumvise ko uzaza kandi none umaze kugera mu isi*." [1 Yohana 4:1-3]). Bibiliya ivuga ko umuhanuzi nyakuri ari uwemera ko koko Yesu yaje yambaye umubiri. "yuko Jambo yabaye umuntu hanyuma akabana natwe" (Yohana 1:14).

Ntabwo ntekerezako “inyungu nyinshi” abantu bibwira ari yo iboneka mu by’ukuri. Ubwo hari hashize imyaka mike Elina G. White apfuye, abo yari yarasabye ko bazarinda inyandiko ze bagiranye isezerano n’Inteko nkuru rusange. Ibyari bikubiye muri iryo sezerano ni uko Inteko nkuru rusange yagombaga kuzajya ishyigikira umurimo w’abarinzi b’inyandiko za Elina G. White – Inteko nkuru rusange yagombaga kuzajya itanga amafaranga yo gucapa inyandiko za Elina G. White, ariko n’abarinzi b’inyandiko za Elina G. White bagatanga inyungu zabonetse bakazishyikiriza Inteko nkuru rusange. Iri sezerano riracyakurikizwa na bugingo n’ubu. Ariko se ni gute bishyirwa mu bikorwa? Mu by’ukuri, amafaranga itorero rishyira mu nyandiko za Elina G. White yikubye hafi incuro esheshatu z’amafaranga ava mu nyandiko ziba zagurishijwe. Rwose biragoye kuvuga ko hano wakuramo inyungu.

Ku rwanjye ruhande, mbona ko itorero rishyigikira madamu White (harimo n’abarinzi b’inyandiko ze) kubera ko ryizera rwose ko umurimo we wari “impano y’umucyo”ukomeza kugenda umurika mu nzira yacu. Inararibonye yacu yerekanye ko iyo twagenderaga muri iyo mpano y’umucyo, twarahirwaga mu bya mwuka kandi umurimo wacu wageraga ku ntego. Nyamara ku rundi ruhande, iyo twirengagizaga uwo mucyo tukagenda tutawufite, twahuraga n’igihombo kikadushegesha.

Ntabwo dufata madamu White nk’undi mwanditsi wa Bibiliya – na we ubwe yaratwihanangirije mu nyandiko ze harimo n’iyi subi izwi cyane ivuga ngo: “Bibiliya ihabwa agaciro gake, kandi Umwami yatanze umucyo muto kugira ngo uyobore abagabo n’abagore ku mucyo munini” (*Colporteur Ministry*, p.125). Nyamara twizera ko Umwami Imana yakoresheje inzira zimwe imugezaho umucyo nk’izo yakoresheje igeza umucyo ku banditse Bibiliya, kandi ko Imana yavuganye na we mu buryo butaziguye kuruta uko yabikoze kuri C. S. Lewis n’abandi banditsi beza b’abakristo.

## Ikibazo cya 2: Mbese buri kimwe cyose mubyo Elina White yanditse cyarahumetswe? ("Mbese Elina White yigeze avuga ko bimwe mubyo yanditse aribyo byonyine byahumetswe?[1]")

*Mbese ni ukuri ko Elina G. White afite aho yavuze ko bimwe mu byo yanditse aribyo byonyine byahumetswe? Incuti yanjye yumvise ahantu runaka, ko Elina G. White afite aho yanditse avuga ko ibihamya by'itorero ari byo byonyine byahumetswe.*

Hano hari amagambo make madamu White yavuze ku bijyanye n'imiterere y'inyandiko ze:

Incuro nyinshi mu mibereho yanjye nagiye mpamagarirwa guhangana n'imyifatire y'abantu bamwe, bizeraga ko *Ibihamya* bikomoka ku Mana, nyamara bakajya ku rundi ruhande bakavuga ko iki kintu cyangwa kiriya ari igitekerezo cyangwa imyumvire bwite bya mushiki wacu White. Ibi binyura abadakunda gucyahwa no gukosorwa, kandi iyo ibitekerezo byabo bicishijwemo umurongo, bahita babona uburyo bwo gusobanura itandukaniro riri hagati y'ubumuntu n'ubumana.

Iyo imyumvire ya bamwe cyangwa ibitekerezo byabo byihariye binyujijwemo umurongo bitewe no gucyahwa n'ibihamya, basigarana umutwaro wo gushikama ku ruhande rwabo, ari rwo rwo kuvangura ibyanditswe mu *Bihamya* kugira ngo bagaragaze ibyo mushiki wacu White yanditse kubwe n'ibyo yanditse bivuye ku bushake bw'Imana. Ikintu cyose kitabangamira ibitekerezo byabo bakundwakaje, bavuga ko kiva ku Mana, naho *Ibihamya* bikosora amafuti yabo bakavuga ko bikomoka ku muntu – ko ari imyumvire bwite ya mushiki wacu White. Bahinduza ubusa inama y'Imana bakoresheje imigenzo yabo. *(Selected messages*, vol.3, p.68 [Manuscript 16, 1889]).

Mushiki wacu White ntabwo ari we nkomoko y'ibi bitabo [Ibyo yanditse]. Birimo amabwiriza Imana yagendaga imuha mu gihe cy'umurimo. Birimo umucyo w'igiciro cyinshi kandi utera ibyiringiro, uwo Imana yahaye umukozi wayo kubw'ubuntu bwayo busāze ngo abuhe isi. (*Colporteur Ministry*, p.125)

Ntabwo njya nandika ingingo n'imwe ku rupapuro ndi kugaragaza gusa ibitekerezo byanjye bwite gusa. Ni ibyo Imana iba yampishuriye mu iyerekwa –

imyambi y'igiciro y'umucyo umurika uva ku ntebe ya cyami (*Ibihamya by'itorero*, vol.5, p.67).

Igihe Mwuka Muziranenge ahishuye ikintu icyo ari cyo cyose cyerekeranye n'ibigo bifitanye isano n'umurimo w'Uwiteka, cyangwa n'umurimo, Imana ikora ku mitima y'abantu n'intekerezo zabo, nk'uko yabimpishuriye mu gihe cyashize, ubutumwa bwatanzwe bukwiriye gufatwa nk'umucyo utanzwe w'Imana ugenewe abawukeneye. Ariko iyo umuntu avanze ibyejejwe n'ibisanzwe aba akoze ikosa rikomeye. . . .

Ariko hari ibihe bimwe ibintu bisanzwe bigomba kuvugwa, ibitekerezo bisanzwe bikaba mu bwenge, amabaruwa asanzwe akandikwa n'amakuru yahererekanyijwe ava ku mukozi umwe ajya ku wundi agatangwa. Ntabwo amagambo nk'ayo n'amakuru nk'ayo atangwa kubwo guhumeka kwihariye kwa Mwuka w'Imana. (*Ubutumwa bwatoranijwe*, vol.1, p.33,34[soft]).

## Ikibazo cya 3: Mbese inyandiko za Elina White ni “umucyo muto?” (“Umucyo muto, Umucyo munini”)

*Numvise abantu benshi bavuga ko inyandiko za Elina G. White ari umucyo muto ugerenanyije na Bibiliya. Akenshi bagendera ku magambo yanditse mu Rwibutso n’integuza, kuwa 20 Mutarama, 1903 (no muri Selected messages, vol.3, p.30).*

*Nyamara mu magambo yanditse ahongaho, ntabwo avuga mu buryo bweruye ko Bibiliya ari umucyo munini, naho Ibihamya bikaba umucyo muto. Isubi ya mbere ivuga ko ibitabo bye bigendereye kuyobora abagabo n’abagore ku Mukiza. Avuga ko abantu birengagije Bibiliya kandi ari yo igenewe kubatungira urutoki kuri Kristo, kandi ko Imana yohereje umucyo muto kugira ngo uyobore abagabo n’abagore ku mucyo munini, kandi uwo mucyo ugomba kuba ari Kristo tugendeye kubyari biri kuvugwaho. Muri iyo baruwa ntabwo yari ari kuvuga ku isano iri hagati y’inyandiko ze na Bibiliya. Icyavugwaga ni umucyo abantu bari bakeneye kugezwaho n’Ibihamya. Nizera ko niba Bibiliya yaranditswe n’abantu bari barahumekewe, kandi na Elina G. White akaba yarahumekewe, kubw’ibyo bari ku rwego rumwe, bitewe nuko Umwuka wera ari we uhumekera abantu.*

Ibyo uvuze ku isubi ibanziriza yayindi benshi bakunze kugenderaho ni ukuri: Mushiki wacu White ntabwo avuga ko ibitabo bye bigendereye kuyobora abantu ku Mukiza. Ariko kandi haba muri iyo subi cyangwa muri iyo nyandiko yose uko yakabaye, nta na hamwe agaragaza Yesu nk’ “Umucyo munini”. Uraza kubona ko muri iyo subi turi kuvugaho, asobanura inyandiko z’umucyo – muto mu mvugo ya tewolojiya, “mushyire mu bikorwa amahame azirimo” no “kunezezererwa mu mucyo w’ukuri kw’iki gihe”, aho kuvuga mu mvugo y’umuntu ku giti cye nk’izi: “nimuze mumenye Umukiza” cyangwa “muhe imitima yanyu Nyagasani.” Niba icyo yavugaga ari uko umucyo munini ari Yesu, hanyuma umucyo muto ukaba uwo kuzana abantu kuri We; mbese ubwo ntitwakwitega ko yari kurushaho gushimangira iby’uru ruhande rubogamiye ku muntu, mu gihe yari kuba ari gushimangira iyi subi? Ibiri amambu, ashimangira iyi subi mu murongo w’amahame n’ukuri, nk’uko tubigenza kuri Bibiliya.

Hano hari isubi yuzuye:

Imana yoherereje abantu bayo amabwiriza menshi, umurongo ku murongo, itegeko ku itegeko, igito hano, n'igito hariya. Bibiliya ihabwa agaciro gake, kandi Imana yatanze umucyo muto kugira ngo uyobore abagabo n'abagore ku mucyo munini. Oh, mbega ukuntu ibyiza byinshi byagerwaho, ibitabo birimo uyu mucyo biramutse bisomanwe intego yo gushyira mu bikorwa amahame abirimo! Twabona kuba maso ubutitsa kwikubye incuro ibihimbi, kwiyanga kwikubye incuro ibihumbi n'imbaraga zidacogora. Kandi abandi benshi ubu bari kuba bari kunezererwa mu mucyo w'ukuri kw'iki gihe.

Tugendeye ku biri kuvugwa, isubi iri hejuru iravuga mu buryo bugaragara ku bitabo bye nk'ibitanga "ubutumwa bwinshi" ubwo "Imana yoherereje abantu" kandi "nk'uburimo uyu mucyo" – ari yo mvugo yahise akoresha mu nteruro ikurikira ya magambo ye azwi cyane ku bijyanye n'umucyo muto n'umunini. Uburyo bworoshye bwo gusobanukirwa icyo yavugaga hano, nkurikije uko njyewe mbibona, ni nk'uko nubundi twahoze tubifata kuva na mbere: umucyo muto – ibikubiye mu nyandiko ze; umucyo munini – Bibiliya.

Uyu mwanzuro ntekereza ko ushimangirwa no kuzirikana ahandi mushiki wacu White yavuze mu buryo bweruye, ku isano iri hagati y'inyandiko ze na Bibiliya: Testimonies for the Church, vol.5, p.663-665.

"Umuvandimwe J yaba ari kwishuka igihe aharanira kugaragaza ko umucyo Imana yatangiye mu bihamya ari inyongera ku ijambo ry'Imana, nyamara muri ibi aba agaragaje iyo ngingo mu mucyo utari wo.

Imana yabonye ko ubu buryo ari ingenzi kugira ngo yerekeze intekerezo z'abantu ku ijambo ryayo, no kubaha ubusobanuro bwaryo burushijeho kumvikana…

Ni ukubera ko mwirengagije ubwanyu kwimenyereza igitabo cyahumetswe n'Imana, niyo mpavu Yahisemo kubasanga ikoresheje ibihamya byoroheje, byahuranyije, kugira ngo mwite ku magambo yahumetswe, ayo mwirengagije kumvira, kandi ibasaba ikomeje ngo muhindure imibereho yanyu kugira ngo ihuze n'inyigisho zayo z'umwimerere kandi ziri ku rwego rwo hejuru.

Imana yifuza kubaburira, kubacyaha, kubagira inama, ikoresheje ibihamya byatanzwe, no guhishurira intekerezo zanyu umumaro w'ukuri kw'ijambo Rye. Ibihamya byanditswe ntabwo bigamije gutanga umucyo mushya, ahubwo ni

uguhishurira umutima mu buryo bweruye ukuri kw'ihumekerwa kwamaze guhishurwa."

Hari uguhura kw'ingenzi hagati y'aya masubi abiri, ya subi izwi cyane wabajije ndetse n'iyingiyi. Zombi zivuga mu buryo bugaragara cyane kuri Bibiliya no ku nyandiko za mushiki wacu White. Zombi zivuga ko ibitabo bya mushiki wacu White bizafasha umuntu kubona umucyo. Kandi muri iyi subi ya kabiri, biragaragara neza ko inyandiko za mushiki wacu White ziyobora abantu ku guha agaciro Ibyanditswe.

## Ikibazo cya 4: Mbese Imana yigeze Iha Elina White amagambo nyirizina yifuzaga ko yandika? ("Ihumekerwa ry'amagambo")

*Mbese mufite icyegeranyo gitanga igitekerezo cy'ihumekerwa ry'amagambo?*

Nta cyegeranyo nzi gikora ibi, ariko amagambo y'ibanze yavuzwe na madamu White arebana n'iki kibazo, ni aho yasobanuye uburyo ihumekerwa ryakozwe mu nararibonye ye. Ibi biboneka mu Rwibutso n'Integuza, kuwa 8 Ukwakira, 1867. Yabivuzeho hagati mu kiganiro kijyanye n'imyambarire itanga amagara mazima igenewe abagore n'abakobwa:

"Icyiciro cya gatatu cy'abantu cyanyujijwe imbere gifite umunezero no kugubwa neza, gifite umudendezo kandi gitambuka neza mu buryo bworoshye. Ikanzu yabo yari ifite uburebure, ubwo navuze ko buboneye, buciriritse kandi butanga amagara mazima. Iyo kanzu kandi yari yigiye hejuru gato ama inches (soma inshezi) makeya kuburyo rwose itabashaga gukubura imyanda yo mu muhanda n'utuyira tw'abanyamaguru mu bihe ibyo aribyo byose, yaba ari ahantu hazamuka n'ahamanuka n'ahandi.

Nkuko nabivuze mbere, ntabwo nigeze mpabwa uburebure bwayo mu ma inches kandi ntanubwo nigeze nerekwa bote y'umugore. Aha rero, navuga ko nubwo ngendera rwose ku Mwuka w'Imana mu kwandika ibyo neretswe nk'uko nubundi biba bimeze iyo ndi kubihabwa, amagambo nkoresha nsobanura ibyo nabonye ni ayanjye, keretse gusa iyo ari ayo nabwiwe na marayika kandi buri gihe nyandika nayashyize mu twuguruzo n'utwugarizo. Ubwo nandikaga ku ngingo y'imyambarire, imimerere y'ayo matsinda atatu yagarutse mu bwenge bwanjye neza nk'uko byari bimeze ubwo narindi mu iyerekwa; nyamara nasigiwe inshingano yo gusobanura uburebure bw'ikanzu iboneye mu mvugo yanjye bwite nziza ishoboka, ariyo nakoze ubwo navugaga ko impera z'ikanzu zigomba kugarukira hafi y'aho bote igarukira, kandi ibyo byatuma itagenda ikubura imyanda yo mu muhanda mu bihe bitandukanye byavuzwe mbere."

Kugira ngo wumve neza ikiganiro cyose ndetse umenye n'icyabaye imbarutso y'iki gisubizo, soma amasubi abanziriza iyi.

Ahantu habiri mushiki wacu White avuga ku ihumekerwa nk'insanganyamatsiko ni mu *Butumwa Bwatoranyijwe*, umugabane wa mbere, muri paje mirongo itatu za

mbere, no mu iriburiro ry'*Intambara Ikomeye.* Kwitondera no kuzirikana ibyo yavuzeho muri aho hantu hombi, birahagije rwose kugira ngo biduhe ubusobanuro burushijeho kuba bwiza bw'ihumekerwa, aho kuba iry'amagambo.

## Ikibazo cya 5: Mbese Elina White yigeze akora amakosa? ("Amakosa ya Elina White")

*Nabonye urubuga rwa murandasi rurimo kuvuganira umurimo wa Elina G. White. Hari ikintu kimwe kintangaza. Icyo ni amagambo avuga ngo, "Elina G. White yakoze amakosa." Mbese yakoze amakosa angahe? Kandi ni iki nashingiraho kugira ngo menye ko iki gice cy'umurimo we ari ukuri, naho kiriya kikaba kirimo amakosa? Yavuze ibintu bimwe na bimwe – ibintu byinshi – bisa nk'amakosa, none nifuzaga kumenya niba bisa nk'amakosa gusa cyangwa niba koko ari yo – urugero, ibyo yavuze ku bitabo by'inkuru zanditswe, ikinamico, impeta z'ubukwe, imikino nka Tennis, n'ibindi.*

Ikibazo uri kubaza mu by'ukuri ni iki: Mbese Elina G. White yaba yarahaye itorero ubutumwa burimo amakosa – ubutumwa buhishura gusa uburyo we yumvaga ibintu nk'umuntu aho kuba ubushake mvajuru? Watanze ingero nyinshi kuri bamwe zigaragara nk'amakosa. Nabonye ko byose bifitanye isano n'ingingo zijyanye n'uburyo abantu babayeho.

Twese dufite kamere ya kimuntu, yo gushyigikira icyo ari cyo cyose twifuza gukora maze tukemeza ko ari cyo gikwiye. Iyo hagize umuntu uza maze akavuga ko turi gukora ibitari byo, duhita twihutira kwanzura ko ari we uri mu makosa cyangwa wibeshye. Madamu White yahuye nabyo kenshi mu murimo we, niko kwandika ati:

"Iyo imyumvire ya bamwe cyangwa ibitekerezo byabo byihariye binyujijwemo umurongo bitewe no gucyahwa n'ibihamya, basigarana umutwaro wo gushikama ku ruhande rwabo, ari rwo rwo kuvangura ibyanditswe mu *bihamya* kugira ngo bagaragaze ibyo mushiki wacu White yanditse kubwe n'ibyo yanditse bivuye ku bushake bw'Imana. Ikintu cyose kitabangamira ibitekerezo byabo bakundwakaje, bavuga ko kiva ku Mana, naho *Ibihamya* bikosora amafuti yabo bakavuga ko bikomoka ku muntu – ko ari imyumvire bwite ya mushiki wacu White. Bahinduza ubusa inama y'Imana bakoresheje imigenzo yabo. *(Selected messages, vol.3, p.68)*"

Ku gice gitanga ikaze cyo ku rubuga rwa murandasi wavugaga, imwe mu nsanganyamatsiko z'ibanze zihari iravuga ngo, "Elina G. White yakoze amakosa." Iyo ukanze kuri ayo magambo, ubona inyandiko ndende ariko y'inshamake ivuga

kuri icyo kibazo. Ugenzure neza ku gika cya mbere kugira ngo umenye amakosa yavugwagaho ayo ari yo.

Elina G. White nta na rimwe yigeze avuga ko bidashoboka ko yakwibeshya ku bijyanye no kuvuga amateka ijana ku ijana nk'uko yakurikiranye, amatariki, ndetse n'ayandi makuru nk'ayo.

"Dufite amasomo menshi tugomba kwiga, kandi hari byinshi cyane tugomba kwikuramo. Imana n'abo mu ijuru bonyine ni bo badashobora kwibeshya cyangwa ngo bafudike. Abantu batekereza ko batazigera na rimwe bareka igitekerezo bakunda, ko batazigera bahindura igitekerezo, bene abo bazakorwa n'isoni. Igihe cyose dutsimbaraye ku bitekerezo byacu n'uko twumva ibintu tudakurwa ku izima, ntidushobora kugira ubumwe Kristo yadusabiye.

Ku byerekeranye no kwibwira ko umuntu atakwibeshya, nta na rimwe nigeze mvuga ko ntakwibeshya; Imana yonyine ni yo itibeshya. Ijambo ryayo ni ukuri kandi muri yo nta mpinduka, cyangwa ishusho yo guhinduka." (*Ubutumwa bwatoranyijwe*, vol.1, paje 32)

Yarabivuze mu buryo bweruye ko yaba ari we cyangwa abahanuzi ba Bibiliya, bose si "amakaramu y'Imana" ahubwo ni "ikaramu-bantu." Kudahuza Kwa hato na hato kw'urukurikirane rw'amateka muri Bibiliya (aribyo bikunze gutungwaho agatoki n'abanenga Bibiliya), ni ingero nziza z'icyo yashakaga kuvuga. ("Ellen White Did Make Mistakes," http://www.ellen-white.com/EllenWhiteMistakes.html).

Rero ubu nibwo bwoko bw'amakosa basobanuye kuri urwo rubuga – nk'ibijyanye no kuvuga amateka ijana ku ijana nk'uko yakurikiranye, amatariki, n'ibindi. Reka turebe urugero ruboneka mu *Butumwa bwatoranyijwe*, vol.1, paje 33: "Ndahangayitse bitewe n'ibyerekeye umuvandimwe A wamaze imyaka myinshi ari umukozi muri Calfornia y'amajyepfo. Hari ibintu bimwe bidasanzwe yavuze, kandi mbabazwa no kubona ahakana ibihamya byose abitewe n'ibyo we abona ko ari uguhuzagurika. Ibyo ni ibyo navuze bijyanye n'umubare w'ibyumba biri mu ivuriro ryitwa Paradise Valley. Umuvandimwe A avuga ko mu ibaruwa nandikiye umwe mu bavandimwe wo mu majyepfa ya Calfornia, navuze ko iryo vuriro ryari rifite ibyumba 40 kandi mu by'ukuri ari 38 gusa. Ibi ni byo umuvandimwe A yubakiraho akabimpaho impamvu ituma yaratakarije ibihamya icyizere …

Amakuru natanze ku byerekeranye n'umubare w'ibyumba by'ivuriro rya *Paradise Valley* ntabwo ari uguhishurirwa kwavuye ku Uwiteka ahubwo ni igitekerezo cy'umuntu. Ntabwo nigeze mpishurirwa umubare nyawo w'ibyumba biri mu mavuriro yacu ayo ari yo yose; kandi ibyo nagiye menya kuri ayo mavuriro nabimenye binyuze mu kubaza abantu bashoboraga kuba babizi. Mu magambo yanjye, igihe mvuga ku ngingo zisanzwe nk'izi, nta kintu na kimwe gikwiye gutera abantu kwizera ko ibyo namenye byavuye mu iyerekwa rikomotse ku Uwiteka kandi ko mbivuga nk'uko biri…

Igihe Mwuka Muziranenge ahishuye ikintu icyo ari cyo cyose cyerekeranye n'ibigo bifitanye isano n'umurimo w'Uwiteka, cyangwa n'umurimo Imana ikora ku mitima y'abantu n'intekerezo zabo, nk'uko yabimpishuriye mu gihe cyashize, ubutumwa bwatanzwe bukwiriye gufatwa nk'umucyo utanzwe w'Imana ugenewe abawukeneye. Ariko kugira ngo umuntu avange ibyejejwe n'ibisanzwe ni ikosa rikomeye. Iyo tugenje dutyo, dushobora kubona umurimo w'umwanzi urimbura abantu."

Rimwe na rimwe, imibereho tubayeho irahinduka, kandi hamwe na yo, n'uburyo dukoresha ubutumwa bwa Elina G. White burahinduka. Urugero, igihe kimwe mu kinyejana cya cumi n'icyenda, madamu White yihanangirije bikomeye abadiventiste b'umunsi wa karindwi ku bijyanye no kugura amagare. Uyu munsi, benshi mu badiventiste b'umunsi wa karindwi, bafite amagare cyangwa bigeze kuyatunga bakiri abana. Mbese inama ya madamu White yari ikosa? Hoya. Yanenze amafaranga menshi cyane yakoreshwaga mu kugura amagare (ayo, muri icyo gihe yabyandikaga, ahanini yaguraga amafaranga ahwanye n'umushahara w'amezi menshi) kandi mu by'ukuri nta yindi mpamvu ibiteye uretse gusa kwifuza ko abantu barangarira icyo "gikinisho" cyangwa kugira ngo urushanwe mu masiganwa. Nubwo amagare y'iki gihe amwe n'amwe ashobora kuba nubundi yabarirwa muri urwo rwego, ariko amenshi muri yo araciriritse, afasha mu bikino bitanga ubuzima bwiza ndetse anakoreshwa mu gutwara ibintu n'abantu. Imibereho yarahindutse, kandi kubw'ibyo imikoreshereze y'ubwo butumwa nayo yarahindutse. Inama madamu White yatanze ku magare ishobora no gukoreshwa ku handi hantu dukoresha amafaranga menshi bikabije muri iyi minsi.

Ku bijyanye n'ingero wabajijeho, byaba byiza ugenzuye neza witonze kugira urebe niba wabasha kumenya amahame yayoboye icyerekezo cy'inama yatanze.

Mbese imibereho yarahindutse ku buryo byatuma ikoreshwa ry’amahame rihinduka? Urugero, reka dufate ingingo imwe mu zo wagaragaje, madamu White yanenze ikinamico ahanini bitewe n’imico ryigisha. Mbese ikinamico (cyangwa kuri ubu, amafilime na gahunda za televiziyo) byaba byarahindutse byiza ku rwego rw’uko abakristo bashobora kubireba, maze ingaruka zabyo zikaba kwegerezwa Imana? Mbese ibyo bazaboneramo bizarushaho kubagira abakwiriye ijuru cyangwa abakwiriye kuba imiyoboro y’Umwuka Wera? Cyangwa hari ubwo ikinamico riganisha ku kwishimira ibyaha nyirizina byashyize Umwami wacu ku musaraba? Turebye ku mahame yubakiyeho inama ze, dushobora na none kubaza tuti, Mbese mu ikinamico ni ho abakristo bakwiriye gushakira kunezerwa?

Ndatekereza ko nuramuka urebye amahame yashingiweho mu gutanga inama wabajijeho, uzabonako inama yatanzwe nta makosa yari ifite ubwo yatangwaga, kandi ko muri rusange, iyo nama nanubu igikoreshwa rwose. Mu kuvuga ibi, ntabwo bisobanuye ko benshi bazaha agaciro iyi nama, kuko twese dufite ya kamere navuzeho ndi gutangira ubu butumwa – kamere yo gushyigikira ibyo ubumuntu bwacu bwaguye, butwereka ko ari byo byiza, binejeje, cyangwa by’igikundiro kandi bikoreshwa n’abandi bantu benshi. Nyamara nk’abakristo, ntabwo duhamagarirwa gukurikira ikivunge cy’abantu cyangwa aho ibyifuzo byacu bwite bituganisha. Yesu yaravuze ati, “Ariko ujye ukiranuka uzageze ku gupfa, nanjye nzaguha ikamba ry'ubugingo.” *(Ibyahishuwe 2:10).*

## Ikibazo cya 6: Mbese amayerekwa ya Elina White yari ingaruka z'indwara y'igicuri? ("Amayerekwa ya Elina White, ingaruka z'indwara y'igicuri")

*Igihe kimwe nafunguye urubuga rumwe muzo banyeretse ubwo nashakishaga urubuga rw'abarinzi b'inyandiko za Elina G. White kuri murandasi, hanyuma ntwarwa no gusoma iyo nyandiko yose kuko nabonye ari iyo kwizerwa bitewe n'uburyo bworoheje kandi bwiza yanditsemo. Amakuru nabonyeho yari ajyanye n'amayerekwa ya Elina G. White. Ahanini, mu buryo bufite imbaraga, urwo rubuga rwatangaga igitekerezo cy'uko ayo mayerekwa yari afitanye isano n'ikitwa "igicuri gifata igice kimwe mu bigize sereburumu y'ubwonko" gifatanyije na hypergraphia [soma hayipagarafiya[1]]. Bavuga kandi ko iyo hayipagarafiya yatewe no kwangirika k'ubwonko gushobora kuba kwaratewe n'igihe bateraga ibuye ku mutwe Elina White ubwo yari umukobwa muto. Nkwiriye kuvuga ko ibyo bashingiyeho bisaba ko tubyitondera tukabiha agaciro kandi bituma umuntu yibaza byinshi.*

Uko inyandiko yanditse bishobora gushukana rwose nk'uko ubutumwa burimo bwabikora. Umuntu agomba kwitondera gushimangira ko ibyo umuntu yanditse byizewe bitewe n'uburyo yabyanditsemo, mbere yuko agenzurana ubwitonzi buhanitse ibyashingiweho byose muri iyo nyandiko.

Hariho umudogiteri umwe cyangwa babiri bavuze ibi bintu mu myaka ya 1980; ntabwo ndikubasha kwibuka amazina yabo nonaha. Ntanubwo bāri inzobere ku "gicuri gifata igice kimwe mu bigize sereburumu y'ubwonko", kandi iyo ndwara ni yo banzuye ko ariyo mpamvu y'amayerekwa ye. Kuri kaminuza ya Loma Linda, umudogiteri witwa Donald I. Peterson, akaba ari umupurofeseri mu bijyanye n'turemangingo shingiro tw'ubwonko (kandi kuba inzobere muri ibi ni byo bikwiye rwose kuri iyi ngingo turi kuvugaho), akaba n'umuyobozi ushinzwe ubuvuzi bw'ubwonko ku bitaro bikuru bya Riverside (soma Rivasayidi); yahurije hamwe itsinda ry'inzobere, ririmo abadiventiste n'abatari abadiventiste, kugira ngo bagenzure iby'aya makuru. Bafashe umwanzuro ko ibyamubayeho bitigeze bihuza n'iby'abantu babaga barwaye "igicuri gifata igice kimwe mu bigize sereburumu

*[1] Hayipagarafiya: ni igihe umuntu ageramo akagira ishyushyu ryinshi cyane ryo kwandika, bitewe n'impinduka igicuri cyangwa ibinyabutabire byagize ku bwonko bwe.*

y’ubwonko”. Biragaragara neza ko siyansi iri ku ruhande rwa madamu White kuri iki ngiki.

Umudogiteri witwa Peterson yanditse agatabo gatoya kuri iyi ngingo, “Amayerekwa cyangwa gutwarwa amarabira: Mbese Elina White yagizweho ingaruka n’igicuri?” Ubu ntabwo kagicapwa ariko wakabona ku rubuga rw’abarinzi b’inyandiko za Elina White.

## Ikibazo cya 7: Mbese Elina White yigeze yiba inyandiko ziri mu bitabo byanditswe n'abandi hanyuma azita ize? ("Mbese zimwe mu nyandiko za Elina White ni inzibano?")

*Nigeze kumva amakuru avuga ko Elina White yakoreshaga amagambo y'abandi rwihishwa mu gukora zimwe mu nyandiko ze. Ndabinginze ngo mumbwire, ninde watanze ibi birego? Mbese uku kwiba inyandiko bivugwa ko kwabaye ryari, kandi mu kihe gitabo / ibitabo? Mbese ni ikihe gice cyo muri ibyo bitabo bivugwa ko kirimo gukoporora, cyangwa ikindi kintu gifitanye isano no kwiba inyandiko z'abandi?*

Ahagana mu 1980, umugabura w'umudiventiste witwa Walter Rea, yatangiye kurega Elina White akomeje, aho yavugaga ko ubutumwa bwe yabukuraga mu bitabo byanditswe n'abandi aho kubukura ku Mana, kandi ko inyandiko ze uko zakabaye ari izo yibye mu byo abandi banditse hanyuma akazita ize[2]. Rea yanditse igitabo kigaragaza mu buryo bwimbitse ibirego bye yifashishije amagambo akakaye. Ibinyamakuru by'itorero nka *Adventist review and ministry* byavuze ku ngingo zifitanye isano n'ibi bintu mu gice kinini cyo mu myaka ya 1980. Ikiyongereyeho, nk'uko nubundi ushobora kubitekereza, abarinzi b'inyandiko za Elina White bateguye inyandiko kuri ibi bintu.

Mbese Elina White yigeze na rimwe akoresha amagambo y'undi muntu mu nyandiko ze, atagaragaje aho yayakuye? Yego, yarabikoze. Hano ku biro byacu, dufite ibitabo twakusanyije, kandi muri ibyo bitabo twagiye dushyira ikimenyetso ku magambo yose, ayo bamwe bagaragaje ndetse natwe ubwacu twasanze ko afite uguhura kugaragara n'ayandi magambo yo mu zindi nyandiko yabashaga kubona hafi ye.

Igihe kimwe Walter Rea yavuze ko mirongo icyenda ku ijana by'inyandiko ze ari inzibano. Ibi ni ugukabya kandi ni ukugaragaza nabi umurimo wa Elina White. Nta gipimo gifatika cy'ibi bintu cyakwegera na gato iri janisha.

Inteko nkuru rusange yasabye Dogiteri Fred Veltman, hanyuma isaba uhagarariye icyiciro cy'iyobokamana kuri koleji ya Pacific Union (Yunyoni ya

---

[2] *Ikirego cya Rea si cyo cya mbere cyabayeho, ahubwo ni cyo cyahagurukije ikibazo kiriho mu bisekuru bya none.*

Pasifike), gukora inyigo y'igitabo cy'*Uwifuzwa Ibihe byose* kugira ngo bagenzurane ubushishozi, ingano y'isano nyakuri gishobora kuba gifitanye n'ibitabo byakibanjirije gucapwa. Dogiteri Veltman yahisemo ibice cumi na bitanu ntacyo agendeyeho kugira ngo inyigo ibashe kugenzurwa mu buryo bworoshye. Nubwo bimeze bityo, we n'abamufashaga bakeya byabatwaye imyaka itari mike kugira ngo bakore uwo murimo.

Dogiteri Veltman yagaragaje ibyiciro bigera kuri birindwi by'isano ishoboka, guhera ku bya kure cyane ukageza ku guhuza kw'ijambo ku rindi. Ntabwo nibuka yuko yaba yarabonye na gato ibisa nk'ibyo twabonye hejuru, icyakora yabonye amasubi ahuje ubusobanuro nyamara atanditswe kimwe ndetse abona n'andi masubi ahuriye kuri bike. Uko yaba ahuriye kuri bike kose, uko yaba agirwaho impaka kose, kugira ngo inyigo ye ibe yuzuye yahisemo kuyashyiramo. Yaje gusanga hafi mirongo itatu ku ijana y'ibyo yasuzumiyeho aribyo byahuzaga, ku rugero ruto cyangwa runini, n'inyandiko z'abandi Elina G. White yaba yarifashishije. Ahari uguhuza mu buryo bugaragara, ntabwo dukwiye rwose gushidikanya ko madamu White yakoresheje inyandiko z'abandi. Aho bihuje bike cyane, guhamya ko yatiye amagambo y'abandi byagorana kubihamya. Kuri ibyo, nahitamo kutagira icyo mbivugaho.

Mbese ibi byose bishatse kuvuga iki? Mbese Elina White yari umutubuzi, ugerageza gushuka abantu kubwo gukoresha inyandiko z'abandi hanyuma akazita ize? Oya, Ntabwo ari uko mbyizera. Muri *Review and Herald* no muri *Signs of the times*, yarangiye abantu igitabo kitwa *The life and Epistles of St. Paul* cyanditswe na Conybeare afatanije na Howson – icyo yifashishaga mu kwandika igitabo cye kitwa *Sketches from the life of Paul*, cyagombaga gucapwa mu mwaka wakurikiragaho. Ibi ntabwo ari imyitwarire y'umuntu uri kugerageza guhisha igikorwa cye kibi. Ibirenze kuri ibyo, ni uko yabivuzeho yeruye mu ijambo ry'ibanze ry'igitabo cy' *Intambara ikomeye* yuko yakoresheje inyandiko z'abandi, rimwe na rimwe ntiyerekane aho zavuye. Ariko kandi yavuze n'impamvu. Hano hari amagambo yabivuzeho aboneka kuri paje ya 14[soft]:

"Ibintu bikomeye byabayeho mu iterambere ry'ubugorozi bw'itorero bwabaye mu bihe byahise ni ibintu bigize amateka, bizwi kandi byemerwa ku isi yose n'Abaporotesitanti; ni ukuri kutabasha kugira uguhinyura. Ayo mateka nayanditse mu magambo avunaguye nkurikije uko iki gitabo kingana, ndetse n'incamake

igusha ku ngingo igomba kubahirizwa, maze ibyo bintu mbikusanyiriza hamwe mu mpapuro nkeya nabonaga ko zijyanye no gusobanukirwa uburyo nyakuri bigomba gukoreshwamo.

Ahantu hamwe na hamwe, aho umwanditsi w'amateka yagiye akusanya ibyabaye kugira ngo abitange mu ncamake kandi abivuge mu magambo yumvikana; cyangwa aho yagiye afata ubusobanuro burambuye akabuvuga mu ncamake iboneye, amagambo ye yasubiwemo nk'uko yayivugiye; ariko hamwe na hamwe ntabwo umwanditsi yavuzwe kuko icyatumye ayo magambo ashyirwa muri iki gitabo atari ukwerekana uwayanditse, ahubwo ni ukubera ko amagambo ye *asobanura neza iyo ngingo* iri kuvugwaho. Mu kuvuga amateka n'ibitekerezo by'abakomeje umurimo w'ubugorozi (ivugurura) muri iki gihe cyacu, hakoreshejwe ubwo buryo bwavuzwe haruguru ku nyandiko zabo."

Icyo madamu White yahaga agaciro, ni ugutuma ubusobanuro bwumvikana. Iyo abandi babaga barasobanuye neza ibyo yashakaga kuvuga, yumvaga afite umudendezo wo gukoresha amagambo yabo adatanze aho aboneka mu gihe yabaga adashaka kugaragaza umwanditsi wundi nk'aho ari we w'ibanze. Mbese ibi byari byemewe? Abasomyi benshi b'abadiventiste babashije gusoma byimbitse kandi babyitondeye, bagasoma ubusobanuro bwa Bibiliya bwo mu kinyejana cya cumi n'icyenda, bageze ku mwanzuro w'uko byari umuco umenyerewe mu gihe cya Elina White ndetse na mbere yaho; abasobanuzi batiranaga amagambo cyane kandi akenshi ntibigeraga bagaragaza aho yakuwe. (urugero, Fred Veltman mu ngingo yanditse mu kinyamakuru cy'umurimo, yavuze ibyo yabonye ku nyigo yakoze ku gitabo cy'*Uwifuzwa ibihe byose.)*

Mbere y'igihe cya madamu White, John Wesley yakurikije uwo muco. Mfite ibyo yavuze, aho yavuze ko ubwo yatangiraga kwandika no kubwiriza, yabonye ko yari gukenera kwerekana aho yakuye amagambo yose yavuzwe n'undi muntu. Nyamara nyuma yavuze ko amaherezo yahisemo kuterekana na hamwe kubera ko byarogoyaga igitekerezo yabaga ashaka gutanga kandi ntanubwo buri gihe yari kuba yizeye ko yagaragaje mu buryo bwiza inkomoko ya buri ngingo imeze ityo. Madamu White yakuriye mu mugenzo w'Abametodiste; ahari iyi myumvire ya Wesley yari ikintu cyamugiyemo kuva kera.

Muri buri gikorwa cyose, dushobora kuvuga ko ibyo madamu White yakoze bitari bihabanye n'amategeko yo mu gihe cye, kandi yagaragaje ko yabikoraga n'icyabimuteraga mu ijambo ry'ibanze ryo mu gitabo cy'*Intambara Ikomeye.*

Mbese byari ubujura? Icyiciro gishinzwe iby'amategeko mu nteko nkuru rusange cyishyuye umunyamategeko w'inzobere mu bijyanye n'inyandiko zujuje ibisabwa, kugira ngo asuzume inyandiko za madamu White n'ibirego byari biri kugenda bimushinjwa. Nyuma yuko uwo munyamategeko amara amasaha magana atatu kuri ako kazi, yatangaje ko nta kibazo yabonyemo. Ramik yavuze ko yari kunezezwa no kuburanira madamu White mu rukiko kuri ibi bintu (ntabwo bivuze ko byari biteganyijwe), ahubwo ni uko we yumvaga yatsinda bitamugoye. (Murebe "Hariya rwose nta kibazo kirimo", *Adventist Review* kuwa 17 Nzeri, 1981.) Iyi nyandiko ni ibazwa ryakozwe n'itsinda rigenzura ry'abadiventiste ry'umunyamategeko Vincent Ramik, ariwe ukorana na Diller, Ramik na Wight, Ltd.., inararibonye mu ipatante ndetse n'ubujura bw'inyandiko, Washington, D.C. Iyi nyandiko hamwe n'izindi eshatu zivuga kuri iyi nsanganyamatsiko zongeye gucapwa mu gatabo kitwa – "Mbese Elina G. White yibaga inyandiko z'abandi?" – kaboneka ku rubuga rw'abarinzi b'inyandiko za Elina G. White.)

## Ikibazo cya 8: Mbese abafasha mu by'ubuvanganzo ba Elina White bigeze bandika ibitabo bye?

*Ku rubuga bumwe rwa murandasi, nasomyeho inkuru ivuga kuri Fannie Bolton, uwo bivugwa ko Elina White yamuhaye akazi kandi akanamwirukana incuro nyinshi – ndatekereza ari incuro enye. Iyi nkuru ntabwo yanejeje kuko yerekanaga ukudahuza gukomeye kandi kwinshi hagati y'ibyo madamu White yandikiye abandi n'ibyo we ubwe yashyiraga mu bikorwa. Inavuga ko mu by'ukuri nta bintu byinshi yigeze yandika; ahubwo ko abafasha be ari bo babyanditse.*

Ntabwo nzi iyo ngingo yavuzweho muri iyo nkuru wifashishije ijyanye no guha Fannie Bolton imirimo. Niba ubyifuza, ushobora gukenera kubona kopi y'*inkuru ya Fannie Bolton*, ikaba ari ikusanya ry'amabaruwa yose azwi ya Elina White, Fannie Bolton, n'abo bafatanyaga afitanye isano n'izi ngingo. (ushobora gusanga *Inkuru ya Fannie Bolton* ku rubuga rw'abarinzi b'inyandiko za Elina White rw'ububiko bwo kuri murandasi.)

Nshobora kugufasha rwose mu buryo butaziguye ku kibazo kibaza niba madamu White cyangwa abafasha be mu by'ubuvanganzo baranditse inyandiko ze. Ku rubuga rwacu, www.WhiteEstate.org, mu gice kitwa "Ibintu bitandukanye & Ibisubizo [Issues & Answers]," uraza kubona umutwe w'amagambo witwa "Ibibazo n'ibisubizo kuri Elina White [Questions and Answers About Ellen G. White]." Ruriho amagambo akurikira:

Mbese ni iki abanditsi n'abafasha mu by'ubuvanganzo ba Elina White bari bemerewe gukora ku bigendanye n'inyandiko ze?

Ntabwo iteka Elina White yakoresha ikibonezamvugo, kwandika amagambo, utwatuzo, cyangwa interuro cyangwa imyubakire y'igika mu buryo buboneye. Yari abyiyiziho rwose ko hari ubumenyi adafite kuri byo. Mu 1873 yarababaye maze arandika ati, "Ntabwo nize cyane. Ntabwo nshobora kwitegurira inyandiko zigomba gucapwa… Ntabwo nzi neza ikibonezamvugo" (*Selected Messages*, vol.3, p.90)

Yumvaga akeneye ubufasha bw'abandi mu gutegura ibyo yabaga yanditse kugira ngo bicapwe. W.C. White asobanura imbibi mama we yahaga abakozi be:

“Abandukuzi ba mama bagiriwe icyizere cyo gukora umurimo wo gukosora amakosa y’ikibonezamvugo, uwo gukuramo amasubiramo adakenewe, n’uwo gushyira mu matsinda ibika n’ibice mu rukurikirane rwabyo rwiza rushoboka…”

“Abakozi ba mama bafite ubunararibonye, nka Sisters Davis, Burnham, Bolton, Peck, na Hare, bamenyereye inyandiko ze. Abo, bemerewe gukura interuro, igika, cyangwa igice mu nyandiko imwe maze bakabishyira mu yindi icyo gitekerezo cyavuzwemo nanone, ariko mu buryo butumvikana cyane. Nyamara nta mukozi n’umwe wa mama wemerewe kugira icyo yongera mu nyandiko binyuze mu gushyiramo ibitekerezo bye bwite.” (W. C. White to G. A. Irwin, May 7, 1900).

Mu gihe ibice bya buri gitabo byababaga biri gutegurwa, Elina White yahoraga yifashishwa, kandi ubwo umurimo wababaga urangiye, bamushyikirizaga ibyakozwe kugira ngo atange uburenganzira bwa byuma bwo kubicapa.

Ku myaka 75, yasobanuriye umuvandimwe we Mariya iby’umurimo we: “Muvandimwe wanjye, ntiwibwire ko nakwibagiwe; kuko ntabwo nigeze mbikora. Urabizi ko mfite ibitabo byo gukora. Imbaraga zanjye ubu, ziri ku gitabo kivuga ku burezi nyakuri. Iyandikwa ry’iki gitabo nararyifuzaga cyane, kandi ryenda kurangira. Ubu ndimo gusoza igice cya nyuma. Iki gitabo ntabwo kizaba kirimo byinshi nk’uko bimeze ku bitabo byanjye binini, nyamara kirimo ubutumwa bw’ingenzi cyane. Buri gihe numva nkeneye ubufasha buva ku Mana.”

“Ndacyafite imbaraga nka kera. Ntabwo ndagira intege nkeya zizanwa no gusaza. Mfite ubushobozi bwo gukora byinshi, kwandika no kuvuga nk’uko nabikoraga mu myaka yashize.”

“Ndongera ngasoma ibyandukuwe byose, kugira ndebe ko byose bimeze nk’uko bigomba kuba biri. Nsoma buri gitabo cyanditswe, mbere yuko cyoherezwa mu icapiro. Ubwo rero, urabona ko igihe cyanjye cyose gikwiriye kuba gifite ibyo cyagenewe.” (Ibaruwa 133, 1902).”

Hari ubuhamya bufatika bw’abanditsi ba madamu White – ntabwo buboneka mu magambo agenewe abantu bose gusa, ahubwo no mu biganiro byihariye bagiranye n’abakora mu icapiro, n’ahandi – yuko bakoraga gusa ku byo yanditse; ntabwo bigeze bagira ibyo bamwandikira.

Fannie Bolton yagize icyo avuga mu ruhame ku birego bamushinjaga by’uko yanditse ibitabo bya madamu White. Uzabisanga mu nyandiko nakurangiye.

Haciyeho igihe, nyuma y'urupfu rwa Fannie Bolton na madamu White, umwe mu banegura inyandiko za madamu White yavuze ko afite igihamya kidashidikanywaho cy'uko Fannie, aho kuba madamu White, ari we wanditse *Kugana Yesu.* Nyamara nta na rimwe yigeze azana icyo gihamya. Mu by'ukuri, ikirego cye nta shingiro gifite kubera ko bimwe mu biri mu *Kugana Yesu,* ushobora kubisanga mu nyandiko za madamu White zanditswe kandi zigacapwa, mbere yuko ahura bwa mbere na Fannie Bolton. (Kugana Yesu, kimwe n'ibindi bitabo bya madamu White byinshi byaje nyuma, byakuwe mu nyandiko ze za mbere, izacapwe n'izitaracapwe, ari zo zateguwemo igitabo tuzi ubungubu.) Ubwo rero, igihamya kirahari, cy'uko iki cyari igitabo cya madamu White, aho kuba icya Fannie.

Reba n'ikibazo n'igisubizo bikurikiraho.

## Ikibazo cya 9: Mbese umwanditsi wa Elina White yigeze yandika Kugana Yesu? ("Mbese igitabo cyo Kugana Yesu, cyanditswe na Elina White?")

*Umuntu umwe yaranyandikiye hanyuma ambwira ko igitabo cyo Kugana Yesu kitanditswe na Elina White, ko ahubwo cyanditswe n'umwanditsi wundi. Yanambwiye ko nta nyandiko z'umwimerere kigira. Mbese ibi ni ukuri?*

Ni iby'ukuri ko nta nyandiko z'umwimerere z'igitabo cyo Kugana Yesu zihari. Hari impamvu ebyiri zabiteye:

1. Mu by'ukuri ntabwo madamu White yakomezaga kubika impapuro yakoreyeho yandika, nyuma yuko zabaga zimaze gusohoka mu icapiro. Ibi byari ukugira ngo imikorere ibashe gushoboka.

2. By'umwihariko mu mpera z'igice cya kabiri cy'ubuzima bwe, ntabwo yigeze yandika inyandiko nshyashya z'amagambo azashyirwa mu gitabo cye. Ahubwo, we n'abo bafatanyaga, bashoboraga gutegura ingingo zizavugwaho mu gitabo, hanyuma abamufashaga, bashoboraga kumenya aho amagambo bākenera aboneka mu byo Elina White yanditse mbere, byaba ibyacapwe cyangwa ibiri mu mabaruwa n'ibyo yandikishije intoki, kuko yagiraga uruhare mu gutegura ingingo babaga bashaka kwandikaho. Abakozi be barayegeranyaga, kandi iyo byababaga ngombwa madamu White yandikaga inyandiko y'inyongera kugira ngo yuzuze imyanya irimo ubusa cyangwa arusheho kunonosora urukurikirane rw'ibyandikwaga. Iyo yabaga anyuzwe n'igitabo, noneho baragicapaga. Mu mikorere imeze ityo, ntabwo umuntu yakwitega kubona inyandiko y'umwimerere "yandikishijwe intoki" y'igitabo.

Mbese umwanditsi wa Elina White yigeze yandika *Kugana Yesu?* Hoya. Uburyo bwo kwandika igitabo nasobanuye hejuru bwatuma twitega kubona bimwe mu bikirimo, mu nyandiko za mbere za madamu White. Kandi mu by'ukuri ni ko bimeze. Mu myaka ya 1930, ubwo ikirego wasomye cyajyaga hanze bwa mbere, D. E. Robinson yatanze igisubizo, aho yatanze urutonde rw'ibice byinshi bya *Kugana Yesu*, byakuwe mu nyadiko za madamu White zari zaracapwe mbere. Yanavuze byinshi ku nkomoko y'ikirego n'umwanditsi wavuzweho ko ari we wacyanditse. Ushobora gusanga ibyo yanditse ku rubuga rw'ububiko bwo kuri murandasi rw'abarinzi b'inyandiko za Elina White. Ni Igice cya kabiri cy'inyandiko yitwa "Inkuru

y’igitabo cyamenyekanye cya ‘Kugana Yesu’ n’ubwanditsi bwa ‘Kugana Yesu’. [The Story of a Popular Book ‘Steps to Christ’ and The Authorship of ‘Steps to Christ.’]”

## Ikibazo cya 10: Mbese Elina White yigeze avuga ko yavuganye n'umugabo we wapfuye, ubwo yari ari mu iyerekwa? ("Inzozi z'umugabo wapfuye")

*Nabonye inyandiko nyinshi kuri murandasi zirwanya Elina White. Ahanini ntabwo njya nzizera, nyamara ikintu kimwe cyanteye kumirwa ni ibyo bamuvuzeho ko yavuganye n'umugabo we wapfuye, ubwo yari ari mu iyerekwa. Ndabizi, hagomba kuba hari ubusobanuro bw'ibi bintu, nyamara sinabasha kumenya ubwo ari bwo. Mbese mwabasha kumfasha kuri iyi ngingo?*

Amakuru kuri izi nzozi za madamu White yanditswe ahantu habiri: *The Retirement Years,* p.161-163, no muri *Manuscript Releases*, vol.10, p.38-40. Ibi ntabwo ari uguhishurwa kwakozwe n'umwe mu banegura Elina White kw'ibyari byarahishwe, cyangwa igihamya gikojeje isoni kimwerekeyeho. Ibiri amambu, ni amakuru y'ibyabaye ku buzima bwa Elina White binejeje kandi byumvikana rwose, akaba ari amakuru abarinzi b'inyandiko za Elina White batekereje ko yafasha abandi bantu bari barabuze abafasha babo.

Mu nzozi, James yasaga nk'aho yongeye kugarurirwa ubuzima, kandi kubw'ibyo, madamu White agaragaza icyifuzo gisanzwe cy'uko bagombaga gukomezanya ubuzima. Mu by'ukuri, nubwo bimeze bityo, yari abizi ko zari inzozi gusa. – uko niko yazise – icyakora zari zifite ubutumwa buvuye ku Mana nk'igisubizo cy'isengesho rye. Abanenga Elina White bifuza kubigaragaza nk'aho ari umunyamyuka wari uri kuvugana n'uwapfuye. Ntabwo byari byo. Inzozi zari zisobanutse neza kandi zasaga nk'ukuri, nkuko akenshi bikunze kuba mu nzozi. Nyamara ubwo madamu White yabyukaga akabitekerezaho, ntabwo rwose yigeze yibwira ko mu by'ukuri yahoze avugana na James cyangwa "n'umwuka" we. Mu nzozi, yanabishyizemo muri ubu buryo: "Mugabo wanjye, narakubonye upfa; narakubonye uhambwe. Mbese Imana yaba yangiriye impuhwe, ikemera kukungarurira, kugira ngo twongere dukorane nkuko byahoze?" Ibi byerekana ko yizeraga umuzuko, aho kwizera ibyo kuvugana n'imyuka, ibitari ibyo ntabwo bari kubasha kongera gukorana "nkuko byahoze."

Kuri jye, birasa nkaho abantu batarimo gushakisha icyo bashingiraho banenga madamu White, bazasoma ibyo yagaragaje, nk'inkuru ifitiye abantu umumaro kandi ireshya y'umuhanuzi ufite intimba. Muri iki gikorwa, Uwiteka yavuganye na

we mu nzozi – mu buryo bwagombaga kumumenyesha icyo agomba gukora. We ubwe ntiyigeze atekereza ko izo nzozi zari zisobanuye ko mu by'ukuri yabonye James mu buryo bwa nyabwo. Kubera iki se twebwe tugomba kubifata ukundi?

Bibiliya ivuga ku nzozi, aho Yozefu yabonye imiba y'abavandimwe be yunamira uwe. Mbese izo nzozi zavuye hehe? Mbese ntitwakavuze ko zavuye ku Mana, nubwo zerekanaga ibyo twafata nk'ibya Satani igihe byaba bibaye mu buzima busanzwe? Mu nzozi, byari bifite ubusobanuro, kandi byaragaragajwe kugira bitange ubwo busobanuro. Rero, ni nako bimeze ku nzozi za madamu White.

## Ikibazo cya 11: Mbese ni ukubera iki Elina na James White bafite za obeliske ku bituro byabo? (“Obeliske ku gituro cya Elina White?”)

*Nabwiwe ko Elina White n’umugabo we, buri umwe afite obeliske[3] hejuru y’imva ye. Mbese ibi ni ukuri? Niba ari byo se, mwanyemerera mukambwira amateka yabyo?*

Abantu bamwe bagaragaje gutangara no kwibaza byinshi, kubwo kubona ikintu gifite ishusho ya obeliske ku irimbi ry’umuryango wa James na Elina White. Izo obeliske (imwe cyangwa ebyiri) ntabwo ari ibuye ry’imva ku muntu n’umwe mu bahambwe hariya, ahubwo ibiri amambu ni ikimenyetso kiranga irimbi ry’umuryango kiri hagati muri ubwo butaka. Impamvu abantu babyibazaho, ni isano obeliske ifitanye no kuramya kwa gipagani ko muri Egiputa ndetse n’ibindi byibazwaho bifite aho bihuriye na yo. Nyamara mu by’ukuri, mu kinyejana cya cumi n’icyenda, ntabwo abantu benshi batekerezaga ko ibyo byari ikibazo. Za obeliske zari ibirango bimenyerewe by’amarimbi yo muri icyo gihe. Mu kureba ubutaka bw’umuryango wa White, birashoboka ko hari ibindi birango by’imva cyangwa by’ubutaka bigera kuri makumyabiri cyangwa mirongo itatu bifite ishusho ya obeliske. Ahandi bimeze bityo, ni ku irimbi ryo muri Rochester, New York, aho bamwe mu batangije itorero ry’abadiventiste bashyizwe ngo baharuhukire. Amahirwe menshi, ni uko mu by’ukuri aba bose batabarizwa muri Freemasonry *[soma furimasoniri]*, ntanubwo bari bafite imyizerere yo kuramya kwa kera yo gusenga izuba. Gukoresha obeliske nk’ikiranga irimbi, byari ibintu rwose bisanzwe, aho kuba umugenzo w’abafurimasoniri cyangwa imyizerere ya gipagani. Abadiventiste bo muri icyo gihe, basa nk’aho babarizwaga mu batarabonaga ikibazo mu ikoreshwa rya obeliske.

Vuba aha twabonye amagambo afitanye isano n’iki kibazo mu mabaruwa ya George I. Butler, wari perezida w’Inteko nkuru rusange ubwo James White yapfaga ndetse n’imyaka myinshi yakurikiyeho. Kuwa 12 Gashyantare, 1884, mwenedata

---

*[3] Obeliske: Ni inkingi ndende kandi nini. Ku gice cyo hasi, ikunze kuba ifite ishusho ya mpande enye zingana cyangwa urukiramende, kandi buhoro buhoro igenda igabanuka mu bunini kugeza mu musozo wayo. Ku mutwe wayo, ikunze gusozwa n’agace gato kameze nka piramide [Pyramid]. Mu mateka, Obeliske yakoreshwaga mu kwibuka umuntu runaka cyangwa guha ikuzo ibigirwamana bitandukanye.*

Bulter yandikiye madamu White ati: “urwibutso wabonye rukoze muri granite i Battle Creek kandi rufite ibara ryijimye, narutumirije imva y’umugabo wawe mu cyumweru cyashize ku butumire bw’umuhungu wawe Willie. Yambwiye ko ari wowe ruzishyuzwa.”

Ibingibi byerekana ko madamu White yari yabonye urwo rwibutso rwatoranijwe, kandi birashoboka ko na W. C. White yari yarubonye. W. C. White yahaye uburenganzira mwenedata Butler kugira ngo rugurwe. Ibaruwa mwenedata Butler yandikiye W. C. White yo kuwa 10 Gashyantare muri uwo mwaka, yavugaga ku giciro cy’urwo rwibutso “n’ibuye ry’umutwe ndetse n’andi mabuye” kandi yanavugaga ko “ruzahashyirwa vuba cyane ukimara kohereza ibyo navuzeho.” Biragaragara neza ko umuryango wa White wagize uruhare mu guhitamo urwo rwibutso.

Nyuma y’imyaka makumyabiri, mu 1904, madamu White yanditse ikindi gitekerezo kuri urwo rwibutso rw’imva ya James White: “Umugabo wanjye amaze gushyingurwa, incuti ze zatekereje kubaka urwibutso rw’igice ku gituro cye. Naravuze nti: ‘Ntibishoboka rwose! Yakoze umurimo w’abantu batatu wenyine. Ntabwo urwibutso rw’igice ruzigera rushyirwa ku gituro cye!’*… (Ubutumwa bwatoranyijwe vol.1, p.98[soft])”* Dushobora gukeka gusa, nyamara mu buryo buhabanye na kiriya gitekerezo, yari yishimiye rwose kubona urwibutso rukozwe neza kandi rwubakanye ubuhanga rushyirwa ku gituro cy’umuryango.

Bamwe babajije isano igomba kuba iri hagati ya obeliske na Freemasonry [Furimasoniri]. Kubwo kubona obeliske ku butaka bw’umuryango, bahise banatekereza ko madamu White ubwe agomba kuba yari yarigeze kubarizwa mu muryango w’abafurimasoniri. Uyu ni umwanzuro udashoboka kandi udafitiwe gihamya. Madamu White yamaganye yeruye Furimasoniri. Ubwo yari muri Australia, yihanangirije umukozi w’umudiventiste wari warirunduriye muri Furimasoniri, ngo ace ukubiri n’isano afitanye na yo. Yanatanze inama ku bandi abasaba kwirinda kugendera muri gahunda z’ab. (reba furimasoniri mu *Ivugabutumwa*, p.476-483[soft]; *Ubutumwa bwatoranyijwe* vol.2, igice cya 13, p.125-148[soft]).

None kubera iki dusanga obeliske ku irimbi ry’umuryango wa White? Mu buryo bugaragara, madamu White ntiyayibonaga nk’iyahoze ari ikimenyetso cy’abafurimasoniri cyangwa cya gipagani, twirengagije ko – yaba yari abizi cyangwa

atabizi – ko abamasoni (ababa muri Furimasoniri) n'abasenga izuba bayikoreshaga muri ubwo buryo. Ibimenyetso bigira ubusobanuro bitewe n'ibyo abantu bazi ko bisobanura. Umusaraba ubwawo wigeze kuba ikimenyetso giteye ubwoba cyerekana ikandamizwa n'ubugome bukabije bw'abaroma, nyamara ubu, abakristo bo ku isi yose bawufata nk'ikimenyetso cyo gucungurwa kwacu muri Kristo.

Ibimenyetso bishobora guhindura ubusobanuro bwabyo. Igihe James White yatangiraga gucapa *Advent Review and Sabbath Herald (Urwibutso rwegereje n'integuza y'isabato)* kabiri mu cyumweru (byaje kuba rimwe mu cyumweru muri Nzeri 1853), buri ngingo yabaga ifite itariki n'izina rusange ry'umunsi yasohokeyeho, yaba ari Kuwa mbere cyangwa Kuwa kane. (umunsi wo gushyira hanze izo nyandiko hari igihe wahindukaga.) Nyamara nyuma gato, yakoze impinduka. Ingingo yasohotse "kuwa kane, tariki 12 Gicurasi, 1853," hashize ibyumweru bibiri yakurikiwe n'indi ifiteho itariki yanditse gutya: "kuwa gatanu w'isabato, tariki 26 Gicurasi, 1853." Hashize ibinyacumi byinshi by'imyaka, impapuro zagaragaje umunsi wazo wo gucapwa mu buryo butandukanye nko "kuwa gatanu w'isabato" (kuwa kane) no "kuwa gatatu w'isabato" (kuwa kabiri) – mu buryo bugaragara byari bitewe no kuzirikana ko amazina y'iminsi igize icyumweru yari yarakomotse ku bigirwamana by'abapagani. Nyamara Kuwa 1 Mutarama, 1880, ingingo zongeye gucapwa zifite impapuro ziriho amazina asanzwe y'iminsi igize icyumweru. Mu buryo bugaragara abatangije itorero ryacu banzuye ko ikoreshwa ry'ayo mazina ritigeze rivuguruza kwizera kwabo.

Abantu bakoresha amazina asanzwe y'iminsi igize icyumweru uyu munsi, ntabwo babikora mu rwego rwo kuramya ibigirwamana by'abapagani. Ayo mazina rwose ntabwo akiri ikimenyetso cy'ibyo bigirwamana, tutitaye kucyo ashobora kuba yarasobanuraga bwa mbere. Muri ubwo buryo, mu gihe bishoboka ko za obeliske zigeze kugira ubusobanuro bubi kandi bw'ubwiru, mu kinyejana cya cumi n'icyenda, ubu busobanuro ntabwo bwari bugifite agaciro kuri benshi keretse gusa abafurimasoniri. Nkuko bigaragara, madamu White ku giti cye ntabwo yari afite iyo myumvire. (iki gisubizo cyarahinduwe mu buryo bugaragara hagendewe ku gisubizo cya mbere cyatanzwe ku rubuga rwa murandasi ubwo basubizaga ikibazo kiri hejuru).

## Ikibazo cya 12: Mbese ubuhanuzi bwa Elina White bwo mu 1856 ntibwasohoye? ("ubuhanuzi bwo mu 1856")

*Mu gihe gito gishize ninjiye mu itorero ry'abadiventiste b'umunsi wa karindwi kandi amahame yaryo menshi aranyuze, nyamara nibaza byinshi kuri Elina White. Ntabwo nizera ko yari umuhanuzi, icyakora niteguye kugumana umutima ubohotse. Ahari urutare rurusha ibindi ubunini mu kwibeshya ni ubuhanuzi butasohoye bwo mu 1856 bwo kugaruka kwa Kristo mu buzima bw'abari bariho icyo gihe. Elina White yavuze ko marayika yamubwiye ko ibi ari ukuri. Iri ntakabuza ryari iyerekwa mvajuru ritaziguye.*

*Nasomye ukwiregura kwanyu kuri iyi ngingo, ko bwari ubuhanuzi bw'ikigombero. Ndabizi rwose ko hari ubuhanuzi bumwe na bumwe buba bufite ikigombero, kandi koko birumvikana. Ariko se ni iki cyari ikigombero kuri ubu buhanuzi? Mbese birashoboka ko ubutumwa bwiza bwari kuba bwarabwirijwe ku isi yose mu gihe cye? Mu yandi magambo, ni iki mu by'ukuri itorero ryananiwe gukora? Icyo cyari kuba ari urugendo rw'ivugabutumwa rwihuta ku isi yose mu gihe cy'imyaka mirongo itanu yonyine, cyangwa mu gihe cyakurikiyeho uko cyaba kingana kose, icyo abantu bari bari muri iyo nama babayeho nyuma yayo.*

Ubutumwa bwa Yona, "Hasigaye iminsi mirongo ine Nineve hakarimbuka." (Yona 3:4), na bwo bwari iyerekwa mvajuru ritaziguye. Ntabwo ndabona ahantu na hamwe mu byanditswe havuga ko Yona yahawe ubundi butumwa butari ubu. Ab'i Nineve bari biringiye gusa ko Imana yajyaga kubagirira imbabazi iyo bihana – ntabwo byari biri mu butumwa bwa Yona. Ibi biragaragara neza muri Yona 3:9. Nyamara nubwo ubutumwa bwari bwaratanzwe budafite za niba, ndetse, cyangwa za ariko, Imana yahinduye rwose ibyari byitezwe igendeye kubyo abantu bakoze (umurongo wa 10). Ihame ry'ikigombero mu buhanuzi ryavuzweho mu buryo bweruye muri *Yeremiya* 18:7-10: "[7]Igihe nzavuga iby'ishyanga n'iby'igihugu ngo bikurweho, bisenywe birimbuke, [8]ariko iryo shyanga navugaga niriva mu byaha byaryo, nzareka ibyago nibwiraga kubagirira. [9]Kandi igihe nzavuga iby'ishyanga n'iby'igihugu ngo mbashingishe intege kandi mbameze, [10]ariko bakanga bagakorera ibyaha imbere yanjye ntibumvire ijwi ryanjye, nzaherako ndeke ibyiza nari navuze ko nzabagirira."

Ndabisobanukiwe ko ikigombero cyari ukuba twaratwaye ubutumwa buburira buheruka bw'Imana ku isi. Ndemera ko mu buryo bw'imikorere busanzwe, iyo nshingano isa nk'idashoboka. Nyamara mu bintu nk'ibi, tuba turi gukorana n'imbaraga irenze iya kimuntu. Iyo twebwe abantu twitanze ubwacu kugira ngo dufatanye n'Imana tumaramaje, tukumvira ubuyobozi bwayo kandi tukayigira nyambere; ishobora kudukorera ibitangaza, hagati muri twebwe, kandi binyuze muri twe.

Ugutsindwa kw'itorero mu kugeza ku isi ubutumwa bw'Imana, byari ingaruka z'ikintu cyashibutse mu isano abantu bafitanye n'Imana. Mu bihamya by'itorero, vol.1, kuri ya paje iriho amagambo wabajijeho, hariho icyadufasha kumenya aho ikibazo cyagombaga kuba kiri ari cyo cyari gutuma umugambi w'Imana udashyirwa mu bikorwa:

"Abenshi bambara nk'ab'isi kugira ngo bareshye abatizera, ariko aho bahagira ifuti riteye agahinda. Niba bashaka kugira ubwenge bw'ukuri kandi bukiza, bakwiriye kugira imibereho ihwanye n'uko bavuga, bakagaragarisha kwizera kwabo imirimo yo gukiranuka, bakagira itandukaniro rigaragara riri hagati y'umukristo n'iby'isi. Amagambo, imyambaro, n'imirimo, bikwiriye kuvugira Imana. Nibwo imibereho myiza izamamazwa ahabazengurutse hose, ndetse n'abatizera nibwo bazamenya ko babanaga na Yesu. Niba hari abashaka ko imibereho yabo yerekana ukuri, bakwiriye kugira imico ihwanye n'uko bizera, bakigana uwababereye icyitegererezo wicishaga bugufi." (*Ibihamya by'itorero*, vol.1, p.132)

Nubwo madamu White avuga ku myambarire mu gika kiri hejuru, mbifata ko byari ikimenyetso gusa cy'ikibazo nyirizina cyari gihari – kuba imitima itareguriwe Imana burundu. Nyuma mu 1856, madamu White yahawe iyerekwa ryari riteye ubwoba ku badiventiste – ko ari bo, aho kuba abatari abadiventiste baruhuka Isabato, biswe "Lawodokiya" mu byahishuwe 3 (reba *Ibihamya by'itorero*, vol.1, p.141).

Rero ikibazo nyirizina cy'itorero cyari ukubura kwiha Imana byuzuye. Imitima y'abantu yari ikibogamiye ku isi n'iby'isi. Dukeneye kugira umutima utunganye, nibwo n'ibikorwa bizatungana, kandi Imana izabasha kudukoresha mu kurangiza umurimo wayo. Ndetse n'uyu munsi, aho dufite itumanaho ritangaje n'ibikoresho bitwara ibintu n'abantu, umurimo uba ukomeye kuruta ubushobozi bwacu. Uzarangizwa gusa n'abantu bitangiye umurimo w'Imana bamaramaje. Na Yo

izakoresha inzira zisumba intekerezo zacu kugira ngo umuhati wacu were imbuto maze inshingano zayo zigerweho. Bizaba bitangaje kubona ibyo Imana ikorana n'abantu iyo batagize icyo bayihisha!

Reba n'ikibazo ndetse n'igisubizo gifite umutwe uvuga ngo "ibiryo by'utuyoka" ku rubuga rw'abarinzi b'inyandiko za Elina White.

## Ikibazo cya 13: Mbese Elina White yigeze avuguruza ibyanditswe ku bijyanye "n'umunsi n'isaha"? ("Umunsi n'isaha byarahishuwe?")

*Mfite amatsiko ku magambo ya Elina White aboneka mu iyerekwa rye rya mbere, avuga ko abategereje bumvise ijwi ry'Imana ribahishurira umunsi n'isaha byo kuza kwa Yesu. Mbese ari kuvuga ko abera bo mu minsi iheruka bazamenyeshwa umunsi n'isaha nyirizina byo kugaruka kwa kabiri kwa Yesu? Ni gute ibi twabihuza n'amagambo yeruye yo mu byanditswe avuga ibihabanye na byo? Kandi ni gute iri yerekwa rishobora kuzuzanya n'ibyo yavuze nyuma ajyanye no gushyiraho ibihe?*

Ku bijyanye n'ikibazo cyawe cya mbere. Ndabisobanukiwe ko amagambo ya Elina White asobanuye ko abera bo mu minsi iheruka bazamenyeshwa umunsi n'isaha nyirizina byo kugaruka kwa kabiri kwa Yesu. Wabajije uburyo twabihuza n'amagambo yeruye yo mu byanditswe avuga ibihabanye na byo. Ndatekereza ko mu bwenge bwawe ufitemo aya masomo: Matayo 24:36; 25:13; na Mariko 13:32. Aya masomo yose akoresha indagihe mu kuvuga ko ntanumwe ubizi. Ntasomo na rimwe muri yo rikoresha inzagihe mu kuvuga ko ntawuzigera abimenya. Igihe Yesu yabivugaga, nta kabuza byari ukuri. Kandi nizera ko bizakomeza kuba ukuri ku muryango w'inyokomuntu, cyane cyane mu gihe kibanziriza irangira ry'imbabazi. Nyamara ibi ntabwo byatuma hatabaho impinduka ku kigombero mbere yuko Yesu agaruka.

Ndibwira ko byibura kimwe mu magambo Ye twavuzeho cyamaze guhinduka, nubwo ntabasha kubona ikimenyetso kibyemeza. Muri Mariko 13:32 ntabwo havuga gusa ko nta muntu uzi umunsi cyangwa isaha byo kugaruka Kwe, ahubwo hanavuga ko yaba abamarayika cyangwa Yesu ubwe batabizi. Mu gihe ibyo byari ukuri ubwo byavugwaga, mbese biracyari ukuri ko Yesu atazi igihe azagarukira? Ntabwo nabasha kubona ikimenyetso kibyemeza, ariko ntekereza ko muri iki gihe abizi rwose. Mu by'ukuri, igihe runaka mbere yuko ava mu buturo bwera bwo mu ijuru kugira ngo agaragare ku bicu byo mu ijuru azabimenya. Kubw'ibyo tugomba kwirinda kwemeza icyo ibyanditswe bitigeze byemeza.

Ku bijyanye n'ikibazo cyawe cya kabiri, imiburo ya madamu White ibuzanya kudashyiraho ibihe, ihora ivuga ku gihe kibanziriza irangira ry'imbabazi. Ibyo ni ibi: abantu barahaguruka bakavuga ko bazi igihe Yesu azagarukira maze bakingingira

abantu kwihana no kwitegura. Madamu White yeretswe ko ubutumwa bwacu budakwiriye kuzongera na rimwe gushingira ku nyigisho nk'izo. Nyamara ibyo wabajijeho, bizabaho mbere gato cyane yuko Yesu agaruka. (reba mu *Nyandiko z'ibanze,* p.28[soft]); ni nyuma y'irangira ry'imbabazi. Muri icyo gihe cy'amateka y'agakiza, nta murimo uzongera gukorerwa abanyabyaha; umurimo w'abantu b'Imana wo kubwiriza ubutumwa bwiza uzaba urangiye. Iyerekwa rya madamu White ntabwo ryigeze rigaragaza abera nk'abageza amakuru y'umunsi n'igihe ku bandi. Ibiri amambu, Imana yahishuriye gusa abantu bayo igihe cyo gutabarwa kwabo ubwo cyari cyegereje cyane, byashoboka ko haburaga iminsi cyangwa amasaha gusa. Ntabwo ari ubutumwa bahawe kugira ngo babwamamaze mu isi yose, kuko igihe cyo gukora ibyo, kizaba cyararangiye kera cyane.

Rero mu mucyo w'uko Bibiliya itabuzanya ihishurwa ry'umunsi n'igihe mu nzagihe, niba Imana izahitamo guhishurira abantu bayo bayizera – ku rwego rw'ihungabana ryabo kubera kwicwa barenganywa no guhigwa – maze ikabamenyesha uburyo gutabarwa kwabo kuri bugufi, kubera iki ibi byaba ikibazo? Mbese Imana ntiyabikora? Uku ni ko njyewe ku giti cyanjye mbona iyi ngingo.

## Ikibazo cya 14: Mbese Elina White yigeze yitiranya mu buryo bwo kwibeshya, ba Herode babiri? ("Ibisa nko kuvuguruzanya hagati *Spiritual Gifts* vol.1, p.71 na *Spirit of Prophecy* vol.3, p.334")

*Nabonye icyo ntekereza ko ari ikosa ryakozwe na Elina White kandi simbyumva. Hariho uwavuze ko yibeshye akavuga kuri ba Herode babiri nkaho ari umuntu umwe. Imvugo ebyiri zagaragajwe mu buryo butandukanye ziboneka muri Spiritual Gifts [Impano z'umwuka] vol.1, p.71, no muri Spirit of Prophecy [Umwuka w'ubuhanuzi] vol.3, p.334, imvugo ya mbere ni yo bivugwa ko irimo amakosa. Nyamuneka nimubinsobanurire.*

Yego, izo mvugo ebyiri ziratandukanye. Iya nyuma ni yo irushijeho gusobanuka neza kubera ko itagaragaza wa mu Herode wishe Yohana umubatiza kandi wari ku ngoma ubwo Yesu yacirwaga urubanza, nkaho ari we wishe Yakobo kandi akagerageza no kwica petero. Bamwe banzuye ko madamu White yahinduye aya magambo mu muzingo we wasohotse nyuma, kugira ngo ahishe "ikosa" rye. Nyamara ibi ntabwo byaba ari ukwirengagiza ko umugabane wa mbere w' *Impano z'umwuka* wongeye gusohoka wose uko wakabaye mu gitabo cy'*Inyandiko z'ibanze,* cyasohotse mu 1882, mu myaka ine nyuma yuko umugabane wa gatatu w'igitabo cy'*Umwuka w'ubuhanuzi* gisohoka – kandi ya magambo y'umwimerere aracyabasha kuboneka mu *Nyandiko z'ibanze*, p.128[soft]. (mu bitabo byacapwe nyuma, hongewemo amagambo agaragaza ko hari ba Herode babiri kandi atanga ubusobanuro – ku giti cyanjye ntabwo ari ubusobanuro bwimbitse cyane.)

Kubwanjye, inkomoko yo kutabyumva neza iragaragara – ni Ibyanditswe ubwabyo bibita bombi Herode, na Elina White yari arimo arakurikiza gusa ibyanditswe kuri iyi ngingo. Nyuma yaranditse ati, "Mfata Bibiliya nk'uko iri, nk'ijambo ryahumetswe n'Imana. Nemera ibyo ivuga muri yo byose." *(Ubutumwa bwatoranijwe, vol.1, p.12[soft]).* Ntabwo nterwa urujijo n'uko mu gihe cye cya mbere (1858) yari ataramenya buri kimwe cyose mu bijyanye n'amateka ya Bibiliya. (kandi ntanubwo yigeze abimenya byose nyuma yaho.) Icyo mbona ni uko ubwo yari amaze kugira amakuru y'inyongera kuri iyi ngingo, yakoze igikwiriye – yakoresheje amakuru arushijeho gusobanuka mu butumwa bwe bwakurikiyeho, ubwo yongeraga kuvuga kuri iki gice cy'amateka ya Bibiliya.

Abamunenga kuri iyi ngingo, baba bibwira igitekerezo cy'ihumekerwa kidashobora kubonekamo ikosa rya kimuntu. Abadiventiste b'umunsi wa karindwi, ahanini, ntabwo bemeranya n'icyo gitekerezo. Madamu White ntabwo yigeze avuga ikintu nk'icyo kuri we ubwe. Yaranditse ati, "Ku byerekeranye no kwibwira ko umuntu atakwibeshya, nta na rimwe nigeze mvuga ko ntakwibesha; Imana yonyine ni yo itibeshya. Ijambo ryayo ni ukuri kandi muri Yo nta mpinduka, cyangwa ishusho yo guhinduka." *(Ubutumwa bwatoranyijwe, vol.1, p.33[soft]).*

## Ikibazo cya 15: Mbese iyerekwa rya Elina White ryigeze rigaragaza abantu ku mubumbe wa Saturune? ("Elina White n'umubumbe wa Saturune.")

*Vuba aha, hari uwambajije ku iyerekwa, iryo Elina White yabonyemo umubumbe wa Jupiteri n'uwa Saturune. Byaravuzwe ko hari ibaruwa ya madamu Truesdail (soma Turuzideyiri) ivuga ko madamu White yabonyeyo abaturage baho banezerewe bafata ifunguro. Mbese hari icyo mwaba muzi na kimwe kuri ibi byavuzwe ndetse n'ubunyakuri bw'iriya baruwa?*

Hari ibaruwa ya madamu Truesdail, yanditsweho na J. N. Loughborough (soma Lafuboro), mu gitabo cye kitwa *Ishyaka rikomeye rya kabiri ritegereje,* p.260, 261. Ndatekereza ko iyi ariyo baruwa uri kuvugaho. Hano hari ibyo Loughborough yanditseho.

"Mushiki wacu White yari yarwaye cyane, maze ubwo habagaho kumusengera, Umwuka w'Imana watujeho. Bidatinze twabonye ko intekerezo ze zitakiri hano ku isi. Iri ni ryo yerekwa rye rya mbere ry'andi masi. Nyuma yo kubara aranguruye amezi (ibiva bya nijoro bitari inyenyeri) aba kuri Jupiteri, kandi nyuma gato akabara n'aba kuri Saturune, yatanze ubusonuro bunejeje bw'ibimeze nk'impeta zizengurutse umubumbe wa Saturune. Maze aravuga ngo, 'abaturage baho ni barebare, abantu b'igikundiro, batandukanye cyane n'abatuye ku isi yacu. Icyaha ntikigeze kinjira aha hantu.' Byagaragaririaga rwose mu kumwenyura kwa mwenedata Bates yuko gushidikanya kwe ko mu gihe cyashize kwerekeye inkomoko y'amayerekwa ya Elina White, kwari kuri kumushiramo vuba. Twese twari tubizi ko Kapitene Bates yakundaga cyane Asitoronomi[4], kuko kenshi yajyaga atumenyesha aho ibiri mu isanzure biherereye kugira ngo atwigishe. Ubwo mushiki wacu White yasubizaga ibibazo bye, nyuma y'iyerekwa, avuga ko atigeze yiga na rimwe cyangwa ngo ahabwe ubumenyi bujyanye n'iki cyerekezo, Bates yuzuwe n'ibyishimo n'umunezero. Yahimbaje Imana, kandi agaragaza kwizera kwe avuga ko iri yerekwa rijyanye n'indi mibumbe ryatangiwe kugira ngo atazongera gushidikanya." – Ibaruwa ya madamu Truesdail yo kuwa 27 Mutarama, 1891.

---

[4] *Asitoronomi: ubumenyi bw'ibiba mu isanzure*

Hagati aho, ntacyo mbona muri iyo baruwa kijyanye no gufata ifunguro. Tugomba kandi no kuzirikana ko muri paje ebyiri zibanza, Loughborough yavuze ku nkuru y'iryo yerekwa. Mubyo yarivuzeho, ntiyigeze na gato avuga ko madamu White yavuze amazina y'imibumbe yabonye. Ahubwo, yanditseko byavuzwe na Bates, ubwo madamu White yavugaga ibyo yabonye, "Oh, arimo kureba umubumbe wa Jupiteri!" Hanyuma ubwo yavugaga ku mubumbe ufite ibibuye n'ibicu bihora biwuzenguruka, kandi akavuga ati "ndabona amezi arindwi," Bates yararanguruye ati "Ari kuvuga umubumbe wa Saturune." Ibyo Madamu Truesdail yavuze birahuza n'ibi. Na we ntiyigeze avuga ko madamu White yagaragaje amazina y'iyo mibumbe. Nta gushidikanya, yemeye ibyo Bates yavuze kuri iyo mibumbe kandi yatekereje ko ari yo miterere yayo nyakuri.

Nta mpamvu dufite yo gushidikanya ku kwizerwa kw'ibaruwa ya madamu Truesdail cyangwa kwibaza ku bunyakuri bw'uwayanditse kuri izi ngingo. Icyakora dekeneye kumenya ibyavuzwe na madamu White, tukamenya n'ibyavuzwe na Bates. Abandi na bo, bisa nk'aho bemeye ibyo Bates yagaragaje. Mu gitabo cyitwa *A Word to the Little Flock [Ijambo ku mukumbi muto],* James White yavuze kuri iri yerekwa maze agaragaza umubumbe wa Jupiteri n'uwa Saturune. Ntabwo byantangaza na madamu White ubwe abaye yaremeye icyo Bates yavuze kuri ibi, bitewe nuko atigeze abwirwa iyo mibumbe iyo ari yo.

Nizera ko madamu White yeretswe ibyo yavuze kandi ko bihuje n'umwimerere w'imibumbe runaka. Nyamara ntabwo ntekereza ko iyo mibumbe ari Jupiteri na Saturune, tutirengagije ko Bates we ari uko yabitekerezaga. Kandi ntabwo dukwiriye gushyira ugukeka gupfuye kwa Bates kuri madamu White.

Hagati aho, hari inyandiko y'inshamake ijyanye n'iri yerekwa ku rubuga rw'abarinzi b'inyandiko za Elina White. Iboneka mu gice kitwa "ibyavuzwe bijyanye n'amagambo adasanzwe aboneka mu nyandiko za Elina White", ku mutwe w'amagambo witwa, "amagambo ajyanye na Asitoronomi."

## Ikibazo cya 16: Ni gute umuhanuzi nyakuri, yashoboraga kuba yaratangaje inyigisho y'urugi rukinzwe? ("Elina G. White n'urugi rukinzwe")

*Ndabona ko inyigisho y'urugi rukinzwe idashobora kugira aho ihurira n'umuhanuzi nyakuri. Elina White yavuze ko marayika yamuhishuriye yuko urugi rw'agakiza rwafunzwe mu 1844.*

Ntabwo ntekereza ko uzabona amagambo avuga neza neza ibihuje n'ibyo wagaragaje hano. Ibi ni imyumvire y'umuntu runaka ku byo madamu White yavuze, kandi izo nshamake zishobora guhagararira cyangwa ntizihagarire ibyo muby'ukuri yavuze, cyangwa yashakaga gusobanura.

Bigaragara ko mu myaka yo hagati yo mu 1844 no mu 1851, imvugo "urugi rukinzwe" yatangiye guhindura ubusobanuro. Ndizera ko abanenga madamu White, batigeze babasha kuzirikana iyo mpinduka, kandi bakoresha ahantu hose handitswe "urugi rukinzwe" nk'aho aya magambo yavugaga kurangira kw'imbabazi (gukingwa k' "urugi rw'imbabazi") ku batuye isi bose. Nubwo ibibyemeza byo muri iyo myaka ya mbere ari bikeya, harimo ibishyigikira igitekerezo nagaragaje.

Mu mezi abiri yari atambutse cyangwa arengaho mbere yo kuwa 22 Ukwakira, 1844, abizeraga inyigisho ya Milleri bari baramamazanyije imbaraga ubutumwa buvuga ngo, "umukwe araje, nimusohoke mumusanganire *(Matayo 25:6).* Muri uyu mugani, uru rusaku rwumvikanye mu gicuku; ubwo rero ubutumwa bamamaje bw'uko Yesu yagombaga kugaruka kuwa 22 Ukwakira, bwamenyekanye nk' "urusaku rwo mu gicuku." Muri uwo mugani nanone, uraza kubona ko, abari biteguye kuza kw'umukwe binjiranye na we, "hanyuma urugi rurakingwa" (umurongo wa 10). Rero, izo mvugo zombi, *urusaku rwo mu gicuku* n' *urugi rukinzwe* zavuye mu mugani umwe.

Nyuma yo kudasohora kw'ibyari byitezwe kuwa 22 Ukwakira, abizeraga ko Imana yari yarabayoboye mu itsinda ryo mu 1844, banzuye ko bagomba gukomeza gushikama kuko Yesu yendaga kuza bidatinze, kandi gukobwa no gukwenwa kw'isi ibazengurutse, kwabemeje ko bari mu gihe Yesu yavuze mu mugani, ubwo "urugi rwakingwaga." Bizeraga ko abanyabyaha bari baracyererewe cyane kwakira

impano y'agakiza ya Yesu; mu by'ukuri, nta kimenyetso bigeze babona cy'uko Mwuka Wera yari akirimo kuruhanya n'abatuye.

Muri icyo gihe, kudohoka ku rugi rukinzwe byari ukurekeraho kwizera iby'urusaku rwo mu gicuku – inyigisho y'itsinda ry'abategereje – no kuvuga ko Imana igomba kuba itarayoboraga iyigwa ry'ubuhanuzi, ari bwo bwababakanguye cyane. Byari ukuvuga ko ntakintu cyabaye mu 1844. (madamu White yemera, mu buryo bwumvikana, ko yageze kuri uwo mwanzuro utanejeje mu gihe gito cyakurikiye kutabona ibyari byitezwe.)

Ntabwo Imana yigeze ihishurira bose buri kimwe icyarimwe, nk'uko Itanahishuye ako kanya buri kimwe ku bijyanye no kuzuka kwa Yesu ku bigishwa be bari babuze ibyo bari biteze, barimo kurira kandi batewe urujijo n'urupfu rw'Umwami wabo. (reba mu *Ntambara Ikomeye, p.384-388[soft]*) Nubwo impano y'ubuhanuzi yari ihari mu itorero binyuze muri Elina White, Imana yemereye ibitekerezo bitari byo kubaho mu itorero ndetse no mu muhanuzi wayo kugeza ubwo Yabonye igihe gikwiriye kigeze ngo bikosorwe.

Iyerekwa rya mbere rya Elina White ntabwo ryigeze risobanura ibintu byose ku bijyanye no kubura ibyari byitezwe, ahubwo ryijeje abari barabuze ibyo bari biteze ko batigeze bashukwa. (reba mu gitabo kitwa *Life sketches, p.64-68.* Birumvikana ko, yari Elina Harumoni muri icyo gihe, kuko yari atarashakana na James White.) Yesu yari agikomeje kuyobora abantu mu nzira ifunganye iri hejuru y'isi igana ku murwa w'Imana. Hari hari umucyo inyuma yabo wamurikaga mu nzira yose kugera ku murwa. Uwo mucyo, Elina White yabonye ko, wari urusaku rwo mu gicuku, ari rwo rwari ubutumwa butunga agatoki kuri tariki 22 Ukwakira, 1844. Ubwo rero abizeraga inyigisho ya Milleri, ntabwo bari barabeshywe! Kubwo guterwa imbaraga n'iki cyizere ndetse n'ibindi bimenyetso byinshi byemeza ko Imana yari yarabayoboye, abari bagikomeje kwizera ntabwo bashoboraga gutera umugongo ubutumwa bw'urugi-rukinzwe.

Bwa mbere babonye ko umurimo wabo wari uwo kwibanda kuri babandi bari baremeye ubutumwa bw'itsinda rya Milleri, kandi ubu bakaba bari bakeneye kubona ibintu bishya Imana yari irimo kumenyekanisha bikomotse mu ijambo ryayo – ingingo zitandukanye nk'Isabato n'ubuturo bwera. Bafataga abanze ubutumwa bwa Milleri nk'abagize "ab'isi bose b'abanyabyaha Imana yari yararetse." *(ubutumwa bwatoranijwe vol.1, p.57[soft]).* Nyamara bidatinze mu 1845, ndetse

cyane mu mpera zo mu myaka ya 1840 n'imyaka ibanza ya 1850, batangiye kubona igihamya cy'uko abantu batari barigeze bakorwaho n'ubutumwa bw'itsinda rya Milleri, bagaragazaga ko bitaye ku butumwa bwabo. Ibi byashoboraga gusa kuba umurimo wa Mwuka Wera, kubw'ibyo rero, ntabwo bishoboka ko igihe cyari kuba cyararenze cyane kuri aba bantu. Birumvikana rero, urugi rwari rutarakingwa kuri buri wese. Abizera b'abadiventiste batangiye kubona ko Imana yari irimo kubafungurira umurimo mushya. Madamu White yagize uruhare rukomeye mu kuzana iyi mpinduka y'uburyo babibonaga.

Nkuko nabivuze mbere, nyuma yo kubura ibyari byitezwe, Elina White ubwe yarekeye aho kwemera ko urugi rwakinzwe mu gihe cyashize hanyuma ategereza ko ruzakingwa mu gihe kizaza – ibyo ni ukuvuga ko yamaze igihe gito yizera ko iminsi 2300 yari itarakagera ku iherezo. Nyamara ukwizera yari afite mu itsinda ryo mu 1844 kwamugarutsemo nk'ingaruka z'iyerekwa rye rya mbere. Ugusoma guhutiyeho kw'ibyo yanditse bijyanye n'iryo yerekwa, bishobora gutuma umuntu yanzura ko iryo yerekwa ryavugaga ko igihe cyari cyararenze cyane kuri buri wese utarabaga mu itsinda rya Milleri; nyamara ugusoma kwitondewe kuzerekana ko bitari ngombwa kubisobanura gutyo. Yanditse rwose ku kudashobora gukizwa kw' "ab'isi bose b'abanyabyaha Imana yari yararetse," nyamara n'ubwo we ubwe yamaze igihe runaka yizera ko ibi byarengurizaga ku batemera inyigisho za Milleri bose, nyuma byaje kumusobanukira ko abari bararetswe bari bake kuruta abo. Ubwo mu ijuru urugi rwakingwaga na wa Wundi "ukinga ntihagire ukingura" (Ibyahishuwe 3:7), hari hariyo n' "urugi rukinguye, [rwarundi] rutakingwa n'umuntu n'umwe" (umurongo wa 8). Hano hari igihamya cyo mu byanditswe kivuga ku rugi rukinzwe, kandi mu buryo bugaragara, nticyasobanuraga ko imbabazi zari zarangiye ku batuye isi bose.

Ntabwo bikwiriye kudutungura ko umuhanuzi w'Imana adahita amenya ukuri kose ako kanya nyuma yo guhabwa umuhamagaro wo kuba umuhanuzi cyangwa na nyuma yo kwakira ubutumwa bw'ibanze buvuye ku Mana ku ngingo runaka. umuhanuzi ashobora kudahita asobanukirwa ubutumwa mu buryo bw'ukuri cyangwa bwuzuye (reba, urugero, *1 Petero 1:10-12*). Umumaro wuzuye w'ubutumwa bw'Imana mu mayerekwa ya mbere ya Elina White, wagiye wigaragaza uko ibihe byagendaga bihita, kandi amayerekwa yahagaze ashikamye imbere yo kugeragereshwa isuzuma ry'igihe.

Ikiyongera ku isubi iri hejuru, urubuga rw'abarinzi b'inyandiko za Elina White narwo ruriho amagambo Elina White yanditse mu 1883 ajyanye n'isano ye ku nyigisho y'urugi-rukinzwe ndetse n'igice kivuga ku ngingo iboneka mu biranga Elina White byanditswe na Arthur. White. Kandi icyo gice gishishikariza umusomyi kureba ibyo Herbert E. Douglass yanditse ku bijyanye n'urugi rukinzwe mu gitabo cye kitwa *Messenger of the Lord [Intumwa y'Imana].*

## Ikibazo cya 17: Mbese Elina White yaba yaribeshye ku rusengero rwo muri Yerusalemu nshya? ("Urusengero muri Yerusalemu nshya")

*Negerewe n'umuntu wasomye Inyandiko z'ibanze, kandi yibazaga ku ngingo ivuga ko ubwo Elina White yari ari mu iyerekwa, yabonye urusengero muri Yerusalemu nshya. Uyu muntu yibazaga uburyo madamu White yari kuba yarahabonye urusengero, mu gihe Yohana umuhishuzi avuga ko ntarwo yabonyeyo muri uwo murwa (Ibyahishuwe 21:22). Iryo yerekwa ryavuzweho mu gitabo cy'inyandiko z'ibanze, p.40[soft], igika cya kabiri, gukomeza.*

Igisubizo ku kibazo cyawe mu by'ukuri kirasobanutse neza muri Bibiliya. Ibyahishuwe, igice cya 21 havuga ku bintu bizababaho nyuma yo kurimbuka guheruka kw'icyaha (byagaragajwe mu byahishuwe, igice cya 20). Igihe icyaha kizaba kitakiriho, urusengero ntiruzaba rugikenewe. Nyamara igihe icyaha kikiriho, haracyariho urusengero n'umurimo warwo mu guhangana n'icyaha. Ibi ni byo igitabo cy'Abaheburayo cyavugagaho ubugira kabiri mu gice cya 8:1,2 n'icya 9:11.

Ubungubu Yesu ni umutambyi wacu mukuru mu buturo bwera bwo ijuru (cyangwa mu rusengero), arimo gukoresha ibyiza bikomoka mu gitambo cye cy'impongano mu guca urubanza rwa buri muntu no gushyiraho umusozo ku bintu biheruka byo mu ntambara ikomeye. Mu gitabo cy' *Inyandiko z'ibanze,* madamu yeretswe ibiriho none – aho kuba ibizaba nyuma yo kurimburwa kw'icyaha. Rero iyerekwa rye ry'ubuturo bwera bwo mu ijuru riri mu murongo w'icyo Bibiliya yigisha kuri iyi ngingo.

## Ikibazo cya 18: Mbese ifoto ya Elina White yambaye urunigi "yarahinduwe"? ("Ifoto yerekana madamu White yambaye urunigi")

*Numvise umupasitoro avuga ko hari ifoto yerekana madamu White yambaye urunigi, nyamara ko hari uwakuyemo – asibisha irindi rangi – rwa runigi ruri muri iyo foto.*

Nkwiriye guseka uburyo inkuru zikwirakwira! Hari ifoto y'umuryango yo mu 1913 igaragaramo Elina White. Iyo foto yahinduwe muri ubu buryo ubwo yashyirwaga hanze bwa mbere, byashoboka ko ari mu myaka ya 1930 gutyo. Icyakora, gusiga irindi rangi mu ifoto, ntabwo byakozwe kuri madamu White ahubwo ni kuri umwe mu buzukuru be – Ella White Robinson.

Nabonye iyo foto "mbere" na "nyuma." Mu ifoto y'umwimerere, Ella agaragara yambaye urunigi rw'amasaro mato, rumeze kimwe nk'ikintu umuryango wacu waguze cy'urwibutso ubwo twari turi muri Hawaii, aho ikintu nk'icyo kigizwe n'amasaro cyangwa indabo kitwa *Lei* ndetse n'abagore b'abadiventiste aho hantu bacyambara kenshi.

Ella, umukobwa wa W. C. White, yabaye muri Australia mu myaka runaka ubwo madamu White yari ariyo, mu 1891-1900. Niba urwo runigi – cyangwa Lei – rwaraturutse muri Australia cyangwa hamwe mu birwa bagiye bahagararaho mu rugendo rwabo rwo gutaha mu rugo, ntabwo mbizi. Nyamara inkuru yasohotse ivuga ko madamu White yarumuguriye nta nyandiko nzi nashingiraho ngo nemeze ko ari iby'ukuri. Rero, iyi niyo nkuru y' "urunigi rwasizwe irangi."

Reba n'ikibazo n'igisubizo bikurikiraho.

## Ikibazo cya 19: Mbese umufotozi yigeze afotora Elina White yambaye umukufi w'izahabu? ("Ifoto ya Elina White afite umukufi w'izahabu n'agafashi")

*Umwe mu bo dufitanye isano ya bugufi utakiri umudiventiste nyamara wakuze ari umudiventiste, yatumye nibaza kuri Elina White. Yifashishije urubuga rwa murandasi nkaho arirwo rwatumye arekera aho kwizera inyigisho za Elina White. Kuri uru rubuga hariho ifoto ya Elina White yambaye umukufi w'izahabu n'agafashi k'umurimbo. Ni iki mwambwira kuri iyi foto?*

Narebye ku rubuga rwa murandasi wagaragaje hanyuma mbona ko rwifashishije ishami ry'abarinzi b'inyandiko za Elina White rya Andrews (soma Anduruzi) nk'isoko y'iyo foto. Ku ishami rya Andrews, dufite iyi foto muri alubumu twereka abantu badusura. Narebye kuri iyo foto kandi nabashaga kubona rwose ko atari umukufi w'izahabu Elina White yambaye, ahubwo ni umugozi ufite udufashi tw'icyuma kuri buri mpera. Igice cyo hejuru gifashe ku myambaro ye, bishoboka ko ari ku gipesu, kandi igice cyo hasi, nibwira ko gifashe ku isaha ibikwa mu mufuka yihishe mu gicucu kiri mu ifoto, bishoboka cyane ko yari iri mu mufuka.

Icyakora ifoto twerekana ni fotokopi. Ubwo rero nahisemo gushakisha hose kugira ndebe niba dufite iy'umwimerere, kandi koko narayibonye. iracyagaragaraho izina n'aderesi by'uwayifotoye. Iyo foto iragaragara rwose – ni umugozi, ntabwo ari umukufi w'izahabu.

Ntabwo nzi impamvu mu ifoto iri ku rubuga, bigaragara nk'aho washoboraga kuba ari umukufi. Nyamara, mu ifoto y'umwimerere, biragoye ko umuntu yabona umugozi uzengurutse ugana inyuma ku nkokora ye werekeza aho ugarukira, bishoboka cyane ko ari mu mufuka. Ariko ku rubuga rwa murandasi, umugozi uzengurutse urarabagirana cyane, nk'aho ari icyuma kibengerana. Ibi bituma ntekereza ko hari uwahinduye iyo foto kugira ngo bimere nk'aho yari yambaye umukufi.

Mu ifoto, madamu White yari yambaye agafashi gato aho ikora rye rifungirwa. Sintekereza ko ibi byari ibidasanzwe kuri we, kandi ntabwo bigaragara nk'ibyari ubwoko bw'umurimbo yari yaranenze. Ku bijyanye no kwambara agafashi *[a pin]*, yanditse ibikurikira mu ibaruwa yandikiye umukwe we n'umukazana we:

"umudamu witwa Kerr yanjyanye mu cyumba cye, hanyuma afungura igikarito kirimo ibintu bitandukanye bikoreshwa ku ijosi [udutambaro tubonerana tw'imitako, utumeze nk'urushundura, agashumi, cyangwa akandi kashoboraga gukoreshwaga mu cyimbo cy'ikora cyangwa umusozo w'ukuboko kw'ishati], kandi yifuzaga ko nakira ibiri muri icyo gikarito byose. Umugabo we ni umucuruzi muri Honolulu, kandi nubwo atari umwizera, ni umugabo ugira ubuntu cyane. Uwo mudamu yananyeretse ihariri *[silk]* ifite uburebure bwa yadi eshatu n'igice (metero eshatu n'ibice bibiri), buri yadi igura amadolari atatu kandi nasabwaga kuyikoramo uruhago [agakoti gato cyangwa umupira muto w'imbeho bindekuye, mbese bitampambiriye]. Nabonye ko yari yabyifuje cyane yuko ngomba kugira ibi bintu, kandi sinabashaga kubyanga ngo mbure kuba mutengushye cyane. Yari ihariri nziza yasagutse ku ikanzu yari afite. Yanampaye n'igitambaro cyo mu ijosi gikozwe mu ihariri, ampa n'agafashi k'amadolari icumi, kagizwe n'amabuye y'umweru, yoroheje kandi afite umumaro. Natekereje ko ntakwiye kukemera, nyamara byaramubabaje cyane, bituma amaherezo ngafata, kandi ndakambara guhera ubwo, kubera ko gafite umumaro kandi kakaba kabereye ijisho, kandi kakaba rwose katagendereye kwigaragaza. – ibaruwa ya 32a, 1891, p.2, 3. (kuri J. E. na Emma White, kuwa 7 Ukuboza, 1891.) *[Manuscript Releases, vol.8, p.449].*

Mu gihe nsoma ayo magambo, mbonamo ibintu bitatu dukwiriye kugenzura mu gihe dukoresha ibintu nk'ibyo. Ikintu nk'ikingiki kigomba kuba *gikora umurimo ukenewe,* kigomba kuba *kibereye ijisho,* kandi kikaba cyoroheje rwose *kitagamije kwigaragaza.* Ibyo kuri njye mbibona nk'amahame meza ya gikristo. Kandi usībye ibirego by'urwo rubuga bivugwa kuri iyo foto wavuzeho, imyambarire ya madamu White muri iyo foto ihuje n'aya mahame.

Reba n'ikibazo n'igisubizo bibanziriza ibi.

## Ikibazo cya 20: Mbese Elina White yigeze anenga ihame ry’ubutatu bwera? (“Abapayiniya n’ubutatu bwera”)

*Ndi kwibaza ku bijyanye n’ubutatu. Mfite incuti yahoraga impa inyandiko ngufi nyinshi zivuga ko gutekereza Umwuka Wera nk’uwa gatatu mu bagize ubutatu bwera biteye akaga, kandi ko abadiventiste bahoze batemerera iyi myumvire. Avuga ko Elina na James White batizeraga iby’ubutatu bwera. Mbese mwamfasha gusobanukirwa icyo amahame yacu ari cyo n’icyo yari cyo mu gihe cyashize?*

James White ntiyari kwibara ubwe nk’uwizera ubutatu bwera, kandi n’abandi bo mu bapayiniya [abatangije itorero] bacu ba mbere ntibari kubikora. Byibura mu bihe bimwe na bimwe (James White na we abariwemo), bagaragara nk’abigeze kujya bahakana igitekerezo, uko bigaragara cyari gifitwe na bamwe mu bizera iby’ubutatu bwera, yuko muby’ukuri Imana mu ari Umwe wagiye agaragara mu bihe bitandukanye byo kubaho kw’isi, nka Data cyangwa Umwana cyangwa Umwuka Wera. James White yizeraga ko bari batandukanye, kugira ngo I Getsemani ndetse no ku musaraba, Umwana abe yarashoboraga mu by’ukuri gusenga Data, aho kwisenga ubwe.

Icyakora, amagambo menshi ya madamu White ashyigikira uguhoraho, imiterere yo kubaho bwite k’Umwana no kubaho kuzuye kwa Mwuka Wera. Amwe muri ayo magambo yakusanyirijwe mu buryo bunoze mu gitabo cy’ *Ivugabutumwa, p.473-476.* Nandukuye amwe muri yo, ndetse n’amagambo yo mu gitabo cy’ *Uwifuzwa ibihe byose* ku musozo w’iki gisubizo.

Nyamara, nk’uko amagambo ya madamu White asobanutse neza ari, Bibiliya ni yo soko y’ihame rya kidiventiste ryo kwizera ubutatu bwera. Imirongo myinshi ibihamya muri Bibiliya, ishyigikira mu buryo bushikamye iri hame. Birumvikana ko Data we nta kumushidikanyaho guhari – ari ku rutonde rwa buri wese nk’Imana. Ariko kandi Bibiliya ishyira Yesu ku rwego rumwe n’Imana. Urugero, reka turebe amasomo akurikira: “Ariko arabasubiza ati ‘Data arakora kugeza n'ubu, nanjye ndakora. Ni cyo cyatumye Abayuda barushaho gushaka kumwica, kuko uretse kuzirura isabato gusa, ahubwo ahora yita n'Imana ko ari Se bwite, akigereranya na Yo.’” *(Yohana 5:17-18); “*Yesu arababwira ati ‘Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko Aburahamu ataravuka, Ndiho.” Nuko batora amabuye yo kumutera, ariko Yesu arihisha asohoka mu rusengero.*’” (Yohana 8:58-59); “*Uwo nubwo yabanje kugira

akamero k'Imana, ntiyatekereje yuko guhwana n'Imana ari ikintu cyo kugundirwa*"* *(Abafilipi 2:6).* Hari n'andi masomo menshi yita Yesu "Umwami," ari ryo jambo ryakoreshejwe mu isemura ry'ikigiriki ry'isezerano rya kera mu kuvuga Imana. Mu buryo nk'ubwo, Umwuka wera yitwa undi wihariye kandi ashyirwa ku rwego rumwe n'Imana. Urugero ni iri somo rivuga ngo: "Petero aramubaza ati 'Ananiya, ni iki gitumye Satani yuzuza umutima wawe kubeshya Umwuka Wera, ukīsigariza igice cy'ibiguzi by'isambu? Ukiyifite ntiyari iyawe? Kandi umaze kuyigura, ibiguzi byayo ntibyari ibyawe ubyigengaho? Ni iki gitumye wigīra inama yo gukora utyo? Si abantu ubeshye, ahubwo Imana ni yo ubeshye.'" muri iri somo, Umwuka wera agaragazwa nk'undi wihariye kubera ko ashobora kubeshywa, kandi uko kubeshya Mwuka Wera kwahwanyijwe no kubeshya Imana.

Rero, Bibiliya yerekana ko Data, Umwana n'Umwuka Wera ari batatu batandukanye, nyamara kandi inavuga ko hariho Imana imwe (nkuko biri mu Gutegekwa kwa kabiri 6:4. Haravuga ngo "*Umva wa bwoko bw'Abisirayeli we, Uwiteka Imana yacu ni we Uwiteka wenyine."* Mbese ibi twabisobanura dute? Mu by'ukuri, birenze ibyo ubwenge bw'umuntu bubasha gusobanukirwa – nyamara ibyo ntibikwiriye kudutangaza, kubera ko nubundi uko byamera kose, Imana ikomeye cyane birenze ibyo intekerezo zacu zibasha gushyikira. Tugaragaza ukuri kwa Bibiliya ku bijyanye n'Imana dukoresheje ijambo *Ubutatu Bwera,* ari ryo risobanuye ubumwe bwa batatu. Ntabwo nabasha kubona uburyo buhagije bwo gusobanura ubuhamya bwose Bibiliya itanga kuruta ubwo nakoresheje, ni yo mpamvu nizera ihame ry'Ubutatu bwera.

Amwe mu magambo ya Elina White:

Hari abatatu bariho mu Butatu bwo mu ijuru; mu izina ry'izi mbaraga eshatu zikomeye – Data, Umwana n'Umwuka Wera – abakira Kristo kubwo kwizera kuzima ni yo babatirizwamo…. *(Special Testimonies, Series B, nimero ya 7, p.62, 63 mu 1905) ….*

Kristo ni umwana w'Imana wahozeho kandi wibeshejeho… Mu kuvuga ibyo guhoraho kwe, Kristo yerekeza ubwenge bwacu mu bihe bya kera bitagira itangiriro. Atwizeza ko hatigeze kubaho na rimwe igihe atāri mu mushyikirano wa bugufi n'Imana ihoraho…. – *Signs of the Times, kuwa 29 kanama, 1900….*

Yari ahwanye n'Imana, itagira iherezo kandi ishoborabyose… ni umwana w'Imana uhoraho kandi wibeshejeho. – *Manuscript 101, 1897….*

Mu gihe ijambo ry'Imana rivuga ku bumuntu bwa Kristo ubwo yari ari ku isi, rinavuga mu buryo budaciye ku ruhande ibijyanye no guhoraho kwe. Jambo yahoranye ubumana, yari umwana uhoraho w'Imana, yunze ubumwe kandi ari umwe na Se. Uhereye mu bihe by'iteka ryose yari Umuhuza w'isezerano, uwo amahanga yose yo mu isi, abayuda ndetse n'abanyamahanga, mu gihe bamwemeye, bagombaga guherwamo umugisha. "Jambo yahoranye n'Imana, kandi Jambo yari Imana." Mbere yuko abantu cyangwa abamarayika baremwa, Jambo yari kumwe n'Imana, kandi yari Imana. – *Urwibutso n'integuza, kuwa 5 Mata, 1906….*

Yesu yaravuze ati, "ni jye kuzuka n'ubugingo." Muri Kristo harimo ubugingo bw'inkomoko butari intizo, kandi ntawe abusaba. "Ufite uwo Mwana afite ubugingo." Ubumana bwa Kristo buha umwizera ibyiringiro by'ubugingo buhoraho. – *Uwifuzwa ibihe byose, p.499[soft].*

Dukwiriye gusobanukirwa yuko Umwuka Wera ari Imana rwose, kandi agendagenda aha turi. – *Manuscript 66, 1899.* (byavuye mu kiganiro Elina White yagiranye n'abanyeshuri, mu ishuri ryitwa Avondale) ….

Umwuka Wera afite impagarike imuranga kuko bitameze bityo, ntiyashobora guhamiriza umwuka wacu no guhamanya na wo ko turi abana b'Imana. Umwuka Wera agomba na none kuba ari Imana kuko bitameze bityo ntiyashobora guhishura amabanga ari mu ntekerezo z'Imana. Ibyanditswe biravuga biti: "Mbese ni nde mu bantu wamenya ibyo undi atekereza, keretse umwuka wa wa wundi umurimo? N'iby'Imana niko biri, nta wabimenya keretse Umwuka wayo." – *Manuscript* 20, 1906. [Amagambo ari hejuru ya Elina White, yose aboneka mu gitabo cy'*Ivugabutumwa*, p.473-476].

Kurwanya icyaha no kugitsinda nta kundi byajyaga gushoboka bidatewe n'uwa gatatu mu bumana; kuko atajyaga kuzanwa n'ubushobozi buke, ahubwo yajyaga kwerekana ubwuzure bw'imbaraga y'Imana. Umwuka ni wo udushoboza kungukira mu murimo wakozwe n'Umucunguzi w'isi. *(Uwifuzwa ibihe byose, p.636[soft]).*

Reba n'ikibazo n'igisubizo bikurikiraho.

## Ikibazo cya 21: Mbese hari uwigeze ashyira amagambo y'ubutatu bwera mu bitabo bya Elina White, rwihishwa? ("Ikibazo kijyanye no kuba inyandiko zarahinduwe")

*Hano hari itsinda ry'abantu barimo kwanga ihame ry'ubutatu bwera kandi bakavuga ko icyo ari cyo cyose kiboneka mu nyandiko za madamu White kivuga ko hariho batatu mu bumana, cyongewemo na mwenedata Froom (soma Furumu) nyuma yo gupfa kwa madamu White. Bavuga ko ayo magambo atabonekaga mu nyandiko z'umwimerere. Aba bantu kandi bambwira ko ndamutse ntaretse iri hame, agakiza kanjye kaba kari mu kaga. Impamvu batanga, ni uko bavuga ko mba ndi gusenga izindi mana, kandi kubw'ibyo, mba ndi kwica itegeko rya mbere ry'Imana. Nkeneye kumenya niba ibyo bavuga ku guhindurwa kw'inyandiko za madamu White kugira ngo zibone uko zishyirwamo iyi nyigisho, ari ukuri.*

Birambabaza kubona ukuntu abantu bazagerageza kwitirira abandi inyandiko za madamu White, igihe izo nyandiko zitemeranya n'ibitekerezo byabo bwite. Mwenedata Froom nta burenganzira yari afite bwo guhindura inyandiko za madamu White nyuma y'urupfu rwe, kandi abarinzi b'inyandiko ze, harimo W. C. White na Arthur L. White nyuma ya Froom, ntibigeze bemerera ibintu nk'ibyo gukorwa.

Birashoboka ko uzi iyegeranwa ry'amagambo agaragaza ibijyanye n'ubutatu bwera, riboneka mu gitabo cyitwa *Ivugabutumwa,* kuri paje *473-476.* Bimwe mu byavuzwe muri ayo magambo, ku bumana n'imiterere bwite yihariye y'Umwuka Wera, biboneka kuri paje ya 476. Abahakana ihame ry'ubutatu bwera, ahanini bavuga ko Umwuka wera atari umwe ukwe, akaba n'umunyamuryango wihariye mu bumana; ko ahubwo ari ukwigaragaza mu buryo runaka kw'imbaraga cyangwa imiterere y'Imana. Amagambo ya madamu White ahabanye rwose n'iyo myumvire.

Mbese yigeze abyandika? Ushobora kubisanga mu nyandiko ze bwite yandikishije intoki ku rubuga rwacu rwa murandasi. Kuri paje ibanza, kanda ahanditse ngo"From the Vault" mu nguni yo hasi y'iburyo. Hanyuma ibyo bakwereka ubizamure ugeze ku ndiba yabyo kugira ngo ubone ibyabanje bibasha kuhaboneka. Kanda kuri linki yitwa"Blank Diary/Journals" hanyuma irakujyana ku ifoto y'iyi nyandiko yanditswe bwite n'ikiganza cya madamu White. Kanda kuri iyo

foto kugira ngo ibe nini hanyuma ubashe kuyisoma bikoroheye. Ntabwo byigeze bituruka kuri mwenedata Froom.

Ihangane kuba warahuye n'iyi ngorane. Imana iguhe ubuntu bwo kugendera mu kuri no kubikora mu mwuka ukwiriye.

## ("Ikibazo kijyanye no kuba inyandiko zarahinduwe [2]")

*Mbese birashoboka kubona n'andi magambo mu nyandiko z'umwimerere? Ndi kwerekeza ku yandi magambo aboneka mu gitabo cy'Ivugabutumwa: Ibihamya byihariye, urukurikirane rwa B, nimero ya 7, p.62,63: "Hari abatatu bariho mu butatu bwo mu ijuru"; Manuscript 66, 1899: "Dukwiriye gusobanukirwa yuko Umwuka Wera ari Imana rwose, kandi agendagenda aha turi."; Ibihamya byihariye, urukurikirane rwa A, nimero ya 10, p.37(1897): "Umwami w'imbaraga z'ikibi ashobora gutsindwa gusa n'imbaraga y'Imana mu wa gatatu mu bagize Ubumana ari we Mwuka Wera."; Ibihamya byihariye, urukurikirane rwa B, nimero ya 7, p.51: "Dukwiriye gufatanya n'abanyabubasha buheranije batatu bo mu ijuru, aribo Data, Umwana n'Umwuka Wera. Kandi abo banyabubasha bazadukoreramo, baduhindure abakozi bafatanya n'Imana."*

Ukeneye kumenya imiterere y'ibyo urimo kugerageza gukora. Abafata ikibazo cy'ubutatu bwera, bakakigira ikibazo cy'ubugingo n'urupfu, bagomba kurema imvugo y'uko hari umugambi wateguriwe mu rwihisho (conspiracy theory), kugira ngo bagumane imyizerere yabo. Muri ubu buryo, bemera ko mwenedata Froom ari we mugambanyi w'ibanze wahinduye inyandiko za madamu White, kugira ngo hatagira n'umwe wizera inyandiko zacapwe. Ni ibidashoboka kubona uko uhakana inyigisho z'ubuhemu mpimbano (Imvugo y'uko hari umugambi wateguriwe mu rwihisho [conspiracy theory]), kubera ko abifuza gukomeza kuzizera bahita rwose bagūra izo nyigisho zabo kugira ngo bagaragaze ko n'ababereka ibihamya bibavuguruza bafite aho bahuriye na zo. Mu myumvire yabo, byose birimo amakosa. Ikitarimo ikosa ni igitekerezo cyabo bwite.

Bimwe mu byo wabajijeho, nta kabuza, ni inyandiko zasohotse mu icapiro. Ibihamya byihariye, urukirikirane rwa B, nimero ya 7, cyacapwe mu 1906 hanyuma byongera gusohoka incuro ya kabiri mu rukurikirane rwa B bikozwe n'icapiro ryitwa

“ibitabo by’ ‘ibibabi-by’umuhindo.’” Ibi ndabivuze kubera ko mwenedata Froom yavutse mu 1890, kandi ubwo iyi nyandiko yacapwaga bwa mbere, yari afite imyaka cumi n’itandatu y’ubukuru. Biragaragara ko rero muri icyo gihe atigeze ahindura iyo nyandiko, kandi ibiboneka mu *Ivugabutumwa* byerekana ijambo ku ijambo ry’ibyari byaranditswe muri iyo nyandiko mu 1906. Nagenzuye ubwanjye amagambo wabajijeho ajyanye na paje 51, 62, na 63, nkuko uwo ari we wese yabikora ku muzingo wongeye gucapwa n’icapiro ry’Ibibabi-by’Umuhindo. Kandi nanagenzuye amagambo wabajijeho aboneka mu rukurikirane rwa A, nimero ya 10, paje ya 37. Wabyanditse neza rwose nkuko bigaragara muri icyo gitabo. Nkuko wabigaragaje, ibi byacapwe mu 1897. Mwenedata Froom yari afite imyaka irindwi y’ubukuru muri icyo gihe.

Reba n’ikibazo n’igisubizo bikurikiraho.

## Ikibazo cya 22: Mbese ibitabo by'ingenzi cyane Elina White yanditse, byarahinduwe? ("Ibitabo byarahinduwe?")

*Mbese mufite igisubizo nyakuri ku birego bivuga ko ibitabo by'ingenzi bya Elina White, byahinduwe?*

Umwanditsi wavugagaho, ari we wavuze ko itorero ryakoze impinduka mu nyandiko za madamu White, bisa nkaho afite byinshi yitiranyije. Ibikorwa by'Inteko nkuru rusange yashingiyeho yerekana ko ubuyobozi bwahinduye *Intambara ikomeye,* mu by'ukuri byabaye umwaka umwe mbere yuko n'ingeri yashimye y'*Intambara ikomeye* yandikwa! Ni gute bari kwemeza guhindura icyo gitabo mbere yuko Elina White acyandika?

Mu by'ukuri, icyemezo yagaragaje ntaho cyagombaga guhurira n' *Intambara ikomeye.* Cyari kugira aho gihurira n' *Ibihamya.* Hano tuhafite inyandiko zose z'umwimerere z' *Ibihamya,* kandi ubwira bwakoreshejwe mu gucapa iza mbere (ari na zo igikorwa cy'Inteko nkuru rusange kivugwaho) burigaragaza. Zari zikeneye amakosorwa kugira ngo zigere ku rugero rwemewe. Inteko nkuru rusange yavuze yeruye ibyo yizera, ko guhumekerwa kwāguka kukagera ku bitekerezo by'umwanditsi aho kuba ari ukubwira umwanditsi amagambo nyirizina asabwa gukoresha. Ibi ni nabyo madamu White yizeraga. Ntabwo yigeze agaya iryo subirwamo. Uwo murimo ahanini wakozwe na Marian Davis.

Ushobora kubona ibyo madamu White yandikiye Uriah Smith bijyanye no gusubirwamo kw' *Ibihamya* mu *Selected Messages, vol 3, p.96-98.* Ndaza gukoresha hano ibice by'igika cya gatatu biboneka kuri paje ya 97:

Uko bishoboka kose, buri futi rigomba gukurwa mu nyandiko zacu zose. Nkuko ukuri kugomba guhishurwa kandi kumamara, igisabwa cyose kigomba kwitabwaho kugira ngo inyandiko zisohoka zibe ziboneye rwose…

Mu gihe ururimi rutakoreshejwe mu buryo burushijeho kuba bwiza nk'uko bikwiriye, ndifuza ko bikosorwa kandi amakosa y'ikibonezamvugo akavanwamo, kuko nizera ko bigomba gukorwa aho bishoboka hose mu gihe bidahindura ibyavugwaga…

Ubwenge bwanjye bwahuye kenshi n'ikibazo cy' *Ibihamya* byasubiwemo. Twabisuzumanye ubushishozi. Ntabwo nshobora kubona iyo ngingo nkuko bene data bayibona. Ntekereza ko impinduka zizateza imbere igitabo. Niba abanzi bacu babifiteho ikibazo, mureke bakigire.

Hanyuma se, bite ku bijyanye n' *Intambara ikomeye?* Mu by'ukuri, ingeri yasohotse mu 1884 ubwayo yari ugusubirwamo kw'iyambere. *Intambara ikomeye* ya madamu White yari ifite paje 219 kandi yasohotse mu 1858. Yaheraga ku nkuru yo kugwa kwa Lusiferi, ikageza ku iherezo ry'igihe. Uyu munsi, tuyita *Impano z'umwuka,* igitabo cya 1. Madamu White yāguye iyo nkuru mu gitabo cya 3 n'icya 4, kandi byasohotse mu 1864. Hanyuma mu myaka ya 1870, yatangiye urugendo rwo kurushaho kubyāgura. Yasohoye umuzingo wa mbere kugeza kuwa gatatu w' igitabo noneho cyitwa *Umwuka w'ubuhanuzi* ahagana mu myaka ya 1870, nyamara umuzingo wa kane ndetse n'uwa nyuma ntabwo byigeze bisohoka kugeza mu 1884. Iki ni cyo gitabo abanditsi bajorana basa nk'aho bibabazaho cyane. Kirimo inkuru z'igihe kimwe n'iz'ikiri mu *Ntambara ikomeye* dukoresha ubu, nyamara cyo gifite paje nkeya, kandi nta busobanuro bwimbitse bukirimo.

Ubwo ababwiririsha ubutumwa ibitabo [abakoluporuteri] batangiraga kugurisha iki gitabo ku bantu benshi muri rusange, madamu White yatekereje ko byarushaho kuba ingenzi kuvuga inkuru mu buryo buteguwe neza kugira ngo abatari abadiventiste babashe gusobanukirwa ibivugwa. Mu gihe yari mu Burayi mu 1885-1887, yanāguye mu buryo bugaragara igice cy'icyo gitabo cyari gifitanye isano n'ibyari byarabereye ku mugabane w'Uburayi. Icyavuyemo ni ingeri yo mu 1888 y' *Intambara ikomeye.* Mu 1911, yasubiyemo icyo gitabo kugira ngo anonosore ibijyanye no kwerekana inkomoko y'amagambo yabaga yakoreshejwe, no gukuramo ingingo zishobora guteza urujijo rutari ngombwa. Ahanini, iyi niyo ngeri dukoresha uyu munsi.

Mbese Uriah Smith yigeze akora uyu murimo rwihishwa mu 1888 cyangwa 1911 nkuko abanditsi bajorana bashobora gutuma umuntu abyanzura atyo? Hoya. Mu by'ukuri, bitewe nuko Smith yapfuye mu 1903, ntabwo yigeze rwose agira uruhare mu ngeri ya 1911. Muri aho hombi, itsinda bwite rya madamu White ni ryo ryakoze uwo murimo rireberewe na we. Ni we wagenzuraga bwa nyuma kandi akemeza impinduka zabaga zakozwe.

Nubwo bamwe bavuga ko ingeri yo mu 1884 ari yo yonyine igaragaza uruhande madamu White yari ahagazemo ku ngingo zanditswemo, byakubera ingenzi usomye icyo yavuze ku ngeri zaje nyuma zimaze gusubirwamo. Ibi biboneka muri *Selected messages,* vol.3, p.113. Iki gice kitwa "Kwagura iyerekanwa ry'intambara ikomeye":

Mu itegurwa ry'iki gitabo, abakozi b'abahanga bahawe akazi kandi amafaranga menshi yaratanzwe kugira ngo ino ngeri izagezwe ku batuye isi, yanditswe mu buryo bwayo bwiza bushoboka…

Imana yanteye kwandika iki gitabo, kugira ngo hatabayeho gutinda, kizabashe gukwirakwizwa muri buri gice cyose cyo ku isi, bitewe nuko imiburo ikirimo ari ingenzi mu gutegurira abantu guhagarara mu munsi w'umwami. – Manuscript 24, 1891.

Niba ufite ibyo wibaza kuri iki kibazo, waba ugize neza usomye icyo gice cyose muri *Selected Messages,* vol.3, ndetse no muri *Appendix A,* ibonekamo ubusobanuro bwa W. C. White ku mpamvu y'ayo masubirwamo yakozwe. Zirikana kandi ko madamu White afite icyo yavuze ku ngeri yo mu 1911 y' *Intambara ikomeye:*

Mu minsi mike ishize, nakiriye kopi y'ingeri nshya y'igitabo cy'Intambara ikomeye yacapwe vuba aha n'icapiro rya Mountain View, ndetse na kopi ihuje na yo yacapiwe i Washington. Iki gitabo cyaranejeje. Nafashe amasaha menshi ndi kugenzura amapaje yacyo, kandi mbona ko inzu z'icapiro zakoze umurimo mwiza.

Igitabo cy' *Intambara ikomeye,* ndacyishimira kuruta ifeza n'izahabu, kandi nifuza cyane ko kizagezwa imbere y'abantu. Mu gihe nabaga ndi kwandika n'intoki igitabo cy'Intambara ikomeye, akenshi nabashaga kubona ko ndi kumwe n'abamarayika b'Imana. Kandi incuro nyinshi, ibintu nabaga ndi kwandikaho narongeraga nkabibona bushya mu iyerekwa rya nijoro, kugira ngo byongere kugaruka neza uko byakabaye mu bwenge bwanjye. (*Selected Messages,* vol.3, p.123)

Biragaragara ko madamu White yabonaga ingeri *y' Intambara ikomeye* yo mu 1911, mu buryo butandukanye n'ubwo abanditsi bajorana bagaragaje. Mbese tuzizera nde? Njye nishimira guha agaciro icyo umwanditsi yavuze ku gitabo, kuruta ibyo abamujora bavuze.

Icyitonderwa: mu 1950, abagize komite y'abarinzi b'inyandiko za Elina White bemeje ko imvugo zerekana igihe zihindurwa izitakigaragaza – urugero, guhindura imvugo nk "imyaka magana ane ishize" ikaba "mu binyejana bishize," n'ayandi n'ayandi. Kandi vuba aha, iyo komite yemeje gukuramo ijambo *imibonano* mu gitabo cyo *Kugana Yesu* no mu bindi bitabo nkuko bigenda byongera gucapwa – kuko mbere ryumvikanaga nko "guhinduranya" cyangwa "kugirana itumanaho" nyamara ubu ahanini rifitanye isano n'igikorwa cyo kuryamana.

## Ikibazo cya 23: Mbese dushobora kugirira icyizere inyandiko zakusanyijwe? ("Inyandiko zakusanyijwe no gukoresha inyandiko za Elina White")

*Ijoro rimwe, pasitoro wacu yatumiye mwenedata wo muri konferanse yacu, ngo babane mu nama y'abakuru b'itorero. Muri iyi nama, uyu mwenedata yavuze ko ari kwiyumvamo ko iyaba madamu White yari ari hano, yari kwemeza ko hafi mirongo icyenda ku ijana by'inyandiko ze, birimo gukoreshwa nabi. Yagaragaje ibitabo bigizwe n'inyandiko zakusanyijwe, aho yavuze ku gitabo cy'Ubutumwa ku Basore. Icyo yashakaga kuvuga, ni uko inyandiko zakusanyijwe zitashobora kwizerwa – ko ibiri muri ibi bitabo byakuwe mu cyerekezo nyirizina cy'ibyavugwagaho mu bitabo by'umwimerere, kandi ko ibyinshi muri byo biboneka mu mabaruwa yandikiwe gusa abantu yohererejwe aho kuba undi uwo ari we wese. Mbese imyumvire ye ni ukuri? Mbese ibitabo bigizwe n'inyandiko zakusanyijwe, byakuwe mu mu cyerekezo nyirizina cy'ibyavugwagaho mu bitabo by'umwimerere? mbese dukwiye kurekera aho kubikoresha?*

Mu by'ukuri hari ibintu bibiri bikubiye mu magambo wagaragaje. Icyambere: mbese madamu White yari gushyigikira ko hakorwa ikusanya ry'inyandiko ze, ndetse no mu zitaracapwe? Kandi icya kabiri ni iki: mbese ikusanya ry'inyandiko ze ryakozwe neza, rigaragaza mu by'ukuri ubusobanuro nyirizina madamu White yavugagaho mu nyandiko z'umwimerere ndetse n'uruhande nyakuri yari ahagazemo ku ngingo runaka iri kuvugwaho muri ibyo bitabo?

Madamu White yadusubirije ikibazo cya mbere. Mu cyifuzo cye, kimwe mu bintu bitatu yasabye abarinzi b'inyandiko ze by'umwihariko ku bigendanye n'inyandiko ze, cyari ukubona "gucapwa kw'amakusanya yo mu byo yandikishije intoki." Ubwo rero abifuza kuvuga ko gucapa amakusanya y'inyandiko ari ugukoresha mu buryo butemewe inyandiko ze, baba bavuguruza mu buryo butaziguye ibyo we ubwe yisabiye abarinzi b'inyandiko ze. (Ushobora kubona icyifuzo cye mu gitabo cya Herbert E. Douglass kitwa *Messenger of the Lord,* kandi kibasha kuboneka ku rubuga rwa murandasi rw'abarinzi b'inyandiko za Elina White.)

Ikibazo cya kabiri, kibaza niba amakusanya yarakozwe neza, ndashaka kugira icyo nkivugaho. Nzi yuko umurimo wo gukora igitabo gishya cy'inyandiko zikusanyijwe, abarinzi b'inyandiko za madamu White bawuha abantu bizewe mu

bumenyi no gusobanukirwa byimbitse inyandiko za madamu White. Iyo inyandiko imaze kwandikwa, uretse kuyisoma ubwabo, banashaka abandi bantu bafite ubumenyi, kugira ngo na bo bayisome bafite intego yo gusuzuma niba nta kutuzuzanya, kubogama, cyangwa kuburamo kw'amagambo runaka yari kugira uruhare runini ku gaciro k'umurimo wakozwe. Igihe gusa babaga banyuzwe nuko iyo nyandiko igaragaza amagambo ya madamu White mu buryo bw'ukuri, kandi bakabona ko izagira uruhare rukomeye ku buzima bw'itorero, nibwo bayoherezaga mu icapiro.

Numvise abantu benshi batandukanye banenga igitabo cy' *Ubutumwa ku Basore.* Kandi nanumvise abandi bavuga uburyo icyo gitabo cyari gisobanuye byinshi kuri bo, by'umwihariko nk'abasore.  Icyo mbona ni uko kugawa kw'igice kinini cy'icyo gitabo gukomoka mu kuba kibwira abantu ukuri baba badashaka kumva. Umuntu aramutse ahaye icyo gitabo umusore w'icyigomeke, akabikora yibwira ko kizamugorora, ahari byashoboka ko kitakwakirwa neza. Mu buryo nk'ubwo, na Bibiliya ntiyakwakirwa neza. Nyamara ku basore bashaka gukuza isano bafitanye na Yesu kandi bakamugaragaza neza biruseho, icyo gitabo ni umugisha ukomeye kuri bo. Mu magambo yo hambere baravuga ngo, izuba rishongesha ibishashara, ni naryo ryumisha ibumba rigakomera.

Elina White yakoresheje amabaruwa ye yandikiye abantu ku giti cyabo mu *Bihamya,* kuko yakiriye ubutumwa mvajuru buvuga ko inama yahawe umuntu umwe yari kugirira abandi umumaro. Ubwo rero, kunenga amakusanya y'inyandiko ushingiye ku kuba zirimo amagambo yabaga yarandikiwe bwa mbere umuntu runaka wihariye, igisubizo cyabyo tugisanga mubyo madamu White ubwe yakoraga. Aho amagambo yakoreshejwe mu makusanya yabaga yakuwe, buri gihe hagiye hagaragazwa, kugira ngo abasomyi bazashobore kugenzura icyerekezo cy'ibyavugwagaho.

## Ikibazo cya 24: Kubera iki ibyo Elina White yanditse byose, bitigeze bicapwa? ("Inyandiko zitacapwe")

*Ndashaka guha ishimwe ryanjye Umwami Yesu Kristo, kubwo kuduha umugisha binyuze mu nyandiko za madamu White. Ntabwo nshobora kubona uburyo buhagije bwo kubivugamo! Mbese hari ikusanya ry'inyandiko rihari, ririmo inyandiko ze zitacapwe? Mbese kubera iki ibyo yanditse byose bitigeze bicapwa? Nifuza rwose gusoma ibyo yanditse, uko byaba bimeze kose.*

Abarinzi b'inyandiko za Elina White, batangiye umushinga w'igihe kirekire wo gucapa ikusanya ryuzuye, ririmo amabaruwa madamu White yanditse n'ibyo yandikishije intoki. Ibyinshi muri byo byamaze gucapwa mu nyandiko yashyize hanze ubwo yari akiraho, ndetse no mu makusanya y'inyandiko yagiye acapwa n'abarinzi b'inyandiko ze uhereye igihe yari amaze gupfa. Nyamara uyu mushinga uzamurika izo nyandiko mu buryo bukurikiranye kandi bwuzuye, zifite n'ubusobanuro nyongera bwo gufasha umusomyi kumenya uri kwandikirwa uwo ari we, uwavuzweho ndetse n'uko ibintu byari bimeze, mu buryo bwose tuzabasha kubigiraho amakuru. Byari byarateganijwe ko umuzingo wa mbere, ukubiyemo inyandiko zo mu 1845 kugeza mu 1859, uzashyirwa hanze mu ntangiriro za 2009. Nyuma y'aho indi mizingo na yo yagombaga gukurikiraho.

Wabajije impamvu byose bitigeze bicapwa mbere. Madamu White ntiyigeze na rimwe agambirira ko izi nyandiko zose zicapwa. Zimwe muri zo, zavugaga mu buryo bweruye ugutsindwa kw'abandi – ari cyo kintu atifuzaga ko kijya mu ruhame. Nyamara uko imyaka yagiye ihita, ibyinshi muri ibi byaracapwe, ariko ntihagaragajwe abavugwagaho abo ari bo. Icyakora kuri iyi ngingo, haciyeho igihe gihagije, kuburyo nta mahirwe ahari yo kuba byagira uwo bikomeretsa, kubwo gushyira ahagaragara ibi bintu; kandi inama zirimo zishobora gufasha abandi mu buryo bwiza cyane, mu bihe runaka bitari bimwe.

Indi mpamvu abarinzi b'inyandiko za madamu White batigeze bacapa buri kimwe cyose mbere y'ibi, ni uko harimo ibyagiye byandikwa incuro zirenze imwe kandi bisa: inama yandikiye umuntu umwe, yashoboraga no kuba yarayandikiye undi, kandi gucapa birahenze. Uretse n'ibyo, tubona rwose ko gushyira ahagaragara ibyo yanditse byose ari umurimo w'ingenzi kandi ukwiriye – ari byo gucapa inama ze mu buryo bwuzuye bukurikiwe n'ubusobanuro nyongēra.

## Ikibazo cya 25: Mbese amafaranga yavuye mu bitabo bya Elina White yagiye hehe? ("Ni gute Elina White yasize atoranyije abarinzi b'inyandiko ze")

*Mbese madamu White yabonaga inyungu ituruka mu nyandiko ze? Cyangwa yose uko yakabaye yahabwaga itorero? Mbese umurimo wo kurinda inyandiko ze yawusigiye umuryango we? Cyangwa yawusigiye itorero?*

Madamu White yakoreshaga amafaranga aturuka mu nyandiko ze, kugira ngo yishyure ibikenerwa n'itsinda ry'abamufashaga, kwishyura iyandikwa n'icapwa ry'ibitabo bye. Mu gihe cye, amazu y'icapiro ntabwo yishyuraga ibi bintu. Yanakoreshaga amafaranga aturuka mu nyandiko ze mu gufasha ibigo bitandukanye by'itorero. Itorero ryamuhaga umushahara – bwa mbere, twawugereranya n'uhabwa umugabura wejejwe *(ordained minister)*, naho nyuma y'urupfu rw'umugabo we, yahabwaga uwo twagereranya n'uhabwa umuyobozi w'itorero *(church administrator)* – ubwo rero, ntabwo yagombaga gutungwa n'ibiva mu nyandiko ze byonyine.

Madamu White ntabwo yigeze asigira umuryango we cyangwa itorero umurimo wo kurinda inyandiko ze. Yawusigiye abo yahisemo batanu agendeye kubyo yifuzaga, kandi abaha amabwiriza asobanutse ajyanye n'ibyo bagombaga gukorera inyandiko ze, ndetse n'uburyo bajyaga gukoresha inyungu izava mu nyandiko ze. Ubwo yari amaze gupfa, amabwiriza yasize atanze yatumaga umuryango we n'abakozi be ba hafi bagira icyo babona kivuye mu bintu bye, harimo n'amafaranga runaka yakomezaga kuza akomotse mu nyandiko ze. Nyamara, ubwo yapfaga, abarinzi b'inyandiko ze bari bafite amadeni menshi aruta amafaranga afatika, mu ruhande rumwe byari bitewe n'uko madamu White yari yaragujije amafaranga kugira ngo ashyigikire ibikorwa by'itorero byari biyakeneye. Rero, ibyo yari yarasabye ko bigomba kuzahabwa abandi, ntabwo bayashoboraga guhita biboneka ubwo yapfaga. Abarinzi b'inyandiko ze bumvikanye n'Inteko nkuru rusange kugira ngo ibagurize amafaranga yari akenewe, kandi azishyurwe hariho n'inyungu, hifashishijwe inyungu iva mu bitabo bya madamu White; kandi kuba mu madeni kwaje kurangira rwose, amadeni yose arishyurwa uko yakabaye. Mu buryo bwiza kandi buciye mu mucyo, abarinzi b'inyandiko ze bagennye ibizajya bifasha abo madamu White yari yaravuze. Hanyuma y'ibyo, nta munyamuryango cyangwa undi

muntu uwo ari we wese wongeye kubona ku nyungu ituruka mu bitabo bya madamu White.

Nyuma y'urupfu rw'umuhungu wa madamu White witwa W. C. White, abarinzi b'inyandiko ze bumvikanye n'Inteko nkuru rusange, ko izajya ibaha amafaranga azakoreshwa mu mwaka wose mu murimo wabo, ariko na bo bakazana inyungu yavuye mu bitabo bya madamu White, ikaba umutungo bwite w'Inteko nkuru rusange. Ubu bwumvikane buracyariho na bugingo n'ubu. Amafaranga atangwa n'Inteko nkuru rusange aruta cyane inyungu iva mu nyandiko za madamu White yakira.

(Uzabona amakuru yisumbuyeho ajyanye n'iby'umutungo wa Elina White ku rubuga rwa murandasi rwitwa "www.WhiteEstate.org" uzarebe ku gice kitwa "Issues & Answers [Ibintu bitandukanye & Ibisubizo]", munsi ya "Questions and Answers About Ellen G. White [Ibibazo n'ibisubizo kuri Elina G. White]". Ushobora gusoma amagambo ari mu byo yavuze yifuzaga, mu gitabo cya Appendix y'igitabo cyitwa *Messenger of the Lord [Intumwa y'Imana]*, ku nyuguti ya N, kibasha kuboneka ku rubuga rw'abarinzi b'inyandiko za Elina White, mu gice kitwa "Online Books [itabo byo kuri murandasi]").

## Ikibazo cya 26: Mbese kwizera ihumekerwa rya Elina White, ni ikimenyetso cy'ubuyoboke? ("Elina G. White, ikigaragaza ko uri umwizera?")

*Ubwo Walter Martin yahuraga n'abayobozi b'itorero ry'abadiventiste, yababajije niba kwizera inyandiko za Elina G. White ari ikimenyetso cy'ubuyoboke. Aho kugira ngo basubize ikibazo cye, abo abayobozi bagaragaje amagambo Elina White yivugiye ubwe ku bigendanye n'abatarabashije gusobanukirwa impano ye mu buryo bwuzuye, aho yavuze ati "Abo ntibakwiriye kuvutswa inyungu n'ibyiza byihariye by'itorero." (reba muri Testimonies for the Church [Ibihamya by'Itorero] vol.1, p.328). None ni ukubera iki kwizera umumaro wa Elina White ari kimwe mu bigize amahame shingiro y'abadiventiste b'umunsi wa karindwi?*

*Nabajije ababwirizabutumwa b'abadiventiste barenga ijana, niba bābatiza kandi bakakira nk'umwizera umuntu utarizeraga umumaro itorero rivuga ko madamu White afite. Kugeza ubu, ndacyategereje ko hari uwambwira ko yabikora atyo. Elina White avuga ko abadasobanukiwe n'impano ye badakwiriye kuvutswa inyungu n'ibyiza byihariye by'itorero. None ni ukubera iki perezida w'Inteko nkuru rusange, mu nyandiko ifite umutwe uvuga ngo "Itorero – Ubutware n'inshingano" (Adventist Review [Urwibutso rwa Kidiventiste], Gicurasi 1995), yanditse ati "Ntabwo nshobora kuvuga ko iri hame shingiro ry'itorero rivuga… ntaryemera kandi ngo nkomeze kuvuga ko ndi umwe mu bagize itorero."?*

Ntabwo mfite igisubizo gihamye ku kibazo cyawe kirebana n'amahame shingiro. Uko mbizi, ni uko iyi yahoze ari imvugo ya mbere itangira amahame yacu shingiro, mu kuvuga madamu White no kuvuga tweruye ko impano y'ubuhanuzi yigaragaje mu murimo we. Ndatekereza ko nigeze kumva ikiganiro nyunguranabitekerezo kirebana no kongēra iyi ngingo mu mahame yacu, ntabwo nzi ibitekerezo byaje kwemerwa ibyo ari byo.

Birumvikana, nshobora kugira uko mbitekereza. Birashoboka ko byatewe n'uko hari hariho ugusobanukirwa kwabaye gikwira, kuvuga ko mu by'ukuriiyi nyandiko y'amahame shingiro isobanura ibyo abenshi mu badiventiste bizera, kandi byaba ari ubunyakuri, gusohoka hanze tukabivuga. Mu binyacumi byinshi by'imyaka ishize – ahari mu mateka yose y'itorero ubwo ryari rimaze kuba itsinda rifite gahunda

ihamye – twahoze twizera ko abantu bitegura kuba abizera b'itorero ryacu bakwiriye kwigishwa umumaro w'impano y'ubuhanuzi iri muri twe. Ntabwo twigeze dusaba ko abantu babanza kwemeza ko bizeye Elina White mbere yo kubatizwa, ahubwo imyumvire yacu rusange yahoze ari uko tutagombaga kubatiza umuntu urwanya iyemerwa ry'umurimo we wa gihanuzi. Ibi byaba bidakwiriye ku mwizera mushya, cyane ko yaba ameze rwose nk'ifi ikuwe mu mazi. Kandi ntibyabera byiza itorero, kuko ryaba rigize icyo twagereranya nk'inota ry'umuziki ribusanya n'ayandi cyubatswe muri ryo.

Ku rundi ruhande, reka mbe umugabura wa mbere w'umudiventiste, ugusubiza mu buryo bwemeza, ku birebana n'ikibazo wabajije kijyanye n'umubatizo – mu gihe umuntu ameze kuriya wavuze. Mu gice kirimo amagambo wagaragaje, madamu White yerekanye ibi bigombero: icya mbere, abitegura kuba abizera, ntabwo bari bagasobanukirwa n'impano y'ubuhanuzi (ntabwo bigeze babona amakuru ahagije yabashoboza gukora amahitamo arimo ubwenge), kandi icya kabiri, "niba urugendo rwabo rwa Gikristo ari urw'ukuri, kandi bakaba bararemwemo imico myiza ya Gikristo." (Aya magambo akurikira rwose yayandi wagaragaje.) Abameze batyo, babarizwa mu cyiciro cy'abantu madamu White yavugaga mu isubi ibanziriza yayindi wagaragaje, "Abandi ntibayarwanyije [amayerekwa], nyamara ntibashoboye kugira uruhande bahereramo ku birebana na yo." Ibi, mbibonamo ko, byaterwa no kutagira amakuru ku mayerekwa cyangwa kuyagiraho ubunararibonye. Rwose ntabyo bari bazi, nyamara ntibigeze bayarwanya. Ntabwo natindiganya kubatiza uwo muntu. Indahiro y'umubatizo mu *Itorero ry'abadiventiste b'umunsi wa karindwi* igendana n'ikibazo gikwiriye: "Mbese wemera inyigisho ya Bibiliya y'impano za Mwuka, kandi wizera ko impano y'ubuhanuzi ari imwe mu bigaragaza itorero ryasigaye?" Niba abantu bemeye ibyo, babasha noneho kwinjira mu itorero niba babyifuza, bakabikora mu gihe barimo kwisuzumira ubwabo ibimenyetso byerekana ko umurimo wa madamu White wari ukwigaragaza nyakuri kw'iyi mpano bizera, kandi banizera ko kwigaragaza kwayo ari ikimenyetso kigaragaza itorero ryasigaye ryo mu minsi ya nyuma.

Mu gusoza, wabajije ibirebana n'amagambo ya perezida w'Inteko nkuru rusange, avuga ko abantu batāvuga ko batemera ihame shingiro runaka, hanyuma ngo bakomeze kwiyita abagize itorero. Kugaragaza ukutizera byaba ari ukurwanya amahame, mbese sibyo? Aha rero, twamaze kuva mu gice cyo gushidikanya, ariho haba hakenewe igihe cy'inyongera cyo kwiga no kunguka ibindi bihamya. Kuvuga

uti, “Ibi simbyemera” ni ukubyanga, mbese sibyo? Ntabwo bihuje n’iby’itsinda madamu yavugaga, ritayarwanyaga [amayerekwa], nyamara ntiribashe kugira uruhande rihereramo ku birebana na yo.”

Ku birebana n’umuntu wanga kwemera nyuma yo kuba umwizera, no kugira igihe n’amahirwe yo gusuzuma ubunyakuri bw’iyo mpano, nahagararana na perezida w’Inteko nkuru rusange hanyuma nkavuga ko abantu batākwanga rimwe mu mahame shingiro y’itorero, ngo bakomeze kwiyita bamwe mu barigize. “Mbese abantu babiri bajyana batasezeranye?” (Amosi 3:3). Abantu nk’abo ntabwo bāgubwa neza no kuba mu itorero, kandi n’itorero ryajya mu bibazo bitewe n’impinduka zatejwe n’abo bantu. Niba abantu bizera ko “abizera b’iri torero bashutswe cyane, mu gukurikira umuntu wavuze ko afite impano y’ubuhanuzi, nyamara akaba ntayo yari afite”, kuki bashaka guhinduka bamwe muri ryo?

Ku makuru arambuye kuri iyi ngingo, reba igice cya 2 cy’umuzingo wa 2 w’igitabo cyitwa *Ellen G. White Volume 2—The Progressive Years 1862-1876,* cyanditswe na Arthur White, unarebe umugereka wa F. M. Wilcox uboneka muri uwo muzingo.

## Ikibazo cya 27: Mbese Elina White yigeze abuza ababwiriza, gukoresha inyandiko ze mu bibwirizwa byabo? (“Amagambo ya Bibiliya kandi Bibiliya yonyine, agomba kumvwa ku ruhumbi”)

*“Amagambo ya Bibiliya, kandi Bibiliya yonyine, agomba kumvwa ku ruhimbi” (Abahanuzi n’abami, p.461[soft]). Mbese koko, abadiventiste bakoresha ayo magambo bashaka kuvuga ko ababwiriza batakoresha Umwuka w’Ubuhanuzi mu bibwirizwa byabo?*

Nubwo mu by’ukuri, bamwe bashobora kuba bakoresha aya magambo kubera iyo mpamvu, ibyo ntibivuze ko bari mu kuri. Gufata ayo magambo nk’abuzanya ikoreshwa ry’inyandiko za madamu White ku ruhimbi, byanabuza umubwiriza gukoresha amagambo ye bwite, mbese sibyo? Ni muri ubwo buryo kandi byanabuzanya gukoresha ijambo iryo ari ryo ryose ry’undi mwanditsi, bitewe n’uko “amagambo ya Bibiliya, kandi Bibiliya yonyine, agomba kumvwa ku ruhimbi.” Nta kibi twaba dukoze rwose mu gusoma amagambo ya Bibiliya ku ruhimbi. Nyamara mu bigaragara, ntabwo ari cyo madamu White yavugaga muri ariya magambo. Ibiri amambu, yari arimo gutandukanya ihishurwa ry’ukuri kwa Bibiliya ubigereranyije n’intekerezo bwite za kimuntu.

# IGICE CYA KABIRI – IBIBAZO BIJYANYE N'AMAHAME Y'ITORERO RY'ABADIVENTISTE

## Ikibazo cya 28: Ni iki Elina White yavuze ku bijyanye no kwambara imitako? (“Imitako”)

*Ni iki Elina White yavuze ku bijyanye no kwambara imitako?*

Madamu White yavuze ku mitako ahantu hagiye hatandukanye hatari hamwe. Ndatekereza ko amagambo akurikira ari amwe mu yibukwa cyane. Aboneka muri *Selected messages,* vol.3, p.248, 249:

Nta gihe dufite cyo kurimbisha umubiri izahabu cyangwa ifeza cyangwa kwigaragaza mu buryo buhenze…. Yesu, Umugaba mu bwami bwo mu ijuru, yashyize hasi ikamba rye ry’ubutware n’ikanzu ye y’ubutware, hanyuma amanuka ku ntebe ye ya cyami, ubumana bwe abwambika imyambaro ya kimuntu, kandi aba umukene ku bwacu, kugira ngo kubw’ubukene bwe tubashe gutunga ubutunzi bw’iteka ryose, nyamara babandi Kristo yakoreye ibishoboka byose kugira ngo imitima yabo ikiranirwa ayikize ukurimbuka kw’iteka, biyumvamo ku rwego rukeya cyane ko bashobora kugira icyo bibuza mu gihe bafite amafaranga yo kukigura.

Umwami araza vuba, kandi azanye ingororano kugira ngo agororere buri wese ibikwiriye ibyo yakoze. Ngerageza kwereka abantu ko dufite mu biganza amafaranga y’Imana kugira ngo turangize umurimo w’ingenzi kuruta indi yose ishoboka. Bashobora gukora byinshi buri muntu ku giti cye, igihe bose bakoze bito bito, binyuze mu kwiyanga, kandi utugezi duto twinshi tuzakora rwose umuyoboro uzamuka ujya mu ijuru.

Ni byo, biragoye ko bose bahita basobanukirwa n’agaciro k’ibyo bintu. Njyewe, njyewe, njyewe, babona ko igomba gukorerwa no guhabwa ikuzo. Mbega ukuntu bikomereye bose guhinduka abakozi bakorana n’Imana! Oh, icyampa umwuka wo kwitanga ukaza muri buri torero, hanyuma buri mutima wose, waba uwa hafi n’uwa kure cyane, ukiga agaciro k’amafaranga kandi ukayakoresha mu gihe ushobora kuvuga uti, “Ibyawe ni byo tuguhayeho Mana.” (1 Ibyo ku Ngoma 29:14) – Letter 110, 1896.

Nta gihe dufite cyo guhangayikira icyo tuzarya n’icyo tuzanywa ndetse n’icyo tuzambara. Reka tubeho mu buryo bworoheje, kandi dukorere mu kwiyoroshya. Reka twambare mu buryo buboneye, bwiza kuburyo tuzakirwa neza aho tuzajya hose. Imitako n’imyambaro ihenze ntacyo bizatwongeraho, nyamara umutako wo

kwicisha bugufi n’umwuka w’ituze – aribyo biza nk’ingaruka zo kwiyegurira umurimo wa Kristo – bizaduha imbaraga mu Mana. Ineza n’ubushishozi ku bitwerekeyeho, ni imico y’igiciro mu maso y’ijuru. Niba utarigeze uha agaciro uburyo bwo kugira iyi mico myiza, bikore ubu, kuko nta gihe ufite cyo gutakaza. – Manuscript 83, 1909.

## Ikibazo cya 29: Mbese Elina White yigeze avuga ko tutari dukwiriye kuba twambara impeta zo gushyingirwa? (“Impeta yo gushyingirwa”)

*Abizera b’itorero ryacu bifuza kumenya icyo Elina G. White yaba yaravuze ku bijyanye no kwambara impeta zo gushyingirwa. Mbese yigeze avuga ko tudakwiriye kuzambara?*

Hari ahantu hamwe gusa hazwi, aho madamu White yavuze yeruye ku byo kwambara impeta yo gushyingirwa. Haboneka mu gitabo cya *Testimonies to Ministers and Gospel Workers,* p.179-181. Ni amagambo yandikiwe abamisiyoneri b’Abanyamerika bari bari muri Australia, aho kwambara impeta byari byarabaye umuco usanzwe. Hano hepfo hari amagambo ya Elina White, ari kumwe n’igika kimwe cyangwa bibiri bibanza, byerekana icyerekezo cy’ibyavugwagaho:

Mu kurya, kwambara, no gushyira ibikoresho mu nyubako y’ishuri, dukeneye kugumana ukwiyoroshya kugendana no kubaha Imana by’ukuri. Benshi baziyanga kandi bigomwe byinshi kugira ngo batume umurimo wo kwamamaza inkuru nziza ugera ku ntsinzi. Mbese bazemera kubona ubutunzi bwabo butakazwa ku myenda myiza cyane n’ibikoresho byo mu nzu bihenze, cyangwa ibikoresho byo ku meza? Byagira ingaruka irushijeho kuba mbi kuri aba benedata na bashiki bacu. Nta kintu cyarwanya gikomeje ukuba ingirakamaro kwacu kwa none n’ukw’ahazaza nk’icyo. Isomo rya mbere abanyeshuri bagomba kwigishwa ni iryo kwiyanga. Nimureke amaso yabo n’ibyumviro byabo bifate iryo somo; nimureke igihe cyose cyateganyijwemo guhura na bo ku ishuri gitange ubumenyingiro muri uyu murongo, ko umurimo ushobora kujya mbere gusa binyuze mu kwigomwa guhoraho….

Abagabura bacu n’abagore babo, bakwiriye kuba intangarugero mu myambarire iboneye; bagomba kwambara imyenda myiza, itabangamiye ubuzima, ikozwe mu bintu byiza, nyamara bakirinda icyo ari cyo cyose nko gukabya cyangwa imirimbo ikabije ku myambaro, kabone n’ubwo yaba idahenze; kuko ibi bintu bivuga ikitari cyiza kuri twe. Dukwiriye kwigisha abasore imyambarire yoroheje, iboneye kandi myiza. Nimureke imirimbo ikabije irekwe, nubwo igiciro cyayo cyaba kingana nk’ubusabusa.

Impeta yo Gushyingirwa

Bamwe bigeze kugira umutwaro ku bijyanye no kwambara impeta yo gushyingirawa, bumvaga ko abagore b'abagabura bacu bakwiriye gukurikiza uwo muco. Ibi byose si ngombwa. Nimureke abagore b'abagabura bagire umurunga w'izahabu uhuza imitima yabo na Kristo, imico yera kandi idafite ikizinga, urukundo nyakuri n'ubugwaneza no kubaha Imana ari yo mbuto ikomoka ku giti cy'ubukristo. Nibimera bityo, umumaro wabo uzaba uri mu mutekano aho ahantu hose. Nubwo kwirengagiza uwo muco bitera kwibazwaho, si impamvu nziza yo kuwukurikiza. Abanyamerika bashobora kumvikanisha uruhande bahagazemo mu kuvuga beruye ko uwo muco udafatwa nk'itegeko mu gihugu cyacu.

Ntabwo dukeneye kwambara icyo kimenyetso, kuko mu gihe tutabaye abanyakuri ku isezerano ryo gushyingirwa, kwambara impeta ntibyahinduka igihamya cy'uko twarinze isezerano. Mbabazwa n'iyi mikorere imeze nk'umusemburo, isa nk'aho igenda ikura hagati muri twe, mu kwihuza n'imico na za mode. Nta giceri na kimwe gikwiriye gutangwa mu kugura impeta y'izahabu kugira ngo duhamye ko twashyingiwe. Mu bihugu, aho uyu muco ari ngombwa, ntidufite inshingano yo kunenga abafite impeta yabo yo gushyingirwa; nimureke bayambare niba bashobora kubikora babyitondeye; nyamara ntimutume abamisiyoneri bacu biyumvamo ko kwambara iyo mpeta bizongerera umumaro wabo ho akadomo cyangwa agace gato. Niba ari abakristo, bizagaragarira mu kugira imico isa nk'iya Kristo, mu magambo yabo, mu bikorwa byabo, mu ngo zabo, mu buryo basabana n'abandi; bizagaragazwa no kwihangana kwabo, kutanambuka no kugwaneza. Bazerekana umwuka wa Shebuja wabo, bazagira ubwiza bw'imico ye, imibereho ye yuje urukundo, n'umutima we w'impuhwe.

Uraza kubona ko madamu White atigeze abuzanya kwambara impeta, nyamara yaravuze ngo "mu bihugu, aho uwo muco ari ngombwa," ibyo ni ukuvuga, aho bifatwa nk' "igipimo cy'ingeso nziza" (nkoresheje imvugo ya W. C. White), ntabwo yigeze anenga abantu bambara impeta "niba bashobora kubikora babitekerejeho." Muri iyi mvugo, ntekereza ko yavugaga yuko bagomba gusuzumana ubwitonzi iyo ngingo, bakazirikana ingaruka mbi zishoboka zāterwa no kwambara impeta, hanyuma bakayambara gusa ari uko bemejwe mu mitima yabo, ko iki ari cyo bakwiriye gukora. Hano muri Amerika y'amajyaruguru, kwambara impeta yo gushyingirwa byarushijeho kuba gikwira kandi bisa nk'aho ahanini byagiye biherekezwa no gukoreshwa kw'imitako y'ubundi bwoko, bigakorwa n'abantu bacu

– impeta z’amoko atandukanye, amaherena, inigi, ibikomo, no kwitobora umubiri k’uburyo butandukanye. Aka ni ko kaga nyirizina gahangayikishije itorero.

## Ikibazo cya 30: Mbese abagore b'abadiventiste, bagomba kwambara imyenda y'ibara ryijimye? ("Ikanzu itukura")

*Numvise incuro nyinshi ko Elina G. White yavuze ko buri mugore wese akeneye kugira ikanzu itukura. Mbese ibi ni ukuri?*

Hoya, ayo makuru ntabwo ari ukuri, icyakora nshobora kukwereka icyo ayo makuru yashingiyeho. Mu ibaruwa ivuga kuri iyi ngingo (kuwa 29 Mata, 1960), Arthur White yaranditse ati "Masenge yambwiye inkuru y'uburyo igihe kimwe, mushiki wacu White yamuhaye igitambaro kinini gitukura kugira ngo agikoremo ikanzu cyangwa ikindi ashaka. Yavuze ko icyo gitambaro ari 'umutuku, umutuku nyawo' aho kuba ibara rya vino cyangwa rya marone (umutuku wijimye buhoro)."

Undi mudamu witwa Myriam Adams, yabaye igihe runaka mu rugo rwa madamu white ubwo yari arimo kwiga muri kaminuza ya Australia. Ku bijyanye na madamu White, yaranditse ati, "Yari umuntu mwiza, wita ku bintu mu buryo bwose, yitaye cyane ku mibereho yanjye kandi akanangira inama ku ngingo irebana n'imyambarire ikwiriye. Yambwiye ko amakanzu yanjye akwiriye kuba afite amabara ajyanye. Ndibuka umunsi umwe ubwo nari nambaye umwenda wo hejuru ufite ibara ry'umutuku wijimye, yabashije kubona ko nari mberewe cyane, kuko mfite uruhu rufite ibara rijyanye n'uwo mwenda, maze ansaba ko byaba byiza buri gihe, ngiye mporana ikanzu y'iryo bara aho mbika imyambaro yanjye."

Grace Jacques, akaba ari mushiki wa Arthur White n'umwuzukuru wa madamu White, yibukaga neza nyirakuru we, kubera ko yavutse mu 1900 kandi madamu White akaba yarapfuye mu 1915. Bari baturanye ahitwa Elmshaven *[soma Elumushaveni]* muri icyo gihe cyose. Madamu Jacques yasohoye inkuru yitwa "Nyogokuru wanjye 'udasanzwe'", mu kinyamakuru cyitwa *The Youth's Instructor [Umwigisha w'urubyiruko]* cyo kuwa 5 Ukuboza, 1961. Muri iyo nkuru, tubonamo igika kirimo aya magambo: "Ndibuka umuforomo muto wari ufite imyenda mikeya gusa, maze nyogokuru amuha amakanzu atatu, imwe itukura, imwe y'ubururu n'indi isa nka zahabu. Yabwiye uyu mudamu muto, nk'uko yabibwiye abadamu benshi bato, ko akwiriye kugira nibura ikanzu imwe itukura."

Madamu White yashishikarije abantu guhitamo amabara ajyanye, na mode zikwiriye mu gihe bahitamo ikanzu (reba mu gitabo cyitwa *Child guidance,* p.419,

420). Iyi nama irebana no gutunga ikanzu itukura yayihaye abagore bamwe, ariko ntabwo ari bose.

## Ikibazo cya 31: Ni ikihe kibazo, kiri mu kujya aherekanirwa za filime? ("Ni ikihe kibazo, kiri mu kujya aherekanirwa za filime hagezweho?")

*Ni ikihe kibazo, kiri mu kujya aherekanirwa za filime hagezweho? Niba bishoboka, ndabasabye ngo mumpe aho byanditse.*

Muri rusange, ndabona iyo ngingo irimo izindi ngingo ebyiri. Iya mbere, imiterere rusange y'ibyerekanirwa hariya, kandi iya kabiri, ni ingaruka tuzateza mu bandi nituramuka tugiyeyo.

Ku birebana n'ingingo ya mbere, amagambo atandukanye aza mu bwenge bwanjye: *Abafilipi 4:8* (Ibisigaye bene Data, iby'ukuri byose, ibyo kūbahwa byose, ibyo gukiranuka byose, ibiboneye byose, iby'igikundiro byose n'ibishimwa byose, nihaba hariho ingeso nziza kandi hakabaho ishimwe abe ari byo mwibwira) na *Zaburi 101:3* (Sinzagira ikintu kidakwiriye nshyira imbere yanjye. Nanga imirimo y'abiyobagiza, Ntizomekana nanjye). Ni gute abakristo bashobora kubonera umunezero wabo mu kureba iyerekanwa ry'ibyaha byatumye Yesu ajya ku musaraba?

Ku bijyanye n'ingingo ya kabiri, abantu bajya bavuga rimwe na rimwe bati, "mpitamo filime nziza zonyine." Nubwo ibyo byaba ari ukuri, mbese urugero rwabo, ntiruzatera umwete undi muntu ushobora kuba atazi gutoranya filime nziza kugira ngo ajye aho zerekanirwa? Mbese ntawundi uzatanga urwitwazo rwo kujya kureba icyo ari cyo cyose kiri bwerekanwe, bitewe n'uko umuvandimwe runaka ajya ajyayo?

Ikindi cyiyongeraho, tugomba kuzirikana ko amahirwe menshi ari uko imitekerereze "y'abajya kureba filime bāshishoje" igenda ihinduka kubwo kuzireba. Mbese bidatinze, ntibazabasha kubona ko filime yabanje kubakangaranya mu gihe cyashize, noneho batakiyifiteho ikibazo? Reba muri *Yesaya 5:20* (Bazabona ishyano abita ikibi icyiza n'icyiza bakacyita ikibi. Umwijima bawushyira mu cyimbo cy'umucyo, n'umucyo bakawushyira mu cyimbo cy'umwijima, ibisharira babishyira mu cyimbo cy'ibiryohereye, n'ibiryohereye bakabishyira mu cyimbo cy'ibisharira.) Agace gato kazwi cyane k'umusizi witwa Alexander Pope karagira kati:

Ingeso mbi ni igisimba giteye ubwoba cyane,

kuko kwangwa bisaba kubanza kubonwa;

nyamara kubonwa kenshi, no kumenyera isura yacyo,

turabanza tukabyihanganira, nyuma tukagira impuhwe, hanyuma tukabyemera.

Amaherezo, amafaranga atangwa n'abajya kureba filime "bāshishoje" kugira ngo bajye kureba icyo bita filime "nziza", afasha aberekana izo filime, kugira ngo bakomeze bakore akazi kabo no mu cyumweru gikurikiraho, ubwo filime mbi izerekanwa.

Niba mu kuvuga "aherekanirwa za filime hagezweho" washakaga gusobanura amakinamico, ntekereza ko icyashingiweho mbere na yo kiyareba nubundi. Mu myaka irenga ijana ishize, Madamu White yaranditse ati:

"Satani akoresha inzira zose kugira atume ubugome n'ingeso mbi biba gikwira. Ntidushobora kugendagenda mu nzira zo mu mijyi yacu tutabonye amatangazo y'akataraboneka avuga iby'urugomo byanditswe mu gitabo runaka cyangwa ruzerekwa abantu nk'ikinamico. Intekerezo zigishwa kwimenyereza icyaha. . . .

Ibinezeza byinshi byabaye gikwira mu isi muri iki gihe, ndetse bikarangwa no mu bavuga ko ari abakristo, byerekeza ku iherezo rimwe nk'iryo iby'abapagani byerekejeho. Mu by'ukuri, hari bike muri byo Satani adahindura mu kurimbura abantu. Abinyujije mu makinamico, Satani yakoze igihe kirekire cyane agira ngo akangure irari kandi ahe icyicaro ingeso mbi. Imikino ijyana n'umuziki, gucuranga, kubyina no gukina amakarita, ibyo byose Satani arabikoresha kugira ngo asenye imbibi dushyiririrwaho n'amahame atugenga, kandi akingurire amarembo gushimisha irari ry'umubiri." *(Abakurambere n'abahanuzi, p.385,386[soft])*

Benshi bishyira mu kibuga kirozwe kubwo kureba incuro nyinshi ama videwo yo kwinezeza, aho abamarayika baguye baba bateraniye. Abavuga ko ari abakristo, iyo mugiye gushakira ikiruhuko aherekanirwa za filime, mujye mwibuka ko Satani ariyo, aho aba ayobora iryo kinamico nk'umukinnyi ukomeye uruta abandi. Aba ariyo ngo abyutse irari kandi anezeze ingeso mbi. Aho hantu ubwaho hinjirwamo n'ubusambanyi. (*Signs of the Times [Ibimenyetso by'ibihe]*, kuwa 18 Gicurasi, 1882).

Ahantu henshi hashakirwa umunezero kandi hateye akaga cyane, ni mu nzu yo gukiniramo. Mu kigwi cy'aho habaye ishuri ryo kwigiramo kubonera no kwera, nk'uko bivugwa kenshi cyane, ahubwo ni ahantu ho gukorera ibyaha bibi. Ingeso z'ubusambanyi n'irari ry'ibyaha bikururwa kandi bigaterwa imbaraga n'ibyo birori. Indirimbo mbi, gukoresha amaboko ibimenyetso by'ubusambanyi, imvugo, n'imyifatire byonona ibitekerezo bigasubiza hasi ingeso nziza. Umusore wese ujya aho berekanira ibyo, bizatera ingeso ze kononekara. Nta kintu kiri mu gihugu cyacu gifite imbaraga cyane zo kuroga ibitekerezo, no konona ibishakwa n'idini, no gucubya uburyohe bw'umunezero utuje n'ingeso y'imibereho yirinda ibisindisha, cyaruta kwinezeresha ibikino byo mu nzu ikinirwamo. Gukunda ibyo ureba kuriyongera ukabyifuza cyane nk'uko irari ry'ibinyobwa by'uburozi bigwizwa no kubikoresha. Inzira y'amahoro gusa, ni ukwitandukanya no kujya mu nzu ikinirwamo, n'ibibuga bikinirwamo n'ahandi hose habarizwa ibyo kwinezeza. (*Testimonies for the Church [Ibihamya by'itorero]*, vol.4, p.652, 653).

Mbese uhereye mu minsi ya madamu White, iyerekanwa ry'amafilime ryaba ryaragize impinduka nziza ku buryo ritacyangiza imibereho y'ibya mwuka? Ndatekereza ko nta suzuma ryabyo nyakuri ryagaragaza ibyo. Niba hari icyagaragara, cyaba ari uko sinema ya none (yaba filime cyangwa ikinamico) yerekana ingeso mbi zirushaho konona imico, kandi mu buryo bw'amashusho yo ku rwego rwo hejuru kuruta uko sinema yo mu minsi ya madamu White yaba yarigeze kubikora.

Reba n'ikibazo n'igisubizo bikurikiraho, n'ikibazo cya 89: Mbese abamarayika bacu badusiga ku muryango w'aherekanirwa za filime?

## Ikibazo cya 32: Mbese ni iki Elina White yavuze ku makinamico ya Gikristo? ("Ibirebana n'ikinamico muri rusange ndetse n'ikinamico rya Gikristo")

*Nifuzaga kumenya icyo Elina White avuga ku ikinamico rya Gikristo.*

Hano, hari amagambo atangira inyandiko irebana n'iyo ngingo:

Ubusabe bwagiye bwakirwa ku biro by'abarinzi b'inyandiko za Elina White, burebana n'inyandiko ze zishobora kuba zigira icyo zivuga ku kibazo cy'ikoreshwa ry' udukino tugufi, amakinwa, cyangwa amakinamico y'uburyo butari bumwe mu bigo by'itorero ry'Abadiventiste b'umunsi wa Karindwi. Inama za Elina White kuri iki kibazo zivuga ku bihe bitandukanye. Muri ubwo buryo, amahame akwiye gushingirwaho mu gutanga imirongo ndengerwaho mu badiventiste uyu munsi, yaragaragajwe.

Mu nyandiko zose z'umwuka w'ubuhanuzi, binyuze muri Elina White, Imana yatanze amahame yo kudufasha kumenya icyo dukwiriye gukora. Nyuma rero, Imana iduha umudendezo wo gukora neza mu buryo bwose dushoboye, kugira ngo ibikorwa byacu bibe bihuje n'aya mahame. Muri ubwo buryo, ni ingenzi kwibuka ko buri gihe Imana itwerekeza ku cyiza cyane gishoboka. Umugambi wayo nyamukuru ni uko tugera kure hashoboka mu by'umwuka, ndetse no mu bundi buryo bwose bugira uruhare mu gakiza kacu k'iteka…

Ubushakashatsi ku nama za Elina White, ntabwo bwabashije kugaragaza ko yanenze amakinamico yose uko yakabaye. Mu yandi magambo, Ntabwo Elina White anenga gahunda bitewe n'uko gusa irimo ikinamico. Ni muri urwo rwego, inama zirebana n'amakinamico zimeze rwose nk'izirebana n'iza siporo… Madamu White ntabwo yigeze agaya "imyitozo yoroheje yo gukina umupira." *(Urugo rwa Gikristo, p.443[soft])*, nyamara kubwo kwerekana amahame aba akubiyemo, yerekanye akaga gakomeye gakunze kugendana n'ibikorwa bya siporo. Mu buryo nk'ubwo, madamu White ntabwo yigeze agaya gahunda yoroheje yakozwe n'abateguye ishuri ryo ku isabato muri Battle Creek mu 1888, nyamara ahantu hatandukanye yagiye agaragaza mu buryo bweruye ibyago byinshi kandi by'ukuri bikunze kugendana "n'amakinwa" ndetse na "gahunda z'amakinamico."

Noneho rero, byagaragara ko ibibazo birebana na siporo ndetse n'amakinamico mu bigo by'abadiventiste b'umunsi wa karindwi bigomba gusubizwa hashingiwe ku mahame shingiro, aho kuba igisubizo cyoroheje cya "yego" cyangwa "oya." Ibi bitera ihurizo nyakuri, rya rindi risaba ubugenzuzi bwitondewe bw'amahame aba akubiyemo, hakiyongeraho intego yo kwiyemeza kugengwa na yo. Niba abasore b'abadiventiste bashobora kwigishwa gusobanukirwa no gukoresha amahame ya Gikristo mu mibereho yabo bwite, bazaba baruta cyane abakuze benshi, babandi mu buryo buteye agahinda batigeze na rimwe bigishwa ko ubuzima bwa Gikristo butayoborwa no gupfa kuvuga ngo "ujye ukora ibi" cyangwa "ntugakore ibi", ahubwo buyoborwa n'ihame.

Ku makuru arambuye kuri aya mahame, reba ikibazo n'igisubizo bibanziriza ibi, ndetse n'ikibazo cya 89: Mbese abamarayika bacu badusiga ku muryango w'aherekanirwa za filime? Unarebe inyandiko yitwa *Dramatic Productions in SDA Institutions [Amakinamico mu bigo by'abadiventiste b'umunsi wa karindwi]* ya Arthur L. White – iboneka kuri ku rubuga rw'ububiko bwo kuri murandasi rw'abarinzi b'inyandiko za Elina white

## Ikibazo cya 33: Bite no kubyina? (“Ibaruwa ijyanye no kubyina”)

*Nabwiwe ko umugore umwe, yabajije mushiki wacu White mu buryo butaziguye niba kubyina nta kibazo cyari kibirimo, hanyuma abika igisubizo cya madamu White. Nifuzaga kubona kopi yuzuye y’iyo nyandiko niba mubasha kuyigeraho muri sisitemu yanyu.*

Amagambo akurikira, aboneka mu nyandiko yanditswe na madamu White ifite umutwe uvuga ngo: “Mbese abakristo bakwiriye kubyina?”. Iyo yandiko yari igenewe gusubiza cya kibazo cyabazaga inama irebana n’iyi ngingo. Iyo nyandiko yacapwe kuwa 28 Gashyantare, 1882 mu Rwibutso n’Integuza. Ushobora kubona iyo nyandiko yose uko yakabaye ku rubuga rw’abarinzi b’inyandiko za Elina White.

Mbere yo guhita nsubiza iki kibazo, ndagusaba kuzirikana muri make uruhande abantu b’Imana bahagazemo n’umurimo wabo muri iki gihe.

. . . Ubutumwa bukomeye bwa marayika wa gatatu, bugomba gutangwa n’ababona kandi bumva ubunyakuri bwabwo. Isi iri kugendera mu nzira y’ubuyobe idafite icyo yitayeho kandi idafite Imana. Abagabura bari kuvugira ku ruhimbi rwabo bati, “Ntimuhagarike imitima. Yesu ntabwo azaza, kuko mu myaka ibihumbi byinshi, ibintu byose bikomeza kumera nk’uko byahoze uhereye mu itangiriro.” Abandi basuka agasuzuguro ku mategeko y’Imana, bavuga ko ari ingogo y’ubucakara. Nyamara, mu gihe abavuga ko ari abakristo basinziriye, Satani arimo kugaragaza umwete ukomeye n’ishyaka ridacogora. Umurimo we kirimbuzi uzashyirwaho iherezo vuba aha, imbaraga ze zizaboheshwa umunyururu. Kubw’ibyo yamanutse afite umujinya mwinshi, kugira ngo “ayobye n’intore niba bishoboka.” Mbese iki ni igihe dukwiriye kwihuza n’abatubaha Imana mu kutagira icyo twitaho no kwinezeza mu by’isi? Mbese nibatubona mu cyumba cyerekanirwamo filime cyangwa mu cyumba cyo kubyiniramo, bizatuma bifuza kwakira ukuri gukomeye dufite?. . .

Umukristo nyakuri ntabwo azifuza kwinjira ahantu aho ariho hose ho kwinezeza cyangwa ngo agire uruhare mu gikorwa runaka kiyobya ubwenge, aho atabasha gusaba Imana umugisha. Ntabwo azaboneka aherekanirwa za filime, ahakinirwa biyari *(billiard hall)*, cyangwa mu byumba biberamo umukino wo kujugunya bowuli *(bowling saloon)*. Ntabwo azifatanya n’abinezeza mu kubyina injyana ya walitsi

*(waltz music style)*, cyangwa ngo ahe intebe ikindi kinezeza kiroga ubwenge icyo ari cyo cyose, kandi kikirukana Kristo mu ntekerezo. . . .

Mu miryango myinshi yizera Imana, kubyina no gukina amakarita bikoreshwa nk'imikino yo kwishimisha ibera mu nzu. Bisabwa ko ibi biba ibinezeza bituje byo mu rugo, kugira ngo byishimirwe mu mutekano kubwo kugenzurwa n'ijisho ry'ababeyi. Nyamara urukundo rw'ibi binezeza bibyutsa amarangamutima rurabagarirwa, hanyuma icyafatwaga nk'aho kitagize icyo gitwaye mu rugo, ntikizatinda kugaragara nk'ikitarimo akaga hanze yo mu rugo. . . . [Ibi binezeza] bisenya ibyifuzo byose by'intekerezo nzima n'by'imirimo y'itorero. Ni iby'ukuri ko hariho itandukaniro rinini hagati y'icyo twita "ubwoko bwiza bw'ibirori byo kwishimisha" n'amakoraniro yuzuye iruba no kononekara aboneka mu mazu y'imbyino zibyutsa irari. Nyamara byose ni intambwe zigana mu nzira yo gusesagura no kwinezeza mu bibi.

Ukwinezeza ko kubyina nk'uko gukorwa uyu munsi, ni ishuri ryambura abantu imico mbonera kandi rikaba umuvumo uteye ubwoba kuri rubanda. Iyaba abatuye mu migi minini yacu yose, kandi bangizwa buri mwaka n'iki kintu bashyirwaga hamwe, ni amateka angana iki y'ubuzima bwangiritse yashyirwa ahagaragara? Ni bangahe ubu biteguye gusaba imbabazi kubw'iyi migirire, bakuzura uburakari no gutangara kubera ingaruka zakurikiraho? Ni gute ababyeyi bavuga ko ari abakristo bakwemera gushyira abana babo mu nzira y'igishuko kubwo kubaherekeza mu bikorwa nk'ibyo byo kwishimisha? Ni gute abasore n'inkumi bagurisha ubugingo bwabo, bakabugurāna uyu munezero w'agahararo?

## Ikibazo cya 34: Mbese imikino ikoreshwamo umupira, iri hanze y'imbibi z'ibyo twemerewe? ("Siporo, gukina ukoresheje umupira")

*Mudufashe rwose muduhe inyandiko yerekana icyo madamu White avuga kuri siporo, cyane cyane zazindi zikoreshwamo umupira. Mbese hari aho yigeze avuga ko hadakwiriye kubaho imikino ikoreshwamo umupira[5]?*

Mu mucyo w'amagambo yavuze aho yanditse ati "singaya imyitozo yoroshye yo gutera umupira," mbona ko ashobora kuba yari arimo kugaya ingaruka zigera ku basore bitewe n'imikino.

"Ntabwo ndwanya imyitozo yoroheje yo gukina umupira, nyamara nubwo uyu mukino woroheje, ushobora gukorwa birengeje urugero.

Iteka nterwa ubwoba n'ingaruka zikurikira uko kwinezeza. Bijyana ku gusesagura umutungo wari ukwiriye gukoreshwa mu kugeza umucyo w'ukuri ku barimbuka bari kure ya Kristo. Kwinezeza no gusesagura umutungo kugira ngo umuntu yishime, ari byo biyobora buhoro buhoro ku kwihimbaza. Kandi no kwigisha abantu iyo mikino kugira ngo abantu binezeze, ibyo bibyara gukunda no gutwarwa n'ibyo bintu bidakwiriye mu kuboneza imico ya gikristo.

Ntabwo uburyo byakozwemo ku ishuri burangwamo imico y'ijuru. Ntabwo buha ubwenge imbaraga. Ntabwo butunganya kandi ngo buboneze imico. Hari imirunga ifatanya imico n'imikorere y'ab'isi kandi abakora iyo mikino baratwarwa ku buryo mu ijuru babarwa nk'abakunda ibibanezeza aho gukunda Imana. Aho kugira ngo ubwenge bugire imbaraga zo gukora umurimo mwiza kurushaho nk'abanyeshuri, kandi ngo babe abakristo bujuje ibyangombwa byo gukora inshingano za gikristo, gukina iyo mikino byuzuza ubwonko bwabo ibitekerezo birangaza, intekerezo zabo zikibagirwa ibyo biga...

Mbese muri iyo mikino ijisho riba ritumbiriye ikuzo ry'Imana? Nziko ibi atari ko bimeze. Habaho gukūra amaso ku nzira z'Imana n'imigambi yayo.

---

[5] *Urugero rw'imikino ikoreshwamo umupira ni: Football, Basketball, Handball, Volleyball, Tennis, Golf n'iyindi…*

. . . umwami Imana yo mu ijuru arwanya icyifuzo kigurumana cyīzamura mu kurwanira kuba nyambere muri iyo mikino irangaza abantu." *(Urugo rwa Gikristo, p.443[soft]).*

Hano hari andi magambo atagaragara nk'abuzanya imikino uko yakabaye, ahubwo avuga ko kwitonda no kuba maso bikenewe.

"Hari akaga gakomeye k'uko ababyeyi n'abarezi, binyuze mu magambo no mu bikorwa, bazabyutsa mu rubyiruko kwiyiringira no kwiyemera. Bakundwakaza kandi bagashimisha buri cyifuzo cyose, hanyuma bagakuza icyifuzo cyo kwinezeza kuburyo urubyiruko rwakira imico ituma baba abadashoboye imirimo isanzwe yo mu buzima. Iyo aba banyeshuri baje ku mashuri yacu, ntabwo bishimira inyungu zabo zihariye; ntabwo bazirikana ko intego y'uburezi bwabo ari ukubategurira kuba ingirakamaro muri ubu buzima ndetse n'ubuzima buzaza mu bwami bw'Imana. Bitwara nk'aho ishuri ari aho bagomba kubera abahanga mu mikino, nk'aho ibi ari ishami ry'ingenzi ry'uburezi bwabo, hanyuma bakaza bafite ibikoresho n'ibisabwa mu myitozo nk'iyi ngiyi. Ibi byose ntabwo ari byo, kuva aho bitangirira kugera aho bisoreza. Ntabwo rwose bikwiranye n'iki gihe; ntabwo bitegurira urubyiruko kujya mbere nk'abamisiyoneri, kwihanganira ingorane no kwamburwa ibyabo, no gukoresha imbaraga zabo kubw'icyubahiro cy'Imana.

Ibikorwa bifasha mu myitozo no kuruhuka ntabwo bikwiriye kubuzwa; nyamara, bigomba kwitonderwa cyane ngo bitarenga imbibi, naho ubundi byatuma habaho gukunda ukwinezeza, kandi bigakuza icyifuzo cyo guhāza inarijye. . . .

Amahugurwa na disipulini mukenera kugira ngo mube abakinnyi beza mu mikino yanyu, ntabwo bibategurira kuba abasirikare bizerwa ba Yesu Kristo, kurwana intambara ze no kubona intsinzi z'ibya mwuka. Amafaranga akoreshwa ku myambaro kugira ngo mukore igitaramo gishimishimije binyuze muri iyi mikino ihuza amatsinda abiri, ni amafaranga menshi cyane yagakwiriye kuba yarakoreshejwe mu kugeza ubutumwa bw'Imana mu duce dushya, mu kugeza ijambo ry'ukuri ku mitima iri mu mwijima w'icyaha. Oh! Icyampa Imana igatanga ubusobanuro nyakuri bw'icyo bivuze kuba umukristo! Ni ugusa nka Kristo. Ntabwo Kristo yaberagaho kwinezeza." *(Manuscript Releases, 2:218, 219).*

Ndatanga inama yo gusoma igice kijyanye n'ikuruhuko mu gitabo kitwa Urugo rwa Gikristo *(Adventist Home).*

Icyitonderwa: Arthur L. White, ubwo yari umwanditsi w’abarinzi b’inyandiko za Elina White, yanditse amagambo akurikira mu ibaruwa igenewe uwari wabajije ikibazo:

Ndi umwe mu buzukuru ba mushiki wacu White. Mbere yuko mvuka, yahaye data hegitare runaka z’ubutaka bwari igice kigize isambu y’iwabo. Yamubwiye ko atagombaga kuhagurisha, ahubwo hagombaga kuba aho abana bakinira bakahigira. Twakuze nk’abana dukina imikino, tunakora ibikorwa bitandukanye bijyanye no mu rugo ndetse no mu busitani, kandi byose byadufashije kugira ubuzima bwuzuye kandi bwiza. Mu 1902, Elina White yahaye itorero rya Sanitarium igice runaka cy’umutungo, kugira ngo ukoreshwe nk’ahantu h’ishuri ry’itorero. Ntabwo hari ubutaka buhagije bwari kwifashishwa nk’ikibuga cyo gukiniramo, nyamara hejuru mu mfuruka y’urwuri rwe, hari ikibuga abana biga mu ishuri ry’itorero bakiniragamo imikino. Iyi mikino yari igizwe na Baseball n’indi mikino, kandi yakinwaga mu buryo bworoheje kugira ngo ibe ukwidagadura kw’abanyeshuri biga mu ishuri ry’itorero. Ntitwigeze na rimwe tubona ugucyaha kuvuye kuri we, kuvuga ko ibi bitāri byo. [iyi baruwa yo kuwa 9 Ugushyingo, 1959, iboneka mu nyandiko yitwa “Did Jesus Play Games (Mbese Yesu yigeze akina imikino)?” iba ku rubuga rw’abarinzi b’inyandiko za Elina White rw’ububiko bwo kuri murandasi.]

## Ikibazo cya 35: Mbese hari ikibi kiri mu gukoresha ingoma? ("Ibibazo bijyanye n'ingoma!")

*Mu myaka myinshi, nta kintu numvise uretse ibibi birebana n'ikoreshwa ry'ingoma mu itorero. Numva ahantu hamwe na hamwe ko Vatikani iri kugerageza "gucengera" mu itorero ryacu yifashishije "umuziki wo mu birori," kandi abantu bahuza umuziki wo mu birori n'ingoma. Niba ufite ingoma, uri itorero ry'irinyabirori. Ikintera amakenga ni uko abantu banenga ikoreshwa ry'ingoma n'ibindi bikoresho mu itorero batajya na rimwe bakoresha Bibiliya mu gushyigikira ibyo bavuga, ahubwo bakoresha gusa ibitabo n'inyandiko zivuga ko uyu muziki ari kimwe mu bigize umugambi mubisha wateguriwe mu bwiru. Nyamara ubwo nigaga iyi ngingo muri Bibiliya kandi Bibiliya yonyine, nabonye ko abantu b'Imana bakoreshaga ibikoresho by'ubwoko bwinshi, ndetse n'ingoma.*

*Ni iki Elina White yashakaga kuvuga ubwo yandikaga ko mu minsi ya nyuma hazabaho "urusaku ruvanze n'ingoma, umuziki no kubyina." (Ubutumwa Bwatoranyijwe, vol.2, p.36[soft])? Ndabizi ko yari arimo kuvuga ku itsinda ryitwa Umubiri Wera (Holy Flesh movement), ryari ryaramenyekanye cyane mu gihe cye. Bisa nk'aho aha ariho hantu honyine yanenze ingoma, kandi nizera ko yari arimo kunenga uburyo ingoma zikoreshwa, aho kuba ikoreshwa ryazo ubwaryo. Mbese mwampa amakuru yisumbuyeho kuri iyi ngingo?*

Hamwe nawe, ntabwo ngirira icyizere cyuzuye inyigisho zivuga iby'imigambi mibisha yateguriwe mu bwiru. Ntabwo nizera ko tugomba kureka imikorere yacu, ngo igengwe n'izo nyigisho, kuko nzifata nk'izirimo ikibazo. Nizera kandi ko uri mu kuri iyo uvuga ko ikibazo atari ingoma, ahubwo ko ikibazo kiri mu buryo zikoreshwa.

Wabajije icyo Elina G. White yashakaga kuvuga mu magambo wagaragaje arebana n'ingoma, yavugiwe mu materaniro makuru yabereye muri Indiana mu 1900. Bihora biteye akaga kwiyemeza kugira uwo ubwira icyo madamu White yashakaga kuvuga. Ahangaha, tuhafite icyo ababyiboneye bavuze ku birebana n'ibyari birimo kubera muri ayo materaniro makuru. Ni ubuhamya bwumvikana.

"Hari imbaraga ikomeye igendana n'itsinda ry'Umubiri Wera riri gukorera hariya. Ryashoboraga kwireherezaho hafi ya buri wese. Mu gihe bose badahugiranye, bakicara kandi bagatega amatwi, nubwo babikora nk'abatabyitayeho rwose,

birangira bakuruwe n'umuziki uzanwa kugira ngo ukoreshwe muri ibyo birori. Bafite ibicurangisho bitandukanye nka organ, viol imwe ya basse, ibiri mu bwoko bwa violin bitatu, imyirongi ibiri, amashako, amahembe atatu, ingoma nini ya basse, ndetse birashoboka ko hari n'ibindi bikoresho ntavuze. . . .

Iyo bacuranze cyane bakagera ku rufunguzo rwo hejuru mu muziki, nta jambo ry'abitabiriye ribasha kumvikana mu miririmbire yabo, habe no kumva ikintu na kimwe, keretse ahāri induru y'ababa bamaze gutakaza nka kimwe cya kabiri cy'ubwenge bwabo . . .

Nyuma yo guhamagarira abantu kuza imbere ngo basenge, wasangaga buri gihe bake mu babayobora bahita baza imbere, kugira ngo batume n'abandi bāza; hanyuma bahitaga batangira gucuranga ibikoresho byabo by'umuziki, kugera rwego utabashaga kugira icyo utekereza; kandi binyuze mu kwishimira uru rusobe rw'injyana, bikururiragaho igice kinini cy'abitabiriye, bikongera bityo, bityo, bityo. – raporo ya S. N. Haskell kuri E. G. White kuwa 25 Nzeri, 1900. . . .

Nitabiriye amateraniro makuru yabaye muri Nzeri 1900, yabereye ahitwa Muncie, aho niboneye imbonankubone ukwishimisha kumeze nk'ukw'abafana amakipe, n'ibikorwa by'aba bantu. . . . Iyo aba bantu bakoreraga gahunda zabo mu nyubako nini ya paviliyoni, baracurangaga kugeza ubwo abantu bamaze gutwarwa ku rwego rwo hejuru bifashishije ibicurangisho byabo nk': impanda, imyirongi, ibicurangisho by'imirya, ibiri mu bwoko bwa violin, organ ndetse n'ingoma nini ya basse. Barasakuzaga, bakaririmba indirimbo zabo bifashishije ibicurangisho byabo, kugeza ubwo rwose bamera nk'abataye ubwenge. Incuro nyinshi nababonye ubwo twabaga dusoje aya materaniro ya mu gitondo ubwo babaga baje mu ihema twafatiragamo amafunguro yo ku manywa, maze bakaza rwose batitira nk'aho bafite indwara ko kumugara." – Ubuhamya bwa Burton Wade kuri A. L. White, kuwa 12 Mutarama, 1962.

Hamwe n'aya makuru yose, reka ngaruke ku kibazo cyawe kirebana n'uburyo ingoma zikoreshwa. Ubwo nari ndi ku ishuri mu myaka ya 1960, nacurangaga mu itsinda ry'umuziki ry'iryo shuri. Twatembereye ahantu hamwe na hamwe, kandi twanacuranze muri gahunda yo ku Isabato mu gitondo ahantu hatari hamwe. Zimwe mu ndirimbo zera twacurangaga, twakoreshaga ubushishozi mu ikoreshwa ry'ingoma zo ku ruhande *(snare drums),* ndetse n'ingoma ya basse, ingoma za timpani na za sembare *(cymbals).* Ndatekerezako nibuka uburyo twacurangaga

nk'indirimbo yitwa "Yemwe Ngabo z'Umwami," aho ingoma zo ku ruhande zafashaga mu gutuma abantu biyumvamo igikorwa cyo kugenda. Nkurikije uko mbibona, aho nta kintu cyo kutubaha Imana cyangwa kidakwiriye cyari kiri muri ibyo. Uwo muziki wareraga kandi urimo kubaha. Ndibuka kandi ko indirimbo yitwa "Halleluya" ikomoka kuri *Mesiya* ya Handel ikoreshwamo ingoma za timpani. Kubw'ibyo rero, nkurikije uko mbibona, ikibazo ntabwo ari ingoma ubwazo, ahubwo kiri mu buryo zikoreshwa.

Nkurikije uko nabashije kubisobanukirwa, ikibazo cyari gihari mu gihe cya madamu White ubwo yari ari muri Indiana, cyari uko ibicurangisho byakoreshwaga kugira ngo bibyutse mu bantu gutwarwa kudafite aho guhuriye no gutambuka kwa Mwuka Wera. . . . Ubwoko bw'umuziki bukoreshwa mu matorero amwe n'amwe yo muri iyi minsi, bushobora kuba budasa neza neza nk'ubw'icyo gihe, nyamara hari byinshi bigaragara ko bihuje. Bimwe mu biza mu bwenge bwanjye ni injyana zibyinitse zikoreshwa ku ndirimbo zirimo amagambo yera, umuziki usakuza cyane, kubyutsa itwarwa ry'abantu, ndetse no kuvangirwa n'imiraba y'injyana zikoreshwa muri za tewologiya zizengurutse imyigishirize ya Kidiventiste.

Ikiyongera kuri ibyo, imyitwarire ijyana n'izo ndirimbo iba isa nk'aho iganisha ku gushimagiza uri kuririmba cyangwa gucuranga – nk'uko bikorwa mu gihe cyo kwinezeza – aho kuba ari Imana yererezwa. Ibi bintu, aho kuba ubwoko bw'ibicurangisho byakoreshejwe, mbona ko ari byo bibazo biremereye. Iyaba twakemuraga ibi bintu, nta mwanya munini twabona wo kujya impaka twibaza niba ingoma zikwiriye. Ntekereza ko icyo kibazo cyakwikemura ubwacyo.

## Ikibazo cya 36: Mbese twakwizihiza Noheli? (“Noheli”)

*Mfite ikibazo cyoroshye nifuzaga ko mwansubiza. Ndi umudiventiste w’umunsi wa karindwi, kandi mu buzima bwanjye bwose (imyaka mirongo irindwi n’itandatu), umuryango wanjye n’incuti zacu z’abadiventiste b’umunsi wa karindwi bizihizaga Noheli. Mfite byinshi binyibutsa uyu munsi ubwo nari nkiri umwana – ni ibintu nzahora nkunda cyane kandi nkabiha agaciro.*

*Vuba aha nakiriye ubutumwa kuri imeri (E-mail), kandi bwavugaga kuri Noheli. Muri make, ubwo butumwa ntabwo bwashyigikiraga Noheli. Mu bwenge bwanjye, ndibuka ko hari ahantu runaka mu nyandiko za Elina G. White, yavuze kuri Noheli no ku giti, n’ibindi. – atari mu buryo bubi, ahubwo nk’umwanya wo kwerekeza ibitekerezo byacu kuri Yesu, kandi nk’umwanya wo gutuma imiryango yacu ihurira hamwe. Mbese mwambwira niba Elina White yarigeze agira icyo avuga kuri Noheli?*

Ndaza kukwandukurira amwe mu magambo ya madamu White avuga kuri Noheli. [Aya magambo aboneka mu nyandiko y’abarinzi b’inyandiko za Elina White yitwa “Itsinda ry’amagambo ava ku ikaramu ya Elina G. White arebana n’impano zo mu minsi y’ibiruhuko no kubahiriza Noheli [*A Group of Statements from the Pen of Ellen G. White Regarding Holiday Gifts and the Observance of Christmas*]” Iyo nyandiko, irimo byinshi bijyanye na Noheli, iboneka ku rubuga rw’abarinzi b’inyandiko za Elina White rw’ububiko bwa murandasi. Reba no mu gitabo kitwa *Adventist Home,* p.477-483 (Urugo rwa Gikristo, p.424-429[soft]).

Noheli iraje. Icyampa mwese mukagira ubwenge bwo kuyihindura umwanya w’igiciro. Mureke abizera bakuze bo mu itorero bahurize hamwe, umutima n’umwuka wabo, hamwe n’abana babo, mu munezero wabo uzira inenge n’ikiruhuko, hanyuma bategure inzira n’uburyo bwo kugaragariza Yesu icyubahiro nyakuri kubwo kumuzanira impano n’amaturo. Mureke buri wese azirikane amabwiriza y’Imana.

Umuriwo wa Yesu ntabwo ushobora kujya mbere hatabayemo gufatanya na We. Mureke impano mwahoze muhanahāna zishyirwe mu kigega cy’ubutunzi bw’Imana.

. . . . Muri buri rusengero, mureke amaturo yanyu yoroheje ashyirwe ku giti cyanyu cya Noheli. Mureke ikirango cy’igiciro “cy’ibara ‘ry’icyatsi gihora gitoshye’”

cyerekane umurimo wera w'Imana n'umumaro Idufitiye; kandi umurimo w'umutima ukunda, uzaba gukiza indi mitima iri mu mwijima. Mureke imirimo yanyu ibe ihuje no kwizera kwanyu. (*Urwibutso n'Integuza,* kuwa 9 Ukuboza, 1884).

Igihe cy'ikiruhuko no guhanahāna impano zijyanye na cyo biratwegereye, yaba abasore n'abasaza baribaza impano bazaha incuti zabo nk'ikimenyetso cy'ubucuti bafitanye bazabibukiraho. Birashimisha kwakira impano ivuye mu bo dukunda nubwo yaba ari nto bingana iki. Ni ikimenyetso cy'uko batatwibagiwe; kandi igira uruhare mu kurushaho kwegeranya imirunga iduhuje na bo . . . .

Bene data na barumuna banjye, mu gihe mwibaza impano mutekereteza guhanahāna, ndabasaba gutekereza ku ncuti yanyu yo mu ijuru, kugira ngo mutibagirwa ibyo ibasaba. Mbese ntiyanezezwa no kubona ko tutayibagiwe? Yesu, igikomangoma cy'ubugingo, yatanze byose kugira ngo atwegereze agakiza. . . . . Yarababaye kugeza apfuye kugira ngo tuzabone ubugingo buhoraho. . . .

Mbese umugiraneza wacu wo mu ijuru, nta mugabane wo kumugaragariza ishimwe n'urukundo ari bwakire? Muze bene data na barumuna banjye, muzane n'abana banyu, yemwe nubwo mwaba mufashe impinja mu biganza byanyu maze, muzanire Imana amaturo yanyu uko ubushobozi bwanyu bungana . . . .Mureke, ku minsi mikuru ya Noheli n'ubunani bigiye kuza, ntituzahe Imana amaturo yacu asanzwe gusa, ahubwo tuzimwiyegurire tutizigamye, nk'ibitambo bizima. . . .

Mu gihe nshishikariza bose iby'inshingano yo kubanza kuzanira amaturo yabo Imana, Ntabwo namagana byimazeyo umuco wo guha incuti zacu impano za Noheli n'ubunani. Birakwiriye guhanahana ibimenyetso by'urukundo n'iby'urwibutso niba muri ibi tutibagirwa Imana, incuti yacu ihebuje. Tugomba gukora uko dushoboye kugira ngo impano dutanga zigire umumaro ufatika k'ūzakiriye. Natanga inama yo gutanga ibitabo byafasha mu gusobanukirwa Ijambo ry'Imana, cyangwa ibyāfasha mu kongera urukundo rw'amategeko arikubiyemo. *(Urwibutso n'Integuza,* kuwa 26 Ukuboza, 1882*).*

Reba n'ikibazo n'igisubizo bikurikiraho.

## Ikibazo cya 37: Ni gute Elina White yari kwemeza ibyo Bibiliya igaya? ("Noheli")

*Ndi umudiventiste w'umunsi wa karindwi, kandi mu myaka irenga mirongo itatu, nakunze cyane inyandiko za madamu White. Narazubahaga cyane nk'izikomoka ku Mana. Nyamara vuba aha, nahuye n'ikibazo gikomeye mu kwizera kwanjye. Tugendeye ku isomo ryo muri Yeremiya 10: 1-5, dusanga rivuga riti "ntimukigane imigenzo y'abanyamahanga", ngo muzane ibiti bitoshye mu mazu yanyu, hanyuma "mubirimbishe" ifeza n'izahabu. Nyamara madamu White avuga ko Imana inezerwa igihe tuzanye igiti mu rusengero, hanyuma tugashyira ku mashami yacyo impano z'amafaranga twayigeneye. Ntabwo nari narigeze na rimwe mbona madamu White anyuranya n'ibyanditswe byera. Imana yarakariye abisirayeli ubwo nyuma yo gucura ikimasa cy'izahabu bavuze bati, "tuzakora umunsi mukuru w'Uwiteka"! Kuva ryari, twe nk'abana b'Imana dukora ibirori bya gipagani?*

Ndizera ko dukwiriye kwibaza mu by'ukuri niba Yeremiya yaravugaga igiti cya Noheli cyangwa ikindi gisa nka cyo mu magambo wagaragaje. Icya mbere, uraza kubona ko nubwo wagaragaje igiti cyazanywe mu rugo nk'igiti gitoshye, amagambo yo muri Bibiliya ntabwo ari ko abivuga. Bibiliya ivuga gusa ko ari igiti.

Icya kabiri, ni iki noneho icyo giti gikorerwa? Mbese kimanikwaho ifeza n'izahabu ku mashami yacyo? *Bibiliya nshya yemewe y'abanyamerika* (NASB) – ifite isemura rigerageza kudatakaza ubusobanuro nyakuri – dore uko ivuga umurongo wa 3: "Imigenzo y'abo bantu ni ukwibeshya; Kuko ari igiti gitemwa mu ishyamba, ari wo murimo w'amaboko y'umunyabukorikori wifashisha igikoresho cye cyo gutema." Ntabwo ari ngombwa ko umunyabukorikori ari we utema igiti. Nanjye ubwanjye nabikora! None kubera iki byasaba "umunyabukorikori"?

Ndizera ko impamvu ari uko nyuma yo gutema igiti, umunyabukorikori yakibajemo ikigirwamana, ari cyo noneho abantu barimbishije ifeza n'izahabu. Uku kubaza ikigirwamana – bitari ugutema igiti gusa – byari bikeneye umurimo w'umunyabukorikori. Mu by'ukuri umurongo wa gatanu, ugaragaraza ibi mu buryo bweruye. Nanone ndongera nifashishe ya Bibiliya yitwa NASB:

Nk’uko igishushanyo cy’umuntu
bashyira mu mirima ya kokombure kugira
cyirukane inyoni kimeze, ni ko na byo biri.
Kandi ntibibasha kuvuga;
bigomba guterurwa
kuko bitabasha kugenda!
Ntimukabitinye,
Kuko nta kibi byababakorera,
habe no kubakorera icyiza.

Ibi, biri gutanga ishusho y’ igaragazwa ry’ikigirwamana, hanyuma akakigereranya n’igishushanyo cy’umuntu bashyira mu mirima kugira ngo cyirukane inyoni, akaba ari ikintu mutagomba gutinya! Yesaya 44:9-17, herekana ibindi bisa nka byo, ariko ho habivuga mu buryo burambuye.

Uretse no kuba ibyo wavuze bidasa ku rwego runini n’ibiri muri Bibiliya, muri Yeremiya igice cya 10, ntabwo havuga ku giti cya Noheli cyangwa iby’abantu bakorera igiti cya Noheli. Nabonye abantu mu itorero gatulika bapfukama imbere y’amashusho n’imbere y’alitāri nk’igikorwa cyo kubaha no kuramya. Ariko nta na rimwe nigeze mbona umuntu agirira igiti cya Noheli ukubaha nk’uko, kandi ahari nawe ni uko, birashoboka ko utaramubona.  Kubw’ibyo rero, kugira igiti cya Noheli mu rusengero ntabwo bijyanye no kuramya gupfuye. Madamu White, ari we wizeye ko yari umuhanuzi w’Imana, na we yabonye ko ibyo bitari ukuramya gupfuye. Mbese ntitwari dukwiriye kwemera inyandiko ze mu gihe zihamanya n’ubusobanuro nyakuri bw’ibyanditswe, nk’uko nizera ko bimeze kuri iyi ngingo?

Reba n’ikibazo n’igisubizo bibanziriza ibi.

## Ikibazo cya 38: Mbese twakwizihiza Pasika? ("Mbese abadiventiste bakwiriye kwizihiza Pasika?")

*Nandikiye umuntu kuri imeri (E-mail) mwifuriza Pasika nziza. Yansubije ko twebwe abadiventiste tutāri dukwiriye kwizihiza Pasika. Nyamara, ntabwo nigeze ngambirira kuba umupagani kuri ibyo. Natekereje ko izuka rya Yesu ari ingenzi nk'uko ivuka rye riri. Ndabizi ko madamu White yanditse ati, "Abakristo bari gukora ibintu byinshi bijyanye n'imirimbo yo mu rusengero y'Igisībo na Pasika. Ni amayeri ya Satani ya kera. Itorero ry'abayuda ryasitaye kuri urwo rutare; itorero ry'I Roma na ryo ryamenekeye kuri rwo; ndetse n'abaprotestanti bari kwihutira kugera muri ako kaga" (Intambara ikomeye, p.387[ingeri yo mu 1888]). Ku rusengero rwacu, hāri amashami y'imikindo kandi abana bararirimbye, ndetse umuntu umwe yaririmbye indirimbo yitwa "Via Dolorosa (Binyuze mu mubabaro)", n'izindi. Mbese mwamfasha gusobanukirwa ibyo uwo nandikiye yansubije?*

Itorero gatolika ryemereye, kandi birashoboka ko ryatumye habaho gutera imbere kw'itīra n'ikoreshwa ry'ibimenyetso by'uburumbuke bya gipagani byo mu gihe cy'impeshyi; kandi byabaye kimwe mu bikoreshwa mu buryo benshi bizihiza Pasika. Aha ni ho hakomotse amagi ya Pasika n'inkwavu za Pasika, nk'urugero – igi ndetse n'urukwavu byari ibimenyetso by'uburumbuke. Izina nyirizina rya "Easter" (Pasika mu rurimi rw'icyongereza), birashoboka ko ryakomotse mu izina ry'ikigirwamanakazi cyitwa "Ishtar". Ibintu nk'ibi bishobora gutuma tumenya impamvu abadiventiste bamwe bahakana mu buryo bukomeye umunsi wa Pasika.

Nubwo mu buryo runaka nsangiye na bo impamvu zimwe, ntabwo nifatanyije na bo mu buryo bakemura icyo kibazo. Madamu White yarwanyaga ko dutwarwa buhoro buhoro n'imitego yose y'itorero Gatolika ndetse n'amatorero y'abakobwa be, kandi abadiventiste benshi bazemeranya na madamu White kuri iyi ngingo. Kandi nta gihe na kimwe kibaho, aho biba bidakwiriye kwemera no kwishimira mu rupfu n'umuzuko by'Umwami wacu. Kandi, njyewe mbona ko aho bidakwiriye cyane ari mu mpera z'icyumweru cya Pasika.

Mu minsi yanjye ubwo nakoraga umurimo w'ubupasitoro mu itorero, nahoraga nigisha ikibwirizwa kuri ibi bintu ku isabato ibanzirirza icyumweru cya Pasika. Niba icyo cyari kuba igihe umukristo wo mu rindi torero yari kuba yinjiye mu itorero ryanjye ku ncuro ya mbere, ntabwo nifuzaga ko afata umwanzuro w'uko

abadiventiste b'umunsi wa karindwi badaha agaciro igikorwa ntagereranwa cy'ukwizera kwa Gikristo – ari cyo urupfu n'umuzuko bya Yesu. Na none kandi, ntabwo ntekereza ko ari ngombwa cyangwa ari iby'umumaro kugerageza guhindura amatorero yacu nk'ayandi mu buryo bushoboka bwose, hifashishijwe imirimbo imeze kimwe, ibyapa, ibirori, n'ibindi; nk'uko abandi babikoresha. Nyamara, dushobora kurangamira ubusobanuro nyakuri bw'ibi bintu byabaye mu gihe kinini cyashize. Nk'uko Elina White yatanze inama ko abantu batagomba kwima agaciro Noheli ahubwo bakarwanya ibikorwa byayo bidahesha Kristo ikuzo, nizera ko ibi ari byo bikwiriye kuba intego yacu ku birebana na Pasika.

## Ikibazo cya 39: Mbese abadiventiste babujijwe gusabana kw'abagize itorero? ("Mbese uburyo bwose bwo gusabana kw'abagize itorero no kwidagadura ni bubi?")

*Mfite ikibazo kubyo umuntu umwe yavuze ku magambo ya Elina White akurikira: "Abavuga ko ari abakristo, bajya mu birori n'ibikorwa byo kwinezeza byonona iyobokamana rya Yesu Kristo. Ni ibidashoboka ku bantu babonera umunezero mu gusabana kw'abagize itorero, ibirori, ndetse no guhura k'uburyo bwinshi kugendereye kwishima; ko bagirira Yesu urukundo rwimbitse no kumwiyegurira kuboneye." – Elina G. White, Confrontation, p.64.*

*Umwe mu bakuru b'itorero ryacu uri kurwana inkundura yo gutuma Elina White agaragara nk'uwogeza imibereho yo kutishīma, avuga ko icyo yashakaga kuvuga, ari uko uburyo bwose bwo gusabana kw'abagize itorero no kwidagadura ari kubi. Nyamara, njyewe nzi ahandi mu nyandiko ze herekana ko atanenga kwidagadura kwiza. Nyamuneka, nimutange umucyo kuri iki kibazo.*

Madamu White ntabwo yarwanyaga ibintu byose bimeze bityo. Urugero, yaranditse ati, "Ukwishima kwacu binyuze mu gusabana n'abandi, ntabwo kugomba kugengwa n'imigenzo y'isi, ahubwo kugomba kugengwa n'Umwuka wa Kristo ndetse n'inyigisho zo mu Ijambo Rye." *(The Ministry of Healing, p.352,353).* Iryo ni ryo tandukaniro. Yagaye gusabana kw'abagize itorero kw'andi matorero, kuko kutahuzaga n'amahame ndetse n'imyitwarire ya gikristo. Hano ntabwo yavugaga amateraniro yo gusabana kw'abagize itorero, aho abantu batigeze "bajya mu birori n'ibikorwa byo kwinezeza byonona iyobokamana rya Yesu Kristo."

Mu gitabo cyitwa *Testimonies to Ministers and Gospel Workers, p.82,83* harimo amagambo akurikira arebana n'amahuriro yo gusabana. Urebe aho bitandukaniye:

Amateraniro yo gusabana no kungurana, ashobora kugira umumaro uhanitse kandi akigisha abantu mu gihe abahuriye hamwe bafite gukunda Imana kwakira ubutazima mu mitima yabo, mu gihe bahuye kugira ngo bungurane ibitekerezo birebana n'ijambo ry'Imana, cyangwa bagamije kurebera hamwe uburyo bateza imbere umurimo w'Imana, no gukorera ibyiza bagenzi babo. Mu gihe nta kintu kivuzwe cyangwa gikozwe cyo kubabaza Umwuka Wera w'Imana, ahubwo Umwuka Wera agafatwa nk'umushyitsi uhawe ikaze, ubwo noneho Imana iba ihawe

icyubahiro, kandi abateranye bagarurwamo ubuyanja kandi bakongererwa imbaraga. . . .

Nyamara, higeze kubaho uburyo runaka bw'amateraniro yo gusabana muri Battle Creek, kandi ayo materaniro uko yakabaye yari ateye ukundi rwose. Ibyo birori byo kwinezeza, byahindutse igisebo ku bigo byacu no ku itorero ryacu. Bibyutsa ukwibona mu myambaro, ukwigaragaza, kwishimisha, gutwarwa n'inkuru zisekeje, no gukora ibintu by'imburamumaro. Satani anezezwa no kuba umushyitsi wubashywe aho hantu, kandi akigarurira abahora baza muri aya materaniro. . . .

Amateraniro menshi ameze atyo narayeretswe. Nabonye ukwinezeza, kwigaragaza mu myambarire no kwirimbisha. Bose bifuza gutekerezwa ko ari ibitangaza, maze bakiyegurira gutwarwa n'inkuru zisekeje, amarenga y'ubupfapfa, ibitagira umumaro, gushimagizwa byo ku rwego ruhanitse n'ibitwenge bimeze nk'urusaku. Amaso arahondobera, amatama agatukura, umutimanama ugasinzira. Mu kurya, kunywa no kwinezeza, bakora uko bashoboye ngo bibagirwe Imana. Ibikorwa byo kwinezeza ni byo paradizo yabo.

Madamu White yagaragaje ko Yesu atarwanyaga amateraniro meza.

Yesu yaciriyeho iteka kwikunda uko kwaba kumeze kose, nyamara muri mibereho Ye yarasabanaga. Yemeraga gucumbika ku bo mu nzego zinyuranye z'abantu, akinjira mu ngo z'abakungu n'utururi tw'abatindi, akinjira mu ngo z'abanyabwenge n'iz'abaswa, kuko yashakaga kubakuramo ibitekerezo bitagira umumaro kugira ngo abatere guhanga amaso yabo ku by'umwuka kandi bihoraho. Ntiyashyigikiraga uburangare ubwo ari bwo bwose, kandi imyifatire ye ntiyigeze irangwamo n'igicucu cyo kutagira icyo yitaho; umunezero we yawuboneraga, mu bintu byera kandi amateraniro y'abantu yezwaga n'uko ayarimo *(Urugo rwa Gikristo, p.446[soft]).*

## Ikibazo cya 40: Mbese twagira imisaraba mu nsengero zacu? ("Pasika")

*Twagize inama ya rukokoma y'abayobozi b'itorero, ku birebana no kugira imisaraba mu nsengero z'abadiventiste b'umunsi wa karindwi. Mbese haba hari inama umwuka w'ubuhanuzi utanga kuri iyi ngingo?*

Mu byo nabashije kumenya, nabonye ko iyi ari ingingo madamu White atigeze agira icyo avugaho. Arthur White yavuze ibi mu gihe cy'imyaka itari mike ishize, nyamara nta kintu ndabona mu nyandiko za madamu White kimuvuguruza. Icyakora, hano hari amagambo aboneka mu *Ntambara Ikomeye* ashobora kuba afite ahurira n'ikibazo cyawe kirebana n'umusaraba:

Hari isano ikomeye iri hagati y'itorero ry'i Roma n'itorero ry'Abayuda ryo mu gihe Yesu yazaga bwa mbere. Nubwo Abayuda bakandagiraga amategeko y'Imana mu ibanga, ku mugaragaro berekanaga ko bayakomeza cyane ndetse ku giti cyabo bakongeraho n'undi mugereka w'umwihariko wo kuyakabiriza n'imigenzo yabo ari byo byatumye kuyakomeza bihinduka ibigoranye kandi biba umutwaro uremereye. Nk'uko Abayuda bavugaga ko bakomeza amategeko, n'itorero rya Roma rivuga ko ryubaha umusaraba. Baha ikuzo ikimenyetso cy'umubabaro wa Kristo, ariko mu bugingo bwabo bagahakana Uwo cyerekezaho.

Ubupapa bwujuje imisaraba muri kiliziya zabo, ku ntambiro no ku myambaro yabo. Ahantu hose uhasanga ikimenyetso cy'Umusaraba. Ahantu hose umusaraba uri harubahwa kandi hagahabwa ikuzo. Ariko inyigisho za Kristo zo bazihambye hagati y'imihango itagira umumaro, ubusobanuro bw'ibinyoma n'imigenzo idashyitse. p.*522[soft]*

Uraza kubona muri aya magambo ko madamu White yabonye uguhabana kw'ibyāgakwiriye kwitegwa, aho kuba umugayo, mu bayuda kubw'amategeko n'abagaturika kubw'uko bafata umusaraba. Nk'uko atigeze anenga amategeko, ni ko atigeze anenga umusaraba; nyamara yagaragaje uburyo binyuranye n'ibyo umuntu yakwitega, kuko aberereje ibi bintu batigeze babaho imibereho ihamamya n'usobanuro bwabyo nyakuri.

Ku bijyanye no kurimbisha insengero zacu, madamu White ntabwo yigeze anenga ibintu nk'ibyo mu gihe bitarimo gukabya no gusesagura, kandi bikaba

byongēra ubwiza ku rusengero cyangwa bifite umumaro runaka. Ibishimishije ku maso, na byo byari ingenzi cyane kuri we.

## Ikibazo cya 41: Mbese kwiyuhagira ku Isabato ni icyaha? ("Kweza Isabato!")

*Hari amagambo nabonye, kandi ndifuza ko mugira icyo muyavugaho. Hari icyo avuga kijyanye nuko imyiteguro yose y'isabato igomba gukorwa ku wa gatandatu, ari wo munsi wo kwitegura Isabato. Iyi myiteguro irimo gutunganya imyambaro, guteka ibyo kurya, gusiga inkweto umuti, no kwiyuhagira.*

*Nubwo nsobanukiwe impamvu ari ngombwa gukora iyi myiteguro yose yavuzwe haruguru mbere yuko Isabato itangira, nkeneye ubusobanuro bwimbitse ku birebana no kwiyuhagira kuwa gatandatu. Mbese bisobanuye ko naba ndi gukora icyaha mu gihe naba niyuhagiye ku Isabato?*

Amagambo wavuzeho ni aya akurikira, aboneka mu Bihamya by'itorero, vol.6, p.355,356:

"Kuwa gatandatu, mureke imyiteguro yose y'Isabato isozwe. Murebe ko imyambaro yose izambarwa itunganye n'ibyo kurya byose byatetswe. Mureke Inkweto zisigwe umuti kandi umuntu wese yiyuhagire. Gukora ibi birashoboka. Uramutse ubigize ihame wabikora. Imyambaro ntikwiye kudodwa ku isabato. Guteka ibyo kurya, kwishakira ibinezeza cyangwa kwikorera indi mirimo yose y'isi ntibikwiye gukorwa ku Isabato. Imirimo yose ikwiye kurangira izuba ritararenga, impapuro zose zivuga iby'isi zihererezwe ku ruhande aho zitabonwa ngo zisomwe. Babyeyi, musobanurire abana banyu imirimo n'umugambi byanyu ngo bajye bafatanya namwe kwitegura no kwitondera Isabato nk'uko itegeko riri."

Ubwo madamu White yandikaga ibi, ntabwo abantu benshi hano muri Amerika bari bafite uburyo bworoshye bwo kwiyuhagira. Kubw'iyo mpamvu, ntabwo babikoraga kenshi; birashoboka ko biyuhagiraga incuro imwe mu cyumweru, bamwe bakabikora incuro nyinshi, abandi bakabikora incuro nkeya. Ku bantu benshi, kwiyuhagira byababaga bisobanuye kubanza gucanīra amazi ku ziko cyangwa kuyakūra mu kigega cy'amazi ashyushye gifatanye n'iziko, kuyajyana mu gikoresho kinini gishyirwamo amazi (mu bihe bimwe na bimwe hakoreshwaga igikoresho bazana mu cyumba bagamije kujya bacyiyuhagiriramo), kwiyuhagira, gusuka amazi aho hantu no kuhakorera isuku. Habaga harimo akazi kenshi. Abadiventiste bamwe batindaga gukora ibi bintu kuwa gatandatu, umunsi wabo bakawumarira mu

mirimo isanzwe, hanyuma kwiyuhagira bakabikora nijoro – nyuma yuko Isabato yatangiye. Kubw’iyo mpamvu, babaga bafite ingorane ebyiri: iya mbere, babaga bafite akazi gakomeye ko gukora ku Isabato, kandi iya kabiri, ntabwo babaga bafite umwiteguro nyakuri ku mubiri no mu ntekerezo, wo kwakira Isabato nk’igihe kera, ubwo yabaga ije.

Uyu munsi wa none, mu bice byinshi by’uburengerazuba bw’isi, imibereho imeze itya ntabwo ibaho. Amazi arashyushywa mu buryo bwikora *(automatically),* hanyuma akisuka mu gikoresho cyo kwiyuhagiriramo mu gihe bayafunguye. Amazi abasha no gusohoka aho aba yamenetse mu gihe cyo koga, akajya mu itiyo yabugenewe bidasabye ko umuntu abigiramo uruhare rw’umwanya munini. Ubu buryo bikorwamo muri iki gihe, bwatumye koga cyangwa kwiyuhagira bihinduka kimwe mu byo abantu bakora buri munsi nk’akamenyero. Kubw’ibyo, ku giti cyanjye mbona ko kwiyuhagira mu gitondo bimeze kimwe nko gukaraba mu maso kwa mu gitondo cyangwa koza amenyo. Nta murimo urimo, kandi ntabwo byerekana ko umuntu atigeze agira imyiteguro y’Isabato. Ntabwo buri wese abona iki kibazo mu mucyo uhuje n’uwo nkibonamo. Mfite incuti zigirira umugisha mu migirire yabo yo kwiyuhagira mbere yuko isabato itangira, kandi ntibababikore mu masaha y’Isabato. Mpa agaciro kandi nubaha amahitamo yabo kuri iyi ngingo.

Mu bice by’isi, aho kwiyuhagira bigisaba umurimo ufatika, nizera ko bikwiriye gukorwa mbere yuko Isabato itangira, bigakorerwa hamwe n’indi myiteguro madamu White yavuze mu magambo wasomye hejuru.

Nagusangije uburyo bwanjye bwite numvamo iyi ngingo. Ntabwo uru ari rwo ruhande nyirizina abarinzi b’inyandiko za Elina White bahagazemo ku bijyanye n’iyi ngingo. Ntabwo nigeze mbona abarinzi b’inyandiko za Elina White bafata umwanzuro nyirizina n’umwe kuri iyi ngingo. Wemerewe guha agaciro uburyo bw’imyumvire nagaragaje, ariko kandi wemerewe rwose no kugera ku wundi mwanzuro utandukanye n’uwanjye ku birebana n’uburyo tugomba gushyira mu bikorwa ariya magambo ya madamu White mu mibereho y’iki gihe.

## Ikibazo cya 42: Mbese gukora inama z'abagize komite y'itorero ku Isabato, ntabwo bikwiriye? ("Kweza Isabato")

*Mbese hari ahantu na hamwe mu nyandiko za madamu White, yavuze ko bidakwiriye gukora inama y'abizera – cyangwa inama z'amakomite zo gutegura gahunda y'ibikorwa byegereje, inama z'abagize komite y'itorero, inama zo gutegura ubufasha ku bizera babukeneye, inama z'ishuri ryigisha Bibiliya mu kiruhuko, n'izindi? Mu Bihamya by'Itorero, vol.6, p.44,45, Elina White avuga ko amabwiriza yo kugurisha inyandiko z'itorero n'ay'umurimo w'ishuri ryo ku Isabato, n'amanama ya za sosiyete zandika udutabo duto n'iz'abamisiyoneri, bidakwiriye gukorerwa mu materaniro makuru, kuko ibi byakūra abantu mu mwuka wo kwera. Mbese iri hame ryakoreshwa no ku bijyanye n'Isabato? Cyangwa abantu bazamura ibi bibazo, bameze nka babandi bashinjije Yesu kwica isabato hanyuma bakanenga buri gikorwa gito cyose yakoraga? Igitangaje, ni uko gutegura ikwirakwizwa ry'udutabo duto, kuganira ku buryo bwo gufasha abakene n'abatishoboye, gutegura uburyo bwo kurera abana, n'ibindi..., byose ni ibirebana na Kristo n'itorero rye.*

Wabajije ikibazo cyiza cyo gutekerezwaho. Mu bugenzuzi nakoze mu nyandiko za madamu White, ntabwo nigeze mbona igisubizo gihamye kuri cyo. Ubwo rero icyo twaba dusigaranye, ni ukureba ahandi hantu dushobora kubona ibyabaye bifitanye isano rinini cyangwa rito n'iyi ngingo turi kwibazaho.

Ubwo nashakishaga amagambo avuga ngo "inama y'abizera", "inama z'abizera" mu gika kibonekamo ijambo "Isabato," nabonye amagambo akurikira yanditswe na Arthur L. White mu muzingo wa gatandatu w'igitabo kivuga imibereho ya madamu White.

Ingingo [ijyanye no gushyiraho gahunda no kwandikisha itorero ku mugaragaro, kugira ngo rishobore kugira umutungo mu buryo bufite umutekano] yagiye ikozwa hirya no hino mu buryo bwo kuburirwa umwanzuro mu mezi atandatu ashize, kandi byagiye bivugwaho cyane mu nyandiko nyinshi zo mu *Rwibutso.* Nyuma habaho guhamagaza inama rusange I Battle Creek, yagombaga gutangira kuwa gatandatu w'isabato, kuwa 28 Nzeri, kugira ngo hafatwe umwanzuro wo kurinda umurimo binyuze mu buryo runaka bwo gushyira ibintu ku murongo. Bitewe n'umumaro w'iyo nama, uburyo iyo nama yakozwe byagaragajwe mu buryo burambuye mu

biboneka mu *Rwibutso n'Integuza*, kuwa 9, 16 na 23 Ukwakira. Inama z'abizera zatangiye kuwa 29 Nzeri Isabato ikimara kurangira, kandi Joseph Bates ni we wari wasabwe kuyobora iyo nama. Kubwo kuzirikana impaka zakomeje kugarukwaho mu *Rwibutso*, abitabiriye iyo nama bahise binjira mu kiganiro kirekire. Byaragaragaraga ko benshi batari bishimiye intambwe iyo ari yo yose iganisha mu kurema umuryango ufite ubuzima gatozi. Inama yarakozwe guhera ku mugoroba Isabato irangiye, no kuwa mbere mu gitondo na nyuma ya saa sita, hanyuma amaherezo irangira hemejwe ibi bikurikira: . . . . *(Ellen G. White: Volume 1—The Early Years 1827 -1862, vol.1, p.421).*

Inama yagaragajwe haruguru, yagombaga gufata umwanzuro ku birebana no guhindura itsinda ryacu, rikaba umuryango uzwi na leta kandi ufite ubuzima gatozi. Abayobozi b'itorero, bategereje ko isabato irangira kugira ngo babone kugira icyo bakora kuri iyo ngingo. Nibukijwe ko n'uyu munsi, amanama y'Inteko nkuru rusange n'inama z'abizera, bikorwa ku mu masaha atari ayo ku Isabato, kandi amanama yo ku Isabato aharirwa ingingo zirebana no gutera umwete ku murimo.

Ku rundi ruhande, ingingo wabajije ijyanye no gutegura ikwirakwizwa ry'udutabo duto, gufasha abatishoboye, n'izindi; ukavuga ko ari kimwe mu bigize umurimo w'ibya Mwuka, iragaragara nk'ifite ukuri mu buryo runaka. Ntabwo ntekereza ko nemerewe kuvuga yuko gutegura gahunda nk'izo bidakwiriye ku munsi w'Isabato, icyakora nisanga ndi kwibaza ibibazo byinshi mu gihe ntekereza kuri iki kintu: Ni gute Umwami yakwifuza ko nkoresha amasaha yera y'Isabato kugira ngo nsohoze mu buryo bwose bushoboka imigambi aba afitiye Isabato? Mbese impamvu ngambirira gutegura izi nama ku Isabato ni ukugira ngo zitabangamira gahunda zanjye nateguriye indi minsi itandatu? Mbese iyo ntategura izi nama ku Isabato, ni gute najyaga gukoresha igihe? – mbese najyaga kurushaho kwakira umugisha Umwami yifuza ko Isabato inzanira, cyangwa najyaga gukoresha igihe mu buryo bwabyara umugisha muke?

## Ikibazo cya 43: Mbese itorero ry’abadiventiste, rikwiriye kwanga inkunga zose za Leta? (“Inkunga ya Leta”)

*Habayeho ikiganiro mu itorero ryacu, kirebana n’ibyo Elina White avuga ku nkunga zitangwa na leta zo gushyigikira inyubako z’itorero. Nubwo nashakishije ahantu hatandukanye, nta hantu nigeze mbona hagira icyo havuga kuri iyo ngingo. Mbese mwamfasha?*

Ntahantu na hamwe nzi madamu White yagize icyo avuga mu nyandiko ze, kirebana n’inkunga zitangwa na leta zo gushyigikira inyubako z’itorero. Icyakora, yanditse ibirebana no kwakira inkunga z’ubutaka zitanzwe na leta. Amagambo y’ibanze avuga kuri iyi ngingo aboneka muri *Testimonies to Ministers and Gospel Workers*, p.197-203. (Reba amagambo ari mu mugereka, arebana na paje ya 197 ndetse n’iya 200.) Hano hari bimwe mu byo yabivuzeho biboneka muri kiriya gitabo:

Kuwa 30 Mutarama, 1895.

Wabajije ku bijyanye no kuba dufite uburenganzira bwo kwakira impano zivuye ku banyamahanga cyangwa abapagani. [Cecil Rhodes, umuyobozi wa koloni yitwa Cape, mu gihugu cya Afurika y’epfo, yahaye itorero ry’abadiventiste ubutaka bufite ubuso busaga 48.5 $km^2$ (kilometerokare zisaga 48.5) zo kubakaho misiyoni]. Iki kibazo ntabwo ari ikidasanzwe; nyamara nanjye hari icyo nakubaza, ninde nyir’iyi si yacu? mu by’ukuri ni bande nyir’amazu n’ubutaka? Mbese ntabwo ari Imana? Ifite ubutunzi mu isi yacu yashyize mu biganza by’abantu, ari byo bigomba kugaburira abashonji, kwambika abambaye ubusa no gucumbikira abatagira aho baba. Uwiteka yagenderera ab’isi, ndetse n’abasenga ibigirwamana, kugira ngo batange ku butunzi bwabo mu gushyigikira umurimo, iyaba twabasangagaga mu bwenge, hanyuma tukabaha amahirwe yo gukora ibyo bishimira gukora. Icyo bashobora kuduha, dukwiriye kwishimira kucyakira.

Dukwiriye kumenyerana n’abantu bo mu myanya yo hejuru, kandi binyuze mu kugira ubwenge nk’inzoka no kutagira amahugu kw’inuma, dushobora kubagiriraho umugisha, kuko Imana yagenderera ubwenge bwabo ngo bakore byinshi kubw’abantu bayo. Iyaba abantu bakwiriye, bashyiraga imbere y’abafite uburyo n’ubushobozi ubukene bw’umurimo w’Imana mu mucyo ukwiriye, aba bantu

babasha gukora byinshi mu guteza imbere umurimo w'Imana mu isi yacu. Amahirwe yihariye n'ibyiza twajyaga kuboneramo inyungu twabishyize kure yacu, kuko twahisemo guhagarara ku ruhande twitandukanije n'isi. Icyakora ntidukwiriye gutamba ihame na rimwe ry'ukuri mu gihe turi kubyaza umusaruro amahirwe yose yo guteza imbere umurimo w'Imana. *(Testimonies to Ministers and Gospel Workers*, p.197, 198).

Benedata bo muri [Battle Creek, Michigan] ntabwo bari kurebera buri kintu cyose mu mucyo ukwiriye. [Mu nama y'Inteko nkuru rusange yo mu 1893, – hashingiwe ku ruhande itorero rihagazemo ku birebana no gutandukana kw'itorero na leta – hemejwe kwanga isonerwa bahawe na leta ryo kutishyura imisoro ku mitungo y'itorero no kwishyura umusoro]. Imyanzuro bafashe yo kwishyura imisoro ku mitungo ya sanitariyumu [ikigo mbonezamirire], kwagaragaje ishyaka n'umutimanama bitarimo ubwenge, habe no kuba ari iby'ukuri mu buryo ubwo aribwo bwose. Ibitekerezo byabo by'umudendezo w'idini, birimo kudodwa hifashishijwe ibitekerezo bidakomoka ku Mwuka Wera, kandi umudendezo w'idini urarwaye, ndetse uburwayi bwawo bushobora gukizwa gusa n'ubuntu n'ubugwaneza bwa Kristo. . . .

Mureke aba bantu basome igitabo cya Nehemiya bafite imitima yicishije bugufi, kandi yakozweho n'Umwuka Wera. Ibitekerezo byabo bipfuye bizahindurwa, kandi amahame y'ukuri azagaragara, kandi gahunda y'ibintu iriho none izahindurwa. Nehemiya yasenze asaba Imana ubufasha, kandi Imana yumvise isengesho rye. Imana yagendereye abami b'abapagani kugira ngo bamufashe. Ubwo abanzi be bakoranaga ishyaka mu kumurwanya, Imana yakoreye mu bami kugira ngo umugambi wayo ujye mbere, no kugira ngo isubize amasengesho menshi yazamukaga agana kuri Yo, asaba ubufasha bari bakeneye cyane. (ibid., 200)

Uwiteka aracyagenderera imitima y'abami n'abategetsi kubw'abantu be, kandi bisaba ko abashishikajwe cyane n'ikibazo cy'umudendezo w'idini, badakwiriye guhagarika amahirwe ayo ari yo yose, cyangwa kwikura mu bufasha Imana yatumye abantu batanga, kugira ngo umurimo wayo ujye mbere. . . .

Imana ya Isirayeli yashyize umutungo wayo mu biganza by'abatizera, nyamara ugomba gukoreshwa mu gushyigikira imirimo ikwiriye gukorerwa isi yaguye. Abo izi mpano ziturukaho, bashobora gufungura inzira ukuri kubasha kunyuramo. Bashobora kuba badafitiye impuhwe umurimo, kandi ntibizere Kristo, ndetse

badashyira mu bikorwa amagambo Ye; nyamara ntabwo impano zabo zigomba kutakirwa bitewe n'izo mpamvu. (ibid., 202, 203).

# IGICE CYA GATATU – IBIBAZO BIJYANYE N’IBIHE BIHERUKA

## Ikibazo cya 44: Mbese Kristo yashoboraga kuba yaraje, mbere yo mu 1884? ("Kristo yashoboraga kuba yaraje")

*Mbese hari amagambo mwaba muzi, yanditswe mbere yo mu 1884 avuga ko Kristo yashoboraga kuba yaraje muri uwo mwaka, iyo abantu baba barakoze inshingano yabo?*

Dushingiye kuri iki kibazo, hano hari amagambo atandukanye yujuje ibisabwa:

Ijoro rirerire ry'icuraburindi riragoye kuryihanganira; nyamara igitondo gitinzwa n'imbabazi, kubera ko Databuja aramutse aje, yasanga benshi batiteguye. Kuba Imana itifuza ko hagira n'umwe urimbuka, ni byo byatumye habaho gutinda cyane. (*Testimonies for the Church [Ibihamya by'itorero]*, vol.2, p.194). [Ingeri yo mu 1868]

Mu butumwa bageza ku bantu, abamarayika b'Imana berekana ko igihe ari kigufi cyane. Uko ni ko nanjye nagiye mbyerekwa ibihe byose. Ni iby'ukuri ko, igihe cyakomeje kuba kirekire kurusha uko twari tubyiteze mu itangira ry'ubu butumwa. Umukiza wacu ntiyaje vuba nk'uko twabyiringiraga. Ariko se ijambo ry'Uwiteka ryarabeshye? Ntibikabeho! Ni byiza kwibuka ko amasezerano y'Imana n'ibiteye ubwoba ivuga byose bifite impamvu igomba gutuma bisohora.

Imana yari yarahaye ubwoko bwayo umurimo bugomba gukora ku isi. Ubutumwa bwa marayika wa gatatu bwagombaga gutangazwa, intekerezo z'abizera zagombaga kuganishwa ku buturo bwera bwo mu ijuru, aho Kristo yinjiye kugira ngo ahongerere abe. Ubugorozi bwerekeye Isabato bwagombaga gukomeza gukorwa. Icyuho cyaciwe mu mategeko y'Imana, cyagombaga gusibwa.

Ubutumwa bwagombaga kwamamazwa mu ijwi rirenga, kugira ngo abatuye isi bose baburirwe. Ubwoko bw'Imana bugomba gutunganya ubugingo bwabwo binyuze mu kumvira ukuri, kandi bukaba bwiteguye guhagarara imbere ya Kristo butariho ikizinga ubwo azaba agarutse.

Nyuma yo gucika intege gukomeye kwabaye mu mwaka wa 1844, Iyo Abadiventisiti baba barashikamye ku kwizera kwabo, kandi bagakomeza kujya mbere bafatanye urunana mu nzira ubuntu bw'Imana bwabaciraga, bakakira ubutumwa bwa marayika wa gatatu kandi bakabubwira abatuye isi mu mbaraga ya Mwuka Muziranenge, baba barabonye agakiza k'Imana, Uwiteka aba yarabakoreye

ibikomeye mu mwete wabo, umurimo uba wararangiye, na Kristo aba yaragarutse mbere y'iki gihe, aje gutwara ubwoko bwe ngo abuhe ingororano yabwo. *(Ubutumwa bwatoranyijwe vol.1, p.62,63 [soft])* [Ingeri yo mu 1883]

Ibi, ni igice gito gusa cy'inyandiko ndende wabasha gusomera ku rubuga rwa murandasi rw'abarinzi b'inyandiko za Elina white rwitwa: [http://www.WhiteEstate.org/issues/delay.html](http://www.WhiteEstate.org/issues/delay.html)

## Ikibazo cya 45: Mbese ishyaka ry'abademokrate, rizashyiraho amategeko y'icyumweru? ("Mbese ishyaka ry'abademokrate, ni ryo nyirabayazana w'amategeko y'icyumweru?")

*Incuti yanjye, yambwiye ko mu cyumweru gishize ubwo bāri ku rusengero, pasitoro yavuze ko madamu White yavuze yuko ishyaka ry'abademokrate ari ryo rizaba nyirabayazana w'ishyirwaho ry'amategeko y'icyumweru. Nashakishije aya makuru kuri uru rubuga rwa murandasi, nyamara birasa nkaho atabasha kuboneka. Uko bigaragara, pasitoro anavuga ko madamu White yavuze ko, perezida uheruka wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika azavukira mu kindi gihugu.*

Ibi bitekerezo byombi ni ibinyoma. Kimwe muri byo, cyashyizwe ku rutonde "rw' amagambo atizewe cyangwa adafite ukwera [*apocryphal quotations*]" yitirirwa madamu White uhereye mu myaka ya 1960, ubwo imizingo itatu y'igitabo cyitwa *Comprehensive Index to the Writings of Ellen G. White* yacapwaga. Ku musozo w'umuzingo wa gatatu, ku mugereka wa C, uzahabona urwo rutonde rw'amagambo atizewe cyangwa adafite ukwera. Ku rubuga rwacu rwa murandasi, twafashe urwo rutonde turarwagura, twongeramo n'andi magambo. Munsi y'ahitwa "Issues & Answers" (ibintu bitandukanye n'ibisubizo byabyo) haboneka kuri menu yacu nyamukuru, hariho igice cyitwa "Statements Mistakenly Attributed to Ellen G. White [Amagambo yagiye yitirirwa Ellen G. White nyamara atari aye]". Kugira ngo ubone iyo nyandiko isemuwe mu Kinyarwanda, kanda kuri linki ikurikira http://www.asaurnyarugenge.org/wp-content/uploads/2020/05/AMAGAMBO-YAGIYE-YITIRIRWA-ELLEN-G.-WHITE-NYAMARA-ATARI-AYE.pdf . Hano hari bimwe mu biboneka muri iyo nyandiko, bitanga igisubizo kuri kimwe mu bibazo wabajije: "Ishyaka rya politike cyangwa izina ry'umuryango wa perezida uheruka wa Leta zunze ubumwe za Amerika… Amakuru avuga ko Elina G.White yahishuye mu buryo bwahuranyije cyangwa butahuranyije ishyaka rya politike cyangwa izina ry'umuryango bya perezida wa Leta zunze ubumwe za Amerika mu bihe bisoza amateka y'isi, ni ibihimbano by'umwimerere"

Ikindi gitekerezo cy'uko madamu White yavuze ko, perezida uheruka wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika yagombaga kuzavukira mu kindi gihugu; na cyo rwose ni igihimbano.

## Ikibazo cya 46: Mbese Leta Zunze Ubumwe za Amerika izarwanywa, hanyuma itakaze imbaraga zayo? (“Mbere y’iherezo ry’ibihe, Leta Zunze Ubumwe za Amerika izarwanywa hanyuma itakaze imbaraga zayo”)

*Nigeze kumva abantu bamwe bavuga ko Elina White yanditse ikintu runaka kivuga ko mbere y’iherezo ry’ibihe, Leta Zunze Ubumwe za Amerika izarwanywa hanyuma igatakaza imbaraga zayo. Mbese ibi ni ukuri? Cyangwa ni ibyo abandi bumvanye abandi? Niba ari ukuri, ni hehe biboneka mu nyandiko ze?*

Ntabwo Madamu White yigeze avuga amagambo ameze atyo. Mu muzingo wa mbere w’ *Ibihamya,* yaranditse ati, “nyamara iri shyanga rizacishwa bugufi mu mukungugu,” nyamara uburyo yabivuzemo, bigaragaza neza ko yarengurizaga ku ntambara y’abenegihugu (p.259).

Ku bijyanye n’ibihe biheruka, ikintu nzi cyegeranye cyane mu buryo bushoboka n’icyo washakaga, ni ikiboneka ahantu havuga “iby’ubukungu bw’isi” bukeneye gusubiranwa. Hano hari amagambo abivuga, nk’uko aboneka mu *Ntambara Ikomeye,* p.540,541[soft].

“Kandi uwo mushukanyi ruharwa azumvisha abantu ko abakorera Imana ari bo bateje ibyo byago. Itsinda ry’abarakaje Ijuru rizashinja abubahiriza amategeko y’Imana ko aribo nkomoko y’ibyo byago byose, bahore babahindura abagome. Hazavugwa ko abantu bagomeye Imana bica isabato yo ku munsi wa mbere w’icyumweru (Dimanche); kubwo ibyo, icyo cyaha cyateje ibyorezo, bikazahagarara ari uko umunsi w’icyumweru umaze guhatirwa abantu bose; kandi ko abakomeza gushyigikira itegeko rya kane baba batesheje umunsi w’icyumweru icyubahiro cyawo, ndetse ko bahungabanya umutekano mu gihugu, kuko bakibuza guhabwa umugisha w’Imana no gusubirana mu buryo bukomeye ubukungu bw’isi. Icyo kirego cya kera cyarezwe umugaragu w’Imana kizabyutswa kandi n’impamvu zizaba ari zimwe: “Maze Ahabu abonye Eliya aramubwira ati: Mbega ni wowe n’umuruho wateje Isirayeli? Eliya aramusubiza ati, “Erega si jye wateje Isirayeli umuruho, ahubwo ni wowe n’inzu ya so kuko mwaretse amategeko y’Uwiteka mugakurikira Baali” (1 Abami 18:17,18). Ni bwo abantu bazazabiranywa n’uburakari babitewe n’amazimwe babwiwe, maze bibasire abagaragu b’Imana nk’uko ba bahakanyi bo mu Bisirayeli bibasiye Eliya.”

## Ikibazo cya 47: Mbese isanduku irimo Amategeko Cumi izaboneka? ("Mbese isanduku izaboneka")

*Turimo turashakisha ahantu Elina avuga ko isanduku izaboneka mu gihe runaka cy'iminsi iheruka. Twashakishije ijambo "isanduku" mu gitabo cyitwa Index[6], nyamara nta makuru nyirizina twabonye avuga kuri ayo magambo. Tuzi ko twasomye icyo yabivuzeho, nyamara ntituri kubasha kubona aho byanditse.*

Mu by'ukuri, iki kibazo tugenda tukibazwa kenshi. Kubw'iyo mpamvu, mu myaka runaka ishize, abarinzi b'inyandiko za madamu White batangiye gukwirakwiza inyandiko yitwa – "Isanduku y'Isezerano, mbese izaboneka?" – byakorwaga na mwenedata Odom, akazigeza ku babazaga ibirebana n'icyo kibazo. Ikibazo nyirizina wabajije, kivugwaho rwose kugeza ku musozo w'iyo nyandiko. (Reba ibikurikira. Ushobora gusoma iyo nyandiko uko yakabaye ku rubuga rw'abarinzi b'inyandiko za Elina White, kandi muri yo uzabona amagambo atandukanye ya Elina White arebana n'iyo ngingo.) Nyuma yo kuyisoma, ushobora kwanzura, nk'uko nanjye nabikoze, ko ibyavuzweho bidasobanura neza niba isanduku irimo ibihamya – izaboneka hano ku isi - ari na yo urimo kubaza, mbese si yo?

Mu kwiga twitonze inyigisho z'Umwuka w'Ubuhanuzi. . . . ku birebana n'isanduku y'isezerano yahishwe n'ibisate biriho amategeko y'Imana, ni ingenzi guhora tuzirikana ukuri k'ūko hari hariho isanduku z'isezerano ebyiri – imwe iri mu buturo bwera bwo ku isi, indi ikaba iri mu buturo bwera bwo mu ijuru – kandi ko *muri buri yose yo muri zo* hari harabitswemo ibisate by'amabuye byari byaranditsweho Amategeko Cumi. Izi sanduku zombi ndetse n'ibi bisate biriho amategeko y'Imana, byahishwe amaso y'abantu. Kubw'ibyo rero, ni ingenzi kumenya "ibisate biriho Amategeko Cumi bizazanwa imbere y'abatuye isi mu gihe kizaza" ibyo ari byo, hagati y'ibyo byombi byavuzwe haruguru. . . .

Ibisate by'amabuye biriho Amategeko Cumi, byabitswe mu buturo bwera bwo ku isi, byari biri mu isanduku ubwo yahishwaga mu buvumo n'abakiranutsi, mbere gato y'uko urusengero rusenywa n'abanyabuloni. . . .

---

[6] *Index: Ni imizingo ivuga ku magambo aboneka mu nyandiko za madamu White n'aho aboneka mu buryo burambuye, kandi atondetse mu buryo bukurikije uko inyuguti zikurikirana.*

"Mu bakiranutsi bari bakiri muri Yerusalemu, . . . harimo bamwe biyemeje guhisha amaboko y'abagome isanduku yera yarimo ibisate by'amabuye byari byaranditsweho Amategeko Cumi. Ibyo barabikoze. Barira kandi bababaye cyane, bajyanye iyo sanduku mu buvumo rwihishwa aho yagombaga guhishwa Abisirayeli n'Abayuda bitewe n'ibyaha byabo, kandi ntibari kuzongera kuyigarurirwa. Iyo sanduku yera na n'ubu iracyahishwe. *Nta wigeze ayisagararira kuva igihe yahishiwe*. AnA 414.1" - Abahanuzi n'abami p.334 [soft] (cyasohotse mu 1917); *hongeweho gushimangira*.

Tugendeye ku Mwuka w'Ubuhanuzi, igihe kiraje ubwo ibisate by'amabuye byanditsweho Amategeko Cumi bizazanwa imbere y'abatuye isi. . . .

"Ubwo urusengero rw'Imana rwo mu ijuru ruzakingurwa, mbega uburyo bizaba igihe cyo kunesha ku bantu bose bazaba barabaye indahemuka n'abanyakuri! Muri urwo rusengero, hazabonekamo isanduku y'isezerano irimo ibisate by'amabuye byanditsweho Amategeko y'Imana. Ibi bisate by'amabuye bizerekanwa bikuwe aho byari bihishwe, kandi kuri byo hazagaragaraho Amategeko Cumi yaharatuweho n'urutoki rw'Imana. Ibi bisate by'amabuye biri mu isanduku y'isezerano muri iki gihe, bizaba igihamya kidashidikanywaho cy'ukuri n'icy'amabwiriza ntakuka y'Amategeko y'Imana." – *Letter* 47, 1902 (7BC 972) . . . .

"Mu rubanza, iri sezerano ryayo rizazanwa imbere y'abantu, ryanditswe neza n'urutoki rw'Imana, kandi abatuye isi bazagezwa imbere y'Ubutabera bw'Imana ihoraho kugira ngo bacirwe urubanza. AnA 170.1" – *Abahanuzi n'abami* p.134[soft]. (Byakuwe muri Manuscript ya 82, yo mu 1899; reba mu *Rwibutso n'Integuza*, kuwa 20 Ugushyingo, 1913.)

Hari byinshi bigomba kwitabwaho mu magambo tumaze kubona hejuru. Nta hantu bivugwa ko ibisate by'amategeko bizazanwa n'abantu, nk'ingaruka zo kubibona aho bihishwe mu buvumo. Mu by'ukuri, byaravuzwe neza yuko Imana ubwayo izazana imbere y'abantu ibisate by'amategeko [Manuscript, p.122, 1901 (*Seventh-day Adventist Bible Commentary,* vol.1, p.1109)]. Kandi hari ahantu hamwe Elina White yagaragaje ko "ibisate by'amabuye biri mu ijuru" [Manuscript 20, 1906 (*Manuscript Releases*, 20:68)]. Ikirenze kuri ibyo, ni uko igihe Imana izabikorera kivugwa by'umwihariko ko azaba ari "mu rubanza."

Odom asoza ya nyandiko ye avuga ko, ahandi hose mu nyandiko za Elina White, avuga ku bihe bibiri ibisate by'amabuye bizerekanwa, kandi buri gihe icyo ari cyose

muri ibyo byombi cyashoboraga gusobanurwa nko gusohora k'ubuhanuzi bwerekeye guhishurwa kw'ibisate by'amabuye byahishwe. Icyakora, ntabwo avuga ibisate bibiri yavugagaho ibyo ari byo. Igihe cya mbere, ni mbere gato yo kugaruka kwa Yesu; reba muri *Spirit of Prophecy*, vol.4, p.456,457; *Intambara ikomeye*, p.580[soft]

"Hano, nanone," Odom yaravuze ati, "Biragaragara ko Imana, aho kuba umuntu, ari Yo izagaragaza ibisate. Hanyuma, ibisate by'amategeko bizerekanwa 'nk'ibyo urubanza ruzashingiraho.' Ibi bizabaho ubwo igihe cy'imbabazi kizaba cyararangiye ku bantu bose." Hanyuma igihe cya kabiri, ni mu gihe cyo kwimikwa kwa Kristo guheruka; reba muri *Spirit of Prophecy,* vol.4, p.484; *Intambara Ikomeye,* p. 606[soft].

## Ikibazo cya 48: Mbese ibyabaye kuwa 11 Nzeri, byasohoje ubuhanuzi bwa Elina White? ("Ubuhanuzi bwa World Trade Center")

*Mu muzingo wa 9 w'Ibihamya by'itorero, Elina White yanditse ku mazu arimo gushya, kandi nyuma yo kuwa 11 Nzeri, abagize itorero ryanjye baje kugera ku dutabo (pamphlets) tuvuga ko yari yarabonye mu iyerekwa ibyabaye kuri uwo munsi muri iki gihugu. Vuba aha rwose naje kugera ahanditse iri yerekwa mu Bihamya, nyamara sinashoboraga kwanzura niba mu by'ukuri yaravugaga ku nyubako yitwa World Trade Center, cyangwa irimbuka ryegereje.*

Mfite incuti nubaha cyane – harimo no kuba afite ubumenyi bwimbitse mu nyandiko za madamu White – wizera ko madamu White yabonye mu iyerekwa isenyuka ry'inyubako yitwa "World Trade Center"; nyamara sinkwiriye kwemeranya na we. Nubwo hari amahuriro amwe n'amwe atangaje hagati y'ibyabaye kuwa 11 Nzeri n'ibyo madamu White yanditse kuri paje ya 12 n'iya 13 mu muzingo wa 9 w' *Ibihamya,* hari n'itandukaniro rigaragara, riboneka hagati yabyo. Ntabwo nzi niba inyubako yitwa "World Trade Center" yarigeze na rimwe yemezwa "nk'itabasha gushya," nk'uko madamu White asobanura amazu yabonye. Nyamara nubwo iyo nyubako yaba yari yo cyangwa itari yo, ntabwo yigeze ikongoka "nk'iyubakishije amakakama ashonga." Ikintu gikongotse nk'icyubakishijwe amakakama ashonga, kirakongoka uko cyakabaye; nyamara inyubako yitwa "World Trade Center" yasenywe n'umuriro wagarukiye ku magorofa make. Ibi byatumye "ibyuma bikomeza inyubako" bitakaza gukomera kwabyo, hanyuma bituma amagorofa "agwiririrana", rimwe rikagwa hejuru y'irindi. Iyaba narabonye ibintu nk'ibyo hanyuma nkagerageza gusobanura uko byagenze, ntabwo nari gutekereza ku mvuga yo "gukongoka nk'iyubakishijwe amakakama ashonga."

Ntanubwo nzi ikintu na kimwe mu byabaye cyaba kigaragaza ko gusenyuka kw'iriya nyubako kwatewe n'uko "abashinzwe kuzimya umuriro batabashije kugendesha imashini zabo." Bamwe bavuga ko imashini zizimya umuriro zangiritse bikomeye, bigatuma zihinduka izitakoreshwa. Nyamara ibyo byatewe no gusenyuka kw'inyubako; ntabwo byari ingaruka z'uko abashinzwe kuzimya umuriro bananiwe gutabara iyo nyubako.

Ikindi kiyongeraho; madamu White ntanubwo yigeze avuga ko amazu yabonye mu iyerekwa yari ahereye mu mugi wa New York; icyo yavuze gusa ni uko yari

muri New York ubwo yagiraga iryo yerekwa. Mu buryo njyewe mbibona, aya ni amakuru atajyanye n'ibyabaye kuwa 11 Nzeri. Mbibona nk'aho byasaba abantu kwishingikiriza ku busobanuro mpimbano, kugira ngo babashe guhūza ibyabaye n'ibyavuzweho mu iyerekwa. Ku giti cyanjye, ntekereza ko madamu White yabonye ibindi bintu, bishobora kuba ari ibikiri mu nzagihe.

Nyamara sinigeze mpakana igitekerezo cy'uko ashobora kuba yarabonye ibintu byabaye mu gihe cyashize, bikabera ahandi hantu hatandukanye (urugero, wenda nko mu irimbuka ryabaye mu Ntambara ya II y'Isi), kandi nubundi ntitwigeze tubivugaho.

Ku bwanjye, ikintu cy'ingenzi twakuramo ni uko ibintu nka biriya byabaye kuwa 11 Nzeri, bikwiye kutwibutsa uburyo igihe ari kigufi kandi ubuzima butari ubwo kwizerwa. Ikirenze kuri ibyo, bikwiriye kutwibutsa amagambo atandukanye, nk'ayo twahoze tuvugaho, atuburira ku bijyanye n'irimbuka rikomeye ryegereje mu gihe twegera igihe cyo kugaruka kwa Yesu. Bikwiriye kutubwira ko iyi si ifite igihe gito kandi ko dufite umurimo wihutirwa wo gukora, cyane cyane mu migi, iyo twizera ko itegereje kurimbuka. Niba Bibiliya ndetse n'inyandiko za madamu White ari ukuri, nk'uko nizera ko ari ko biri, ubwo rero ibintu ntabwo bizakomeza kugenda neza mu buryo runaka, nk'uko byahoze. Ibizaba kuri uyu mubumbe mu bihe bya nyuma biganisha ku kugaruka kwa Yesu, ntabwo bizaba ari byiza. Nyamara dufite ubwishingizi bw'uko nyuma y'aho ibintu bizamera neza cyane! Dushobora gushyira icyizere cyacu muri Yesu ku by'umunsi w'ejo, kandi dufite amahirwe yihariye yo kugendana na We no kumukorera uyu munsi.

## Ikibazo cya 49: Mbese Elina White, yigeze ahuza abayisilamu n'ibizaba mu gihe giheruka? (Abayisilamu mu buhanuzi)

*Nifuza cyane kumenya, mu mucyo w'ibiri kubaho ubu, niba madamu White afite ikintu na kimwe avuga ku Bayisilamu, n'umwanya bafite mu bizabaho mu gihe giheruka. Nziko yavuze yuko imperuka yagombaga kuza hagati mu gihe cy'ingorane zikomeye, kandi ntiyigeze agaragaza icyo izo ngorane zajyaga kuba ari cyo.*

Uretse igika kimwe kivuga ku mateka kiri mugereka urebana n'igitabo cy'*Intambara Ikomeye,* nabashije kubona igika kimwe gusa mu nyandiko za madamu White kivuga ndetse kucyo ubu twita "Ubuyisilamu". Icyo gika dore uko kivuga:

Umukiza yaravuze ati, "uwizera uwo Mwana aba abonye ubugingo buhoraho, ariko utumvira uwo Mwana ntazabona ubugingo; ahubwo umujinya w'Imana uguma kuri we" Aranavuga ati, "Ubu ni bwo bugingo buhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye ari we Yesu Kristo." Ubumuhamedi [Ubuyisilamu] bufite abayoboke babwo ahantu henshi, kandi abigisha babwo bahakana ubumana bwa Kristo. Mbese tuzareka iyi myizerere ikwirakwizwe, hanyuma abigisha ukuri bananirwe kugaragaza ishyaka rikomeye ryo guhashya icyo kinyoma no kwigisha abantu uguhoraho kw'Umucunguzi rukumbi w'isi? Oh, mbega uburyo dukeneye abantu bazashakisha kandi bakizera ijambo ry'Imana, bakagaragariza Yesu isi mu bumana bwe n'ubumuntu bwe, bakavuga mu mbaraga no mu Mwuka yuko, "nta rindi zina munsi y'ijuru ryahawe abantu, dukwiriye gukirizwamo." Oh, mbega uburyo ubungubu dukeneye abizera bazagaragaza Yesu, mu mibereho n'imico byabo, bakamwereka isi nk'ukurabagirana k'ubwiza bwa Se, batangaza ko Imana ari urukundo! (*The Home Missionary*, Nzeri 1892).

Ibi nibyo bishoboka nabashije kubona. Birasa nk'aho madamu White atabivuzeho mu cyerekezo wabibajijemo.

## Ikibazo cya 50: Mbese abayobozi bose b'abadiventiste, bazagwa mu minsi iheruka? ("Amagambo ya Will Ross")

*Mfite inyandiko ivuga ku magambo Elina White yavuze ahagana mu mwaka wa 1908. Mu gihe yari ategerereje ku "bubiko bw'umuhanda w'igare ry'umwotsi" bwa Loma Linda muri kompanyi ya Will Ross, mushiki wacu McInterfer na mwenedata D. E. Robinson, Elina White yavuze ku nkubi y'umuyaga iteye ubwoba y'akarengane yari yegereje. [ Amagambo ya Ross yemeza ko Elina White yavuze ko nyuma y'iyo nkubi y'umuyaga, abahoze ari abayobozi b'itorero "ntabwo bigeze na rimwe bongera kuboneka," hanyuma abayobozi bashya "batigeze na rimwe baharanira iyo myanya" bajyaga gufata imyanya yabo.] Mbese hari ikintu na kimwe mwambwira kuri aya magambo?*

Hano mpafite ingingo ebyiri zishobora kugira icyo zigufasha. Iya mbere, ni amagambo yavuzwe na Arthur L. White, naho iya kabiri, ni ayavuzwe na D. E. Robinson.

Arthur White atangira agaragaza ko amagambo bivugwa ko ari aya Will Ross, "ashingiye gusa kubyo umuntu umwe yavuze ko yibuka." Hanyuma akomeza avuga ko mu gihe hari amakuru yemeza ko Will Ross yari aturanye na Elina White I Loma Linda, kandi ko kenshi bajyaga bajyana mu nzira; mu by'ukuri Elina White yabaga ahitwa Elmshaven muri icyo gihe, kandi ntiyari akigenda cyane. Mwenedata Arthur White yaranditse ati, "Icyo ndi gushaka kuvuga, ni uko igihe gihita ku bijyanye n'ingingo z'ubu bwoko, gisa nkaho kigenda gikingiriza cyangwa gihanagura ibyabaye mu bwenge bwacu. Ibintu bimwe bigumaho bikagaragara cyane, naho ibindi byo ku rundi ruhande bikazimira ntibyongere kwibukwa. Amakopi dufite y'amagambo ya bwana Ross, agaragaza ko ibi byanditswe mu myaka 36 nyuma y'ibyo avugamo ko byabaye. Niba ari uko bimeze, biza byiyongera ku kibazo cyacu cyo kuba haraciyemo igihe kinini cyane, no kuba ibyo umuntu yaba yavuze ko yibuka, biba bitari ibyo kwizerwa."

Amaherezo, Arthur White agaruka ku cyo Elina White avuga nyirizina ku bijyanye n'itorero ryo mu bihe biheruka. Avuga ko mu mugabane wa 2 w' *Ubutumwa bwatoranyijwe,* inyandiko yo mu 1893, mushiki wacu White asobanura ibihe bitandukanye, aho yagiye ahamagarirwa guhura n'abantu bigishaga ko itorero

rizacikamo ibice. Ibi uzabibona kuri paje 63-67[soft], nyamara hari amagambo ndarikira abantu kuzirikana mu buryo bw'umwihariko. Yaranditse ati:

"Undi witwaga Garmire yashyigikiye kandi agira ubutumwa bwanditse asohora bwerekeye ijwi rirenga rya marayika wa gatatu. Yashinjaga itorero mu buryo nk'ubwo mwabonye. Yavuze ko abayobozi bo mu itorero bose bazagwa bitewe no kwishyira hejuru, maze irindi tsinda ry'abantu bicisha bugufi rigahaguruka rikayobora kandi rigakora ibintu bitangaje. . . ."

"Nasobanuriwe ubu buyobe. . . .  ijambo ry'Imana ryanjeho riturutse ku Mana rivuga riti, "Ntimukabizere, sinigeze mbatuma!"

Hanyuma mushiki wacu White, mu butumwa bwa nyuma yagejeje ku nama y'Inteko nkuru rusange yabaye mu 1913, yagaragaje incuro nyinshi icyizere yari afitiye ukunesha kw'itorero. Ntaho yavuze ibihuje n'ibimeze nka biriya wagaragarijwe mu magambo ya mwenedata Ross.

Ubutumwa bwe bwa nyuma mu nama y'Inteko nkuru rusange yo mu 1913, bwari bufite umutwe uvuga ngo "Ubutwari mu Mwami." Uzabubona bwarandukuwe mu Butumwa bwatoranyijwe, Umugabane wa 2, paje 431-444[soft]. . . .

Ndifuza kwerekeza intekerezo zanyu nanone, ku gice cyose kiboneka mu *Butumwa bwatoranyijwe*, Umugabane wa 1, gitangirira kuri paje ya 160[soft], kandi gifite umutwe uvuga ngo "Ingorane z'Imyumvire Ihabanye."

Mu gihe D. E. Robinson, uwo bivugwa ko ari umwe mu bahamya b'iki kiganiro, ubwo yakoraga mu barinzi b'inyandiko za madamu White, yaranditse ati: Ejo hashize, nakiriye ibaruwa yawe ibaza ibijyanye n'amagambo bwana Ross, w'i Boulder muri Colorado avuga ko madamu White yavuze.

Nejejwe n'uko wagambiriye kugenzura ayo magambo, mbere yo kuyafata nk'ukuri mu biyakubiyemo byose. . .  .

Nshobora kuvuga rwose nkomeje, bidatewe gusa n'uko ntibuka ahantu na hamwe amagambo ameze atyo yaba yarigeze anyura mu matwi yanjye, cyangwa ngo nyabone mu byo madamu White yandikishije intoki, cyane ko nari umwe mu banditsi be kandi nabaga mfite amahirwe yihariye yo kubyandukura nkoresheje imashini yandika, cyangwa nkabinonosora, cyangwa nkabikorera index (ngaragaza amagambo y'ingenzi arimo kandi nkayatondeka nk'uko inyuguti zikurikirana). . . .

Uretse kuba ntashidikanya ko atigeze avuga ibintu nk'ibyo, nzi yuko ibyo binanyuranyije n'imyifatire ye bwite ku birebana n'umurimo, ndetse n'icyizere yagiriraga abayobozi b'itorero kugeza igihe yapfiriye.

Mu mucyo w'izi ngingo ebyiri, ntabwo nafata nk'ukuri amagambo atangaje ya bwana Ross. Ibi si ukumushinja ikintu na kimwe, keretse gusa ko ibyo umuntu yavuze ko yibuka, ari ibidakwiriye kwizerwa nk'ihame; cyane ko kuba nanjye ubwanjye byambaho, ari ibintu byoroshye cyane.

## Ikibazo cya 51: Ni bande bazaba bagize 144,000? (“144,000”)

*Vuba aha, umugabura wo mu itorero rivuguruye [ry’abadiventiste b’umunsi wa karindwi] yatanze ibyigisho runaka kuri benedata b’iwacu, maze nitabira ikigisho kimwe kirebana n’abantu 144,000 kubera ko ntekereza yuko uruhande bahagazemo atari rwo. Ndi kwibaza niba muzi amagambo abivugaho neza yatuma ibi bintu bisobanuka neza. Nk’uko mubizi, buri miyaga y’imyigishirize iri guhūha.*

Uri mu kuri mu kuvuga ko buri miyaga y’imyigishirize iri guhūha. Kandi bamwe mu bajya mu ruhande rw’ubwaka cyangwa rwo kwibeshya, mu by’ukuri bashobora kuba ari intyoza, kandi bakagaragara nk’abasobanukiwe byinshi ku bijyanye n’ingingo bari gushimangira. Nyamara ibi ntibivuze ko baba bari mu kuri. Ukwiriye kuba maso. Reba mu *Ntambara Ikomeye*, paje 588,589[soft], kugira ngo urebe amagambo y’ibanze Elina White yavuze ku birebana n’iri tsinda. Amagambo akurikira, ni amwe mu yakuwe mu nyandiko ivuga ku cyo madamu White yavuze ku bantu 144,000. (Iyo nyandiko ifite umutwe uvuga ngo “Inama ku birebana n’ikibazo cy’abantu 144,000.”) Madamu White ntabwo yigeze agerageza gusobanura abajyaga kuba bagize iri tsinda, kandi yihanangirije abandi ngo be kugerageza gukora batyo.

“Kristo avuga ko mu itorero hazabaho abantu bazigisha imigani n’ibitekerezo byabo, igihe Imana yatanze ukuri gukomeye, gusumbyeho kandi guhesha icyubahiro, gukwiriye iteka kubikwa mu nzu y’ubutunzi bw’intekerezo. Iyo abantu bafashe inyigisho ziturutse hirya no hino, mu gihe bafite amatsiko yo kumenya ikintu kitari ngombwa ko bamenya, Imana si Yo iba ibayobora. Ntabwo ari umugambi wayo ko abantu bigisha ikintu bitekerereje kitaboneka mu Ijambo ry’Imana. Ntabwo ari ubushake bwayo ko bajya impaka ku bibazo bitazagira icyo bibafasha mu by’Umwuka, nk’ibingibi. Ni bande bagize ibihumbi ijana na mirongo ine na bine? Ibi, intore z’Imana zizabimenya nta ngorane mu gihe gitoya.” UB1 141.1 (*Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol.1, p.159[soft])

Guceceka ni yo mivugire ikwiriye

[Ibaruwa ikurikira yanditswe na C. C. Crisler, wari umwanditsi mukuru mu biro bya madamu White. Iyo baruwa yagenewe perezida wa Konferanse ya Yunyoni ya Pasifika, kandi yazanwe n’ubusabe bwe yagejeje kuri mushiki wacu White ku

bijyanye n'umucyo uwo ari wo wose yashoboraga kuba afite urebana n'uko abantu 144,000 bazaba ari abanyamerika gusa, kandi ko ntanumwe uzaba ari uw'ahandi hantu.] . . .

Madamu White yansabye ko nkumenyesha ko nta mucyo afite uretse uw'uko kugaragaza ibitarasobanuwe neza nk'ibyasobanuwe neza, no kwigisha amayoberane nk'ukuri kwahishuwe, biteye akaga kandi biganisha mu kubura ibyari byitezwe. Atanga inama yo kwikomeza ku Byanditswe Byera, byo musingi nyakuri, aho kwikomeza ku bitekerezo bwite bya muntu. . . .

[Madamu White] Yanejejwe no kuba mu ibaruwa nakwandikiye, narashyizemo aya magambo, "Ku ngingo irebana n'ubusobanuro nyirizina bw'abantu 144,000; mushiki wacu White yagiye atwigisha kenshi ko 'Guceceka ari yo mivugire ikwiriye.'"

[Madamu White] Yanagize icyo avuga kinejeje bitewe no kumva amagambo nasoresheje avuga ngo "Kugeza ubu uko mbizi, ni uko ntanumwe uzi ukuri kuzuye kw'iyo ngingo, kandi ntituzigera tukumenya kugeza igihe tuzaba tumaze kwambuka Yorodani." – Abarinzi b'inyandiko za madamu White, kuwa 21 Ukuboza, 1964; byavuguruwe muri Nzeri, 1990.

## Ikibazo cya 52: Mbese abana bato b'ababyeyi bizera, bazakizwa? ("Ibirebana n'abana bapfuye bakiri bato cyane")

*Nyamuneka, nimumfashe kubona ahantu runaka mu nyandiko za Elina G. White, havuga ku bana bapfa bakiri bato cyane. Ndi Kwibaza aho yanditse ko kwizera kw'ababyeyi gutwīkīra abana babo, kuburyo niba wenda umwana apfuye afite imyaka itatu cyangwa itandatu, aba azakizwa.*

Nta magambo nzi agaragaza imyaka nyirizina y'umwana uba warapfuye. Uko mbizi, ibi ni ibitaragaragajwe mu nyandiko za madamu White. Icyakora, hano hari amagambo amwe n'amwe afite icyo avuga ku kibazo nyamukuru wabajije:

Umutangabugingo araje. . . . Aciye ingoyi z'urupfu, amennye iminyururu y'igituro, abo yagize imbohe, bazutse bafite amagara mazima kandi bambaye ubwiza budapfa.

Igihe abana bato bava mu bituro byabo bakazuka bambaye kudapfa, bahita baguruka berekeza mu maboko y'ababyeyi babo. Bongera guhura ubutazongera gutandukana. Nyamara benshi muri abo bana nta babyeyi bahabonye. Dutegereza indirimbo yo kunesha iririmbwa n'abo babyeyi nyamara turayibura. Abamarayika bakiriye abana babuze ababyeyi babo maze babajyana ku giti cy'ubugingo. –*The Youth's Instructor*, April, 1858 (*Ubutumwa bwatoranyijwe*, vol.2, p.274[soft])

Wabajije ibirebana no kuba umwana wawe muto yakizwa. Amagambo ya kristo ni igisubizo kuri wowe: "Mureke abana bato bansange, ntimubabuze, kuko abameze batyo, ubwami bw'Imana ari ubwabo." Ibuka ubu buhanuzi, "Uku ni ko Uwiteka avuga ati "Ijwi ryumvikaniye i Rama ry'umuborogo no kurira gushavuye: ni irya Rasheli yaririraga abana be, yanga guhozwa. . . . Uku ni ko Uwiteka avuga ati "Hoza ijwi ryawe we kuboroga, n'amaso yawe ye gushokamo amarira, kuko umurimo wawe uzaguhesha ingororano, ni ko Uwiteka avuga, kandi bazagaruka bave mu gihugu cy'ababisha; kuko hariho ibyiringiro by'amaherezo yawe, kandi abana bawe bazagaruka mu rugabano rwabo."

Iri sezerano ni iryawe. Ushobora guhumurizwa kandi ukizera Imana. Umwami yanyigishije kenshi ko abana bato benshi bazatuvamo mbere y'igihe cy'amakuba.

Tuzongera kubona abana bacu, tuzabonana kandi tuzabamenya mu bikari byo mu ijuru. (*Child Guidance,* p.565, 566).

Bamwe babajije niba abana bato bazakizwa, n'ubwo baba ari abana b'ababyeyi bizera, bitewe n'uko ngo imico yabo itigeze igeragezwa, kandi abantu bose bakaba bagomba gusuzumwa, kandi ibigeragezo bikaba ari byo bihamya ingeso zabo. Ku kibazo kibazwa ngo "Mbese ni mu buhe buryo abana bato bashobora kugerwaho n'iri suzumwa n'igeragezwa?" Kuri ibyo, nsubiza mvuga ko kwizera kw'ababyeyi bizera gutwīkīra abana babo, nk'igihe Imana yoherezaga ibyago byayo ku mfura z'Abanyegiputa. . . .

Kristo yahaye umugisha abana yazaniwe n'ababyeyi b'indahemuka. N'ubu azabikora, ababyeyi nibaramuka bakoze inshingano bafite ku bana babo kandi bakabigisha, bakabarera mu mwuka wo kumvira no kwitanga. Bityo, abo bana bazatsinda isuzuma kandi bazumvira ubushake bw'Imana, kuko ababyeyi babo bahagaze mu mwanya w'Imana ku bana babo. (*Selected Messages,* vol.3, p.313, 314).

Ibikorwa by'ababyeyi birimo kwerekana iherezo ry'abana babo. Niba bemerera abana babo kuba abatumvira n'abakunda ibinezeza, baba bemerera Satani ngo abagenge kandi abakoreremo kuko binezeza amatwara ye y'ubusatani, kandi aba bana, batigeze na rimwe bigishwa kumvira no kugira imico mbonera, ntabwo bazajyanwa mu ijuru, kubera ko rya shyari n'amatwara byaranze Satani byakwigaragaza muri bo.

Nabwiye umuvandimwe witwa Matteson nti, "Ntidushobora kuvuga niba abana bafite ababyeyi batizera bazakizwa, kuko Imana itatumenyesheje icyo itekereza kuri iyo ngingo, kandi ibyatubera byiza ni uko twarekera icyo kibazo aho Imana na Yo ubwayo yakirekeye, maze ahubwo tugatinda cyane ku ngingo Ijambo ryayo risobanura neza." (*Selected Messages,* vol.3, p.315).

## Ikibazo cya 53: Mbese umurimo w'ubuhuza uheruka wa Yesu, uzaba uwo gukiza abana b'abizera? ("Umurimo w'ubuhuza uheruka")

*Vuba aha nabwiwe amagambo akurikira, hanyuma nza kubona ahandi yanditse herekana ko afite ahandi yakuwe, nyamara sinabashije kubyemeza nifashishije urubuga rwanyu rwa murandasi. "Umurimo w'ubuhuza uheruka wa Kristo mbere yuko akuramo imyambaro ye y'ubutambyi, ni ukwerekana amasengesho ababyeyi basenga kubw'abana babo. Nabonye marayika ukomeye yoherezwa, hanyuma abana benshi bazibuka ibyo batojwe bakiri bato kandi bazagaruka rwose mbere y'uko urubanza rurangira." E. G. White, Advent Review & Sabbath Herald, 1890. Mbese madamu White yigeze mu by'ukuri avuga aya magambo? Mbese aho berekanye ko yakuwe, ni ah'ukuri?*

Mu myaka irenga 40 ishize, abarinzi b'inyandiko za Elina White bongeye aya magambo ku rutonde "rw'amagambo atizewe cyangwa adafite ukwera" (*Apocryphal quotations*) mu mugereka witwa C, mu mpapuro z'inyuma z'umuzingo wa nyuma w'igitabo kigizwe n'imizingo itatu kitwa *Comprehensive Index to the Ellen G. White Writings.* Urwo rutonde rwarāguwe ku rubuga rwacu rwa murandasi (www.WhiteEstate.org), aho ushobora kubisanga mu gice kitwa "Ibintu bitandukanye n'ibisubizo [Issues & Answers]", munsi y'umutwe witwa "Amagambo yagiye yitirirwa Ellen G. White nyamara atari aye [Statements Mistakenly Attributed to Ellen G. White]." Uku ni ko amagambo aboneka muri iyo nyandiko avuga:

Amagambo yitiriwe Elina G. White kandi akagaragazwa ko aboneka henshi nko mu *Rwibutso n'Integuza* 1890, 1898 cyangwa 1912, avuga ko umurimo wa nyuma w'ubuhuza wa Kristo uzakorerwa abasore bari baravuye mu mukumbi w'Imana; nta na hamwe aboneka mu nyandiko za Elina G. White. Abakunda kubitubazaho, tubarangira amagambo ya Elina G. White akurikira: "igihe umuraba w'akarengane uzatwisukaho,. . . . . benshi bari bararorongotanye, bazagaruka bakurikire umwungeri ukomeye" (*Ibihamya by'itorero*, vol.6, paje 401). "urukundo rw'Imana ruracyahamagara uwitandukanyije na Yo. Kandi ikoresha uburyo bwose kugira ngo igarure bene uwo muntu mu nzu yayo. . . . Umurunga w'izahabu, ari wo mpuhwe n'imbabazi z'urukundo rw'Imana, uherezwa umuntu wese ugeze mu mazi abira." (*Imigani ya Kristo*, paje 101). "Ijuru

ritegereje kandi ryingingira kugaruka kw'impabe zororongotaniye kure y'umukumbi. Benshi mu bataye inzira, bashobora kugarurwa n'umurimo w'urukundo w'abana b'Imana." (*In Heavenly Places,* p.10).

Aya magambo afitanye isano n'ibyabajijwe kandi mu by'ukuri akaba akomoka mu nyandiko za madamu White; yakoreshwa nk'aboneye mu gusimbura yayandi ataboneye.

## Ikibazo cya 54: Mbese Imana izatwoherereza umucyo mushya, mbere yuko Yesu agaruka? (“Ikibazo kirebana n’umucyo mushya mbere yuko Yesu agaruka”)

*Mu myaka myinshi ishize, nasomye inyandiko nyinshi za Elina White zitacapwe. Kimwe mu byo nasomye, ni uko nta mucyo mushya ugomba kuzahishurwa mbere yo kugaruka kwa Yesu – ko ahubwo ubu dufite umucyo uhagije ukenewe kugira ngo Yesu agaruke. Ku rundi ruhande, mfite incuti zimwe na zimwe z’abadiventiste, zitekereza ko umucyo mushya uri kugenda uhishurwa, kandi ko uburyo itorero ryasobanuye ibintu butari ubw’ukuri; nyamara ubu binyuze mu mucyo mushya, tubona ibintu mu buryo bitashoboraga kubonwamo mbere. Izo ncuti zanjye, zizera ko dukeneye umucyo mushya ku birebana n’Ibyanditswe, kubera ko tumeze nk’abana ba Isirayeli bari baribeshye ku bijyanye no kuza kwa Kristo, kubera ko batari bafite umucyo ukwiriye w’icyo gihe.*

Nta magambo nzi ya madamu White avuga ko nta mucyo mushya ugomba guhishurwa mbere yuko Yesu agaruka. Njye mbona ko buri gihe yasigaga amahirwe afunguye yo kuba twavumbura umucyo mushya. Mu buzima bwe, ntanumwe yigeze asubiza inyuma mu bavugaga ko bafite umucyo mushya, ahubwo yababwiraga uburyo bagomba kuwugenza: muwujyane kuri benedata bafite ubunararibonye, muwushyire imbere yabo, hanyuma mureke bagenzure niba hari akamaro bawubonyemo. Nibasanga uwo mucyo ari ingenzi, ni byiza – muzashake uburyo warushaho kumenyekana. Nibasanga atari uko bimeze, muzawigumanire. (Urugero, Reba muri *Testimonies*, vol.5, p.293). Iyaba nta wundi mucyo washoboraga guhishurwa, aya mabwiriza ntiyajyaga gukenerwa.

Madamu White yaranditse ati:

Ni iby’ukuri ko dufite ukuri, kandi tugomba guhagarara dushikamye kuri ayo mahame adashobora kunyeganyezwa; nyamara ntitugomba kureba nabi umucyo mushya wose Imana ishobora kohereza, ngo tuvuge wenda tuti “Rwose, ntitubasha kubona ko dukeneye umucyo mushya uwo ari wo wose uretse ukuri kwa kera twakiriye kugeza ubu, kandi akaba ari wo dushikamyemo”. Mu gihe duhagaze muri uru ruhande, ubuhamya bw’Umuhamya Nyakuri bucyaha imyumvire yacu, “. . .utazi yuko uri umutindi wo kubabarirwa, kandi uri umukene n'impumyi ndetse wambaye

ubusa." Abumva ko ari abatunzi kandi ko batunganiwe kuburyo ntacyo bakennye, baba ari impumyi rwose imbere y'Imana, nyamara ntabyo baba bazi. – *Urwibutso n'Integuza*, kuwa 7 Kanama, 1894 (*Counsels to Writers and Editors*, p.33).

Mu gihe madamu White yavuze ko tugomba guhora dufungukiye umucyo mushya, yanatanze umuburo:

Satani yiteze gukoresha abasigaye b'Imana mu muvurungano rusange uri kuza kuri iyi si. Uko kuza kwa Yesu kurushaho kwegereza, Satani azarushaho gukaza umurego no kongera imbaraga kugira ngo agushe abasigaye. Abagabo n'abagore, bazahaguruka bavuga ko bafite umucyo mushya runaka cyangwa uguhishurirwa gushya runaka kuzaba kugamije gukura ukwizera kw'abantu muby'ishingiro bya kera. Inyigisho zabo ntizizabasha kugeragereshwa ijambo ry'Imana, nyamara imitima y'abantu ntizabura gushukwa (*Testimonies for the church*, vol.5, p.295).

## Ikibazo cya 55: Ni iki dukwiriye gukora kugira ngo tubone umucyo mushya? ("Umucyo mushya, Umucyo wa kera")

*Haba ikintu na kimwe mu nyandiko za madamu White, kigira icyo kivuga ku kuba tugomba kubaho dukurikije umucyo twamaze kubona, kuko bitabaye bityo tutāzahabwa umucyo mushya?*

Hano hari amagambo atandukanye ashobora kuba akubiyemo ibihuje n'ibyo washakaga:

Mureke abakristo bakunda inshingano baterure buri mutwaro wose bashobora, hanyuma bahange amaso ku Mana kugira ngo bongerwe imbaraga. Izakorera mu mbaraga z'abagabo n'abagore bakora ibyo bashoboye byose, kandi azabakoresha ibyo bo batashobora. Bazahabwa umucyo mushya n'imbaraga nibakoresha icyo bafite. Ishyaka rishya n'umwete bizabyuka mu itorero nibabona ko hari ikintu runaka cyagezweho. (*Testimonies for the Church*, vol.5, p.369).

Dore akaga mufite, ni ukunanirwa kumaranira "kugera aho dutanguranwa, ngo duhabwe ingororano zo guhamagara kw'Imana muri Kristo Yesu." Mbese Uwiteka yabahaye umucyo? Ubwo rero uwo mucyo urabareba; bitari mu gihe gusa imyambi yawo iri kubamurikira, ahubwo n'ibintu byose wabahishuriye mu gihe cyashize. Mukwiriye kwiyegurira Imana buri munsi; mukwiriye kugendera mu mucyo, no kwitegura undi usumbyeho, kubera ko umucyo uva ku Mukiza mwiza uzarushaho kumurika no kohereza imyambi ityaye y'umucyo mu mwijima w'ibya Mwuka, ugakomeza gukura kugeza ku manywa y'ihangu. (ibid., 5:486).

Kuri bamwe, bisa nk'aho bahishwe kumenya uko bahagaze by'ukuri. Babona ukuri, nyamara ntibamenya umumaro wako cyangwa uw'ibigukubiyemo. Bumva ukuri, nyamara ntibagusobanukirwa byuzuye kubera ko badatuma imibereho yabo ihinduka ngo ibe mahwi n'uko kuri, maze bigatuma batezwa binyuze mu kumvira ukuri. Nyamara basigara bumva ntacyo bibabwiye kandi banyuzwe rwose, nk'aho inkingi y'igicu ku manywa n'inkingi y'umuriro nijoro nk'ikimenyetso cy'ubuntu bw'Imana, ibagenda imbere. Bavuga ko bazi Imana, nyamara bakabihakanisha imirimo yabo. Bibara nk'ubwoko bwayo bwatoranyijwe, abantu bayo bihariye badasanzwe, nyamara ukuba muri bo kwayo n'imbaraga zo gukiza abazimiye, ni gake cyane bigaragara muri bo. Mbega ukuntu abo bantu bari mu mwijima

w'icuraburindi! Nyamara ntibabizi. Umucyo uramurika, nyamara ntibabisobanukirwa. Nta kwibeshya gukomeye kwashuka intekerezo za kimuntu, kwaruta ugutuma bizera ko baboneye, kandi ko Imana yemera imirimo yabo mu gihe bayicumuraho. Bibeshya ku miterere y'imico mbonera y'umwuka n'imbaraga byayo. Bibwira ko ari abatunzi, ko ntacyo bakennye; mu gihe ahubwo ari abakene bo kubabarirwa, abatindi, impumyi, ndetse bambaye ubusa. (ibid., 1:406, 407).

Mu gihe cyose abantu batarimo guharanira kumvira Imana mu magambo no mu bikorwa, uko baba barize cyane kose, baba bashobora kwibeshya mu buryo basobanukirwa Ibyanditswe, kandi kwiringira ubusobanuro bwabo biba birimo akaga. Iyo mu by'ukuri twifuza gukurikiza ubushake bw'Imana, Umwuka Wera afata amabwiriza yo mu Ijambo ryayo, akayahindura amahame y'ubuzima, akayandika ku nkingi z'umutima. Kandi abakurikiza umucyo bamaze guhabwa, ni bo bonyine bakwitega kwakira ukumurikirwa kwisumbuyeho kwa Mwuka. Ibi byavuzwe mu buryo bweruye mu magambo ya Kristo: "Umuntu nashaka gukora ibyo Ikunda, azamenya ibyo nigisha" (ibid., 5:705).

# IGICE CYA KANE – IBIBAZO BIJYANYE N’UBUZIMA N’IMIRIRE

## Ikibazo cya 56: Mbese Elina White, yavuze ko abana badakwiriye gukora ku mbwa n'injangwe? ("Imyitwarire ya Elina G. White ku birebana n'amatungo")

*Umugore wo mu itorero ryacu, avuga ko abana badakwiriye gukina n'amatungo nk'injangwe n'imbwa kubera ko bihumanye. Ngendeye ku myumvire yanjye, mu Balewi 11 havuga ibijyanye no kurya, ariko ntihavuga ibijyanye no gukora ku nyamaswa zihumanye. Mbese hari icyo mwaba muzi ku myitwarire Elina G. White yari afite ku birebana n'amatungo yo mu rugo? Mbese yigeze avuga ko abana batemerewe gukora ku mbwa n'injangwe?*

Ndemeranya nawe ko mu Balewi 11 herekeza ku cyo umuntu arya. Iki gice, kivuga ko abantu bakora ku ntumbi z'inyamaswa zihumanye bahinduka abahumanye mu mwanya runaka. Ntaho nzi umuburo nk'uwo ku bijyanye n'inyamaswa, mu gihe zikiri nzima. Urugero, ingamiya ivugwaho ku murongo wa 4 nk'inyamaswa ihumanye, nyamara abantu b'Imana ntibari barabujijwe gutunga ingamiya, kuzigenderaho, n'ibindi; kandi uko byamera kose, ibyo ntibyari kuburamo kuzikoraho. Ihame nk'iryo, rinarebana n'amafarashi n'indogobe. Ntushobora kwita kuri izo nyamaswa cyangwa ngo uzikoreshe mu buryo butanga umusaruro, hatabayeho kuzikoraho.

Nta magambo nzi ya madamu White abuza abana gutunga amatungo yo mu rugo nk'uko wabisobanuye. Madamu White ubwe yari afite imbwa ubwo yari muri Australia. Yari imbwa irinda urugo, kandi yayise "Tigulati-pileseri", ahari bitewe n'uko yashoboraga gukanga abo yabaga iketse ko bashobora kuba ari abanzi. Kuba byonyine madamu White yarayihaye iryo zina ryo muri Bibiliya, bigaragaza ko yayigiriraga ubwuzu; ntekereza ko byazaniye abantu akanyamuneza! Ikindi kigaragaza ko iyo mbwa yayifataga nk'umwihariko, ni uko incuti ze zo muri Australia zemeye ko ifoto y'iyo mbwa ijya kuri paje yose, mu mapaje agize igitabo cy'amafoto bahaye Elina White ubwo yari ahavuye agiye muri Amerika. Hano, hari icyo Arthur White yanditse ku bijyanye n'icyo kintu mu gitabo kitwa *Ellen G. White: The Early Elmshaven Years, 1900 – 1905*, vol.5, p.19:

"Amafoto yahawe imiterere y'ibara ry'ibihogo, afasha mu kubara inkuru y'umurimo wakorewe muri Australia. Muri Adelaide hariyo ikigo cyitwa "Electro-

hydrophatic institute *[ikigo kivura gikoresheje amazi, kikifashisha imbaraga z'amanyashanyaraz]*". Muri icyo kigo, hariyo amafoto y'amatorero meza matoya Elina White yasuye, kandi ayo matorero, Elina White yayahaye ubufasha bwo gushyigikira amatsinda y'abizera bari bakeneye amazu yo gukoreramo inama. Hariyo amafoto ashushanyije y'incuti ze, ndetse n'igitabo cy'ibyabereye mu nzu yabagamo i Sunnyside. Paje imwe uko yakabaye yo muri cyo, yagenewe gushyirwaho amafoto y'imbwa yabo yarindaga urugo rw'aho babaga i Sunnyside, yitwa "Tigulati-pileseri". Bizazirikanwa ko ibice bimwe na bimwe byo muri Australia byari bituwemo n'imfungwa zari zarahimuriwe ngo ziture ahitaruye, kandi nkuko bamwe mu bazikomotseho bagaragazaga kubogamira ku ngeso mbi z'abakurambere babo, ni na ko imbwa yarindaga urugo neza, yakoze umurimo w'ingenzi cyane i Sunnyside."

Bityo, ntaho mbona muri Bibiliya no mu nyandiko za madamu White, twashingira mu kubuza uwo ari we wese gukora ku njangwe cyangwa ku mbwa, bitewe n'uko ari inyamaswa ihumanye.

## Ikibazo cya 57: Mbese igihe cyacu cyo kurekeraho gukoresha amata n'ibiyakomokaho, cyarageze?

*Hari bamwe bo mu itorero ryacu bahisemo kujya barya ibiva ku bimera gusa, kandi babuzanya mu buryo bukomeye ikoreshwa ry'amata n'ibiyakomokaho, bitewe no kwizera ko igihe cyageze cyo gukora izi mpinduka. Mbese bari mu kuri? Mu gitabo cy'Inama ku Mirire n'ibyo Kurya, paje 184[soft] haravuga ngo, "Ariko ndashaka kubabwira ko ubwo igihe kizaba kigeze cyo kubona ko bitakiri byiza gukoresha amata, amavuta yayo, amavuta yandi, n'amagi; ibyo Imana izabihishura. Ntihakwiriye kubaho rero inyigisho zo gukabya ku byerekeranye n'ivugururа ry'ubuzima. Ikibazo cyo gukoresha amata n'amavuta n'amagi kizikemura ubwacyo. Ariko ubungubu ntibikwiriye kuduhangayika ngo twikorere umutwaro wabyo. Reka kudakabya kwanyu kumenywe n'abantu bose. IMN 186.6"*

Mbona ko bishimishije, kuba madamu White yaragize iki kintu "ikijyanye no kwirinda akaga". Abadiventiste bamwe, bagihinduye ikibazo cy'iby'umuzemuke, ari cyo ntabona ko madamu White yagihinduye. Muri ibi, ndi gusobanura ko atigeze avuga ko amata n'ibiyakomokaho byari bisanzwe byangiza ubuzima, nkuko bamwe babikora uyu munsi; ahubwo ko umunsi umwe byari kuzaba ibirimo akaga. Wagaragaje amagambo amwe ajyanye n'ibyo, aboneka mu *Nama ku Mirire n'ibyo Kurya*. Andi aboneka kuri paje ibanziriza iyo wagaragaje, hejuru gato y'amagambo wagaragaje, aho madamu White yagereranyije kwirinda gukoresha ibi bintu nko kwikururira igihe cy'akaga imburagihe, bigatuma habaho kwihandisha imibabaro yo gukenyuka (*Inama ku Mirire n'ibyo kurya*, IMN 186.3, p.183[soft]). Ni muri iki cyerekezo rwose acyahamo inyigisho zo "gukabya mu by'ubugorozi bw'iby'umuzemuke," nk'uko wabivuzeho haruguru.

Reba n'ikibazo n'igisubizo bikurikiraho.

## Ikibazo cya 58: Ni iyihe nkuru ya Dogiteri Kress, n'indwara ya "pernicious anaemia"? ("Dogiteri Kress")

*Namenye ko Dogiteri Daniel Kress yari arwaye indwara yitwa pernicioius anemia* [soma *perinishiyazi anemiya*[7]]*. Hari amakuru mwaba mufite y'ibimenyetso byamugaragayeho, ay'uburyo yavuwe, n'ajyanye no kuba yāba yarakijijwe no gukoresha amata n'ibiyakomokaho, cyangwa imvange y'amagi mabisi n'umutobe w'inzabibu?*

Umugore wanjye, akaba n'impuguke mu by'imirire, yigeze gushishikazwa n'ibya Dogiteri Kress mu buryo bwihariye mu gihe cy'imyaka myinshi. Namusabye gusubiza ikibazo cyawe. Hano hari ibyo yanditse[8],

Ibyabaye kuri Dogiteri Kress, ni urugero rwa kera rwo kwibuza kurya ibintu runaka imburagihe. Yari umugabura w'umubatista waje guhinduka umudiventiste mu 1887. Yakunze Elina White n'inyandiko ze, hanyuma yiyemeza kugendera mu butumwa bw'iby'ubugorozi mu byo kugira amagara mazima, ahitamo gufata ubutumwa bwa Elina White nk'ubusobanura ko agomba kujya arya ibiva ku bimera byonyine. Mu 1894, we n'umugore we baboneye impamyabushobozi z'ubuganga muri Kaminuza ya Michigan. Bakoreye umurimo muri Battle Creek, muri Michigan, mu Bwongereza, hanyuma bajya muri Australia, kandi buri gihe bakigisha ibyo kurya gusa ibiva ku bimera.

Ubwo yari muri Australia, mu myaka ibanza ya za 1900, Dogiteri Kress yafashwe n'indwara yitwa "Pernicious Anemia [*Perinishiyazi Anemiya*]". Nubwo yasīzwe amavuta, agasengerwa; yakomeje kugenda arushaho kuzahara, kugeza ubwo yageze aho yatangiye gutegura gahunda zijyanye no gushyingurwa kwe, kandi abantu babaga biteze ko isaha n'isaha ashobora gupfa. Hanyuma, ibaruwa ivuye kuri Elina White imugeraho, imubwira ko Imana yahishuriye Elina White ibye, kandi ko akwiriye gufata amagi aturuka ko nkoko zifite ubuzima bwiza, akayavanga ari mabisi n'umutobe mwiza cyane wa vino idasembuye, hanyuma akanywa iyo mvange.

---

[7] *Perinishiyazi anemiya: Indwara yo kugira amaraso make, bitewe no kubura vitamine B12 mu maraso.*

[8] *Byaranonosowe kugira ngo bishyirwe muri iki gitabo.*

Ibyo yasabwe byendaga kuba birenze ibyo yajyaga kwihanganira, kubera ko yatekereje ko yari yarahoze akurikiza inama za Elina White mu mahitamo ye yo kudakoresha ibikomoka ku matungo. Nyamara icyizere yari afitiye madamu white cyaraganje – yariye ayo magi hanyuma arakira. Nyuma yaje kugaruka muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, aho yakoze mu biro, ku kigo cya Sanitariymu ya Florida, kugeza mu myaka ye ya za mirongo cyenda, akaza gupfa aramye imyaka 94.

Inkuru ya Dogiteri Kress iratangaje cyane – gutekereza ku gihe byatwaye ibaruwa yagombaga kuza mu bwato ivuye muri Leta Zunze za Amerika, kubera impamvu imwe. Abitaga kuri Dogiteri Kress, bavuze ko yagiraga icyo amira bimuruhije cyane, icyakora amagi mabisi avanze n'umutobe w'inzabibu, ni cyo kintu babashije kumuha kiramuzanzamura. Ibye byari byarabaye ikiganiro muri ako gace, kandi abashyitsi benshi, bazaga kureba "umuntu wakabaye ari mu gituro, nyamara akaba atāri akirimo."

Indwara ya "pernicious anemia [*Perinishiyazi Anemiya*]", iterwa no kubura vitamine B12 mu maraso. Ikunze kwibasira abantu barengeje imyaka mirongo itanu y'ubukuru, kuko igifu cyabo kiba gisigaye kivubura aside yo mu gifu nkeya cyane. Aside yo mu gifu iba ikenewe kugira ngo hakorwe neza icyo bita "intrinsic factor", ikaba ari molekile ishinzwe kugira ibyo itwara (*carrier molecule*). Iyo molekile ifata kuri vitamine B12 yaturutse mu byo kurya kugira ngo iyitware. Nyuma yo gufatana kw'iyo molekile na ya vitamine, byombi biramanuka bikajya mu mara mato, aho vitamine B12 yinjirira mu maraso. (Bagiteri ziba mu nzira ibiryo binyuramo mbere yuko bigera mu gifu, zikora vitamine B12, nyamara yo ntibasha kwinjira mu maraso, bitewe nuko iba itanyuze mu gifu ngo ifatane na ya molekile igomba kuyitwara.)

Mu mvange igizwe n'umutobe w'inzabibu n'amagi, yayindi Uwiteka yabwiye Elina White ngo ayimenyeshe Dogiteri Kress, amagi yagombaga kuba isoko ya vitamine B12, kubera ko ituruka gusa mu bikomoka ku matungo. (Ubwoko bumwe na bumwe bwa vitamine B12, bwirema mu bikomoka kuri soya byamaze guhinduka ibisembuye, nyamara ubwo bwoko ntabwo bugira icyo bumara mu mubiri w'umuntu.)

Reba n'ikibazo n'igisubizo bibanziriza ibi.

## Ikibazo cya 59: Mbese nta kibazo kiri mu kuba twarya foromaje? ("Elina White n'icyo yanditse kuri foromaje")

*Nahoze ndi kwiga igitabo cy'Inama ku Mirire n'ibyo Kurya. Elina White aravuga ati, "Foromaje na yo ntigira ingaruka nziza mu mubiri (paje 209[soft])". [Foromaje] "Ntabwo ari nziza na mba ku mirire" kandi "Foromaje ntigomba gushyirwa mu gifu." (paje 324[soft]).*

*Mu buzima bwanjye bwose nari umudiventiste, naryaga foromaje, kandi sinari narigeze na rimwe mbona ariya magambo. Mu buzima bwanjye bwose kandi, nize mu mashuri y'abadiventiste, kandi foromaje yarahabonekaga. Nabajije umugore wa pasitoro ku bijyanye n'ibi bintu, hanyuma avuga ko muri iki gihe foromaje isigaye itegurwa mu bundi buryo, bityo ikaba yemewe nk'ibyo kurya. Mbese twemerewe kurya foromaje?*

Iyi ni ingingo abantu bagomba gufataho umwanzuro wabo ku giti cyabo. Mu myaka myinshi ishize, Arthur L. White yanditse amagambo akurikira ubwo yasubizaga uwari wabajije ibibazo runaka kuri iyi ngingo:

Mu magambo aboneka mu *Nama ku Mirire n'ibyo Kurya*, abakusanyije inyandiko batanze igitekerezo cy'uko "Foromaje ikuze" ikubiyemo foromaje zose hatabariwemo ingingo zoroheje nka foromaje yaryohejwe (*cottage cheese*), foromaje irimo kreme ya Filadelifiya, n'izindi. Mushiki wacu White, yavugaga kuri foromaje ya gakondo yo mu gihe cye. . . .

Wabajije ibijyanye na foromaje zakorewe pasiterizasiyo[9](*pasteurization*). Pasiterizasiyo ntabwo yakorwaga mu gihe Elina White yandikagamo. Nta gushidikanya, pasiterizasiyo igabanya ku rwego rukomeye ibyo foromaje yagayirwaga.

Nzi abadiventiste benshi birinda mu mirire, bakoresha rwose foromaje zakozwe mu buryo bugezweho bwa pasiterizasiyo. Mu by'ukuri, foromaje ifasha mu gutanga bimwe mu bikenerwa mu ikorwa rya proteyine ishobora kugira umumaro ukomeye

[9] *Pasiterizasiyo: ni uburyo ibiribwa cyangwa ibinyobwa runaka nk'amata cyangwa umutobe w'imbuto bitekwa ku rugero runaka rw'ubushyuhe kugira ngo bagiteri zirimo zipfe, kandi birusheho kumara igihe kinini bitarangirika.*

mu mirire y’abadakoresha inyama. Nubwo bimeze bityo, mu gihe Elina White yanditsemo, inka zitanga amata agurishwa ntabwo zapimwaga, amata ntabwo yakorerwaga pasiterizasiyo; nta bumenyi ngiro bwari buzwi bwo kubika ibintu muri firigo; kandi gutwara ibintu ntibyihutaga, ahubwo byagendaga gahoro cyane. Ibi byose batumaga bagiteri zibona amahirwe mu buryo bwuzuye, yo kuza muri foromaje.

Ibibazo byo muri kiriya gihe, byatumaga foromaje nyinshi zihinduka izateza akaga k’igihe kigufi – ku buzima – bitandukanye no kuba zateza akaga k’igihe kirekire. Ibyo ni ukuvuga ko, iyo foromaje yabaga iriho bagiteri mbi, umuntu yajyaga kurwara nyuma y’igihe gito amaze kuyirya. Uyu munsi, ntabwo umuntu ajya yumva havugwa iki kibazo cyane kuri foromaje. Abagaya foromaje uyu munsi, abenshi bashingira ku bishobora guteza akaga k’igihe kirekire nka cholesterol, cyangwa impamvu zinyuranye – nk’ubwivumbure bw’umubiri [ama allergie] – bugera ku mugabane muto w’abantu muri rusange. Nubwo impamvu nk’izo zifite ishingiro, mbona ko atari zo madamu White yavugagaho.

## Ikibazo cya 60: Mbese Elina White yavuze ko nta kibazo kiri mu gukoresha shokora ("Kakawo na UFOs")

*Muri gahunda imwe ya televiziyo, nabonyeho umwe mu bakomoka kuri Elina White – ndizera ko ari umwuzukuru we – avuga ku mafunguro yakoreshwaga mu rugo rwa Elina White ahitwa Elmshaven. Kimwe mubyo uwo mwuzukuru we yavuze cyari kakawo. Ikiyongeraho ni uko, televiziyo yitwa Adventist Review yakoresheje inyandiko ivuga kuri kakawo, kandi ikifashisha ibyo Elina White yavuze.*

*Imyumvire yanjye ni uko Umwuka w'Ubuhanuzi utanga inama yo kudakoresha ibiryo bikabura umubiri. Imyumvire yanjye kandi, ni uko Kakawo iba irimo kafeyine (caffeine), kandi ko Elina White yatanze inama yo kudakoresha kafeyine. Nyamuneka, nimumpe inama ku bijyanye n'aho Umwuka w'Ubuhanuzi uhagaze ku ikoreshwa ry'ikiribwa cyifitemo kafeyine, cyitwa kakawo.*

*Nanone, narindi kureba ikiganiro cyitwa Larry King Live. Insanganyamatsiko yaganirwagaho yari UFOs[10]. Nyamuneka nimumpe inama kucyo Umwuka w'Ubuhanuzi uvuga ku kuboneka kw'ibimenyetso bidasanzwe mu birere by'ijuru, kandi bikaba mu gihe turushaho kwegera imperuka y'ibihe, ndetse niba kuboneka kw'ibi bimenyetso bidasanzwe kwaba ari UFOs.*

Madamu White ntabwo yigeze agira icyo avuga kuri shokora na kakawo mu nyandiko ze, bityo rero ntacyo mfite nagufashisha ku bijyanye n'aho yari ahagaze kuri kakawo. Ku by'ikibazo cya kafeyine, kakawo ntiteza abantu "ingaruka nk'iza kafeyine" nk'uko ikawa n'ibindi binyobwa byashyizwemo kafeyine bibikora. Bityo, njye sinyibona nk'ikinyobwa gikabura umubiri. Niba irimo na kafeyine, bigaragara ko iba ari nkeya cyane ku buryo itābasha kugira ingaruka igira ku mubiri (nko ku muvuduko wo gutera k'umutima, kutagira ibitotsi, kumva uhangayitse cyane n'ibindi.). Mu mucyo w'ibi bintu, icyaba cyiza kurutaho, ni uko buri wese ku giti cye yarekerwa iyi ngingo y'ikoreshwa rya kakawo, akayīfatiraho umwanzuro.

---

[10] *UFOs [Unidentified Flying Object]: ni ikintu icyo ari cyo cyose kibereye mu kirere, nyamara kitabasha kumenyekana cyangwa gusobanuka muri ako kanya. Ahanini, iri jambo rikoreshwa mu gihe havugwa ibijyanye n'icyo bita "kugaragara kw'ibyogajuru by'ibivejuru."*

Ku birebana na UFOs, nta magambo nzi ya madamu White yafatwa nk'aho ari zo yavugagaho.

## Ikibazo cya 61: Mbese twarya ibihumyo n'ibiryo byatunganyijwe hifashishijwe uburyo bwa ferimantasiyo? ("Inama ya Elina G. White ku bihumyo n'ibiryo byatunganyijwe hifashishijwe uburyo bwa ferimantasiyo")

*Nifuzaga kumenya inama Elina White yatanze ku bihumyo, n'ibiryo byatunganyijwe hifashishijwe uburyo bwa ferimantasiyo*[11]*. Icyo ndi kwibazaho mu buryo bw'umwihariko ni isupu ya soya, miso, tempe ndetse na yahurute[yoghurt] ya soya. Bigaragara nk'ibyo kurya bitangiza ubuzima, nyamara umuntu umwe yambwiye ko madamu White avuga ko tutari dukwiriye kuba turya ibi bintu.*

*Mbese n'ibihumyo bibarirwa muri iki cyiciro? Nyuma y'iminsi ibiri maze kurya ibihumyo, nararwaye cyane. Birashoboka ko bitatewe n'ibihumyo, ariko igitekerezo cyanjemo cyangwa ikindi kintu runaka, cyatumye ntekereza ko ari byo byabiteye. Ndumva mbere y'ubu nta na rimwe nigeze ndwara, bitewe n'ibihumyo. Nanone, umuntu umwe yavuze ko madamu White yatanze inama yo kudakoresha ibihumyo cyangwa ibiribwa byose bibarirwa mu muryango w'ibihumyo. Ntabwo ngambiriye kuba nk'uwarengereye ku bijyanye n'ikibazo cy'imirire, ahubwo nifuzaga kumenya niba hari inama yaba yaratanzwe kuri izi ngingo.*

Ntaho nigeze mbona mu nyandiko za madamu White, haba havuga ibijyanye n'ibyo wabajijeho "by'ibiryo byatunganyijwe hifashishijwe uburyo bwa ferimantasiyo." Kandi mu nyandiko ze zacapwe, ntanahamwe nigeze mbona havugwamo amagambo nk' *igihumyo* cyangwa *ibihumyo*, kandi ahantu hatandatu havuga kuri *fungus [ibimera bibarirwa mu muryango w'ibihumyo]*, hose ni imvugo shusho yahakoreshejwe. Mu yandi magambo, ntabwo rwose mbona ko yanenze ibiribwa wabajijeho. Ntabwo yigeze abivugaho.

---

[11] *Ferimentasiyo: ni impinduka zibera ahantu hatari ogisijeni [anaerobic reaction], zituma amasukari atandukanye nka girikoze[glucose] ahindurwamo: arukoro[alcohol] cyangwa aside asetike [acetic acid] hamwe n'umwuka wa diyogiside dokarubone[carbon dioxide]; hifashishijwe umusemburo runaka, cyane cyane uwitwa yisiti[yeast].*

## Ikibazo cya 62: Mbese imbuto n'imboga, ntibigomba na rimwe kuribwa ku ifunguro rimwe? ("Imbuto/Imboga")

*Njyewe n'incuti zanjye twari turimo kuganira ku bijyanye no kurya imbuto n'imboga ku ifunguro rimwe. Ni iki dushingiraho, tuvuga ko ikiribwa runaka kibarirwa mu mbuto cyangwa mu mboga? Ariko kandi, ni iyihe nama madamu White atanga kuri iyi ngingo, kandi iyo nama yanditse hehe?*

Hano hari amwe mu magambo ya madamu White avuga kuri iyi ngingo, nk'uko aboneka mu gitabo kigizwe n'inyandiko zakusanyijwe, cyitwa *Inama ku Mirire n'ibyo Kurya:*

Ntimukwiriye gukoresha ubwoko bwinshi cyane bw'ibyokurya mu ifunguro rimwe, kuko bitera umururumba wo kurya ibirenze urugero, igogora rikagenda nabi, ukagubwa nabi mu gifu. IMN 115.4

Si byiza kurira rimwe amatunda n'imboga ku ifunguro rimwe. Niba igogora rifite intege nke, gukoresha ubwo bwoko bwombi bw'ibyokurya akenshi bizatuma ubwonko butamenya icyo gukora, maze bukorane intege nke. Igikwiriye ni ukurya amatunda ku ifunguro rimwe, ukaza kurya imboga ku ifunguro ritaha.IMN 115.5 (p.102[soft])

Iyi ni imwe mu mpamvu ituma bamwe barakoresheje imbaraga ngo bavugurure imirire yabo ariko ntibabigereho. Barangwa no gukoresha indyo . . . idateguranywe isuku n'ubwitonzi, kandi bigakomeza bityo nta mpinduka. Ntimukwiriye gutegura amoko menshi y'ibyokurya ku ifunguro rimwe, ariko kandi amafunguro yose ntakwiriye kuba agizwe n'ubwoko bumwe bw'ibyokurya nta guhinduranya. Ibyokurya bikwiriye gutegurwa mu buryo bworoheje, na none kandi bigateguranwa isuku ku buryo bitera umuntu wese kugira ipfa. . . . Mujye mwihatira kurya cyane imbuto n'imboga IMN 182.6 (p.177[soft])

Mu gihe kimwe cy'ubukonje bukabije, bisa nk'aho umuyobozi runaka yahuye n'uburwayi, maze umuganga aramubwira ati, "Namenye imirire yawe. Urya ibyokurya by'ubwoko bwinshi bikabije ku ifunguro rimwe. Amatunda n'imboga urira rimwe bitera ubusharire (aside) mu gifu cyawe; ibyo rero bituma utagira amaraso meza, maze ubwonko bukagira urujijo, kuko igogora riba ritakoze neza umurimo waryo." IMN 115.8 (p.102[soft])

Abantu bamwe bibwira ko indyo ikwiriye ari igizwe cyane na porici. Nyamara, kuyihōrera kandi ukarya nyinshi ntibigwa neza ingingo z'urwungano ngogozi, kuko ari indyo igizwe cyane n'amazi. Ahubwo mwihate cyane imbuto, imboga n'umutsima cyangwa umugati. . . .  Kandi no mu gihe dufite ubuzima bwiza kandi twifuza kububungabunga, tugomba kwirinda kurya imboga n'imbuto ku igaburo rimwe. Igihe igifu kitamerewe neza, bitera kugubwa nabi, ubwonko bugacura igihunya ntibubashe kugira imbaraga. Mufate imbuto ku igaburo rimwe, n'imboga ku rindi. IMN 346.3 (p.346,347[soft])

Mu ishami rya siyanse yiga ku bimera, tubwirwa ko urubuto ari igice cy'ikimera kiba kirimo utubuto twacyo, mu gihe imboga zishobora kuba ikindi gice cy'icyo kimera.

Mu gihe twese twemerewe kuba twakwihitiramo ubwacu uburyo bwo gushyira mu bikorwa aya magambo, mbasha kubona rwose ko inama ya madamu White yo kudakoresha imbuto n'imboga mu ifunguro rimwe isa nk'aho igaruka cyane ku mpamvu ebyiri ari zo: ubwoko bwinshi cyane bw'ibyokurya mu ifunguro rimwe (aribyo bidutera umururumba wo kurya ibirenze urugero), ndetse n'ibyafasha abagira igogora rifite intege nke. Madamu White ubwe ntabwo yatandukanyaga cyane imbuto n'imboga mu mirire ye, kubera ko dufite amaraporo ava kuri we yizewe, y'amafunguro yakoreshaga, aho amoko yombi avugwamo.

Mu mucyo w'ibi bintu, mbona ko abafite kimwe mu bibazo madamu White yagaragaje, rwose bahabwa inama yo gukurikiza iyi nama yatanzwe. Mbona ko iyi nama yatanzwe cyane cyane kubwabo. Abandi bashobora kutayitaho cyane, ahubwo, rimwe na rimwe, bashobora gutegura ya moko yombi, nk'uko madamu White ubwe yabikoraga.

## Ikibazo cya 63: Mbese ngomba guhagarika kurya inyama kugira ngo nkizwe? ("kurya inyama bizashyira agakiza mu kaga")

*Turimo kugerageza gushakisha amagambo ya Elina G. White avuga ko "kurya inyama bizashyira mu kaga agakiza." Twakoresheje andi magambo yose, nyamara ntakintu twigeze tubona.*

Mushobora kuba muri gutekereza aya magambo aboneka mu *Nama Zigirwa Itorero*, p.289[soft]:

"Ubugorozi bukomeye cyane bukwiriye kuboneka mu bantu bavuga yuko bategereje kugaruka kwa Kristo vuba. Ubugorozi bw'iby' umuzemuke bukwiriye gukora umurimo butari bwakora mu bantu bacu. Hariho bamwe bakwiriye gukanguka bagahunga akaga ko kurya inyama, baracyarya inyama, bagashyira mu kaga ubuzima bw'umubiri, ubw'ubwenge n'ubw'iby'umwuka. Abenshi bahindutse by'igice gusa ku byerekeye ku kurya inyama, bazava mu bantu b'Imana be kongera kugendana na bo ukundi."

Nubwo madamu White yatanze ziriya nama ku bijyanye n'ingaruka zo kurya inyama, yazirikanaga ko imirire itarimo inyama itajyaga kuba ariyo ya mbere myiza ishoboka mu kuba nta kibazo na kimwe yagira ku mubiri – ndetse no kuba itabasha kuboneka – mu bice byose by'isi. Mu bice bimwe na bimwe, usanga rwose nta moko anyuranye y'ibiryo byiza kandi byuzuye abatarya inyama babasha kwifashisha. Yatwihanangirije ko buri wese agomba gukora ibikwiriye uko ashoboye kose bitewe n'ibihe arimo. Hamwe mu hantu hasobanura neza mu ncamake uruhande yari ahagazemo kuri iyo ngingo, ni muri *Testimonies for the Church [Ibihamya by'itorero]*, umugabane wa 9, p.153-166. Bwari ubutumwa yagejeje ku nama y'Inteko nkuru rusange yo mu 1909, ari na yo ya nyuma yitabiriye. Hano hari ibika bitandukanye by'ibanze ku ngingo turi kuvugaho, nk'uko byakoreshejwe no mu gitabo cy'inama zigirwa itorero:

Iyaba hari inyungu twakuraga ku kurarikira inyama, sinakwiriwe mbahendahenda ntya; ariko nzi yuko ntayo dukuramo. Abari ahantu hashobora kuboneka ibyokurya by'imboga, ariko bagahitamo gukurikiza ibyo bishakiye, bakarya kandi bakanywa uko bashaka, bazakura buhoro buhoro basuzugura

iby'Uwiteka yigishije byerekeye ukuri kuriho ubu kandi ntibazabasha kurabukwa ukuri; bazasarura rwose icyo bababibye. (*Inama Zigirwa Itorero*, p.293[soft]).

Nta tegeko rihamye dutegeka ko rikurikizwa mu byokurya; ariko icyo tuvuga ni uko mu bihugu birimo amatunda, n'ibyokurya by'impeke, n'ububemba bwinshi, inyama atari ibyokurya bitunganye ku bwoko bw'Imana. Nigishijwe yuko inyama zitera kamere y'umuntu kuba nk'iy'inyamaswa, zambura abagabo n'abagore urukundo n'impuhwe bakwiriye kugirirana, kandi zigatera iruba ribi kuba ari ryo ritegeka imbaraga z'umuntu. Niba hari ubwo inyama zigeze kuba ibyokurya bitunga umubiri, noneho zirimo akaga. Ikimungu, ibibyimba, n'indwara zo mu bihaha, ziterwa cyane no kurya inyama. Gukoresha inyama ntidukwiriye kukugira ikigeragezo cy'ubuyoboke, ariko dukwiriye kuzirikana icy'imibereho y'abarya inyama ikora ku bandi. Nkatwe intumwa z'Imana, mbese ntidukwiriye kubwira abantu tuti: "Namwe iyo murya, cyangwa munywa, cyangwa mukora ikindi kintu cyose, mujye mukorera byose guhimbaza Imana?" 1 Abakorinto 10:31. . . . Amagara y'umubiri akwiriye kurebwa yuko ari ingenzi ku bwo gukurira mu buntu no kugira ingeso ziboneye. Niba igifu kitarinzwe neza, gutungana, n'ingeso nziza bizakomwa mu nkokora. Ubwonko n'imitsi yumva bigirira ibambe igifu. Gucumura mu kurya no mu kunywa bitera gucumura mu gutekereza no mu mirimo. (*Inama Zigirwa Itorero*, p.295[soft]).

Mu magambo make, dushobora kuvuga ko madamu White yagaragaje kandi akaburira abantu ku bijyanye n'ingaruka mbi zigera ku buzima bw'umubiri, ubw'ubwenge n'ubw'iby'mwuka bitewe n'imirire ikoreshwamo inyama, nyamara ntiyavuze ko buri wese ubarizwa mu gice icyo ari cyo cyose ku isi agomba guhagarika kurya inyama. Niba kurya inyama bishyira mu kaga agakiza k'umuntu, ibyo biterwa n'ingaruka mbi nyirizina inyama zigira ku mubiri no ku byiyumviro, ndetse yemwe no ku mico mbonera, aho ari uko kurya inyama ubwabyo ndetse na zo ubwazo birimo ikibazo cyo kutayoboka cyangwa kutumvira Imana, nk'uko kwica Isabato cyangwa kutagarura icya cumi byaba bimeze.

Reba n'ikibazo n'igisubizo bikurikiraho.

## Ikibazo cya 64: Mbese abatarya inyama, ni bo bonyine bazimurwa? (“Abarya inyama no kwimurwa”)

*Ndibuka ko mu myaka runaka ishize nasomye mu Mwuka w’Ubuhanuzi, byashoboka ko ari mu Nama ku Mirire n’ibyo kurya, ahavugwamo ko abarya inyama batazimurwa. Ndi kwibaza niba madamu White yarigeze na rimwe yandika amagambo nk’ayongayo.*

Nta magambo nzi ya madamu White avuga ko abarya inyama badashobora kwimurwa. Bamwe babikura (mu buryo bwo kwibeshya, niko mbyizera) mu magambo akurikira, aboneka mu *Nama ku Mirire n’ibyo Kurya*, p.333[soft]:

“Mu bategereje kugaruka k’Umwami Yesu, hari abazareka rwose kurya inyama; inyama ntizizaba zikiboneka mu mirire yabo. Dukwiriye guhora tuzirikana iryo herezo, tukita ku nshingano yacu duhanze amaso iryo herezo. Ntabwo niyumvisha ko igihe tukirya inyama twaba duhamanya n’umucyo Imana yashimye kuduha.”

Abantu bamwe bafashe ibyo madamu White *yavuze ko bizaba*, hanyuma bo babigira *ikigombero* – ibyari kuzaba babigira ibigomba kuba. Nyamara kandi, murabona ko aho nta kijyanye no kwimurwa kivugwamo. Insanganyamatsiko ikubiye muri kiriya gika, ni uburyo twagendera mu mucyo Imana yaduhaye, n’uburyo twaha abandi urugero rukwiriye, ari byo bizanezeza Imana. Ntabwo ari ibijyanye n’ibyo ugomba gukora niba ushaka kuzimurwa udapfuye. Ariya magambo, ntaho avuga ko abarya inyama bazapfa mbere yuko Yesu agaruka. Ibiri amambu, nizera ko madamu White yavugaga ko abitegura kuza k’Umwami bazifuza kumenya ubushake bwa Se ubwo ari bwo, kandi bizaba intego yabo gutuma imibereho yabo ikurikiza ubushake Bwe. Uku gushimangira kurushaho gusobanuka mu magambo yanditswe ahandi, aho bimwe mu byavuzwe bigaragara, kandi bibanzirizwa n’indi nteruro ihuje n’icyerekezo cy’ibyavugwagaho:

Kenshi na kenshi nagiye nerekwa ko Imana iri kugerageza kutugarura ku mugambi wayo wa Katanga ka mbere – w’uko umuntu agomba kubeshwaho n’ibikomoka mu butaka by’umwimerere. Mu bategereje kugaruka k’Umwami, kurya inyama bizashira. (*Counsels on Health*, p.450).

Reba n’ikibazo n’igisubizo bibanziriza ibi.

## Ikibazo cya 65: Mbese tugomba kuba "abīfata bya burundu" kugira ngo tube abatarya inyama, ba nyabo? ("Kurya ibihari")

*Nahoze nshakisha amagambo ntigeze mbasha kubona. Ni amagambo ajyanye n'ibihari, ndetse n'ibirusha ibindi kuba byiza, nyamara iyo ibirusha ibindi kuba byiza bidahari, noneho biteye ishema kutarya ikintu, kiri munsi y'ikirusha ibindi kuba cyiza.*

Yaba njyewe cyangwa uwaba afite ubunararibonye mu bo dukorana ku biro bikuru by'abarinzi b'inyandiko za Elina White, ntanumwe Wabashije gutekereza amagambo yavuzwe na madamu White ari mu murongo w'ibyo wabajijeho. Icyakora, mugenzi wanjye yandangiye igitabo cyiza cyane cyanditswe na Herbert E. Douglass kitwa *Messenger of the Lord [Intumwa y'Imana]*, aho mwenedata Douglass akora incamake nziza y'inyigisho za madamu White ku buzima. Kuri paje ya 316, tuhabona ibika bikurikira:

Mu 1894, Elina White yandikiye umuntu wo muri Australia utari umudiventiste nyamara wakiriye kandi akagendera mu butumwa bw'iby'umuzemuke. Uwo muntu yari yabajije ibijyanye n'uruhande abadiventiste baherereyemo kubyo kuba "abīfata bya burundu", maze madamu White aramusubiza ati: "Nejejwe no kukwizeza mu buryo bwuzuye, ko twebwe nk'itorero turi abīfata bya burundu ku birebana n'ikoreshwa ry'amalikeri [*spirituous liquors*], vino, inzoga, cider [*inzoga yenzwe muri pome zakorewe ferimantasiyo*], ndetse n'itabi n'ibindi biyobyabwenge byose. . . . Twese turi "abatarya inyama", abenshi barifata ku gukoresha inyama, mu gihe abandi bazikoresha gusa ku rugero rwo hasi cyane rushoboka."

Amenshi mu magambo akomeye Elina White yavuze ku byo kudakoresha inyama, yanditswe nyuma yuko yongeye kwiyemeza gushimangira ibyo kwifata bya burundu mu 1894.

Hano tubonamo ko kuri Elina White, "kuba ūtarya inyama" ntibyari bivuze ko agomba kuba ari uwīfata bya burundu, ahubwo ni utararyaga inyama nk'akamenyero. Hano tuhafite urugero rusobanutse neza rw'itandukaniro riri hagati y'ihame [*principle*] n'ingamba [*policy*]. Kutarya inyama byari ingamba zishingiye ku ihame: twagakwiriye kurya ibiryo byiza bishoboka, bibasha kuboneka mu bihe turimo. Amahame ni amagambo asobanutse neza, ahora ari ay'ukuri mu

bihe byose. Ingamba zo zishobora guhinduka, bitewe n'igihe, ahantu, ndetse n'ibihe runaka umuntu agezemo. Ingamba zishyira mu bikorwa amahame, binyuze mu gukora icyiza cyane gishoboka mu bihe umuntu arimo. Umutimanama w'umuntu wonyine, ni wo uba uzi igihe imyanzuro yo gukora "icyiza gishoboka kuri we" yashyiriwe mu bikorwa.

Niba udafite igitabo cya Douglass, ushobora kukibona ku rubuga rwa murandasi rw'abarinzi b'inyandiko za Elina White. Kuri iyi nsanganyamatsiko, urebe by'umwihariko igice cya 27.

## Ikibazo cya 66: Mbese imyumvire ya madamu White y'igitera indwara, yigeze ihinduka? ("Ukwimuka buhoro buhoro kwa Elina G. White, ava ku nyigisho ya Miasma ajya kuya Germ")

*Elina White yemeraga byuzuye inyigisho ya miasma[12] y'igitera indwara kugeza mu myaka ya 1890, ubwo inyigisho ya germ yahindukaga iyemewe muri rusange. Itandukaniro ririgaragaza mu gushyirwaho kw'amashuri ya kidiventiste y'ubuvuzi. Kubera ko mu ishuri ry'ubuvuzi rya Battle Creek, yateje imbere igitekerezo cy'uko abazahigisha bātozwa ibyo gukoresha "imiti karemano" n'ubuvuzi bw'amazi – ari byo shingiro ry'amashuri ya none yigisha iby'ubuvuzi kamere.*

*Mu myaka ibanza y'ikinyejana cya makumyabiri, ubwo ishuri ry'ubuvuzi ryashingwaga muri Loma Linda, amashuri yigisha iby'ubuvuzi kamere yakomeje kwiyongera mu 1930 kugeza ubwo yageze kuri makumyabiri, kandi afite abaganga bavurisha uburyo kamere barenga ibihumbi icumi muri Leta zunze ubumwe za Amerika. Nyamara Elina White muri icyo gihe, yemeye inyigisho za germ[13] zari zirimo gutera imbere, kandi atanga umurongo w'uko ishuri rya Loma Linda rikwiriye mu buryo bwuzuye kuba iryigisha iby'ubuvuzi bugezweho. Ubuhanuzi bwe bw'uko iri shuri n'abarangije kuryigamo byajyaga kuzatera andi matorero kuryifuza, bwarasohoye rwose. Ibyo ntibyari kuba bityo uyu munsi, iyo tuba tutaremeye ihame ry'uko imyumvire yacu ku ngingo z'ubuzima ihora ikura.*

*Mu gihe hari ibibazo bitari bike mu buvuzi bugezweho, harimo inyungu nini rwose kuruta igihombo. Kandi gusubira ku buvuzi bwo mu kinyejana cya cumi n'icyenda bushingiye ku myumvire ya Elina White yo muri icyo gihe, byabangamira kandi bikangiza ubutumwa bwacu bw'iby'umwuka. "Ukuri kw'Imana guhora gukura; guhora kujya mbere, kuva mu mbaraga runaka kukajya mu mbaraga ziruseho, kuva mu mucyo runaka kukajya mu mucyo uruseho." [Signs of the Times*

---

*[12] Inyigisho ya miasma: ni inyigisho yaje mu myaka yo hagati [middle ages] kandi ikomeza kwemerwa ityo mu binyejana byinshi byakurikiyeho. Iyo nyigisho yavugaga ko indwara zose ziterwa n'umwuka wabaga urimo "miasma" [ari wo mwuka w'uburozi byavugwaga ko wabaga urimo uduce duto cyane tutagaragara tw'ibintu birimo kubora, kandi warangwaga n'impumuro mbi cyane]*

*[13] Inyigisho ya germ: ni inyigisho iriho ubu ishingiye kuri siyanse, ijyanye n'igitera indwara nyinshi. Ivuga ko udukoko duto cyane tubi [aritwo twitwa "germs" cyangwa "pathogens"], tuza mu mubiri w'ikinyabuzima, hanyuma tukagitera uburwayi.*

*(Ibimenyesto by'ibihe), kuwa 26 Gicurasi, 1890]. "mureke ivugurura mu by'ubuzima rikorwe buhoro buhoro."* [Testimonies for the Church (Ibihamya by'itorero), vol.7, p.135].

Nashatse aho Elina White yakoresheje ijambo "miasma." Ahenshi ryakoreshejwe mu buryo bw'imvugoshusho. Ndebeye mu mataratara y'inyigisho ya miasma, hamwe gusa nkurikije uko mbyibuka, niho nakabaye nararibonye mu buryo butaziguye, nyamara simbasha kubihagararaho ko no muri icyo gihe yari yarayobotse mu buryo bwuzuye iyo nyigisho ya miasma. Twese dukoresha amagambo y'ururimi asanzwe akoreshwa mu gace turimo mu gihe turi kuganira ku bintu bitandukanye, nyamara amagambo asobanura ibyo dutumye asobanura. Kuba madamu White yarakoresheje ijambo "miasma", ntabwo bihamya ko yizeraga ko indwara zikomoka mu mpumuro mbi cyane; byashoboka ko yavugaga ku bindi bintu byangiza ubuzima biba mu ahantu h'impehamyi (nko mu bishanga). Nyamara ntabwo binahakana ko yaba yarigeze kwizera iyo nyigisho mu gihe runaka, hanyuma akaza guhindura imitekerereze ubwo amakuru yisumbuyeho yabonekaga.

Ndibaza niba ingingo ya miasma itaba iri mu cyerekezo kimwe mu buryo runaka n'icyo madamu white yavuze ku munyu. Bamwe mu bagorozi bo mu gihe cye bawise uburozi, hanyuma babuzanya kuwukoresha (icyakora koko ni bwo, mu gihe ukoreshejwe ari mwinshi cyane). Madamu White yaranditse ati, "Nkoresha umunyu mukeya, kandi ni ko kamenyero kanjye, kubera ko, nkurikije umucyo nahawe n'Imana, umunyu, aho kugirira nabi umubiri, ufitiye akamaro amaraso. Ibibazo bindi bigendanye n'ibi jyewe ntabyo nzi, ahubwo mbahaye amabwiriza nk'uko nayahawe.IMN 300.4." (*Inama ku Mirire n'ibyo* Kurya, p.304[soft]). Inama yatanze yari ifite ishingiro, nyamara ntabwo yari azi (ntibyari bizwi) "impamvu yabyo n'ikizitera." Mbese ntibyashoboka ko inama yatanze yo kudatura hagati mu bimera biri kubora, na yo yari ifite ishingiro, nyamara bidatewe n'impamvu we yatekerezaga (impamvu yabyo n'ikizitera)?

[Ku rubuga rwa murandasi rw'abarinzi b'inyandiko za Elina White, hariho ibibazo n'ibisubizo bitatu kuri iyi ngingo, byose birimo abantu bamwe kandi byose bifite imitwe y'amagambo – ihuye – cyangwa isa cyane. Hariya ushobora kuhabona ibyagufasha biruseho.]

## Ikibazo cya 67: Mbese tugomba kwirinda shimiyoterapi n'iyindi mivurire igezweho? ("Kanseri y'ibere, no gukoresha ibimera mu cyimbo cyo gukoresha imiti")

*Incuti yanjye irwaye kanseri y'ibere, kandi umwizera umwe wo mu itorero ryacu, yamubwiye ko madamu white yavuze yuko twagakwiriye gukoresha ibimera, aho gukoresha imiti igezweho nka shimiyoterapi[14]. Mbese ibi ni ukuri? Mbese ntitwemerewe gukoresha ikoranabuhanga rigezweho mu kugerageza koroshya no kuvura kanseri?*

Ikibazo wabajije kiragoranye kugisubiza, keretse nibura igice cyacyo. Igice cyoroheje ni ikibazo cyawe cya nyuma, kijyanye no gukoresha ikoranabuhanga rigezweho mu kuvura kanseri. Madamu white ubwe, aduha urugero kuri iki kintu. Yaje kwadukaho mu gahanga n'agaheri k'umukara ka kanseri, hanyuma bakavurisha imirasire y'urumuri yitwa "X", ari yo yaje kugakuraho burundu. Uzabona aho yavuze kuri ibi mu *Butumwa Bwatoranyijwe*, umugabane wa 2, paje ya 323[soft], ku musozo w'igice cyitwa "Uko Elina G. White yakoreshaga uburyo bworoheje bwo kwivura."

Ku birebana n'ibyo madamu White yavuze ku miti muri rusange, ni ingenzi kumenya ibibazo nyirizina yavugagaho ibyo ari byo. Mu myaka ibanza y'umurimo wa madamu white, imiti "itatu ahanini" yakoreshwaga cyane mu buvuzi yari: Opium, Calomel na Nux Vomica. Ushobora gusoma icyo madamu White yayivuzeho mu *Butumwa* Bwatoranyijwe, umugabane wa 2, paje 490-509[soft]. Birashoboka ko waba uzi Opium. Calomel, ni ikinyabutabire kibamo mercury [*soma merikire*], kandi uyu umunsi wa none, iyo merikire ifatwa nk'ikintu gishobora gutera akaga. Madamu White yasobanuye ingaruka zayo ku mapaje nakurangiye. Umuti wa gatatu, ariwo Nux Vomica, ubamo uburozi bwitwa "strychnine" [*soma sitirikinine*]. Iyi, yari "imiti y'uburozi" rwose, kandi abaganga barayitangaga mu rugero runini cyangwa rutoya bitewe n'uko umurwayi yabaga ameze.

Ukunenga "imiti y'uburozi" kwa madamu White, ndatekereza ko gukunze kugaragara mu cyerekezo cyo gushakisha ubuvuzi mu gihe umubiri wahuye

---

*[14] Shimiyoterapi: ni uburyo ndetse n'imiti bikoreshwa mu koroshya no kuvura indwara ya kanseri.*

n’uburwayi bw’igihe runaka, bwabundi bushobora kwikiza mu gihe umubiri uhawe ikiruhuko, imirire, imyitozo ngororamubiri, umwuka, n’ubundi bufasha bikwiriye. Akenshi mu bihe bimeze bityo, kwivura mu buryo bworoheje ni byiza kuruta gufata imiti igezweho. Nyamara njyewe ku giti cyanjye, ntabwo nifuza gufata imiti yose ko ari iy’uburozi, bitewe gusa n’uko madamu White yavuze ku miti runaka y’uburozi.

Uko bimeze uyu munsi, bitandukanye mu buryo runaka n’uko byari bimeze muri kiriya gihe. Binyuze mu masuzuma ya siyanse, umumaro w’imiti no kuba itāteza akaga runaka, biba bigomba kugerwaho mbere yuko imiti ikwirakwizwa ngo ikoreshwe n’abantu muri rusange.

Imiti ikoreshwa muri shimiyoterapi ibamo uburozi. Intego iba ihari, nk’uko mbasha kubisobanukirwa, ni ugutanga iyo miti mu ngano ihagije kuburyo kanseri ipfa, nyamara mu ngano ntoya bishoboka kuburyo itabasha kwica umurwayi. Nubwo bitari ihame ko shimiyoterapi ikiza kanseri, bigaragara ko yaba yarafashije umubare utari muto w’abantu bakabaye barishwe na kanseri bari bararwaye. Itandukaniro ry’ingenzi riri hagati y’iyi miti n’iyo madamu White yanditseho, ni uko iyi yo byagaragaye ko ibasha guhashya ikibazo – ari cyo kanseri muri aka kanya. Abadogiteri bo mu kinyejana cya cumi n’icyenda bageragezaga kuvura ibimenyetso by’indwara, kandi ndetse no muri icyo gihe, nta gitekerezo babaga bafite kucyo muby’ukuri imiti batanze yabaga yakoze.

Mbese hari ubundi buryo bushoboka kandi burushijeho kuba mu murongo w’icyo madamu White yaduhamagariraga, bwasimbura shimiyoterapi? Ndibuka ko, ubwo nari nkiri ingimbi nigeze kumva “ibyo kwivurisha inzabibu”, nyamara ahanini ntushobora kumva na rimwe babivugaho uyu munsi. Ndi gucyeka ko ibi bisobanuye ko ubwo buvuzi butigeze butanga umusaruro ku rwego runini mu ncuro zitandukanye bwagiye bukoreshwamo. Nigeze kugira incuti zagerageje ubundi buryo “kamere” cyangwa bwanyuze mu masuzuma; nyamara ubu, barapfuye. Mu bihe bimeze bitya, abantu bakwiriye gusenga cyane, bakagenzura bitonze amahitamo ahari, hanyuma bagakora ayo batekereza ko ari meza kuruta andi yose.

# IGICE CYA GATANU – IBIBAZO BIJYANYE N’ITORERO RY’ABADIVENTISTE

## Ikibazo cya 68: Mbese abayobozi b'itorero ry'abadiventiste, banze ubutumwa bwo mu 1888? ("Mbese ubutumwa bwo mu 1888, bwanzwe n'abayobozi b'itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi?")

*Mbese Elina White yavuze ko benshi mu bayobozi b'itorero ry'abadiventiste b'umunsi wa karindwi banze ubutumwa bwo mu 1888, bwabundi Jones na Waggoner babwirije?*

Nta magambo nzi ameze atyo mu nyandiko za madamu White. Ndaza kukwandukurira bimwe na bimwe mu byo Arthur L. White yanditse mu ncamake, ku birebana n'iki kintu nk'uko biri mu gitabo cyitwa *Ellen G. White: The Lonely Years [imyaka yo kuba wenyine]* 1876 – 1891, volume ya 3 muri 6, izo yanditse avuga ku buzima bwa madamu White (paje 394 - 397).

Minneapolis, n'imyanzuro y'umurimo yayikurikiye, bizana mu bwenge ingingo y'ingenzi cyane – ubutumwa bwo gutsindishirizwa kubwo kwizera, no kuyirwanya gukomeye kwayikorewe ubwo yatangazwaga. . . . . Ingingo zimwe z'ibyabaye n'uburyo ibintu byagiye bikura, byagakwiriye kuzirikanwa. . . .

5. . . .Hari bike cyane byafatiwe raporo y'ibyababaga byakozwe buri munsi, bitewe n'uko umwanzuro wo gukora raporo y'inama zose uko zakabaye wari utarashyirwaho. . . .

7. ku byo gufata umwanzuro runaka, nta mwanzuro nyirizina wigeze ufatwa ku bibazo by'iyobokamana byaganirwagaho. Ubuhamya bwakomeje gutangwa burebana n'uko abantu bitwaye imbere y'ingingo yo gutsindishirizwa kubwo kwizera, ni uko abantu bitwaye mu buryo butandukanye. Ibi byavuzwe na [A. T.] Jones mu buryo busobanutse neza mu 1893: "Nzi ko hariya harimo bamwe bayemeye; abandi barayanga uko yakabaye. . . . Abandi bagerageza guhagarara hagati na hagati, babifata batyo." – GCB 1893, p.185. Ibi, bishimangirwa na Elina White n'abandi bantu. Ntabwo bishoboka kugaragaza umubare fatizo w'abari bagize buri ruhande muri izi eshatu, tugendeye kuri raporo zihari.

8. Ingingo ivuga ko Inteko nkuru rusange, bityo n'itorero, byanze ubutumwa bwo gutsindishirizwa kubwo kwizera mu 1888, nta shingiro ifite. kandi ntiyigeze igaragazwa kugeza ubwo hari hashize imyaka mirongo ine nyuma y'inama yabereye i Minneapolis, n'imyaka cumi n'itatu nyuma y'urupfu rwa Elina White. Raporo

dufite iki gihe, nta gitekerezo zitanga cy'uko itorero uko ryakabaye ryaba ryaranze buriya butumwa. Ntanahamwe mu magambo ya Elina G. White havuga ko ibi byagenze bityo. Ingingo ivuga ibyo kwanga ubutumwa kumeze gutyo, yazanwe n'abantu ku giti cyabo, badafite n'umwe muri bo wari uhari i Minneapolis, cyangwa ngo babe barabonanye imbonankubone n'abantu babigizemo uruhare bari bahari ubwo byabaga. . . .

14. Inama yabereye i Minneapolis n'ibibazo byayo, ntibyigeze bihinduka insanganyamatsiko Elina white yajyaga kugarukaho kenshi. Byari kimwe mu bindi bihe yanyuzemo mu nararibonye y'ubuzima bwe. Ntabwo yari arajwe ishinga cyangwa ngo ahangayikishwe n'ibyo bintu. Rimwe na rimwe, yavuze ku gihombo cyageze ku bantu n'itorero bitewe n'imyitwarire ya bamwe mu bari hariya. Kuri Elina white, byari ingingo yo kugira ibyo amenya no gukomeza kujya mbere ashikamye, hatabayeho gutakaza umucyo w'ukuri kw'ingenzi kwongeyeye gushimangirwa muri iyo nama.

## Ikibazo cya 69: Mbese Elina White yavuze ko Inteko nkuru rusange ari Babuloni? ("Mbese Elina White yanditse ko Inteko nkuru rusange y'itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi ari Babuloni?")

*Umuvandimwe muri Kristo njya nandikira, ari kumbwira ko madamu White yanditse ko Inteko nkuru rusange y'Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi ari Babuloni. Avuga ko ikibihamya ari ibyanditswe muri "General Conference Bulletin", amagambo yanditswe kuwa 3 Mata, 1901: "Igihe twafataga abo bantu bo mu Nteko Nkuru nk'abahagaze mu mwanya wera kugira ngo babere ubwoko bw'Imana ijwi ryayo, icyo gihe cyaratambutse." (p.25)*

*Nubwo bimeze bityo, mu byo madamu White yanditse nyuma y'iyi tariki yo kuwa 3 Mata, 1901, mpabona amagambo adahuye n'aya mbere: "Mu giterane cy'Inteko Nkuru, Uwiteka yakoreye ibikomeye ubwoko bwe. Igihe cyose ntekereje kuri ayo materaniro, numva ntwawe n'umunezero utangaje, maze umutima wanjye ugasābagizwa n'ishimwe. Twiboneye uburyo Umwami n'Umukiza wacu yigaragarije muri twe mu buryo butangaje. Turahimbaza izina rye ryera, kuko yacunguye ubwoko bwe. (Urwibutso n'Integuza, kuwa 26 Ugushyingo, 1901)" Mbese mwansangiza andi magambo ya madamu white ahamya ko Itorero ry'Abadiventiste b'umunsi wa Karindwi rizashikama kugeza ku mperuka, harimo n'inteko nkuru rusange?*

Wakoze umukoro mwiza! Wabashije kubona amagambo y'ingenzi akosora ikoreshwa rihengamiye ku ruhande rumwe ry'incuti yawe, rya ya magambo ya mbere ya madamu White. Ndetse ntabwo wigeze wemera amagambo yitiriye akanwa ka madamu White – tugendeye kubyo wagaragaje hejuru, aho yavuze ko madamu White yavuze yuko Inteko nkuru rusange ari Babuloni. Nyamara ntabwo yigeze agaragaza amagambo avuga atyo, mbese yabikoze? Ntiyari kubibasha, kuko ayo magambo atabaho.

Mu 1901, nyuma y'inama y'Inteko nkuru rusange, madamu White yandikiye umwana we bwite witwa Edson [soma *Edisoni*], wari ubabaye bitewe n'uburyo yafashwe nabi mbere y'umwaka wa 1901, biturutse mu biganza by'icapiro ry'urwibutso n'integuza (Review and herald publishing association). Yarimo asaba kurenganurwa, hanyuma madamu White aramucyaha ati: "Birambabaza

gutekereza ko urimo gukoresha amagambo nandikiye mbere Inteko nkuru rusange. Impamvu ni uko habayeho impinduka zikomeye mu Nteko nkuru rusange." — Letter 54, 1901 (To "My Dear Son Edson," J. E. White, June 1901) [*Manuscript Releases*, vol.3, p.205].

Mu 1905, yagize icyo yandika ku itorero (birumvikana ko harimo n'Inteko nkuru rusange) mu buryo bugambiriwe "butari mu murongo wo kuba Babuloni" ati: "Ntabwo dushobora kwinjira mu itsinda rishya iryo ari ryo ryose, kuko ibi byaba bisobanuye guhakana ukuri. –Manuscript 129, 1905." (*Ubutumwa Bwatoranyijwe*, umugabane wa 2, p.421[soft]).

Mu 1909, mu muzingo wa 9 w'*Ibihamya*, madamu White yashyize ahagaragara amagambo akurikira, yemeza ko afitiye icyizere itorero n'ubuyobozi bwaryo bwagutse, nk'uko byagaragajwe mu nama y'Inteko nkuru rusange yateranye mu 1901:

Incuro nyinshi nigishijwe n'Imana ko nta mitekerereze y'umuntu n'umwe ikwiriye kwegurirwa kuyoborwa n'imitekerereze y'undi uwo ari we wese. Nta na rimwe ibyemezo by'umuntu umwe cyangwa iby'itsinda ry'abantu bake bikwiriye kurebwa nk'ibihagije mu bwenge n'ubushobozi bikenerwa mu kugenzura umurimo no gutanga gahunda zigomba gukurikizwa. Nyamara mu Nteko nkuru rusange, iyo ibyemezo bya benedata bateranye bavuye mu bice byose by'umurimo bifashwe, ubwigenge bwite n'imyanzuro bwite y'umuntu ku giti cye ntibikwiriye kugumanwa kubwo kwiyobagiza, ahubwo bigomba gushyirwa hasi. Ntibikwiriye na rimwe ko umukozi w'Imana yibwira ko gukomeza guherera mu ruhande rwe rw'ubwigenge ari ingeso nziza, mu gihe rutandukanye n'umwanzuro w'inteko nkuru rusange (p.260).

Ndatekereza ko ibi, ari igisubizo kitaziguye ku byo incuti yawe yavuze. Bitanga ubusobanuro bw'amagambo madamu White yavuze mbere, ubwo Inteko nkuru rusange yari igizwe n'abantu nka batatu, batekerezaga ko bajyaga gushobora kuyobora itorero ryose. Iki kibazo cyakemuwe mu 1901. Amagambo madamu White yaje kuvuga hanyuma, nyuma yuko ikibazo cyari kikimara gukemuka (nk'uko biri muri ya magambo wabashije kubona) na nyuma y'igihe kinini nyuma yahoo (nkuko nabigaragaje haruguru), byerekana ko atabonaga Inteko nkuru rusange nka Babuloni.

Mu 1913, yandikiye amagambo akurikira intumwa zari ziteraniye mu nama y'Inteko nkuru rusange:

Mu gihe cya nijoro iyo nabuze ibitotsi, umutima wanjye nywerekeza ku gusenga Imana, hanyuma ikankomeza, kandi ikanyizeza ko iri kumwe n'abagaragu bayo bakorera umurimo mu bice by'iwabo n'ibya kure. Numva nongerewe akanyabugabo kandi mpiriwe, iyo mbonye ko Imana ya Isiraeli iyoboye buri gihe ubwoko bwayo kandi ikaba izakomeza kugumana na bwo kugeza ku iherezo ry'ibihe. (*Life Sketches of Ellen G. White,* p.437, 438).

Mu gitabo kitwa *Testimonies to Ministers and Gospel Workers*, igice cyacyo cya mbere, cyose gisobanura uko madamu white yabonaga ikibazo cyo kuba itorero ryaba ari Babuloni. Hano, hari amwe mu magambo yo muri icyo gice, ahera kuri paje ya 41:

Igihe hagize umuntu uhaguruka, yaba umwe muri twe cyangwa uwo hanze, akaba yabujijwe amahwemo n'ubutumwa buvuga ko abantu b'Imana bari mu bagize Babuloni, kandi akavuga ko ijwi rirenga ari iryo guhamagarira abantu kuyisohokamo; muzamenye ko adafite ubutumwa bw'ukuri. Ntimuzamwemere cyangwa ngo mumwifurize umugisha; kuko Imana itigeze ivugana na we, habe no kumuha ubutumwa, ahubwo yarihuse mbere yo gutumwa.

Nubwo amagambo aboneka muri *Testimonies to Ministers and Gospel Workers* yanditswe mu 1893, ntaho tubona ko yigeze ayahakana cyangwa ngo ayavuguruze mu gihe cyakurikiyeho. Mu by'ukuri, yanditswe mu gihe nyirizina madamu White yari azi neza ibibazo biri mu buyobozi bwo mu Nteko nkuru rusange. Ntabwo yigeze agerageza gushyiramo itundakaniro, ngo avuge ko bitari byo kuvuga ko itorero ari Babuloni, ko ahubwo byari byo kuvuga ko Inteko nkuru rusange ari Babuloni. Hoya, kuri we, byombi byari bifatanye – itorero: ry'irinyantege nke kandi rifite amakosa, itorero rikeneye gucyahwa, kuburirwa, kugirwa inama, ni ryo Kristo ahanzeho amaso mu buryo buheranije.

Reba n'ibibazo n'ibisubizo bibiri bikurikiraho.

## Ikibazo cya 70: Ni hehe Elina White yavuze ko Imana yaretse itorero? ("Imana yaretse itorero mu gihe kirekire cyatambutse")

*Nigeze gusoma amagambo ya Elina G. white avuga ko, "Imana yaretse itorero mu gihe kirekire cyatambutse." Nibagiwe aho nabisomye, kandi nifuzaga kumenya icyerekezo ayo magambo yakoreshejwemo.*

Nakoresheje amwe mu magambo wabajije, nshakisha aho amagambo ameze atyo aboneka. Ntayo nigeze mbona. Mu by'ukuri, byankomereye gutekereza ko madamu White yaba yaravuze amagambo ameze nk'ayo wabajijeho. Ndibuka andi magambo yanditse, ayo mbona ko ataba rwose ari mu murongo umwe n'aya wabajijeho. Hano hari ay'ingenzi cyane muri yo:

Mu gihe cy'umwijima mu by'Umwuka, Itorero ry'Imana ryabaye nk'umurwa wubatswe mu mpinga y'umusozi. Uko ibihe byagiye bikurikirana n'ibisekuru bigasimburana, inyigisho nzima zitangwa n'ijuru zagiye zisakazwa mu mbibi z'uwo murwa. Nubwo Itorero ryagaragara nk'irinyantegenke, ni ryo kintu kimwe Imana ihozaho ijisho ryayo mu buryo budasanzwe. Ni na ho ubuntu bwayo bugaragarira, aho yishimira guhishurira imbaraga yayo ihindura imitima. {INI 10.3} (*Ibyakozwe n'Intumwa*, p.9[soft]).

Niba madamu White yarizeraga ko Imana yaretse itorero mu gihe kirekire cyari cyaratambutse, kubera iki yajyaga kurigumamo?

Birashoboka ko waba uri gutekereza amagambo runaka arushijeho kuba yari ayo mu gihe runaka gusa, guhera mu myaka ya 1888 kugeza mu 1901 – yayandi aboneka mu gitabo cyanditswe na A. V. Olson cyitwa *Thirteen Crisis Years*: 1888 – 1901. Hano hari amagambo amwe ari muri uwo murongo, nkuko yakusanyijwe mu gitabo cy'*Ibyaduka byo mu minsi y'impeuka*, p.39, 40[soft]:

Ijwi riva i Battle Creek [mu Nteko nkuru rusange], ryafatwaga nk'irifite ubutware mu gihe ryari rigitānga inama y'uburyo bwiza bwo gusohoza umurimo w'Imana; ntirikiri ijwi ry'Imana. –17 MR 185 (1896). . . .

Igihe twafataga abo bantu bo mu Nteko Nkuru nk'abahagaze mu mwanya wera kugira ngo babere ubwoko bw'Imana ijwi ryayo, icyo gihe cyaratambutse. –GCB, 3 Mata, 1901, p. 25.

Nyamara, uzabona ko madamu white atakomeje kubibona muri ubwo buryo bw'icyerekezo kitari kiza. Nyuma yuko impinduka zabayeho mu 1901 zakemuye ibibazo bitoroshye, yahise abibona ukundi. Hano hari amagambo agiye atandukanye yavuze nyuma y'izo mpinduka. (yose aboneka mu *Byaduka byo mu minsi y'imperuka*, p.42, 43[soft]). Amagambo asoza, ni ubutumwa buheruka madamu White yahaye itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi, abugeza ku nama y'Inteko nkuru rusange; kandi uwari perezida wayo witwa A. G. Daniells, ni we wabusomeye abari bahari kuwa 27 Gicurasi, 1913:

Ubu ntidushobora kongera gutera umugongo imfatiro zashyizweho n'Imana. Ariko kandi, ntidushobora kwinjira mu yindi ngengamikorere nshya, byaba bibaye ubuhakanyi no kuva mu kuri. –2SM 390 (1905)

Nahuguriwe kubwira Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi bo mu isi yose, ko Imana yaduhamagaye nk'ishyanga ngo tuyibere umutungo wayo w'umwihariko. Yategetse ko Itorero ryayo ku isi, rigomba kuguma mu bumwe bwuzuye mu Mwuka Wera no mu nama z'Uwiteka Nyiringabo kugeza ku iherezo ry'ibihe. –2SM 397 (1908)

Akenshi, igihe agatsiko gato k'abantu bashinzwe kuyobora umurimo muri rusange mu izina ry'Inteko Nkuru babaga batekereje gushyiraho igenamigambi ribuzemo ubwenge, kandi ari nta handi ryerekeje uretse gukoma mu nkokora umurimo w'Imana; nahamije ko ntashobora na rimwe kongera gufata ijwi ry'Inteko Nkuru ihagarariwe n'abo bagabo bake, nk'ijwi ry'Imana. Ariko ibyo ntibisobanuye ko tutagomba kubahiriza ibyemezo bifatirwa mu Nteko Nkuru igizwe n'iteraniro ry'abantu bahiswemo neza, kandi bahagarariye ibirere byose by'umurimo.

Imana yategetse ko abahagarariye Itorero ryayo bavuye mu bihugu byose by'isi, iyo bateraniye mu Nteko Nkuru, bagomba kugira ubutegetsi. Ikosa bamwe bashobora kugwamo, ni iryo kugena ko ibitekerezo by'umuntu umwe cyangwa iby'agatsiko k'abantu bake, byakwegurirwa ubutware bwuzuye n'imbaraga y'icyitegererezo Imana yambitse Itorero ryayo, binyuze mu bugenzuzi hamwe n'ijwi ry'Inteko Nkuru iteraniye gutegūra imigambi izatanga umusaruro n'amajyambere y'umurimo wayo. –9T 260, 261 (1909).

Imana yahaye Itorero ryayo ubutware bwihariye n’ubutegetsi budashobora kwirengagizwa no gusuzugurwa n’umuntu n’umwe, kuko ubikoze, aba asuzuguye ijwi ry’Imana. –AA 164 (1911)

Numva nongerewe akanyabugabo kandi mpiriwe, iyo mbonye ko Imana ya Isirayeli iyoboye buri gihe ubwoko bwayo, kandi ikaba izakomeza kugumana na bwo kugeza ku iherezo ry’ibihe. –2SM 406 (1913).

Nuramuka usomye icyo gice cyose cyo mu *Byaduka byo mu minsi y’imperuka*, uzabona inkuru yose y’uko byagenze, kandi usobanukirwe neza impamvu zatumye madamu White avuga ibyo yavuze, n’impamvu nyuma y’aho yaje kubasha kuvuga ibitandukanye rwose n’ibyo yavuze mbere.

Reba n’ibibazo n’ibisubizo bibanziriza ibi.

## Ikibazo cya 71: Mbese hari irindi torero, rizasimbura itorero ry'Abadiventiste? ("Mbese tugomba gushakisha irindi torero?")

*Ni hehe nabona amagambo avuga ngo "Mbese dukwiriye gushakisha irindi torero?" Birashoboka ko ibi byabaye mu myaka ya nyuma ya madamu White ubwo yari mu iyerekwa, cyangwa ari kuvugana n'Imana cyangwa umumarayika; kandi yagaragaraga nk'uri kubaza niba harajyaga kuzabaho irindi tsinda, ryajyaga guzahabwa ubutumwa bwacu.*

Nakoresheje mudasobwa, nshakisha aya magambo "shakisha irindi torero" hanyuma birangira nta kintu mbonye. Icyakora, ikibazo cyawe cyatumye nibuka andi magambo ya madamu White, aboneka mu *Butumwa Bwatoranyijwe*, umugabane wa 1, paje ya 163[soft]:

Muzakoresha imirongo yo mu Bihamya ivuga ku kurangira kw'imbabazi, ku ishungurwa ry'ubwoko bw'Imana, kandi muzanavuga ko hazabaho ugusohokamo kw'abantu batunganijwe kandi barushaho kwera. Ibi byose ubu ngubu bishimisha umwanzi. Ntabwo dukwiriye gukurikira inzira izatuma habaho itandukaniro cyangwa izateza amacakubiri. Ntabwo dukwiriye kwibwira ko niba ibitekerezo byacu byihariye bitubahirijwe, impamvu ari uko abagabura badafite gusobanukirwa no kwizera, cyangwa ko bagendera mu mwijima.UB1 145.5

Mu buryo busa nk'ubu, yaranditse ati:

Itorero rigumaho igihe abanyabyaha bo muri Siyoni bagosorwa maze umurama ugakurwa mu ngano nziza. Iki ni ikintu gikomeye kandi kibabaje, nyamara uko byagenda kose kigomba kubaho. Nta bantu bazabaranwa n'indahemuka n'abanyakuri badafite ikizinga cy'icyaha cyangwa ngo bagire uburiganya mu kanwa kabo, uretse abanesheshesheje amaraso y'Umwana w'intama n'ijambo ryo guhamya kwabo. Tugomba kwamburwa ubutungane bwacu twihangiye, maze tukambikwa ubutungane bwa Kristo. (*Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol.2, p.410,411[soft]).

Ntabwo nabihagararaho, yuko nta magambo madamu White yigeze avuga yaba ari mu murongo w'ibyo wabajijeho (nubwo bigaragara neza ko ayo magambo adahuye n'ayo wakoresheje), nyamara ntayo nabashije kubona. Ahari, amwe mu magambo naguhaye uzayabonamo icyo wari ukeneye. Niko mbyizeye. . . . Reba n'ibibazo bibiri n'ibisubizo byabyo bibanziriza ibi.

## Ikibazo cya 72: Mbese madamu White yavuze ko Itorero ry'Abadiventiste "rizanyura mu bihe bikomeye"? ("Itorero rizanyura mu bihe bikomeye")

*Ndi gushakisha aho madamu white yavuze ko "Itorero rizanyura mu bihe bikomeye." Mbese yavugaga by'umwihariko itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi? Cyangwa yavugaga itorero muri rusange?*

Iyo ntekereje ku magambo madamu White yavuze ari muri uyu murongo, ntekereza ku magambo ye avuga ko bizagaragara ko itorero ryenda kugwa, nyamara ntirigwe; ahubwo rikagumaho. Ndaza kuyakwereka hano, ari kumwe n'igika kiyabanziriza, kugira ngo icyerekezo cy'ibyavugwagaho cyumvikane:

Tugomba kwitegura no gutegereza amabwiriza y'Imana. Amahanga azahuriza hamwe. Gushyigikira abamamaza amabwiriza rukumbi y'Imana yerekeye ubutungane, ari na cyo gipimo rukumbi cy'imico bizakurwaho. Kandi abantu bose batazumvira iteka ryaciwe n'inama z'igihugu ndetse ntibanumvire amategeko y'igihugu yo kwerereza isabato yashyizweho n'umunyabugome asuzuguye umunsi wera w'Imana, ntabwo bazagerwaho n'imbaraga irenganya y'ubupapa yonyine, ahubwo bazanagerwaho n'Ubuporotesitanti, ari bwo gishushanyo cy'inyamaswa.

Satani azakora ibitangaza bye kugira ngo ayobye abantu; azakoranyiriza imbaraga ze hamwe ngo zirute izindi. Itorero rishobora kugaragara nk'iryenda kugwa, nyamara ntiryigera rigwa.

Itorero rigumaho igihe abanyabyaha bo muri Siyoni bagosorwa maze umurama ugakurwa mu ngano nziza. Iki ni ikintu gikomeye kandi kibabaje, nyamara uko byagenda kose kigomba kubaho. Nta bantu bazabaranwa n'indahemuka n'abanyakuri badafite ikizinga cy'icyaha cyangwa ngo bagire uburiganya mu kanwa kabo, uretse abanesheshesheje amaraso y'Umwana w'intama n'ijambo ryo guhamya kwabo. Tugomba kwamburwa ubutungane bwacu twihangiye, maze tukambikwa ubutungane bwa Kristo. (*Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol.2, p.410,411[soft]).

Muri aya magambo, bikwiriye kugaragara ko itorero afite mu bwenge bwe, ari irikomeza amategeko y'Imana.

## Ikibazo cya 73: Mbese ntitwakabaye tubwiriza “inkingi z’imyizerere” ya Kidiventiste? (“Umurimo”)

*Mwa bantu mwe, mukwiriye kugaruka ku nyigisho za mbere. Mwibuke ko twahamagariwe kuba ishyanga ryihariye. Twahamagariwe gutuma impanda ivuga. Twahamagariwe gusohoka muri Babuloni no kubwiriza ukuri kw’iki gihe niba koko dushaka ko Kristo agaruka. Twatangiye rwose kwigisha nk’andi matorero yose.*

*Nahoze ndi umugaturika, igihe kiragera niga kandi nemera ubutumwa bw’abamarayika batatu, ubuturo bwera, Isabato, n’ubutumwa bw’ibyo inyamaswa n’igishushanyo cyayo ari byo. Nzi yuko ubu butumwa ari zo nkingi z’imyizerere y’itorero. Kuki tutarimo kubushyira mu binyamakuru n’amagazeti, kuri radiyo no ku byapa, n’ahandi; nk’uko Umwuka w’Ubuhanuzi wabivuze?*

Ndatekereza ko turi ku murongo umwe, ku birebana n’umumaro w’ubutumwa bwihariye Abadiventiste b’Umunsi wa Karindwi bafitiye iyi si mu minsi iheruka. Icyakora, tunafite inama madamu White yatanze ku birebana n’uburyo tugomba kwitwara mu murimo wacu. Yaduhaye umuburo w’uko tutagomba gushyira imbere ibintu bidutandukanya n’abandi bakristo. Hano hari bika runaka biboneka mu gitabo cy’*Ivugabutumwa*, paje 159:

Tegura Ubutaka Mbere yo Gutera Imbuto: Igihe mukorera umurimo mu turere dushya, ntugatekereze ko inshingano yawe ari uguhita ubwira abantu ngo: “Turi Abadiventiste b’Umunsi wa Karindwi; twizera ko umunsi wa karindwi ari wo Sabato; ntitwizera kandi ko ubugingo budapfa.” Ayo magambo ashobora guhinduka urukuta rukomeye cyane hagati yawe n’abo washakaga kugezaho ubutumwa. Uko uzajya ubona uburyo, babwire ku ngingo runaka z’amahame mushobora kumvikanaho. Tinda cyane ku kuntu kubaha Imana mu bigaragara ari ngombwa. Bahe ibimenyetso byerekana ko uri Umukristo ushaka amahoro kandi ukunda ubugingo bwabo. Reka babone ko uri umwiringirwa. Nibiba bityo, bazakugirira icyizere kandi hazabaho igihe gihagije cyo kuganira ku mahame. Igarurire umutima w’umuntu, ubutaka butegurwe, maze ubone utere imbuto, kandi ubwirize ukuri nk’uko kuri muri Yesu mu mwuka w’urukundo. —*Gospel Workers*, p.119,120. (1915)

**Irinde Kuziba Amatwi y'Abakumva:** Mu ijoro ryakeye ubwo nari nsinziriye, narose inzozi nsa n'aho ndi mu iteraniro ndi kumwe na bene data, duteze amatwi Uwavugaga afite ubutware. Yagize ati: "Hari abantu benshi bazitabira aya materaniro batagira icyo bazi rwose ku kuri kuzaba kwigishirizwa imbere yabo. Bazatega amatwi kandi bashishikarire kwita ku bivugwa bitewe n'uko Kristo ari we uzaba abireherezaho. . . . Hakenewe ubwitonzi bukomeye cyane mu kwita kuri bene abo bantu. Mu itangira, ntugahite ubwira abantu amahame yo mu kwizera kwacu akunze kugibwaho impaka. Nubigenza utyo, uzaziba amatwi yabo be kumva ibyo bintu bije ari ihishurirwa rishya kuri bo. Reka bene iyo migabane igize ukuri dutwaye bayibwirwe igihe bazaba bashobora kubyumva no kubyishimira. Nubwo byababera nk'inzaduka kandi bikabatangaza, abantu benshi bazakirana ibyishimo umucyo mushya uzaba urasira ku ijambo ry'Imana, mu gihe bamwe bajyaga kwigendera ubutazagaruka ukundi iyo ukuri kuvugwa ari kwinshi cyane ku buryo abantu batari gushobora kukwakira." —*General Conference Bulletin*, kuwa 25 Gashyantare, 1895.

## Ikibazo cya 74: Ni iki Elina White avuga ku kubwiriza gukozwe n'abagore? ("Mbese abagore ntibakwiriye kuvugira mu rusengero?")

*Uyu munsi ku rusengero rwacu, umugore umwe yatubwirije, kandi cyari ikibwirizwa cyiza. Nyamara ubwo gahunda yari ikimara kurangira, nabonye ahantu havuga ko abagore badakwiriye kuvugira mu rusengero. Aho nabisomye hagaragaje ko byanditswe mu 1 Timoteyo 2:11-15 no mu 1 Abakorinto 14:33-35.*

Mu minsi madamu White yatangiyemo umurimo we no mu gihe kinini cy'umurimo we, abantu benshi muri rusange bo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, bumvaga kuba umugore yavugira mu ruhame bidakwiriye, kandi bitajyanye n'abagore. Ahanini, ikibazo nticyari ukubwiriza, ahubwo cyari ukuvugira mu ruhame ubwabyo. Mu bari bagize igice kinini cy'abavuga ko bizera kandi bakayoborwa na Bibiliya, benshi muri bo bafashe inama ya Pawulo iboneka mu 1 Abakorinto 14:34 na 1 Timoteyo 2:11, 12 nk'ibuza abagore kuvugira mu rusengero.

Yaba madamu White cyangwa abandi bapayiniya bacu [*abatangije itorero ryacu*], ntanumwe muri wo wabibonaga muri ubwo buryo. Mu bihe bitandukanye, zimwe mu ngingo zo mu kinyamakuru cyitwa "The Review and Herald" [*Urwibutso n'Integuza*] zagiye zicapwa kuva mu myaka ya 1850 kugeza mu ya 1890, ndetse n'izo mu kinyamakuru cyitwa "The Signs of the Times" [*Ibimenyetso by'Ibihe*] nyuma yuko gitangira gukora, zabaga zirimo inkuru zivuga kuri iki kibazo, kandi zabaga zifite umutwe uvuga ngo, "Mbese umugore ashobora kuvugira mu rusengero?" Hari n'ubwo uwo mutwe w'amagambo wabaga uvuga ibindi bisa nk'ibyo. Igisubizo cyabo buri gihe cyahoraga ari Yego. Ubwo nabonaga izi nkuru bwa mbere, natekereje ko abapayiniya bacu bandikaga muri ubu buryo kugira ngo bavuganire umurimo wa madamu White. Bidatinze, naje gusobanukirwa ko atariyo mpamvu yabibateraga – ahubwo babaga bari kuvuganira uburenganzira bw'umugore uwo ari we wese, bwo guhamya cyangwa ku rundi ruhande akaba yagira uruhare binyuze mu kugira icyo avuga muri gahunda zo ku rusengero.

Binyuze mu rugero rwe no mu nama nkeya zisobanutse neza, madamu White yashishikarije abagore kuvugira mu ruhame. Ibi ntabwo bimeze kimwe nko kuvuga ko yabashishikarije gushaka umwanya w'ubugabura (ubupasitoro) cyangwa uw'ubukuru bw'itorero, kuko na we mbona yuko atigeze abikora. Nyamara yizeraga – kandi mu buzima bwe agaragaza – ko abagore bari bafite uruhare bagomba kugira

mu murimo w’Imana, kandi biremewe ko urwo ruhare rwazamo no kuvugira mu rusengero – ndetse no kubwiriza.

Madamu White ntiyigeze na rimwe yigisha ku Isabato mu gitondo, iyo umugabo we James White yabaga ahari kandi abasha kuboneka. Umugabo we yajyaga abwiriza mu gitondo, naho madamu White we akagira icyo avuga nyuma ya saa sita. Icyakora, nyuma y’urupfu rw’umugabo we, yagiye yemera ubutumire bwo kubwiriza ku Isabato mu gitondo. Nyamara ibyo ntiyabikoze nk’umugabura cyangwa umubwiriza, ahubwo – “nk’intumwa y’Imana” – mu rwego rwo gukora umurimo ujyanye n’izina we ubwe yashimye ko bamwita.

Madamu White ubwe, igihe kimwe yagize icyo yandika ku magambo yari yakwirakwijwe arwanya ibyo kuvugira mu ruhame kwe:

Mu mugoroba washize, abantu benshi bari bateraniye ahitwa Arbuckle, kandi byavuzwe yuko aribwo bwa mbere hari hateraniye abantu benshi bene ako kageni. Inzu yari yuzuyemo abantu. Benshi bari baturutse mu birometero umunani, cumi na bitandatu na cumi n’icyenda. Imana yampaye imbaraga idasanzwe mu kuvuga. Abantu babashaga kumva rwose, kuburyo bisa nk’aho nta jambo na rimwe ryabacikaga. Nubwo navuze igihe kirengeje isaha imwe, ntanumwe wigeze ava muri iyo nzu ngo yigendere. Mbere yuko ntangira kuvuga, mwenedata witwa Haskell yari afite inyandiko runaka zamugezeho, zerekana amagambo atari amwe abuza abagore kuvugira mu ruhame. Yavuze kuri iyo ngingo mu ncamake, kandi asobanura neza cyane ubusobanuro bw’amagambo y’intumwa Pawulo. - Letter 17a, 1880, paje ya 2. (Byandikiwe muri Oakland, California, kuwa 1 Mata, 1880, bigezwa kuri James White.) [*Manuscript Releases*, vol.10, p.70].

Ndatekereza ko ikintu cy’ingenzi umuntu umeze nk’iyo ncuti yawe agomba kubona, ni uko Bibiliya yemerera – ndetse igashishikariza – abagore kugira uburyo runaka bajya bavugira mu rusengero, bityo ya masomo wagaragaje ntabwo yaba agendereye kubibuzanya burundu. Muri icyo gihe, twasuzuma icyo Ibyanditswe bivuga kugira ngo tumenye uburyo bwo kuvuga byemera ndetse n’ubwo bigaragaza ko budakwiriye.

## Ikibazo cya 75: Mbese uyu munsi wa none, dukwiriye kuziririza iminsi mikuru yo mu Isezerano rya Kera? ("Kuziririza iminsi mikuru uyu munsi wa none")

*Mbese mu nyandiko za madamu White, haba harimo ikintu na kimwe gishyigikira cyangwa kibuzanya ibirebana no kuziririza iminsi mikuru yo mu Isezerano rya Kera? Rwose ndi mu rujijo kuri iyi ngingo – mbese nta nama mwangira?*

Nta kintu mbona mu nyandiko za madamu White gishyigikira igitekerezo cy'uko uyu munsi wa none abakristo bakwiriye kuziririza iyo minsi mikuru. We ubwe ntiyigeze ayiziririza.

Amagambo bakunze kugaragaza mu gushyigikira iriya minsi mikuru, ni aya akurikira, aboneka mu *Rwibutso n'Integuza* (Review and Herald), kuwa 17 Ugushyingo, 1885:

Byatubera byiza kugira umunsi mukuru w'ingando, kuko byatubera urwibutso runejeje rw'imigisha Imana yaduhaye nk'ubwoko bwayo. Nk'uko abana ba Isirayeli bizihizaga ugucungurwa Imana yagiriye ba sekuruza babo, n'ukuntu Imana yabarindaga mu buryo bw'igitangaza mu ngendo zabo ubwo bavaga muri Egiputa bajya mu gihugu cy'isezerano, ni nako abantu b'Imana uyu munsi wa none bari bakwiriye kuzirikana bishimye inzira zitandukanye Imana yabaciriye kugira ngo ibakure mu isi, ibakure mu mwijima w'icyaha, ibageze mu mucyo w'ukuri kw'igiciro cyinshi. Dukwiriye kujya twibuka incuro nyinshi uburyo abatubanjirije muri uyu murimo bishingikirizaga ku Mana. Twari dukwiriye kurebana ibyishimo ibiranga inzira bya kera, hanyuma imitima yacu ikagarurwamo ubuyanja kubwo kwibuka ineza yuje urukundo y'umugiraneza wacu w'umunyabuntu.

Iyo madamu White aduhamagarira kugira "umunsi mukuru w'ingando" aho kuba "Umunsi Mukuru w'Ingando," bisa nk'aho arimo kudusaba gukora ikintu gisa nka – aho kuba – icyo Isirayeli ya kera yakoraga. Amagambo akurikiraho y'icyo gika, asobanura ingingo zikubiye mu byo yari arimo kuduhamagarira. Izi ngingo yavugagaho, ntabwo zidusaba kuziririza Umunsi Mukuru w'Ingando dutyo. Mu by'ukuri, muri aya magambo, bigaragara ko madamu White yari arimo

kuduhamagarira ikintu cyo gukora incuro nyinshi, gitandukanye n'umunsi mukuru uba rimwe mu mwaka: "Dukwiriye kujya twibuka incuro nyinshi. . . ."

Rimwe na rimwe, bisa nk'aho madamu White yagereranyije amateraniro yacu makuru n'Umunsi Mukuru w'Ingando:

Imbaraga z'umwanzi ziri kwiyongeranya, kandi twe nk'ishyanga tugaragazwa nabi; ariko se ntitwari dukwiriye gushyira hamwe imbaraga zacu, hanyuma tukaza mu munsi mukuru w'ingando? Mureke twe gufata iki kintu nk'igifite agaciro gake, ahubwo mureke ingabo z'Imana zihibere kugira ngo zihagararire ibikorwa hamwe n'umurimo w'Imana muri Australia. Mureke he kugira n'umwe utanga urwitwazo mu gihe nk'iki. Imwe mu mpamvu zatumye duhitamo i Melbourne kugira ngo abe ariho hazabera amateraniro makuru, ni uko twifuza ko abantu bo muri ako gace bamenya inyigisho zacu n'ibikorwa byacu. Turashaka ko bamenya abo turi bo, n'ibyo twizera. Mureke buri wese asenge, kandi yizere Imana. Abazitiwe n'urwikekwe bagomba kumva ubutumwa bw'umuburo bugenewe iki gihe. Tugomba gushaka uburyo tugera ku mitima y'abantu. Kubw'ibyo, nubwo bisaba ko mugira ibyo mwigomwa, nimuze mu materaniro makuru; bityo Uwiteka azabaha umugisha kugira ngo aheshe ikuzo umurimo we kandi atume ujya mbere. (*Bible Echo and Signs of the Times*, kuwa 8 Ukuboza, 1893).

Mu magambo asoza inyandiko irimo aya magambo maze kwerekana, madamu White atanga impamvu nyinshi zo gutuma abantu bitabira amateraniro makuru; nyamara kuziririza iminsi mikuru yo muri Bibiliya, si bimwe muri zo.

Wabajije niba mu nyandiko za madamu White haba harimo ikintu na kimwe "gishyigikira" cyangwa "kibuzanya" ibirebana no kuziririza irya minsi mikuru. Mu magambo akurikira, mbonamo ko Pasika yasimbuwe n'Ifunguro Ryera. Bisome urebe icyo ubasha gukuramo:

Yesu yari ku iherezo ry'umwanya washyizwe hagati y'imihango ibiri yakorwaga n'iminsi yayo mikuru. Umwana w'intama utagira inenge yari agiye kwitamba ubwe ho igitambo gikuraho ibyaha; byari ngombwa gushyira iherezo ku migenzo n'imihango yose yari imaze imyaka ibihumbi bine isura urupfu rwe. Igihe Yesu yasangiraga n'abigishwa ibyo kurya bya Pasika, yashyizeho umuhango wari ugiye gusimbura uwo munsi mukuru maze, bakajya bibuka igitambo cye gikomeye. Umunsi mukuru w'ishyanga ry'abayuda wagombaga kuvaho by'iteka ryose. Umuhango washyizweho na Kristo wagombaga kujya wubahirizwa n'abigishwa be

bo mu bihugu byose; kandi bigakorwa uko ibihe bihaye ibindi. (*Uwifuzwa Ibihe byose*, p.618[soft]).

Madamu White yanditse ko mu ifunguro rya nimugoroba Rye rya nyuma no kubambwa Kwe kwajyaga gukurikiraho, Yesu yari agiye “gushyira iherezo ku migenzo n’imihango yose yari imaze imyaka ibihumbi bine isura urupfu rwe.” Yongeyeho ko Yesu yatangije Ifunguro Ryera ngo risimbure Pasika. Nshingiye kuri ibi, kubwanjye mbona ko kujya impaka ku bijyanye no kuzirikiza irya minsi mikuru bidakwiriye; kandi mu by’ukuri uyu munsi wa none, byarogoya ndetse bigateshura ubwoko bw’Imana.

## Ikibazo cya 76: Mbese Elina White yatanze umuburo wo kutagira amatorero manini? ("Haba hari inama n'imwe irebana n'ingano y'itorero?")

*Mbese Elina White yatanze inama yo kutagira amatorero manini? Numvise abantu babivuga, nyamara ku ishakiro ryanyu rya murandasi, ntabwo ndi kubasha kuhabona iki gitekerezo.*

Yego, madamu White afite amagambo yavuze y'imbuzi no gutanga inama ku birebana n'amatorero manini. Ndaza kukwandukurira ibika bimwe na bimwe hano hepfo, nyamara ku bijyanye n'amakuru yisumbuyeho, ndakurangira igitabo kigizwe n'imizingo itatu kitwa *Comprehensive Index to the Writings of Ellen G. White*. Munsi y'umutwe witwa "Churches[amatorero]", ku gice cya karindwi kitwa "Large/[-nini]." Amagambo akurikira aboneka muri iki gice, kandi kiriya gitabo cyakurangira n'andi menshi atandukanye. Umugabane munini wa paje runaka yo muri kiriya gitabo, hafi ya wose ntakindi uvuga uretse ku hantu wabona andi magambo avuga kuri iyi ngingo. Niba kiriya gitabo utagifite, byashoboka ko waba uzi undi ugifite. Cyangwa wifashishe ishakiro ryo ku rubuga rwacu, wandikemo "large churches [amatorero manini]" cyangwa "itorero rinini." Amahirwe menshi ni uko uraza kubona amakuru menshi atandukanye kuruta ari muri kiriya gitabo, nyamara birashoboka ko amwe muri yo araba adahuye n'ibyo ushaka nyirizina, kandi byatuma uza kugira ibyo utakobwa bindi biri muri kiriya gitabo; kuko muri cyo, bigaragara ko batakoresheje ariya magambo nyirizina nk' "itorero rinini" cyangwa "amatorero manini."

Inshingano yacu yo gukora nk'abamisiyoneri b'Imana mu hantu nyirizina yadushyize, twarayirengagije cyane nk'ishyanga. Bamwe bari guhunga inshingano n'amahirwe bafite ubu, bakabikora bashishikaye, bakajya ahandi umurimo wamaze kwaguka. Benshi batekereza ko mu tundi duce runaka ari ho byaborohera kumvira ukuri. Amatorero yacu manini arebwa nk'aho yishimira amahirwe akomeye yihariye, kandi mu bantu bacu, hari umwuka uri gukura wo kureka ahantu bafite inshingano idasanzwe, maze bakimura i Battle Creek cyangwa mu duce tw'ahari itorero rindi rinini. Iyi mikorere ntabwo ibangamira gusa kujya mbere n'imibereho y'amatorero yacu mato, ahubwo inatubuza gukora umurimo nyirizina Imana yaduhaye gukora, kandi yangiza imirebeho yacu y'ibya mwuka n'umumaro twe

nk'ishyanga twakagombye kugira. (*Testimonies for the Church [Ibihamya by'Itorero]*, vol.5, p.184).

Benshi mu bagize amatorero yacu manini, tugereranyije, ntakintu bakora. Iyaba batataniraga mu duce dutandukanye tutaragerwamo n'ukuri, bashoboraga gusohoza umurimo mwiza, aho kwicucika ahantu hamwe. Ibiti byatewe byegeranye cyane ntabwo bikura neza. Uwita ku busitani yimura ibyo biti, kugira ngo bibone ahantu hisanzuye byakurira kandi bye gusyigingira no kuraba. Iryo hame ryanakora neza ku matorero yacu manini. Benshi mu bayagize bari gupfa mu by'umwuka kubwo gukenera rwose gukorerwa uyu murimo. Bari kuraba kandi bakananirwa kugera ku rugero rushyitse. Baramutse bimuriwe ahandi, babona umwanya uhagije wo gukura no kugira imbaraga. Si umugambi w'Imana ko abantu bayo bagomba kwibumbira cyangwa guhurira hamwe ari benshi. Abigishwa ba Kristo ni bo bamuhagarariye ku isi, kandi Imana yifuza ko bazatatanira mu gihugu cyose, mu migi mito, mu migi minini, no mu byaro, bameze nk'umucyo mu mwijima ubuditse mu isi. Bagomba kuba abamisiyoneri b'Imana, kandi kwizera n'imirimo byabo bigahamya ko kuza k'Umucunguzi kuri bugufi. (*Testimonies for the Church [Ibihamya by'Itorero]*, vol.8, p.244).

# IGICE CYA GATANDATU – IBIBAZO BIJYANYE NO GUSHYINGIRANWA NDETSE N’IMIBONANO MPUZABITSINA

## Ikibazo cya 77: Mbese umudiventiste akwiriye gushyingiranwa gusa n'undi mudiventiste? ("Ibyo mushiki wacu White yavuze bikwiye kuranga uwo uzashaka")

*Ndi umudiventiste w'umunsi wa karindi uba mu gihugu cya Malawi. Nishimira cyane gusoma iby'umwuka bikungahaje inyandiko za Elina White. Nagiye nkurikira bya hafi na hafi amagambo ari mu bitabo bye nagize amahirwe yo gusoma. Icyakora, ntabwo nabashije kubona icyo yavuze ku birebana no gushyingirwa. Niba mufite amakuru y'ibyo yavuze byerekana aho yari ahagaze ku birebana n'uwo umwizera w'itorero agomba gushyingiranwa na we, nakwishimira cyane kuyabona. Hano bari gushimangira ibyo gushyingiranwa kw'abagize itorero (Abadiventiste b'umunsi wa karindwi) gusa. Ndifuza rwose kumenya aho yari ahagaze kuri icyo kintu.*

Nigeze kugira igihe cyo gusubiza ikibazo kimeze nk'icyawe mu mezi menshi ashize. Mu gisubizo natanze, nagaragaje amagambo aboneka muri *Testimonies for the Church [Ibihamya by'Itorero]*, vol.5, igice gifite umumaro cyane cya 43 cyitwa – "Gushyingiranwa n'abatizera". Uwari wabajije, ntabwo yabajije gusa niba Umudiventiste akwiriye gushyingiranwa n'utari Umudiventiste, ahubwo yanabajije n'ibiranga utizera. Icyo gihe namwandikiye amagambo akurikira:

Kuri madamu White, ni ibiki biranga utizera? Mbese ni umuntu utizera ubutumwa bwa Gikristo gusa? Cyangwa iryo jambo ryanakoreshwa ku muntu wemeye ukwizera kwa Gikristo nyamara utaremera ubutumwa bw'Abadiventiste?

Biragaragara ko madamu White yavuze kuri iki kibazo ubwacyo:

Nubwo uwo wemereye ngo mukundane yari akwiriye turebeye mu zindi nguni zose (ariko siko biri), nyamara ntabwo yakiriye ukuri kw'iki gihe; ni utizera, kandi ijuru ntiryemera ko wifatanya na we. Ntabwo ushobora kutita kuri uku gufatanywa kwera ngo ubure gushyira ubugingo bwawe mu kaga. (*Testimonies for the Church [Ibihamya by'Itorero]*, vol.5, p.364).

Tugendeye kuri aya magambo, umuntu "utaremeye ukuri kw'iki gihe" (iyi ni imvugo madamu White yakoreshaga mu kuvuga ubutumwa bw'Abadiventiste) ni utizera, ari na we tudakwiriye gufatanya ubuzima bwacu n'ubwe. Ni gute uwizera ko Yesu agiye kugaruka bidatinze kandi akizera ko dufite isi yo kuburira no

kuyirehereza ku butumwa bw'umwihariko bw'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi bugenewe iminsi iheruka, yakwifatanyisha ipfundo rya mbere rikomeye mu buzima n'umuntu badasangiye iyo ntumbero? Iyo ubitekerejeho muri uwo mucyo, usanga rwose bitumvikana gushyingiranwa n'uwo tudasangiye misiyo yacu n'ibyo twasobanukiwe kandi tukabyemera.

Mbese itorero rihagaze hehe ku bijyanye no kuba abagabura bashyingira Umudiventiste n'undi utari Umudiventiste? *Indongozi y'itorero* iravuga iti, "Itorero ry'Abadiventiste b'umunsi wa karindwi ntirishyigikira rwose gushyingiranwa k'Umudiventiste w'Umunsi wa Karindwi n'utari Umudiventiste, kandi ryihanangiriza abapasitoro baryo kudasezeranya bene ubwo bukwe." (*Indongozi y'itorero*, p.160 [ingeri ya 2015]).

Igitabo kitwa *Seventh-Day Adventist Minister's Handbook*, cyarabyemeye, kuburyo hafi paje ebyiri zose zo muri cyo zahariwe kuvuga kuri izi ngingo. Ku kagingo nyirizina kajyanye no gusezeranya ubukwe kw'umugabura, batanga umwanzuro uvuga ngo, "Niba umwizera ahisemo kuzabana n'umuntu utabarizwa mu bizera b'Itorero, Itorero ryitega ko abo bombi bazasobanukirwa kandi bakishimira ko umupasitoro w'Umudiventiste w'Umunsi wa Karindwi wasezeranye kuzakomeza amahame yavuzwe haruguru, adakwiriye kwitegwaho gusezeranya ubukwe nk'ubwo." (Ingeri yo mu 1997, p.261).

## Ikibazo cya 78: Ni iki Elina White yavuze ku mibonano mpuzabitsina mu bashyingiranwe? ("Imibonano mpuzabitsina mu bashyingiranwe")

*Ndi Umudiventiste w'Umunsi wa Karindwi ubushikamyemo mu buryo bwiza kandi buhoraho, kandi nizera impano y'ubuhanuzi ya Elina G. White. Ndi kwibaza niba mu bagize itsinda ry'abarinzi b'inyandiko za Elina White, haba hari uwigeze agerageza gutanga ubusobanuro kubyo yavuze ku ngingo y'imibonano mpuzabitsina mu bashyingiranwe. Njyewe mbona rwose ko atigeze yigisha ko icyo gikorwa cyagenewe umugambi wo kubyara wonyine.*

Nanjye ni uko mbyumva.

*Ni ibihe "byaha byinshi bikorerwa mu gusabana kw'abashyingiranwe"? mbese ni umubare w'incuro uko gusabana kwakozwe? Ni ugushayisha? Cyangwa ni byombi?*

Nshobora gukeka gusa, kandi uko gukeka kwaba ari uko ari "byombi." Kuryamana kenshi birengeje urugero byongeraga amahirwe yo gusama, kandi madamu White yizeraga ko kugira abana benshi cyane atari byiza ku buzima bw'umuntu (bigendanye no kugira amagara mazima), cyangwa mu buryo runaka bikaba bibi ku buzima bw'iby'umwuka (kubwo kuboherwa mu rugo kubera abana, kutabona amahirwe yo guhamya Imana, ndetse no kubura umwanya wo kugaburira imibereho yawe bwite y'iby'umwuka, n'ibindi.) Biranashoboka ko yari ahangayikishijwe no kuba hari indwara z'abagore ziterwa cyangwa zitizwa umurindi no gukora imibonano mpuzabitsina incuro nyinshi. Ibi bishobora kuba byari bifitanye isano no kuba byari bigoranye guhorana isuku, bitewe no gutura ahantu hadapfa kuboneka ibya ngombwa bikenewe byafasha umuntu kuyihorana. Byashoboka ko ibi ari byo byateraga icyo yise "konona imyanya y'ibanga y'abagore".

*Ni iki gikwiriye gufatwa nko gushayisha?*

Ntabwo nzi yuko madamu White yigeze na rimwe asobanura icyo yari afite mu bwenge bwe ku bijyanye n'iyi ngingo. Nizera ko kuryamana kenshi birengeje urugero, yajyaga kubyita ugushayisha. Nyamara bigaragara ko nubundi yari afite ibindi atekereza mu bwenge bwe. Dushobora gukeka gusa icyo ibyo bintu byajyaga

kuba ari byo. Mbese ni ubusadomasocizime [*Sadomasochism*][15]? Ni ubunyasodomu? Ibyo byaba ari byo byose, biragaragara ko yabinenze bitewe n'uko byari ukwangirika – no gushayisha mu mico mbonera.

*Bimwe mu bitabo by'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi nasomye, nta kintu gifatika bivuga cy'uko uburyo runaka bukoreshwa mu mibonano mpuzabutsina hagati y'abashyingiranwe bwaba ari icyaha. Icyo nifuza kumenya gusa, ni icyo mu by'ukuri Uwiteka yavuze kuri iyo ngingo. Ntabwo nifuza gusobanura nabi ibyo Umwuka w'Ubuhanuzi uvuga kubwo kudasobanukirwa ibyo Imana yagennye, cyangwa ngo nishyirireho urugero rudafite icyo rushingiyeho.*

Iyi ni intego nziza kandi ikwiriye. Nyamara niba uri gushaka umuntu runaka – ndetse na madamu White – ngo akubwire ibyemewe nyirizina, ushobora kubura ibyo wari witeze. Ibitari ibyo, ushobora gushakisha uwabikubwira – nyamara ni umuntu udafite ububasha burenze ubwawe cyangwa ubw'undi uwo ari we wese. Ibi bintu, ukeneye kubifataho umwanzuro hagati yawe n'Imana mu masengesho, kandi ugashingira ku mahame yagutse.

Imana yaremye imibonano mpuzabitsina. Nyamara nk'uko n'ubundi dushobora gufata impano zayo nziza tukazishayishamo, ni nako iyi mpano twayikoresha nabi. Icyakora, dushobora no gukabya mu rundi ruhande kubwo kugerageza kwigengesera bikabije. Mu bijyanye n'imirire, gukabya kumeze gutyo gushobora kwigaragaza nka anoregisiya [*anorexia*][16] cyangwa nk'imyumvire yo "gukizwa kubwo kureka ibiryo runaka". Mu buryo nk'ubwo, umuntu ashobora gukabya mu gushaka igisubizo cy'ibi bibazo byose bigendanye n'imibonano mpuzabitsina, kugeza ubwo yibagirwa ko Imana ishaka ko abana bayo bashyingiranwe bagaragarizanya ubwuzu n'urukundo, harimo no gusabana kwabo mu mibonano mpuzabitsina. Bagomba guharanira guha agaciro, guteza imbere, no gukorerana ibishimisha kandi bikanyura undi, bitanyuranyije no guhesha Imana ikuzo. Ibirenze kuri izi nshingano z'ibanze, sintekereza ko binkwiriye kugira uwo mbwira icyo madamu White yashakaga kuvuga cyangwa inshingano zabo nyirizina bafite muri ibi bintu.

---

[15] *Ubusadomasocizime: kunezeza irari ry'umubiri kubwo kwibabaza cyangwa kubabaza mugenzi wawe.*

[16] *Anoregisiya: Indwara yo kwiyicisha inzara cyangwa kurya bike cyane kubera gutinya kubyibuha cyangwa izindi mpamvu zitandukanye.*

## Ikibazo cya 79: Mbese twemerewe gukoresha uburyo bwo kuboneza urubyaro butari karemano? ("Kuboneza urubyaro mu buryo karemano tugereranyije no gukoresha ubundi buryo")

*Ndi hafi gukora ubukwe, kandi maze igihe nsenga, nkanashakisha muri Bibiliya ndetse no mu nyandiko za Elina G. White, ibijyanye n'ingingo ivuga ku kugereranya uburyo karemano no gukoresha ubundi buryo bwo kuboneza urubyaro. Nshishikajwe no kumenya ubumenyi abantu bari bafite mu gihe cya madamu White ku bijyanye n'uburumbuke. Elina White yaranditse ati:*

*Igihe duteganya gutuma intumwa mu bihugu bya kure, tugomba guhitamo abantu batāya, badashinzwe kwita ku miryango minini, bazi ko basigaranye agahe gato ko gukora umurimo w'ingenzi, badashakisha uko babyara abana benshi, kandi bakora uko bashoboye kose ngo birinde ikintu cyose cyabakoma mu nkokora kigatuma badakora umurimo w'ingenzi. Niba umugore na we akunda kwitanga kandi nta kimuzize, umugore na we yajyana n'umugabo we, kandi na we yaba ingirakamaro nk'umugabo we. Imana iha umugisha abagore kugira ngo bakoreshe itaranto zabo mu kuyihesha icyubahiro, bayikiriza imitima y'abahungu n'abakobwa benshi. Ariko benshi muri bo, bashoboraga gukora umurimo w'ibwirizabutumwa ukomeye, basigara mu rugo bita ku bana. (Urugo rwa Gikristo, p.139, 140[soft]).*

*Ngendeye kuri aya magambo, birasa nk'aho abagize urugo bafite amahitamo arebana kugira abana cyangwa kutabagira. Mbese abashakanye, babaga igihe cyiza cy'ukwezi cyo kwirinda gusama? Cyangwa barifataga kugeza igihe gusama byajyaga kuba nta kibazo biteje?*

Muri rusange, ikibazo kiri hano ni uko madamu White avuga icyo gukora ariko ntavuge uburyo bwo kugikora – mbese sibyo? Mu buryo bugaragara, ashyigikira ibyo guteganyiriza abana no kugenzura umubare w'abana umuntu afite. Ntabwo avuga ku buryo umuntu yabigeraho. Bisa nk'aho yatekereje ko abantu bazi uko bikorwa. Ntabwo mbona yuko mu nyandiko ze yatanze igitekerezo cy'uko abashakanye bagomba kutaryamana kugeza igihe bazifuza kugira umwana. Ibiri amambu, bigaragara ko yihanangirije abantu kubara igihe no kwigenzura mu mubare w'incuro baryamana, kugira ngo babashe gushyira mu bikorwa gahunda

bateganyirije umuryango wabo. Niba ibi ari ukuri, uyu munsi wa none twabigereranya n’icyo twita “uburyo bwo kubara ukwezi k’umugore.”

Ntabwo mfite amakuru yihariye ajyanye n’igihe ubu buryo bwamenyekanye, nyamara byantangaza ndamutse nsanze imiterere yabwo itari yarabaye gikwira mu kinyejana cya cumi n’icyenda.

Abadiventiste b’Umunsi wa Karindwi, ntabwo basangiye n’Abagaturika igitekerezo cy’uko buri gihe imibonano mpuzabitsina iba igamije gusama, cyangwa ko Imana ifite imyuka yifuza gushyira mu mibiri y’abantu, hanyuma kuboneza urubyaro mu buryo butari karemano bigakoma mu nkokora icyo cyifuzo cyayo. Twizera ko imibonano mpuzabitsina igendereye gusabana kimwe n’uko igendereye kubyara, ndetse ko uwari we wese yemerewe kugira uko gusabana mu gihe ari no gukoresha uburyo butandukanye bwo kwigiza inyuma igihe cyo kubyara. Birumvikana ko iyi ari ingingo ireba umuntu ku giti cye, kandi ntabwo mvuga ko mvugira buri Mudiventiste w’Umunsi wa Karindwi wese. Nyamara tewolojiya yacu, ntabwo ituganisha ku buryo bumeze kimwe nk’ubwo Abagaturika babibonamo, kandi ndatekereza ko abenshi mu Badiventiste b’Umunsi wa Karindwi batiyemeza gukoresha uburyo bwo kubara ukwezi k’umugore bwonyine, mu gihe byabashobokera no gukoresha ubundi buryo.

Ndatekereza ko icyakugirira umumaro atari ukumenya ahanini ubumenyi abantu bo mu kinyejana cya cumi n’icyenda bari bafite, ahubwo ni ukumenya amahitamo yemewe imbere y’Imana ku bijyanye n’ibi bintu. Ntaho mbona kunengwa kw’igikorwa cyo kuboneza urubyaro mu nyandiko za madamu White, yaba ari uburyo bwo kubara ukwezi k’umugore cyangwa ubundi buryo. Ahubwo icyo mpabona, ni ugushaka igisubizo kirimo ubwenge kandi cyumvikana ku birebana n’ingingo yo kuboneza urubyaro, mu buryo bugamije kwita ku bana umuntu azanye mu isi mu buryo bwe bwiza cyane bushoboka, kandi bunakamushoboza gukorera Imana ku rugero rwe rwo hejuru rushoboka.

## Ikibazo cya 80: Mbese Abadiventiste bahawe ubutane, nyuma y'aho bakihana, bemerewe kongera gushyingirwa? ("Ubutane no kongera gushyingirwa")

*Ndi umukuru w'itorero mukuru w'itorero runaka. Mfite ikibazo kingoye cyane kandi nkeneye ubufasha bw'icyo nakora. Mu itorero ryacu hari umugabo ukiri muto watandukanye n'umugore we. Ni we wari nyirabayazana w'uko gutandukana bitewe no gucana inyuma kwe. Icyakora, ibi byabaye mbere yuko ubuzima bwe buhinduka kandi akakira umwami Yesu. Guhera ubwo, yahise abatizwa.*

*Uyu mugabo yaje gukundana n'umukobwa mwiza wakuriye mu itorero. Uwo mukobwa afite imyaka makumyabiri n'umwe y'ubukuru. Ababyeyi be ntabwo banejejwe n'ibi bintu kubera ko uwo mugabo afite abana babiri. Umugore w'uwo mugabo aracyariho, kandi ntabwo arongera gushyingirwa.*

*Mbese madamu White yigeze yandika ikintu na kimwe ku bijyanye n'abantu bahawe ubutane nyuma baho bakaza kwihana? Mbese umuntu watandukanye n'uwo bashyingiranwe, ahanishwa kutongera gushyingirwa? Mbese nakora iki?*

Buri gihe mba numva ntasubiza ibibazo bimeze nk'ikingiki, kubera ko ibyabaye biba ari ibintu bikora cyane ku marangamutima y'umuntu, kandi akenshi ntabwo ntekereza ko mba nzi neza rwose uburyo natuma ibintu bimera neza. Iyaba gusa abantu baharaniraga kubaho bubahiriza amasezerano batanze kandi bakiyemeza kutagira ikintu na kimwe bakora cyababaza Imana cyangwa kikagayisha umurimo wayo ku isi, byatuma birinda ibibazo nk'ibi byinshi biteye agahinda. Nyamara ntibababikora.

Uraza kubona icyo madamu White yavuze kuri ibi bintu, mu hantu h'ibanze hatatu: *Urugo rwa Gikristo* p.286-3054[soft], *Abahirwa ni Bande,* p.45-46[soft]; no muri *Testimonies on Sexual Behavior, Adultery and Divorce*. Incamake y'inama rusange yatanze, iboneka muri ibyo bitabo bibiri bya mbere; naho igitabo cya gatatu kivuga mu buryo burushijeho kwimbika iby'ibintu bitandukanye. Byose uko ari bitatu, ndakurarikira kubisoma.

Mu gusubiza umusozo w'ikibazo cyawe, reka nkwandukurire igice runaka cy'inama rusange madamu White yatanze, nk'uko igaragara m' *Urugo rwa Gikristo*

no mu *Bahirwa ni Bande*, kandi biri no muri *Testimonies on Sexual Behavior, Adultery and Divorce*:

Umugore ashobora gutandukana n'umugabo we byemewe n'amategeko y'igihugu cye, ariko akaba atatandukanye na we mu maso y'Imana n'imbere y'amategeko yera. Mu maso y'Imana, igitandukanya umugabo n'umugore mu masezerano yo gushyiranwa kwabo ni icyaha cy'ubusambanyi gusa. Nubwo amategeko y'igihugu yaba yabahaye ubutane, nyamara baba bakiri umugabo n'umugore dukurikije Bibiliya n'amategeko y'Imana.

Nabonye ko kugeza ubu, mushiki wacu… adafite uburenganzira bwo kongera gushyingirwa undi mugabo; ariko niba we cyangwa undi mugore uwo ari we wese, ahawe ubutane bwemewe n'amategeko y'igihugu bitewe n'uko umugabo we yasambanye, aba afite umudendezo wo gushyingiranwa n'uwo yihitiyemo. (*Urugo rwa Gikristo*, p.302[soft]; *Testimonies on Sexual Behavior*, *Adultery and Divorce, p.*78, 79).

Mu Bayuda, umugabo yari afite uburenganzira bwo gusenda umugore we ku bw'amafuti menshi adakomeye, kandi umugore yari afite umudendezo wo kongera gushaka. Uwo mugenzo wazanye imibabaro myinshi n'icyaha. Mu kibwirizwa Yesu yabwiririje ku musozi, yasobanuye neza yuko nta gikwiriye gutandukanya abashyingirannye, uretse kwica amasezerano yo gushyingirwa. Yaravuze ati: "Umuntu wese uzasenda umugore we, atamuhora gusambana, akarongora undi, azaba asambanye. Kandi ucyura uwasenzwe, na we aba asambanye."(Matayo 5:32).

Ubwo nyuma yaho Abafarisayo bamubazaga ibyerekeye kwahukana n'iby'itegeko ry'ubutane, yabwiye abari bamuteze amatwi iby'umuhango wo gushyingirwa wejejwe mu irema. Yaravuze ati: "Kuko imitima yanyu inangiye, Mose yabemereye gusenda abagore banyu: ariko uhereye mbere hose ntibyari bimeze bityo." (Matayo 19:8). . . . Ubwo Umuremyi yafatanyaga abo bantu bombi bashyingiranywe, akavuga ati: "Ni cyo gituma umuntu azasiga se na nyina, akabana n'umugore we akaramata bombi bakaba umubiri umwe." (Itangiriro 2:24), Yari avuze ibyo gushyingirwa kw'abana ba Adamu bose kugeza ku iherezo ry'ibihe. (*Abahirwa ni Bande*, p.45[soft]; *Testimonies on Sexual Behavior*, *Adultery and Divorce, p.*79, 80).

Mu buryo bw'umwihariko, wabajije ku muntu wihannye. Niba umuntu yarihannye, bisobanuye ko yemeye uburyo Imana ibona igicumuro cye, akicuza icyaha cye, kandi akaba yarakoze uko ashoboye kugira ngo ibintu bisubire mu buryo. Kwihana nyakuri, kuzatuma umuntu ashakisha uko yanamenya amabwiriza y'Imana yamushoboza kujya mbere. Kwirengagiza amabwiriza y'Imana niko kwatumye haseswa ubukwe bwa mbere. Mbese kwirengagiza amabwiriza yayo kuzaba impamvu ifatika y'ubukwe bwa kabiri?

Muri iki gihe cyacu, aho amarangamutima yitabwaho cyane kuruta ibindi, birashoboka ko kugirira impuhwe umuntu uri mu "bwigunge" byaganza mu muntu, nyamara ntabwo bihindura amategeko ya Yesu. Uko umubiri wacu washega kose, ntabwo uburinzi bwacu twabubonera mu gukurikiza ibyo tubogamiyeho, ahubwo bubonerwa gusa mu kumvira. Imana izaduha ubuntu bwo kurangwa n'imibereho yera nitwiyemeza tumaramaje kuyumvira no kuyizera. Uko niko njyewe mbibona. Ndakurarikira wowe ubwawe kubyisomera muri Bibiliya, no kugenzura witonze amagambo madamu White yabivuzeho.

# IGICE CYA KARINDWI – IBIBAZO BIJYANYE N’IMIBEREHO Y’IBY’UMWUKA

## Ikibazo cya 81: Mbese Elina White yavuze ko tudashobora kumenya niba twarakijijwe? ("Agakiza")

*Ni ikihe gisubizo mushiki wacu White yatangaga ku bavugaga bati, "Ndabizi ko nakijijwe"? Kandi igisubizo cye ku bavugaga ko ukijijwe rimwe, bituma ahita aba uhora akijijwe, cyari ikihe?*

Elina White yaranditse ati, "Abemera Umukiza, n'ubwo baba intungane bate, ntibakagire ubwo birara ngo bibwire ko bakijijwe ibigeragezo." (*Imigani ya Kristo*, p.76[soft]). Icyakora, mu gusoma twitonze inama yatanze zirebana n'iyi ngingo, tubona ko, mu cyerekezo cy'ibyo yavugagaho, ntabwo yahakanaga ko umwizera ashobora guhamya ko ubungubu ari kumwe n'Imana. Ibiri amambu, yatangaga umuburo wo kwirinda inyigisho z'ubwishingizi bw'iteka, zirimo ibitekerezo by'uko "ukijikwe rimwe ahita aba uhora akijijwe" – no kwirinda kuvuga ngo "narakijijwe" mu gihe ukomeza gucumura ku itegeko ry'Imana. Hano hari igika cyuzuye yavuzemo ayo magambo:

Petero yaguye buhoro buhoro. Kwiyemera kwatumye yiringira ko yamaze gukizwa, ni ruto ni ruto bimutwara umutima kugeza ubwo yihakanye shebuja. Ntitukagire ubwo twiriyiringira ubwacu cyangwa se ngo twibwire ko turi ahantu hatagerwa n'ibishuko. Abemera Umukiza, n'ubwo baba intungane bate, ntibakagire ubwo birara ngo bibwire ko bakijijwe ibigeragezo. Uwakwigisha atyo, yaba ayobya abantu. Buri muntu agomba kugira ibyiringiro, ariko n'ubwo twaba tuzi ko Kristo atwemera, si ukuvuga ko dufite urukingo rw'ibishuko. Ijambo ry'Imana riravuga riti, "Benshi bazatunganywa bazezwa, bazacishwa mu ruganda…", "Uwihanganira ibigeragezo ni we gusa uzahabwa ikamba ry'ubugingo. (Reba Danieli 12:10; Yakobo 1:12.) (*Imigani ya Kristo*, p.76[soft]).

Kuba Elina White yari asobanukiwe ishingiro rikwiriye ry'ubwishingizi nyakuri bw'umukristo, bigaragazwa n'amagambo akurikira yavugiye imbere y'inama y'Inteko nkuru rusange: "Buri wese muri mwe ashobora kumenya ubwe ko afite Umucunguzi muzima, ko ari umufasha ndetse n'Imana ye. Ntabwo mukeneye guhagarara mu ruhande ruvuga ruti, "Ntabwo nzi niba narakikijwe." Mbese wizera ko Kristo ari umucunguzi wawe bwite? Niba ubyizera, noneho nezerwa." (*The General Conference Bulletin,* Kuwa 10 Mata, 1901).

Umugore wari uhanganye no gushidikanya, Elina White yaramwandikiye ati:

Ubutumwa bwawe nahawe n'Imana ni ubu: "uza aho ndi sinzamwirukana na hato" (Yohana 6:37). Niba nta kindi winginga usaba Imana keretse iri sezerano rimwe ryatanzwe n'Imana Umucunguzi wawe, ufite ubwishingizi bw'uko rwose nta nta na rimwe uzasubizwa inyuma. Bishobora kukugaragarira nk'aho urambirije ku isezerano rimwe ryonyine, ariko rinambeho, rizagukingurira imiryango yose y'inzu yuzuyemo ubutunzi bw'ubuntu bwa Kristo. Ikomeze kuri iryo sezerano bizatuma uba amahoro. "uza aho ndi sinzamwirukana na hato" ubu bwishingizi bugaragarize Yesu, uzaba amahoro nk'aho uri mu murwa w'Imana. (*Manuscript Releases,* vol.10, p.175).

Ubu noneho, hano uhafite ipica irushijeho kuba yuzuye. Madamu White yatanze inama yo kudashyigikira imyumvire y'uko "ukijikwe rimwe ahita aba uhora akijijwe". Nyamara yari azi uburyo bwo kwerekana ubwishingizi butangwa na Bibiliya ku bantu bugarijwe no gushidikanya.

## Ikibazo cya 82: Ni ubuhe buryo burusha ubundi kuba bwiza, abakristo bakemuramo amakimbirane? ("Amagambo ya Elina White ku bijyanye no gukemura amakimbirane binyuze mu biganiro?")

*Nkeneye amagambo runaka ajyanye n'icyo Elina White avuga ku buryo ibiganiro byakemura amakimbirane. Ibi ndabikeneye mu mushinga ndi gukoraho mu masomo yanjye, ariko birumvikana ko nanabikoresha mu buzima bwanjye bwose.*

Amagambo akurikira yaba ay'umumaro kuri wowe. Aboneka mu gitabo cy'Abakurambere n'abahanuzi, paje 437,438[soft]. Ushobora kuza gukenera gusubira inyuma, ugasoma igice cy'iyo nkuru kibanziriza aya magambo, kugira ngo ubone ipica yose uko yakabaye.

Ushobora no kuza kubona ko igice cyo muri *Gospel Workers* (p.498-502) ari ingenzi. Ni ikijyanye n'uburyo bwo gukemura amakimbirane, kutumvikana n'ibikomere mu itorero. Ahanini, inama ya madamu White yari ugukurikiza inyigisho Yesu yatanze iboneka muri Matayo 18. Hano hari amagambo ajyanye na byo, yakuwe mu gitabo cy'*Abakurambere n'Abahanuzi*:

Mbega uburyo kenshi ingorane zikomoka ku kudasobanukirwa koroheje, ndetse bikaba no mu bantu baba bakoreshejwe no kugira imigambi myiza! Ndetse iyo hatabayeho urukundo no kwihangana, mbega ingaruka mbi ndetse ziteye ubwoba zibasha gukurikiraho! Ya miryango cumi yibutse uburyo, mu kibazo cya Akani, Imana yari yaracyashye kutaba maso ngo abantu batahure ibyaha biri hagati muri bo. Noneho biyemeje kugira icyo bakora mu buryo bwihuse kandi batajenjetse; nyamara mu gushaka gutwikira ikosa bari barakoze mbere, bari bagiye ku ruhande ruhabanye cyane. Aho kubazanya umutima woroheje kugira ngo bamenye ukuri muri icyo kibazo, bari basanze abavandimwe babo babatonganya, kandi babaciraho iteka. Iyo abakomoka kuri Gadi na Rubeni babasubizanya ubukana nk'ubwo bari babatuye, biba byarabyaye intambara. Nubwo ku ruhande rumwe ari ingenzi ko kujenjeka mu guhangana n'icyaha bikwiriye kwirindwa, ku rundi ruhande narwo, ni ingenzi kwirinda imyanzuro ihutiyeho ndetse n'urwikekwe rudafite ishingiro. {AA 356.5}

Nubwo abantu baba bazi neza amakosa yabo ku byerekeye imikorere yabo bwite, usanga abantu benshi ari abanyabukana mu byo bagirira abo bibwira ko bari

mu makosa. Nta muntu n'umwe wigeze agarurwa mu nzira nziza kubwo kugawa no gutonganywa; ahubwo iyo bigenze bityo, benshi bajyanwa kure y'inzira itunganye, maze bagaterwa kwinangira imitima bityo ntibemere ibicumuro byabo. Umwuka w'ubugwaneza, urugwiro no kwihangana bishobora gukiza uwacumuye kandi bigatwikira ibyaha byinshi. {AA 356.6}

Ubushishozi bwagaragajwe n'Abarubeni na bagenzi babo bukwiriye kwiganwa. Igihe bashakaga guteza imbere umurimo w'idini nyakuri bataryarya, batekerejwe nabi ndetse baratonganywa cyane; nyamara ntibagaragaje kwitotomba. Mbere yuko bagerageza kwiregura, bitonze kandi bihanganye, bateze amatwi ibirego baregwaga n'abavandimwe babo, nuko nyuma yaho basobanura neza impamvu zabo kandi bagaragaza ko nta cyaha bafite. Uko ni ko ikibazo cyari cyateje ingaruka zikomeye zityo cyaje gukemurwa mu mahoro. {AA 357.1}

N'igihe umuntu aregwa ibinyoma, abafite ukuri bashobora kwiyemeza gutuza no gutekereza neza. Imana yita ku bintu byose bidasobanukiye abantu cyangwa se baba basobanura nabi, bityo ibyacu dushobora kubirekera mu maboko yayo twiturije. Uko byamera kose izaburanira abayiringira nk'uko yagaragaje icyaha cya Akani. Abantu bakoreshwa n'umwuka wa Kristo, bazagira urukundo nk'urwo rwihangana kandi rugira neza. {AA 357.2}

Ubushake bw'Imana ni uko ubumwe n'urukundo rwa kivandimwe byaba mu bwoko bwayo. Isengesho Kristo yasenze mbere yo kubambwa kwe, ryari uko abigishwa be baba umwe nk'uko na We ari umwe na Se, kugira ngo isi yizere ko Imana yamutumye. Iri sengesho rikora ku mutima kandi ry'agahozo, ryarakomeje mu bindi bisekuruza byose byahise, ndetse rigera no muri iki gihe cyacu, kuko Kristo yavuze ati: "Sinsabira aba bonyine, ahubwo ndasabira n'abazanyizezwa n'ijambo ryabo." (Yohana 17:20). Nubwo nta hame ry'ukuri na rimwe dukwiriye gukandagira, dukwiriye guhorana intego yo kugera kuri ubu bumwe. Iki ni cyo gihamya cy'uko turi abayoboke ba Kristo. Yesu yaravuze ati: "Ibyo ni byo bose bazabamenyeraho ko muri abigishwa banjye, nimukundana." (Yohana 13:35). Intumwa Petero yinginga itorero agira ati: "Ibisigaye, mwese muhuze imitima, mubabarane kandi mukundane nk'abavandimwe, mugirirane imbabazi mwicisha bugufi mu mitima. Ntimukiture umuntu inabi yabagiriye cyangwa igitutsi yabatutse, ahubwo mumwiture kumusabira umugisha kuko ari byo mwahamagariwe, kugira ngo namwe muragwe umugisha." 1Petero 3:8,9. {AA 357.3}

## Ikibazo cya 83: Mbese ibyo abandi batekereza, ni ibyo kwitabwaho? ("Imibonano mpuzabitsina")

*Ubu ndi kugirana ikiganirompaka gikomeye n'undi mudiventiste uri kubana mu nzu imwe n'umukobwa bakundana, kandi akanga kwemera ikintu na kimwe mu byo mubwira by'uko ibikorwa bye bidakwiriye. Avuga ko atajya aryamana na we, ko baba mu byumba bitandukanye, kandi ntabwo yitaye ku kuba abandi bantu bashobora gutekereza ko arimo gukora ikintu runaka kidakwiriye. Imyumvire ye, ni uko azi Imana kandi Imana na Yo izi uko abayeho, bityo abandi abo ari bo bose hamwe n'intekerezo zabo "zangiritse" bashobora gutekereza ibyo bishakiye ku bijyanye n'uburyo abayeho, kubera ko we nta tegeko na rimwe ryo muri Bibiliya arimo kwica.*

*Mbese hari ikintu madamu White yanditse kuri iyi nsanganyamatsiko? Ndabizi ko ari umusomyi kandi asoma byinshi mu bitabo bye, kandi aramutse abyisomeye ubwe, ntiyabasha gutanga izindi nzitwazo.*

Bibiliya ubwayo iratubwira iti, "mwirinde igisa n'ikibi cyose." (1 Abatesalonike 5:22). Yesu yaravuze ati, "Abe ari ko umucyo wanyu ubonekera imbere y'abantu, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza, bahereko bahimbaze So wo mu ijuru." (Matayo 5:16). Ntabwo mbona ko ubu buryo yabikozemo buhesha Imana icyubahiro. Incuti yawe ishobora kudaha agaciro abantu, ikitwaza ko abamunenga bafite intekerezo "zangiritse", nyamara ukuri guhari ni uko ahanini buri wese – mu buryo bumeze kimwe ku mukristo n'utari we – azatekereza ko we n'umukunzi we bagirana imibonano mpuzabitsina. Mu buryo njyewe mbibona, ukwangirika k'uburyo yafatwaga mu bantu ntigukwiranye n'inyungu iyo ari yo yose ashobora kuba atekereza ko yaba irimo hariya. Ikirenze kuri ibyo, mu gukomeza iyi mikorere, aba ari kwangiza uburyo umukunzi we afatwa mu bantu, bitewe n'uko abantu bazamutekerezaho ibisa nk'ibyo na we ubwe bamutekerezaho. Yari akwiriye kugambirira kugira intego ya Gikristo yo gushyira umusozo kuri iyi mikorere kubw'inyungu zabo bombi – kandi akabikora atyo by'umwihariko niba amufata nk'umukunzi we. Yagakwiriye kuba ashakisha uburyo yasigasira uko uwo mukobwa afatwa mu bantu ndetse no kurenza uko we ubwe afatwa.

Hano hari amagambo amwe n'amwe ya madamu White, ashobora kuba yadufasha kuri iyi ngingo:

Kuri mwe, ntibihagije gusa ko mwarwanya ko ikibi cyabagaragaraho, ahubwo mugomba kujya kure y'ibyo. Mugomba kwiga gukora ibyiza. Mugomba kwerekana Kristo mu batuye isi. Mukwiriye buri munsi kujya mwiga uko mwakwitoza gukora imirimo y'Imana. Abayoboke ba Kristo bagomba kuba intumwa ze nzima, "zizwi kandi abantu bose bareba bagasoma ibyazo." (*Ubutumwa ku Basore*, p.347). [Mbese ubu abantu barimo "gusoma" iki mu rwandiko rw'ubuzima bw'uyu musore?]

Ni ingenzi ko abana n'abasore batozwa kurinda amagambo bavuga n'ibikorwa byabo; kubera ko imigirire yabo izana umucyo cyangwa umwijima, atari mu miryango yabo gusa, ahubwo no ku bahura na bo bose. Ariko mbere y'uko abasore bigengesera, bagatekereza neza kandi bakirinda kugaragarwaho n'ikibi icyo ari cyo cyose, bagomba kugira bwa bwenge bukomoka mu ijuru ndetse n'imbaraga zishobora gutangwa na Yesu wenyine. (*Ubutumwa ku Basore*, p.345).

## Ikibazo cya 84: Mbese icyaha cyo gutuka Umwuka Wera ni ikihe? ("icyo Elina White avuga ku cyaha cyo gutuka Umwuka Wera")

*Mbese icyaha cyo gutuka Umwuka Wera kimeze gite? Ni gute nahamya ko ntigeze nkora icyaha cyo gutuka Umwuka wera? Kubera iki kino cyaha by'umwihariko, kitabasha kubabarirwa?*

Nyuma y'igisubizo cyanjye, ndaza kukwandukurira ibika bimwe na bimwe biboneka mu gitabo cy'*Uwifuzwa ibihe byose*, aho madamu White yavuze ku birebana n'ikibazo wabajije. (Ibi bika biboneka muri paje 296-297[soft]. Uraza kubona ko ayo magambo yose, kugeza kuri paje 299[soft], atanga umucyo.)

Uraza kubona ko agaragaza iki cyaha nko kuninira uguhamagara kwa Mwuka Wera kuri twebwe, kuturarikira kwihana no kugarukira Imana. Ndetse no mu gihe twahuye n'ibiduhamiriza bikomeye bite, n'amararikwa; tuba dufite umudendezo, niba tubishaka, wo kwanga kumva ijwi ry'Imana. Niba dukomeza kuninira, amaherezo ntabwo tuzabasha kongera gukorwaho na gato n'umurimo uhebuje indi gukomera, uwo Mwuka Wera akora ku bwacu. Tuzaba twarishyize ubwacu hanze y'aho Imana yagera, kubera ko itazivanga mu mahitamo yacu. Imana ntabwo yababarira iki cyaha, kubera ko twanga kukizana imbere yayo ndetse habe no gutega amatwi ukwinginga kwayo.

Ni gute twamenya ko tutigeze dukora iki cyaha? Niba tukibasha kumva Imana iduhamagarira kuyegurira ubuzima bwacu, uwo ni umurimo wa Mwuka Wera ku mitima yacu. Niba tumaze igihe tuninira uguhamagara kwe, twakwishimira ko Akirimo kudukoraho umurimo, kandi *ntabwo dukwiye gutindiganya!* Dukwiriye kwegurira byuzuye ubuzima bwacu Wawundi wadupfiriye. Nk'uko ntacyo yisigarije, ni ko natwe ntacyo dukwiriye kwisigariza. Gutindiganya cyangwa kuninira ni ukwishyira mu kaga. Ubungubu ni yo saha yemewe, Bibiliya iravuga iti; uyu ni wo munsi wo gukirizwamo.

Yesu yari amaze gukora igitangaza gihwanye n'icyo yari aherutse gukora ubwo yakizaga uwari watewe na dayimoni wari ikiragi akaba n'impumyi; abafarisayo bari bongeye kumurega bati: "Umutware w'abadayimoni ni we umuha kwirukana abadayimoni (Matayo 9:34)".  Kristo ababwira yeruye ko, mu guha Satani umurimo ukorwa n'Umwuka Wera, bibujije kugera ku isoko y'imigisha. Abari batutse Kristo

ubwe badasobanukiwe na kamere ye y’Ubumana, bashoboraga kubabarirwa; bityo umurimo w’Umwuka Wera washoboraga gutuma bibuka amakosa yabo no kwihana. Uko icyaha cyaba kimeze kose, iyo umutima wihannye, kandi ukizera, uhanagurwaho icyaha n’amaraso ya Kristo, ariko umuntu wanga umurimo w’Umwuka Wera, aba yishyize kure yo kwihana no kwizera. Kwanga Umwuka, igikorwa cyawo akacyitirira Satani, ni ugusibanganya umuyoboro umwe rukumbi Imana ishobora kuvuganiramo natwe. Ntacyo Imana ibasha gukorera umuntu wamaze kureka burundu Umwuka wera. . . .

Imana si Yo ihumisha abantu cyangwa ngo inangire imitima yabo. Iboherereza umucyo wayo kugira ngo ukosore amafuti yabo no kubayobora mu nzira itunganye. Iyo banze uwo mucyo, ni bwo amaso ahuma n’imitima ikanangirwa. Rimwe na rimwe, ibyo biza buhoro buhoro ndetse ku buryo butagaragarira amaso. Umutima umurikirwa n’Ijambo ry’Imana, ikoresheje abakozi bayo cyangwa se ikoresheje Umwuka wayo Wera. Iyo imirasire y’umucyo yirengagijwe, kumenya iby’umwuka birahondobera nk’uko igikorwa gishyashya cy’umucyo kiba kititaweho. Nuko umwijima ukabudika kugeza n’aho umutima urohama mu ijoro ricuze umwijima. Ibyo ni byo byabaye ku batware b’abayuda. Bamaze kwemezwa ko Kristo yari yambaye imbaraga z’ubumana, ariko bifuza kurwanya ukuri, bitiriye Satani umurimo ukorwa n’Umwuka Wera. Uko niko bishutse bo ubwabo, maze bishyira mu bubata bwa Satani.

## Ikibazo cya 85: Mbese Satani ashobora gusoma ibiri mu ntekerezo zacu?

*Mbese Satani ashobora gusoma ibiri mu ntekerezo zacu?*

Madamu White yaranditse ati:

Satani ntashobora gusoma ibitekerezo byacu, ariko ashobora kubona ibikorwa byacu, akumva amagambo yacu; kandi ahereye ku kuntu amaze igihe kirekire azi umuryango w'abantu, ashobora gutegura ibishuko bye kugira ngo abonere urwaho ahari intege nke mu mico yacu. Mbega ukuntu akenshi tumwemerera akinjira mu mabanga y'uburyo abasha kudutsinda! Mbega uburyo twarushaho gukomera amagambo yacu ateye ku buryo tutakorwa n'isoni ryo kuyashyirwa imbere ku munsi w'urubanza. Mbega uburyo ku munsi w'Imana amagambo yacu azagaragara ko atandukanye rwose n'uko yari ameze igihe twayavugaga. – The Review and Herald, February 27, 1913. (*Ubutumwa ku Basore*, p.325, 326).

## Ikibazo cya 86: Mbese buri gihe tugomba gupfukama mu gihe turimo gusenga? (“Inyifato yo mu gihe cyo gusenga”)

*Ndi kwibaza niba mwabasha kumfasha binyuze mu gusubiza ibibazo bikurikira. Mu nyandiko za Elina White, hāba harimo ubusobanuro bwimbitse burebana n’inyifato ikwiriye mu gihe cyo gusenga? Mbese harimo amagambo ashyigikira gusenga umuntu ahagaze cyangwa yicaye?*

Ibibazo nk’ibi biraza, kubera ko madamu White yavuze ko gusenga dupfukamye ari yo “nyifato ikwiriye igihe cyose.” Nyamara ni gute dusobanukirwa iyo “igihe cyose”? mu by’ukuri, hari amagambo yavuzwe na madamu White mu buryo bwemerera, avuga ku masengesho yasenzwe mu yindi myifatire, cyane cyane guhagarara. Mbese ari kwivuguruza we ubwe?

Nizera ko mu kubisuzumana ubwitonzi, tuzabona ko nta kwivuguruza kurimo na guke. Igihe madamu White yavugagaho ubwo yashimangiraga ibyo gupfukama, ni isengesho rigenewe iteraniro ryose ribanziriza ikibwirizwa. Hano hari ibyo yavuze:

Umuntu umwe wari warigiye i Battle Creek imyaka itanu, yasabwe gusenga mbere y’uko mushiki wacu Elina G. White abwiriza abantu. Nyamara igihe namwitegerezaga ahagaze yemye ubwo yari hafi kubumbura akanwa ke ngo asenge Imana, umutima wanjye wangurumaniyemo kugira ngo mucyahe ku mugaragaro. Namuhamagaye mu izina rye maze ndavuga nti, “Pfukama.” Iyo ni yo nyifato ikwiriye igihe cyose. (*Ubutumwa bwatoranyijwe*, Vol.2, p.330[soft]).

Mureke twe gufata amagambo ya Elina White arebana n’igihe runaka cyihariye, ngo tuyagendereho no mu bindi bihe byose. “Igihe cyose” ryakoreshejwe hariya, nk’uko ndyumva, rivuga ku isengesho nyamukuru rigenewe abizera bose muri gahunda yo kuramya. Ntabwo rivuga ku bindi bihe, nk’uko andi magambo yavuze agaragaza ibihe bitandukanye “nk’igihe ugenda n’igihe uhugiye mu mirimo yawe ya buri munsi.” (*Rengera Ubuzima*, p.129[soft]).

Iyo abagize iteraniro tuberetse Wawundi madamu White yita “Umugenga w’isi n’ijuru,” cyangwa kubw’iyo mpamvu, mu masengesho yacu yo mu rwiherero, gupfukama kwerekana neza imiterere yacu nk’ābe; biducengezamo igitekerezo cy’ubuto n’ubunyantege nke bwacu bwite, kandi byerekana guha icyubahiro Wawundi ukomeye cyane kuturusha, kandi akaba “akomeye ndetse ashyizwe

hejuru." Byemeza ko ari We dukesha byose. Mbese dufite uruhe rwitwazo rwo kudapfukama imbere Ye muri gahunda yo mu rusengero iyo tuje kumugezaho ibyifuzo byacu ku mugaragaro? Ndizera ko ibi, aribyo madamu White yavugaga. Nyamara andi masengesho, afite izindi mpamvu kandi akorewe ahandi hantu, ashobora gukorwa mu zindi nyifato zitandukanye. Kubw'ibyo, urugero, Bibiliya ivuga ibya Nehemiya wasenze isengesho rigufi asaba kuyoborwa n'Imana mu byo yari agiye kuvuga, mu gihe yari ahagaze imbere y'umwami w'Ubuperesi, wari wamubajije ikibazo kandi ategereje igisubizo cye. Amasengesho nk'ayo, nta kibazo afite mu buryo madamu White yabibonaga.

Bityo, kuba madamu White yaremeye izindi nyifato mu bindi bihe, mu myumvire yanjye, ntabwo bigaragaza kwivuguruza ku bijyanye n'amagambo ye avuga ko "gupfukama ari yo nyifato ikwiriye igihe cyose" ku muntu uhagarariye iteraniro mu isengesho nyamukuru ryo muri gahunda yo kuramya.

## Ikibazo cya 87: Kubera iki Eliya yagombaga gusenga incuro zirindwi? (“Amagambo avuga kuri Eliya”)

*Hafi mu myaka makumyabiri cyangwa makumyabiri n’itanu ishize, nari ndi gusoma igitabo cy’Umwuka w’Ubuhanuzi, hanyuma nza kugera ku magambo yanteye kwibaza cyane. Nagiye nsoma buri rupapuro rwose rwo mu bitabo byanjye, nyamara sinigeze na rimwe mbasha kongera kubona ayo magambo. Amaherezo, naje kugera ku mwanzuro w’uko ngomba kuba rwose ntari narigeze nyasoma, nyamara nyuma ku wundi munsi, batweretse videwo ku itorero ryacu; hanyuma, ubwo pasitoro mu yagiraga icyo avuga kuri yo, yasomye ijambo ku rindi muri ya yandi nasomye mu myaka myinshi ishize. Maze avuga ko aboneka mu gitabo cyitwa “Bible Commentary [Ubusobanuro bwa Bibiliya]”. Icyo gitabo ntacyo mfite, bityo sinzi ukuntu naba rwose narasomye ayo magambo mu myaka myinshi ishize.*

*Icyanshishikaje nyirizina mu byo nasomye, ni igihe Elina White yavugaga ukuntu Eliya yapfukamye incuro zirindwi asenga, kandi kuri buri ncuro yapfukamaga, yasuzumaga imibereho ye ngo arebe aho yateshutse akareka guha cyangwa guhesha Imana icyubahiro – ibintu nk’ibyo. Maze ku ncuro ya karindwi ubwo yahagurukaga, hari habonetse agacu gatoya mu kirere. Nasomye inkuru nyinshi zivuga kuri Eliya, nyamara ntizari zifite igice kivuga aho yasuzumye imibereho ye. Mbese mwandebera niba iyo nkuru yanditswe mu gitabo cyangwa inyandiko yindi naba mfite hano mu rugo?*

Hano, hari ya magambo wari urimo gushakisha:

Ubwo Eliya yasengaga, umugaragu we yajyaga kureba. Yagarutse incuro esheshatu avuye kureba, avuga ati “nta cyo mbonye, nta gicu, nta kimenyetso cy’imvura”. Nyamara, umuhanuzi nyiyigeze acika intege ngo arekere aho. Yakomeje gusuzuma imibereho ye, kugira ngo arebe aho yaba yarananiwe guhesha Imana icyubahiro. Yatuye ibyaha bye, kandi kubw’ibyo yakomeje guhangayikishwa n’ubugingo bwe imbere y’Imana, mu gihe akomeza kureba ikimenyetso cy’uko isengesho rye ryaba ryasubijwe. Uko yashakishaga gukirizwa umutima, yagaragaraga nk’uworoheje ndetse cyane, yaba ari mu mirebere ye bwite ndetse no mu maso y’Imana. Byamugaragariraga ko ntacyo yari cyo, kandi ko Imana ari byose; maze ubwo yari ageze aho yitanga wese atizigamye, akikomeza k’Umucunguzi we, akamufata nk’aho ari we wenyine mbaraga no gukiranuka kwe,

igisubizo cyaraje. Umugaragu we yaraje, hanyuma aravuga ati, “Dore mbonye igicu gito kingana n'ikiganza cy'umuntu kiva mu nyanja. [1 Abami 18:44]”. (*Review and Herald*, May 26, 1891; *The Seventh-day Adventist Bible Commentary*, vol.2, p.1035).

Ayo magambo aboneka no mu bitabo bitandukanye byo kwitanga. (devotional books): *Our Father Cares,* p.100, n’ikindi cyitwa *Our High Calling,* p.133. yanakoreshejwe mu gitabo kigizwe n’inyandiko zakusanyijwe cyitwa *Prayer,* p.140.

*Yego, yego kandi yego! Ayo ni yo magambo nagerageje gushakisha mu gihe cy’imyaka myinshi. Nkunda icyo gice cyerekana uburyo Eliya yashakishije gukizwa k’umutima we bitewe n’uko nanjye ari cyo gihe ndimo ubungubu. Niba Eliya umuhanuzi w’Imana yaragombaga gushaka gukirizwa umutima, kandi agahangayikishwa n’ubugingo bwe, ndetse agasuzuma ubuzima bwe; nkeneye bingana iki gutora ntyo nanjye ku rwego rusumbyeho! Yesu araza vuba!*

## Ikibazo cya 88: Mbese umwe gusa mu badiventiste icumi, ni we uzakizwa? (“Ntanumwe mu icumi, wo mu itorero ry’Abadiventiste, wajyaga gukizwa”)

*Mbese Elina White yavuze ko ntanumwe mu icumi wo mu itorero ry’Abadiventiste uzakizwa? Niba ari ko biri, byanditse hehe?*

Hoya, madamu White ntiyigeze avuga ayo magambo. Muri *database* [soma Databezi] ya CD-ROM, haboneka mo ahantu hamwe gusa harimo aya magambo “ntanumwe mu icumi,” kandi yerekezaga ku kibazo cyabazaga umubare w’abagabura bigishijwe neza kandi bujuje ibisabwa byo gutanga ibisubizo, ku bibazo bijyanye no kwitungira amagara mazima. Imvugo ya madamu White imenyerewe yari iyi “ntanumwe muri makumyabiri.” Uburyo bushoboka twagerageje kwegera ubusobanuro bw’amagambo wabajije, ni ugukoresha aya magambo akurikira:

Ni umuburo ukomeye mbwira Itorero, ko mu bantu makumyabiri banditswe mu bitabo by’Itorero, nta n’umwe witeguye gusoza isiganwa ry’amateka ye ku isi, kandi babaho badafite Imana n’ibyiringiro mu isi kimwe n’abanyabyaha basanzwe. Bavuga ko bakorera Imana, nyamara ni abakozi ba Mamoni b’abanyamwete. Iyo mikorere yo gufata impu zombie, ni ukwihakana Kristo guhoraho aho kumuhamya. Benshi cyane binjije mu Itorero kamere yabo mbi itagōndeka; inzira yabo y’iby’Umwuka yahindanijwe no kononekara kwabo, guhīndāna kwabo kubatesha agaciro, bakagira umwuka nk’uw’isi, mu mutima no mu migambi, bakīshushanya n’ibikorwa byo kurarikira, kandi buzuye uburiganya mu mibereho yabo bavuga ko ari iya Gikristo. Babaho nk’abanyabyaha, nyamara bakīyita ko ari abakristo! Abātura ko ari abakristo kandi ko bazamuhamya, bagomba kuva hagati ya ba bandi ntibakore ku kintu cyose gihumanye kandi bakitandukanya na bo (*Umurimo wa Gikristo*, p.43[soft]).

Nubwo aya magambo akomeye rwose, ushobora kubona ko atari uguhishura ibizaba ku mperuka y’ibihe, ko ahubwo ari amagambo yerekana uko bimeze ubu mu gihe cyo kuyandika. Ibimeze nk’ibyo, byashobora no kuvugwa ku magambo ye yandi nk’aya: “ntanumwe muri makumyabiri” cyangwa “ntanumwe mu ijana.” Ku iherezo ingaruka zizaterwa n’uburyo abantu bitwara ku mararika nk’aya madamu

White yakoze, ndetse no ku bintu byo mu gihe giheruka nk'uko bigenda bijya ahagaragara.

Ntitwari dukwiriye gufata aya magambo mu buryo bw'ijanisha busanzwe, kubera ko nta na rimwe Elina White yigeze yandika "umwe mu munani" cyangwa "umwe muri cumi na batatu." Yakoresheje ariya magambo mu buryo bw'imvugoshusho, kugira ngo yerekane uburemere bw'ingingo yari arimo kuvugaho.

## Ikibazo cya 89: Mbese abamarayika bacu, badusiga ku muryango w'aherekanirwa za filime? ("Mbese abamarayika badusiga mu mazu yerekanirwamo za filime no mu tubari?")

*Ndibuka ko nk'umwana, nabwiwe ko Elina White yavuze ko tudakwiriye kujya aherekanirwa za filime cyangwa mu tubari, bitewe n'uko abamarayika bacu baturinda batashobora cyangwa batakwemera kujyana natwe. Nagerageje gushaka aya magambo nifashishije igitabo cyitwa Index ku nyandiko ze, ndetse nkoresha n'ishakiro rya murandasi ryo ku rubuga rwanyu. Nta cyo nabashije kugeraho. Natangiye gutekereza ko aya ari amwe mu "magambo" atarigeze mu by'ukuri avugwa! Mbese mwigeze mwumva aya magambo mbere? Niba ari ko biri, nta gitekerezo mwampa cy'aho abasha kuboneka?*

Ntabwo ntekereza ko hāba hari amagambo ameze rwose nk'ayo uri kubazaho. Bitewe nuko ubusanzwe mbazwa ibijyanye n'aherekanirwa za filime ku birebana n'iyi sano, nyamara simbazwe iby'utubari; negeranyije amagambo amwe n'amwe ashobora kuba ari ingenzi ku bijyanye n'aherekanirwa za filime, kandi ndi bwishimire kuyagusangiza. Amafilime yo mu gihe cye, birumvikana ko yakinwaga imbonankubone imbere y'abaje kuyareba, ntabwo ari nka filime z'ubu. Igitangaje, uburyo zangizaga abazireba, birashoboka ko bwari bubi mu gihe cye nk'uko biri ku mafilime y'iki gihe. Reka ngusangize amagambo atari amwe, ashobora kugira umucyo atanga ku kibazo wabajije kijyanye no kuba abamarayika badusiga iyo tugiye ahantu hafatwa ko ari habi:

Abamarayika b'Imana bazarinda abantu bayo mu gihe bagendera mu nzira basabwa kunyuramo, nyamara nta bwishingizi bw'uburinzi bumeze butyo buhari, bugenewe abahitamo ubwabo kwijyana ku kibuga cya Satani. (*Testimonies for the Church [Ibihamya by'itorero]*, vol.5, p.198).

Aya magambo ari hejuru, ntabwo avuga ku bijyanye n'aherekanirwa za filime, nyamara, yerekana rwose ko kubw'amahitamo dukora, dushobora byibuze kubuza cyangwa kwirukana, umurimo ndetse no kuhaba by'abamarayika. Ni koko, iki ni ikintu kitoroshye, kitagomba gufatwa nk'icyoroheje.

Hano, hari amagambo amwe agira icyo avuga ku herekanirwa za filime hamwe n'isano bifitanye n'abamarayika:

Mu gihe yitegura guherekeza umugore we n'abana mu gihe bagiye aherekanirwa za filime cyangwa mu cyumba cyo kubyiniramo, mureke uvuga ko ari umukristo yibaze ubwe ati, "Mbese nabasha gushakira umugisha w'Imana mu makinwa yo kwinezeza? Mbese Databuja yaba umushyitsi ahantu hameze hatyo? Mbese abamarayika bajyana nanjye hariya hantu?" (*Signs of the Times [Ibimenyetso by'Ibihe],* kuwa 23 Gashyantare, 1882).

Nyamara kandi uzirikane n'aya magambo yo gutera umwete:

Nta na rimwe abamarayika bajya basiga abantu bari mu bishuko, ngo babe umuhigo w'umwanzi warimbura ubugingo bw'abantu aramutse abyemerewe. Igihe cyose hakiriho ibyiringiro, abantu barindwa n'abanyabwenge buheranije bo mu ijuru, kugeza igihe baniniye Umwuka Wera maze bakizanira kurimbuka kw'iteka ryose. (*Signs of the Times [Ibimenyetso by'Ibihe],* kuwa 6 Kamena, 1895).

Urebe n'ikibazo cya 31: Ni ikihe kibazo kiri mu kujya aherekanirwa za filime?

Unarebe ikibazo cya 32: Mbese ni iki Elina White yavuze ku makinamico ya Gikristo?

# IGICE CYA MUNANI – IBIBAZO BITANDUKANYE

## Ikibazo cya 90: Ni gute ubumana bwa Kristo butapfuye ku musaraba? (“Ubumana ntibwigeze bupfa?”)

*Nyamuneka, nimumpe icyerekezo mu kiganiro nahoze ndimo kirebana n’amatsinda abiri y’amagambo ya Elina G. White. Ayo matsinda y’amagambo ni aya akurikira: “Ubwo Kristo yabambwaga, ubumuntu bwe nibwo bwapfuye. Ubumana ntibwigeze burohama ngo bupfe; ibyo byari kuba ari ibidashoboka.” (Manuscript Releases, vol.21, p.418); “Ni jye kuzuka n’ubugingo.” (Yohana 11:25). Uwari waravuze ati: “Ntanga ubugingo bwanjye ngo mbusubirane.” (Yohana 10:17), yavuye mu mva asubirana ubugingo bwari muri we. Ubumuntu bwarapfuye; ubumana ntibwapfuye. Mu bumana bwe, Kristo yari afite imbaraga zo gucagagura iminyururu y’urupfu. Avuga ko afite ubugingo muri we kandi akabugabira uwo ashatse. UB1 239.1* (Ubutumwa Bwatoranyijwe, vol.1, p.267,268[soft]).

*Mbese mwandangira amagambo yo muri iki gihe yanditswe n’Abadiventiste, agira icyo avuga kuri iyi ngingo y’uko ubumana bwa Kristo butapfuye? Kandi rwose, munambwire niba abarinzi b’inyandiko za Elina White barigeze bagira icyo bavuga kuri aya magambo.*

Nta magambo nzi yo muri iki gihe yanditswe n’Abadiventiste, agira icyo avuga kuri iyi ngingo, nubwo mu by’ukuri bishoboka ko yaba ahari. Icyo ntekereza, ni uko gusa turi kuvuga kuri amwe mu mayobera yo kwigira umuntu kw’Imana. Yesu yari Imana byuzuye n’umuntu byuzuye, afite kamere ebyiri zahurijwe muri imwe. Nabonye menshi mu magambo wagaragaje aboneka muri iki gitabo cyitwa *The Seventh-day Adventist Bible Commentary [Ubusobanuro bwa Bibiliya bw’Itorero ry’Abadiventiste b’Umunsi wa Karindwi],* vol.5, p.1113,1114 mu “byavuzwe na Elina G. White” kuri Mariko 16:6:

6 (Yohana 1:1-3, 14; Abafilipi 2:5-8; Abakolosayi 2:9; Abaheburayo 1:6, 8; 2:14-17; Abaheburayo 4:15). Ubumana ntibwigeze bupfa. – Mbese ubumuntu bw’Umuhungu wa Mariya bwahindutsemo ubumana bw’Umwana w’Imana? Hoya; izo kamere zombi, zari ziri kumwe mu buryo bw’amayobera mu muntu umwe – umuntu witwa Yesu Kristo. Muri we, hārimo ukuzura k’umwe mu bagize ubumana mu buryo bw’umubiri. Ubwo Kristo yabambwaga, ubumuntu bwe nibwo bwapfuye. Ubumana ntibwigeze burohama ngo bupfe; ibyo byari kuba ari ibidashoboka.

Kristo, ari we Utaracumuye, azakiza buri muhungu na buri mukobwa wa Adamu wemera kwakira agakiza yahawe, akemera guhinduka umwana w'Imana. Ubwoko bwaguye, Umucunguzi yabuguze amaraso ye bwite.

Iri ni iyobera rikomeye, iyobera ritazigera ryumvikana mu buryo bwuzuye no mu gukomera kwaryo kose, kugeza igihe kwimurwa kw'abacunguwe kuzabera. Ni bwo imbaraga no gukomera ndetse no kuba impano Imana yahaye umuntu yari ihagije, bizumvikana. Nyamara umwanzi yaramaramaje kugira ngo iyi mpano izagirwe amayobera cyane kugeza ubwo izahinduka nk'ubusa. (Letter 280, 1904) . . . .

"Ni jye kuzuka n'ubugingo." Uwari waravuze ati: "Ntanga ubugingo bwanjye ngo mbusubirane." Yavuye mu mva asubirana ubugingo bwari muri we. Ubumuntu bwarapfuye; ubumana ntibwapfuye. Mu bumana bwe, Kristo yari afite imbaraga zo gucagagura iminyururu y'urupfu. Avuga ko afite ubugingo muri we kandi akabugabira uwo ashatse.

Ibinyabuzima byose byaremwe, bibaho kubw'ubushake n'imbaraga by'Imana. Bibaho kubwo kwakira ubuzima bw'Umwana w'Imana. Uko byaba bifite ubushobozi n'impano kose, uko byaba bifite ububasha bwinshi kose, bigarurwamo ubuzima buturutse kuri Soko y'ubuzima bwose. Ni We soko, n'amazi adudubiza, y'ubuzima. Umwe gusa, ari na We wenyine ufite ukudapfa, utuye mu mucyo kandi akaba isōko y'ubugingo, yashoboraga kuvuga ati, "Mfite ubushobozi bwo gutanga ubugingo bwanjye, kandi mfite ubushobozi bwo kongera kubwisubiza.". . . .

Kristo afite uburenganzira bwo gutanga ukudapfa. Ubuzima Yatanze bugapfa mu bumuntu, Yarongeye arabufata hanyuma abuha inyokomuntu. Aravuga ati, "nazanywe no kugira ngo intama zibone ubugingo, ndetse zibone bwinshi" (YI, kuwa 4 Kanama,1898).

Niba Imana mu buryo isobanurwa ifite ukudapfa, ni gute ubumana bwapfa? Nk'uko madamu White yavuze ati, "Ibyo byari kuba ari ibidashoboka." Nyamara Yesu yarapfuye, kandi urupfu rwe rwagize ingaruka no ku bumana bwe. Bwo ntibwapfuye, ariko byibuze bwari buturije mu gituro. Ntabwo nsobanukiwe ibi byose, ariko ndatekereza ko ikintu runaka gifitanye isano n'ibi cyaba cyarabayeho. Birashoboka ko ibi bizaba bimwe mu nsanganyamatsiko z'agakiza zizahora ziganirwaho mu bihe by'iteka ryose.

## Ikibazo cya 91: Mbese Yesu azagumana umubiri we wa kimuntu iteka ryose? (“Umubiri wa Yesu mu bihe by’iteka ryose”)

*Ndi kwibaza niba madamu White yaravuze ko Yesu azagumana ishusho ya kimuntu mu bihe by’iteka ryose, ndetse n’aho yabivugiye.*

Ahari, amagambo azwi cyane kuruta andi yose avuga ku kibazo cyawe, aboneka mu gitabo cy’*Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.13[soft]:

Kubw’ubugingo bwe n’urupfu rwe, Kristo yakoze byinshi biruta gusana ibyangijwe n’ibyaha. Satani yifuzaga gutandukanya umuntu n’Imana iteka ryose. Nyamara muri Kristo duhindurwa umwe n’Imana tukaba isanga n’ingoyi nk’abatigeze bacumura. Mu kwiyambika kamere yacu, umucunguzi yifatanyije n’umuntu akoresheje umurunga udashobora gucika, uzagumaho uko ibihe bihaye ibindi. “Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w’ikinege (*Yohana 3:16*).” Ntabwo yikoreye ibyaha byacu gusa kugira ngo adupfire ku musaraba mu gitambo, si byo yatangiwe gusa, Imana yamutanze by’iteka ryose kubw’abantu bose bagomye. Kugira ngo yubahirize inama yayo y’amahoro idahinduka, Imana yatanze Umwana wayo w’ikinege nk’umwe mu buzuza umuryango w’abantu, kugira ngo by’iteka ryose ajye asangira natwe kamere yacu. Bityo, haboneka ubwishingizi bwo gusohoza amagambo y’Imana. “Nuko umwana yatuvukiye, duhawe umwana w’umuhungu, ubutware buzaba ku bitugu bye.” Mu Mwana wayo Imana yafashe ishusho y’umubiri wa kimuntu maze iwuzamura hejuru cyane mw’ijuru. “Umwana w’umuntu ni we wahawe intebe y’ubwami bw’ijuru n’isi. “Umwana w’umuntu ni we wahawe iri zina ngo “Umujyanama, Imana ikomeye, Data wa twese, Uhoraho, Umwami w’amahoro (*Yesaya 9:5,6*).” “***Ndiho*** ni we muvugizi washyizwe hagati y’Imana n’abantu, ukuboko kwe kumwe gufashe ku Mana, ukundi gufashe ku muntu. Nubwo ari umukiranutsi wera utagira inenge, utandukanye n’abanyabyaha, ntagira isoni zo kutwita bene se (*Abaheburayo 7:26; 2:12*).” Muri Kristo, umuryango wo ku isi n’uwo mu ijuru birahuzwa. Kristo wahawe ikuzo ni umuvandimwe wacu. Ijuru ryihuje n’isi, isi iba ishyizwe kandi ikikijwe n’urukundo rutagira akagero.

## Ikibazo cya 92: Mbese abantu bahinduye amagambo yo muri Bibiliya zacu? ("Guhindura amagambo")

*Nifuzaga ko munsobanurira amagambo avuga ko "abantu b'intiti" bahinduye "amagambo", aboneka mu magambo nagaragaje akurikiraho. Mbese ibi, bijyanye n'ubusobanuro bwa Bibiliya abantu bagiye bandika? Cyangwa ni izindi ngeri za Bibiliya?*

*Nabonye ko Imana yarinze Bibiliya mu buryo budasanzwe, nyamara igihe Bibiliya zari nke, abantu b'intiti rimwe na rimwe bagiye bahindura amagambo, bibwira ko ari ho bari kuyumvikanisha neza, nyamara mu by'ukuri bahinduraga ubwiru ibyari bisanzwe byumvikana, maze batuma Bibiliya ishingira ku myumvire yabo basanganwe, kandi na yo ishingiye ku migenzo. Ariko nabonye ko Ijambo ry'Imana uko ryakabaye rimeze nk'umurunga utunganye udatandukanywa, kuko igice kimwe cyomatanye n'ikindi kandi kikagisobanura. (Inyandiko z'ibanze, p.148[soft])*

Abashaka ukuri bataryarya ntibagomba kuyoba; kuko Ijambo ry'Imana ritahuranyije kandi ngo ribe ryoroshye mu kwerekana inzira y'ubugingo gusa, ahubwo na Mwuka Wera yatangiwe kugira ngo ayobore abantu, basobanukirwe n'inzira y'ubugingo yahishuriwe muri ryo. IZ 174.1 (*Inyandiko z'ibanze,* p.148, 149[soft])

Nizera ko ubwo madamu White yandikaga iby'uko "abantu b'intiti" bahinduye "rimwe na rimwe amagambo, bibwira ko ari ho bari kuyumvikanisha neza," ntabwo yari arimo gutekereza ku masemura mashya y'ibyanditswe cyangwa ubusobanuro bwa Bibiliya abantu banditse. Ahubwo, yavugaga ku bihe byabayeho ubwo amakopi ya za Bibiliya yakorwaga gusa binyuze mu kuyandukura n'intoki, kandi kubw'ibyo, zari nkeya tugereranyije n'izo dufite ubu.

Hamwe no kuzirikana ibyo byose, ubu hariho ibihumbi byinshi by'inyandiko zandikishijwe intoki z'uduce tumwe na tumwe (cyangwa twose mu bihe runaka) tw'ibyanditse mu Isezerano Rishya, zimwe ni iza kera cyane ahagana mu kinyejana cya kabiri nyuma ya Kristo, ariko inyinshi muri zo, ni izo guhera binyejana bya vuba aha kugeza ahagana mu kinyejana cya cumi na gatandatu. Nta nyandiko na zimwe ebyiri muri izi, ziteye kimwe muri buri kantu kose. Hashobora kubamo amakosa mu

myandikire y'amagambo, amakosa ya hato na hato yo kwandukura, aho ijambo cyangwa interuro ishobora gutakara cyangwa igasubirwamo bwa kabiri, n'ibindi nk'ibyo. Kandi na none hariho imyandikire itandukanye y'amagambo. Amenshi mu masemura agezweho, azakubwira ibijyanye n'aya matandukaniro ku magambo yo y'ubusobanuro nyongera akunze gushyirwa hasi ku mpera z'urupapuro.

Nizera ko madamu White, yavugaga ikintu cyarangaga abanditsi bamwe na bamwe, cyo kuba mu gihe bari kwandukura, barafataga amagambo bakayahinduramo icyo yagombaga kuba ashaka kuvuga – kugira ngo "basobanure neza" ubusobanuro bwari bugoye cyangwa bujimije kuri bo, maze bagatuma amagambo ahuza n'ibyo bo bizeraga. Nubwo bimeze bityo, yagaragaje ko afitiye icyizere ubushobozi bwacu bwo gutahura ukuri kw'Ibyanditswe, binyuze mu kugereranya igice kimwe cy'Ibyanditswe n'ikindi, kugira hatagira n'umwe ugomba kuyoba. Kandi mu by'ukuri, umubare w'inyandiko dufite kuri buri gace k'Ibyanditswe (bityo tukaba dushobora kuzigereranya), n'uburyo dufite bwo kugenzura itandukaniro rya hato na hato, byaduhaye icyizere kirushijeho gukomera cy'uko dufite amagambo ya Bibiliya yegereye cyane uko bishoboka uburyo yanditswemo bw'umwimerere.

Ahandi hantu, mu *Butumwa Bwatoranyije,* umugabane wa 1, p.11[soft]:

Abantu bamwe baratwitegereza cyane maze bakavuga bati: "Mbese ntimutekereza ko hashobora kuba harabayeho amakosa amwe ku mwanditsi cyangwa ku basobanuzi?" Ibi byose bishobora kubaho, kandi n'ubwenge buke bwashidikanya ndetse bugasitara kuri ibi bishobora kubaho, buzaba bwiteguye rwose no gusitara ku bwiru bw'ijambo ryahumetswe, bitewe n'uko ubwenge bwabo bufite intege nke budashobora kwahuranya ngo busobanukirwe imigambi y'Imana. . . . Ntabwo amakosa yose azateza ingorane cyangwa ngo atere gusitara, ku muntu utazihimbira ibigoranye abishakisha abikura mu kuri kugaragara kwahishuwe. UB1 12.1.

Nubwo yari azi ko amakosa nk'ayo ashobora kuba yarabayeho, yari afitiye Bibiliya icyizere kitagira imbibi. Yarakomeje (kuri paje ya 12, 13):

Mfata Bibiliya nk'uko iri, nk'ijambo ryahumetswe n'Imana. Nemera ibyo ivuga muri yo byose. Hari abantu bahaguruka batekereza ko bafite icyo banenga mu

Ijambo ry'Imana. Bayigira ubusa imbere y'abandi nk'ikimenyetso cy'uko bafite ubwenge burenze. Benshi muri abo bantu ni abanyabwenge, intiti, intyoza kandi bafite impano. Umurimo bakora mu mibereho yabo yose, ni uwo guhungabanya intekerezo z'abantu ku byerekeranye no guhumekwa kw'Ibyanditswe. Bakururira abandi benshi kubona ibintu nk'uko na bo babibona. Kandi uwo murimo bakora uva ku muntu umwe ujya ku wundi nk'uko Satani yateguye uko bikwiriye kuba, kugeza ubwo tubonye ubusobanuro bwuzuye bw'amagambo Kristo yavuze agira ati: "Ariko Umwana w'Umuntu naza, mbese azasanga kwizera kukiri mu isi?" (Luka 18:8). UB1 12.5. . . .

Bavandimwe, mushikame kuri Bibiliya yanyu nk'uko isomwa, kandi muhagarike guhinyura kwanyu ku bijyanye n'ukuri kwayo, bityo mwumvire Ijambo ry'Imana, bizatuma nta n'umwe muri mwe uzimira. . . .

Kwiyoroshya n'amagambo yumvikana bisobanukira umuntu utazi gusoma no kwandika, umunyacyaro, n'umwana, kimwe n'umuntu mukuru cyangwa intiti mu bwenge. Niba umuntu afite impano zagutse z'imbaraga z'ubwenge, mu byanditswe bivuga ibitangaza by'Imana, azasangamo ubutunzi bw'ukuri, bwiza kandi bw'agaciro, ashobora kugira ubwe akabutunga. Azabona n'ingorane, amabanga, ndetse n'ibitangaza bizatuma anyurwa cyane no gukomeza kwiga igihe kirekire akiriho, kandi azabona ko hakiriho ibimurenze bitarondorwa. UB1 13.4

Ku birebana n'amasemura agezweho ndetse n'ubusobanuro bwa Bibiliya abantu banditse, madamu White ubwe yarabikoreshaga. Mu nyandiko nyinshi yanditse nyuma, uzabonamo amagambo agiye atandukanye yakuwe mu zindi ngeri za Bibiliya ubwo zari zimaze kuboneka, zitari ingeri yitiriwe umwami Yakobo. Yanifashishije Ubusobanuro bwa Bibiliya mu bihe bitari bimwe. Bityo, nizera ko ibi atari byo yavugagaho mu gitabo cy'*Inyandiko z'Ibanze.*

## Ikibazo cya 93: Mbese amasemura agezweho ya Bibiliya, ateje akaga? ("Ingeri nshya za Bibiliya")

*Mbese mwandangira inyandiko iyo ari yo yose ya Elina G. White, igira icyo ivuga ku kuba ingeri nshya za Bibiliya ziri gucapwa muri iyi minsi, zigamije kubiba ibinyoma?*

Nta magambo nzi yavuzwe na madamu White atanga umuburo wo kudakoresha ingeri nshya za Bibiliya zagombaga gukorwa kugira ngo zikwirakwize ibinyoma. Dufite inyandiko irebana n'uburyo madamu White ubwe yakoreshaga ingeri zitandukanye z'Ibyanditswe. Iyo nyandiko igira icyo ihishura cy'uburyo yitwaraga imbere y'ingeri zitandukanye z'amasemura ya Bibiliya.

Mu nyandiko ze, Elina White yakoresheje ingeri zitandukanye z'amasemura y'Icyongereza y'Ibyanditswe Byera yari ariho mu gihe cye. Icyakora, ntabwo agira icyo avuga mu buryo butaziguye cy'ibyo zigiye zirushanya, nyamara bigaragarira mu mikorere ye, ko yari azi ko byaba ingirakamaro haramutse hakoreshejwe ingeri ya Bibiliya irusha izindi zose kuba nziza. Ibyo yanditse bishyiraho umusingi wagutse wo kwegera ingeri nyinshi z'Ibyanditswe Byera dufite intekerezo zifungutse. . . .

Ku bijyanye n'uburyo madamu White yitwaye imbere y'ivugurura ry'ingeri y'Icyongereza yo mu myaka ya 1880, umuhungu we, W. C. White, yaranditse ati:

"Mbere yuko ingeri ivuguruye ishyirwa ahagaragara, amagambo arebana n'impinduka abagize komite bashakaga gukora, yashyizwe hanze na bamwe muri bo mbere y'igihe. Amwe muri aya magambo nayazaniye Mama ngo ayiteho, kandi yampaye amakuru atangaje cyane arebana n'ibi Byanditswe. Ibi byatumye nizera ko iryo vugurura, ubwo rizaba rimaze kutugera mu biganza, ryazaba ikintu cy'umumaro ukomeye kuri twebwe." – W. C. White, DF 579 (1931); *Ministry, Mata*, 1947, p.17.

Biragaragara ko nyuma yo kugaragara kw'ingeri zivuguruye z'Icyongereza, incuro nyinshi madamu White yahitaga azikoresha mu bitabo bye, nk'uko yanabikoze ku ngeri Yemewe Ivuguruye y'Abanyamerika (*American Standard Revision*), ubwo yari imaze kuboneka mu 1901 . . . .

Ku bijyanye n'uburyo madamu White yitwaye imbere y'amavugurura yo mu 1885 no mu 1901, no ku bijyanye n'ukuntu we ubwe yakoreshaga izi ngeri mu kubwiriza no mu nyandiko, umuhungu we, W. C. White, wakoranaga na we bya hafi mu murimo we wo mu ruhame no mu itegurwa n'icapwa ry'ibitabo bye, yanditse mu 1931 ati:

"Nta kintu na kimwe nzi mu nyandiko za E. G. White, ndetse nta na kimwe nibuka mu biganiro mushiki wacu White yagiranye n'abandi, cyaba cyerekana ko yumvaga yuko haba hari ikibi na kimwe kiri mu ikoreshwa ry'Ingeri Ivuguruye. . . .  "

"Mu gihe inyandiko z'ibitabo bye bishya n'iz'ingeri zivuguruye z'ibitabo bye byababaga byaratangiye gucapwa zabaga zirimo gutegurwa, njyewe ubwanjye na mushiki wacu Marian Davis, buri gihe twagiye duhamagara mushiki wacu White, bitewe n'uko yari arimo arakoresha amagambo yasemuwe neza biruseho mu Ngeri Ivuguruye. Mushiki wacu White yigaga buri somo abyitondeye, kandi mu bihe bimwe na bimwe, yadusabaga gukoresha Ingeri Ivuguruye. Mu bindi bihe, yadusabaga kuguma ku ikoreshwa ry'Ingeri Yemewe [Ingeri yitiriwe umwami Yakobo]."

"ubwo *Ibihamya by'itorero*, umuzingo wa 8 wacapwaga kandi bikagaragara ko byari kuba byiza kwifashisha amagambo maremare yo muri Zaburi, byabwiwe mushiki wacu White ko amagambo yo muri Zaburi yo mu Ngeri Ivuguruye ari yo yari yashimwe kuruta andi, kandi ko ikoreshwa ryo kutandika imibare yerekana imirongo byatumaga amagambo arushaho gusomeka neza. Mushiki wacu White yabitekerejeho cyane, hanyuma adusaba gukoresha Ingeri Ivuguruye." (Arthur L. White, "*Inama ya E. G. White ku ngeri za Bibiliya* [The E. G. White counsel on Versions of the Bible])."

## Ikibazo cya 94: Hari ikintu na kimwe Elina White yavuze kuri dinezoro? ("Dinezoro")

*Nyamuneka nimundangire ahantu aho ari ho hose mushiki wacu White yaba yaragize icyo avuga ku nyamaswa zitwa dinezoro, no kuba zaba zarajyanwe mu nkuge ya Nowa.*

Elina White ntabwo yigeze avuga dinezoro mu izina. Icyakora, abantu benshi, batekereza ko ari zo yavugagaho mu magambo ameze nk'aya ngaya akurikira, aboneka mu mizingo y'igitabo cyitwa *Spiritual Gifts [Impano za Mwuka].* Niba ibi ari ukuri, amagambo ya mbere asubiza ikibazo cyawe kijyanye no kuba izo nyamaswa zari ziri mu nkuge:

Buri bwoko bwose bw'inyamaswa Imana yaremye, bwarindiwe mu nkuge. Inyamaswa z'amoko y'uruvangitirane Imana itigeze irema, zikaba zari zarakomotse muri *amalgamation*[17] [soma amarigamasiyo], zarimbuwe n'umwuzure. (*Spiritual Gifts [Impano z'Umwuka]*, vol.3, p. 75).

Amagufwa y'abantu n'ay'inyamaswa abonwa mu butaka, mu misozi no mu bibaya, akerekana ko igihe kimwe abantu n'ibikoko binini cyane byigeze kuba ku isi. Neretswe ko, inyamaswa nini cyane z'inyembaraga zabaga ku isi mbere y'umwuzure, ubu zitakibaho. Rimwe na rimwe habonwa ibikoresho by'intambara, ndetse n'ibiti bikomeye nk'amabuye. Bitewe n'uko amagufwa y'abantu n'inyamaswa aboneka mu butaka aba ari manini cyane ugereranyije n'ay'abantu n'ay'inyamaswa biriho ubu, cyangwa byababagaho mu bisekuru byinshi byashize, bamwe banzura ko isi imaze imyaka myinshi cyane iruta iyo ari yo yose igaragara mu mateka aba mu Byanditswe, kandi ko yari ituwe n'ubwoko bw'ibinyabuzima biruta cyane mu bunini abantu bari ku isi muri iki gihe, uhereye mu myaka myinshi cyane mbere yuko habaho inkuru y'irema. (*Spiritual Gifts [Impano z'Umwuka],* vol.3, p.92, 93).

Hariho ubwoko bw'inyamaswa nini cyane zarimbutse burundu mu gihe cy'umwuzure. Imana yari izi ko imbaraga z'umuntu zajyaga kuzagabanuka, kandi ko

---

[17] *Amarigamasiyo: kubangurirana hagati y'ibinyabuzima bidahuje ubwoko.*

izi nyamaswa zitakibaho, zitari kubasha kugenzurwa n'abantu b'abanyantege nke. (*Spiritual Gifts [Impano z'Umwaka],* vol.4a, p.121).

Amagambo ya mbere arerekana ko "inyamaswa z'amoko y'uruvangitirane Imana itigeze irema" zakomotse "muri amarigamasiyo," zitarindiwe mu nkuge, ahubwo zarimbukiye mu mwuzure. Madamu White ntabwo yigeze avuga uburyo iyi amarigamasiyo yaje kubaho. Kugerageza kubisobanura mu buryo burushijeho kwimbika, nta mumaro bifite kuko ari ibyo abantu bitekerereza gusa. Ntabwo mbizi niba abantu baragize cyangwa bataragize uruhare muri iyo amarigamasiyo. Gusa mushiki wacu White ntacyo yabivuzeho.

Reba n'ikibazo n'igisubizo bikurikiraho.

## Ikibazo cya 95: Mbese amagambo madamu White yavuze ajyanye na amarigamasiyo, asobanuye iki? ("Amarigamasiyo n'abirabura")

*Mu myaka mike ishize, hari inyandiko itangaje cyane yashyizwe hanze na Adventist Review [ikinyamakuru cyitwa "Urwibutso rwa Kidiventiste"], irebana n'amagambo runaka madamu White yari yaravuze. Ndi kwibaza niba mwabasha kubona aho yavuze ayo magambo. Iyo nyandiko yanditswe na Review, yavuze ko madamu White yavuze yuko abirabura bakomotse mu kuryamana k'umuzungu n'inyamaswa. (Ndatekereza ko iyo yandiko ishobora kuba yaravuze ko iyo nyamaswa ari inguge.)*

Dusubije amaso inyuma muri Mutarama 1995, umwanditsi wa Review, yasubije ikibazo cyabajijwe n'umusomyi wavuze ko madamu White yavuze ibyo kuryamana kwagize umusaruro, hagati y'abantu n'inyamaswa. Birashoboka ko iyi ari yo nkuru wibuka ko wasomye. Mu kugusubiza mu magambo make, amagambo avuga ko madamu White yavuze ibi, rwose si ay'ukuri – ntabwo yigeze ayavuga.

Amagambo akurikira, aboneka mu gitabo gifasha cyane kandi kirimo amakuru y'ingenzi cyitwa *Messenger of the Lord [Intumwa y'Imana]* cyanditswe na Herbert E. Douglass.

Abanenga madamu White, bavuze ko mu 1864 yanditse (kandi akongera kwandika mu 1870) yuko abantu bigeze kubana n'inyamaswa, kandi ko urubyaro rwabo na zo rwakomotseho amoko amwe n'amwe akiriho na bugingo n'ubu. Amagambo [ya Elina White] avuga atya: "Nyamara niba harabayeho icyaha kiruta ikindi cyahamagariye abantu kurimburwa n'umwuzure, cyari icyaha cy'ibanze cyatesheje agaciro ishusho y'Imana cya amarigamasiyo[18] y'umuntu n'inyamaswa, kandi giteza urujijo ahantu hose. Imana yari ifite umugambi wo kurimbuza umwuzure ubwo bwoko bw'ubunyembaraga, bwaramaga cyane, bwari bwarononnye inzira zabwo mu maso yayo." [*Spiritual Gifts (Impano z'Umwuka),* vol.3, p.64].

---

*[18] Amarigamasiyo: kubangurirana hagati y'ibinyabuzima bidahuje ubwoko.*

Nta nkoranyamagambo yigeze na rimwe ikoresha ijambo “amarigamasiyo” mu gusobanura kubana k’umuntu n’inyamaswa. . . . Ikoreshwa ryaryo ryo mu kinyejana cya cumi n’icyenda, ryari ririmo “kuvanga ibinyabuzima bidahuje ubwoko. . . .”

Hari ahandi hantu habiri, madamu White yakoresheje ijambo “amarigamasiyo.” Yarikoresheje mu buryo bw’imvugoshusho, agereranya abizera b’indahemuka n’ab’isi. [yaranditse ati: “Abavuga ko bakurikira Kristo, bakwiriye kuba ibikoresho bizima, bikorana n’abanyabwenge buheranije bo mu ijuru; nyamara kubwo kwihuza n’isi, imico y’abantu b’Imana itakaza ibara, ndetse binyuze muri amarigamasiyo yabo n’ababi, izahabu nziza irijima” (*Urwibutso n’Integuza,* kuwa 23 Kanama, 1892)]. kandi yarikoresheje mu gusobanura inkomoko y’ibimera birimo uburozi ndetse n’ibindi bintu bidafite umwimerere biboneka mu isi y’ibinyabuzima: “. . . Icyatsi cyose kirimo uburozi cyabibwe n’umwanzi, kandi binyuze muri ubu buryo bwuzuye uburiganya bwo kuvangavanga [amarigamasiyo], umwanzi yangije isi ayikwirakwizamo urukungu. (*Ubutumwa Bwatoranyijwe,* vol.2, p.306[soft]).

Mu kuzirikana ko Satani yakomeje kuba umukozi udacika intege mu gucogoza gahunda Imana ifitiye umuntu, inyamaswa, ibimera, n’ibindi; dushobora gusobanukirwa neza biruseho icyo Elina White ashobora kuba yaravugaga ubwo yasobanuraga ingaruka za amarigamasiyo. Icyatesheje “agaciro ishusho y’Imana mu muntu”, n’icyateje “urujijo mu moko atandukanye [y’inyamaswa]” cyari umurimo w’intoki za Satani afatanyije n’abantu. Amarigamasiyo imeze ityo y’umuntu n’ [iy’] inyamaswa, nk’uko bibasha kugaragara mu moko menshi atandukanye yenda kutagira iherezo y’inyamaswa, no mu moko amwe n’amwe y’abantu; ihinduka iyumvikana.

Nta na rimwe madamu White yigeze avuga ibyarenguriza ku binyabuzima bifite igice kimwe kimeze nk’icy’umuntu n’ikindi kimeze nk’icy’inyamaswa, cyangwa ubwoko ubwo ari bwo bwose bw’urubyaro rwakomotse mu kuryamana k’umuntu n’inyamaswa. Ni koko, yavuze ku “moko y’inyamaswa” n’ “amoko y’abantu”, nyamara ntiyigeze avuga ku bwoko na bumwe bw’urubyaro rwaturuka muri amarigamasiyo hagati y’inyamaswa n’abantu.

Hano hari amagambo shingiro ntekereza ko adufasha kumenya ibyo madamu White yavugaga, cyangwa nibura ibyo atavugaga: “Buri bwoko bwose bw’inyamaswa Imana yaremye, bwarindiwe mu nkuge. Inyamaswa z’amoko

y’uruvangitirane Imana itigeze irema, zikaba zari zarakomotse muri amarigamasiyo, zarimbuwe n’umwuzure. Guhera igihe umwuzure warangiriye, hagiye habaho amarigamasiyo y’umuntu n’inyamaswa, nk’uko bibasha kugaragara mu moko menshi atandukanye yenda kutagira iherezo y’inyamaswa, no mu moko amwe n’amwe y’abantu (*Spiritual Gifts [Impano z’Umwuka]*, vol.3, p. 75).”

Ikibazo ni ukumenya niba hano “amarigamasiyo y’umuntu n’inyamaswa” isobanuye amarigamasiyo y’abantu n’inyamaswa cyangwa amarigamasiyo y’abantu n’abandi bantu, ndetse n’y’inyamaswa n’izindi nyamaswa. Nubwo ntazi neza mu buryo bwuzuye icyo madamu White yatekerezaga ubwo yavugaga aya magambo (ari na yo yaretse kongera gukoresha mu nyandiko ze yanditse hanyuma ari kunonosora iyi nyandiko), nkwiriye kwanzura ko yatekerezaga amarigamasiyo y’abantu n’abandi bantu ndetse n’y’inyamaswa n’izindi nyamaswa, bitewe n’uko yavuze ko iyi amarigamasiyo yatumye habaho amoko menshi atandukanye yenda kutagira iherezo y’inyamaswa.”

Bitekerezeho. Mbese amoko akomeye y’inyamaswa yigeze akomoka mu kwihuza k’umuntu n’inyamaswa? Ntamuntu nzi wemeza ko ayo moko akomeye yatewe na amarigamasiyo nk’iyo n’imwe,” ntanubwo nigeze kumva umuntu n’umwe agerageza kuvuga ko madamu White yizeraga ibimeze bityo ku nyamaswa. Abamunenga, burigihe bibanda ku kibazo kitagutse cy’amako amwe n’amwe y’uruvange, igice kimwe ameze nk’umuntu, ikindi gice ameze nk’inyamaswa, kandi kenshi na kenshi bagerageza kuvuga ko aho yavuze ku “moko amwe n’amwe y’abantu” hagaragaza ko yafataga abirabura nk’abakomotse mu kwihuza kumeze gutyo. Ibyo simbyizera. Muby’ukuri icyo yavuze muri iki gika, nkurikije uko mbitekereza, ntabwo gihura, n’igitekerezo cy’uko hari urubyaro rwakomotse mu kwihuza kw’abantu n’inyamaswa. Zirikana ko mu nteruro isoza ariya magambo, yatandukanyije mu buryo bugaragara umuntu n’inyamaswa, ndetse na nyuma yuko amarigamasiyo yabayeho. Mbese umurongo ubitandukanya wajyaga kuba uri hehe iyo byombi byihuza? Ikindi, Elina White ntiyigeze ahuza iyi amarigamasiyo n’abirabura.

Biranyoroheye cyane kuvuga ibyo nizera ko madamu White atavugaga, kuruta kwerekana icyo yashakaga kuvuga. Niba atari agambiriye gutanga igitekerezo cya amarigamasiyo y’abantu n’inyamaswa, bivuze ko agomba kuba yaravugaga amarigamasiyo y’abantu n’abandi bantu n’iy’inyamaswa n’izindi nyamaswa, ari byo

byateje ingaruka yavuzeho ko, zikibasha kuboneka mu moko akomeye y'inyamaswa no mu moko amwe n'amwe y'abantu.

Ku bijyanye na amarigamasiyo hagati y'abantu n'icyo madamu White ashobora kuba yaravugaga mu kuvuga atyo, na ho ntabwo dufite byinshi byo gukomeza kuhatindaho. Amagambo nzi yegereye cyane uko bishoboka ubusobanuro bwabyo, ni aboneka mu nyandiko za madamu White asobanura isomo ryo mu Itangiriro 6:2, 4 mu gitabo cy'*Abakurambere n'Abahanuzi,* paje 55 [soft]. Aho hantu yavuze ko ubwo "'abana b'Imana [abakomotse kuri Seti] barebaga abakobwa b'abantu [abakomotse kuri Kayini] ari beza, bakarongoramo abo batoranyije bose', icyaha cyakwiriye mu isi nk'ibibembe byica."

Mbese madamu White yari afite mu ntekerezo kwihuza kumeze gutya, mu magambo yavuze ajyanye na amarigamasiyo? Ntabwo mbizi. Kubisobanura gutya bifite ishingiro ryiza ryo kuba byaravuzwe ahantu habiri havuga ku bintu bimwe: Hari aho Bibiliya ivuga ku kwivanga kw' "abana b'Imana"n' "abana b'abantu" nk'impamvu yaje gutuma habaho Umwuzure, ahandi ni aho madamu White avuga mu buryo nk'ubwo agaragaza ko amarigamasiyo iri mu byateje umwuzure. Mbese yashakaga kuvuga ko ibyo byombi byari icyaha kimwe? Sintekereza ko tubasha kugaragaza ibi mu buryo bwiza buhagije kuburyo buri wese abasha kunyurwa.

Reba n'ikibazo n'igisubizo bibanziriza ibi.

## Ikibazo cya 96: Mbese abantu b'ayandi moko, ntibakwiriye gushaka kugira uburinganire hagati yabo n'abazungu? ("Amagambo ya Elina G. White avuga ku moko y'abantu")

*Kuri paje ya 214 y'umuzingo wa 9 w'Ibihamya, hariho interuro irimo kumbera urujijo, kubwo kuyirebera mu mucyo w'ayandi magambo menshi. Ni interuro ibanza y'igika cya gatatu: "Abantu bafite uruhu rw'irindi bara, ntibakwiriye kwifuza cyane guhabwa uburenganzira bumwe nk'abazungu." Nyamara madamu White aravuga, akavuga ndetse akongera akavuga ko twese tungana imbere y'Imana.*

Ayo magambo, aramutse akuwe mu cyerekezo cy'ibyavugwagaho, yagaragara nk'aho avuga ko Elina White atafataga "abantu bafite uruhu rw'irindi bara" nk'abangana n'abazungu. Ibiri amambu, andi magambo ahishura mu buryo bweruye ko yafataga abantu bose nk'abangana, kandi ayo magambo mu cyerekezo cyayo cy'ibyavugwagaho, yerekana ko icyo yavugagaho cyari ibijyanye no kwamamaza ubutumwa bwiza, aho kuba irondabwoko. Zirikana aya magambo akurikira ajyanye no kungana kw'abantu bose:

Imana ntiyemera ibyo kuronda ubwenegihugu, amoko, cyangwa se kunena abandi. Abantu bose ni umuryango umwe, kubera ko Imana yabaremye kandi ikabacungura. (*Imigani ya Kristo*, vol.2, p.201[soft]).

Izina ry'umwirabura ryandikwa mu gitabo cy'ubugingo iruhande rw'iry'umwera. Bose ni umwe muri Kristo. Aho umuntu yavukiye, urwego ariho, ubwenegihugu cyangwa ibara ry'umubiri we, ntibishobora gushyira abantu ku rwego rwo hejuru cyangwa kubatesha agaciro. (*Ubutumwa bwatoranyijwe,* vol.2, p.365[soft]).

Ubu noneho, zirikana icyerekezo cy'ivugabutumwa gihita gikurikira rwose amagambo wagaragaje:

Isano y'aya moko yombi, yabaye ikintu gikomeye cyo guhangana na cyo, kandi ndatinya ko izakomeza iteka kuba ikibazo gikomeye cyane. Kugeza ubu, ikintu cyose cyabyutsa urwikekwe rw'amoko rw'abazungu, kigomba kwirindwa uko bishoboka. Hari akaga ko gufunga umuryango kuburyo abakozi bacu b'abazungu batazabasha gukora umurimo mu duce tumwe na tumwe mu magepfo.

Ndabizi ko nitugerageza gukora ibihuje n'ibitekerezo ndetse n'ibikundwa n'abirabura bamwe, tuzabona inzira yacu ifunze burundu.

Umurimo wo gutangaza ukuri kw'iki gihe ntukwiriye kudeheshwa n'ishyaka ryo gushaka gukurikiza ibyifuzo by'uruhande ubwoko bw'abirabura ruhagazemo. Turamutse tugerageje gukora ibi, twabona inzitizi zimeze nk'imisozi zizamurwa ngo zirogoye umurimo Imana yifuza ko dukora. Nitugenda dutuje kandi dufite ubushishozi, tugakora umurimo mu buryo Imana yagaragaje, abazungu n'abirabura bazabonera inyungu mu bikorwa byacu.

Igihe ntabwo kiragera ngo dukore nk'aho nta rwikekwe ruhari. Kristo yaravuze ati: “nuko mugire ubwenge nk'inzoka, kandi muzabe nk'inuma mutagira amahugu.” (*Matayo* 10:16). Nimubona ko kubwo gukora ibintu runaka mufitiye uburenganzira bwuzuye, mubangamira kujya mbere k'umurimo w'Imana, murekere aho gukora ibyo bintu. Ntimugakore ikintu na kimwe kizafunga intekerezo z'abandi ngo zitumva ukuri. Hari isi yo gukiza, kandi nta kintu na kimwe tuzungukira mu kwitandukanya n'abo turimo kugerageza gufasha. Ibintu byose dushobora kuba tubyemerewe, nyamara si ko byose bitugirira umumaro.

Uburyo burimo ubwenge, ni bwo burusha ubundi kuba bwiza. Nk'abakozi bakorana n'Imana, tugomba gukora mu buryo buzadushoboza kuzuza byinshi bishoboka ku Bwe. Mureke he kugira n'umwe ujya mu gukabya. Dukeneye ubwenge mvajuru; kubera ko dufite ikibazo gikomeye tugomba gukemura. Niba kujya mbere guhutiyeho gukozwe, ibibi bikomeye bizakorwa. Ubutumwa bugomba kugaragazwa mu buryo buzatuma abirabura bahindutse by'ukuri bashikama ku kuri kubwa Kristo, maze bange guhakana ihame na rimwe ry'ukuri kwa Bibiliya, kubera ko bashobora gutekereza ko uburyo bwiza bushoboka butarimo gukoreshwa mu kwegera ubwoko bw'abirabura. (*Testimonies for the Church [Ibihamya by'Itorero],* vol.9, p.214, 215; unarebe p.208, 209).

Ndatekereza ko amagambo nk'aya agaragaza mu buryo bwumvikana uruhande madamu White yari ahagazemo kuri iyi ngingo. Yiringiraga ko igihe cyiza kizagera, ubwo urwikekwe nk'uru rutajyaga kwiganza, kandi kubw'ubuntu bw'Imana, ntekereza ko twamaze kugera muri icyo gihe. Nyamara kugeza igihe ibyo byari bitarabaho, byari ngombwa ko umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza ujya

mbere, kandi yahamagariye abizera kugira ubwenge muri ibi bintu, kugira ngo ubutumwa bubashe kumvwa.

Reba n’ikibazo n’igisubizo bikurikiraho.

## Ikibazo cya 97: Mbese Elina White yavuze ko "ingirabuzimafatizo zigenga iby'iyororoka" z'amoko yose y'abantu, zari ziri muri Adamu? ("Inkomoko y'amoko y'abantu bafite uruhu rw'irindi bara")

*Incuti yanjye, yambwiye ko yigeze gusoma ahantu runaka mu gitabo cyanditswe na Elina G. White, kandi havugaga ko "ingirabuzimafatizo zigenga iby'iyororoka [genes]" z'amoko yose y'abantu bafite uruhu rw'irindi bara, yari muri Adamu. Icyakora, ntabwo abasha kwibuka aho yabisomye nyirizina. Mbese hāba hari amagambo muzi ameze atyo?*

Nta magambo nzi ya madamu White avuga iby'ingingo wabajijeho. Ni amagambo atangaje, mbese si ko biri? Kuba bitangaje ubwabyo, bituma ntekereza ko iyaba mu by'ukuri ayo magambo yarakomotse kuri madamu White, byakabaye rwose bizwi neza.

Nyamara nubwo madamu White atigeze avuga amagambo ajyanye no kuba "ingirabuzimafatizo zigenga iby'iyororoka" z'abantu b'amoko yose zari ziri muri Adamu, yashyigikiraga rwose ubuvandimwe bw'inyokomuntu yose:

Kristo yaje muri iyi si azanye ubutumwa bw'imbabazi no kubabarira. Yashyizeho umusingi w'iyobokamana riteye ku buryo umuyuda n'umunyamahanga, umwirabura n'umuzungu, imbata n'uw'umudendezo, bahurijwe hamwe n'ubuvandimwe rusange, kandi bangana mu maso y'Imana. (*Testimonies for the Church [Ibihamya by'Itorero],* vol.7,225).

Imana ntiyemera ibyo kuronda ubwenegihugu, amoko, cyangwa se kunena abandi. Abantu bose ni umuryango umwe kubera ko Imana yabaremye kandi ikabacungura. Kristo yazanywe no gusenya insika zose zitandukanya abantu, ngo akingure ingoro y'Imana kugira ngo umuntu wese abone umudendezo wo kuyegera nta cyo yikanga. . . . Muri Kristo, nta Muyuda cyangwa Umugiriki, uw'imbata cyangwa uw'umudendezo. Bose begerezwa Imana n'amaraso y'igiciro cyinshi ya Kristo. (*Imigani ya Kristo,* p.201[soft]).

Iyobokamana rya Bibiliya ntiryemera kunena cyangwa amoko. Ntiryita ku rwego rw'umuntu, ubutunzi n'icyubahiro cy'isi. Imana ifata abantu nk'abantu. Kuri Yo, imico yabo ni yo igena agaciro kabo. Kandi tugomba kubona Umwuka wa Kristo mu

muntu uwo ari we wese wigaragarijemo. (*Testimonies for the Church [Ibihamya by'Itorero]*, vol.9, p.223).

Inkuta z'amacakubiri no kunena n'amoko, bizagwa hasi ubwo umwuka nyakuri w'ivugabutumwa uzinjira mu mitima y'abantu. Urwikekwe rushongeshwa n'urukundo rw'Imana. (*Urwibutso n'Integuza*, kuwa 21 Mutarama, 1896; *The Southern Work*, ingeri yo mu 1966, p.55).

Inkuta zo kwitandukanya zarubatswe hagati y'abazungu n'abirabura. Mu gihe abakristo bumviye Ijambo ry'Imana, ari ryo ribateramo kugirira Umuremyi wabo urukundo ruhebuje no kugirira bagenzi babo urukundo rutizigamye; izi nkuta z'urwikekwe zizisenya ubwazo nk'uko byagenze ku nkuta z'i Yeriko. (*Urwibutso n'Integuza*, kuwa 17 Ugushyingo, 1895; byongeye gucapwa muri *The Southern Work*, ingeri yo mu 1966, p.43).

Iyo Umwuka Wera agendereye intekerezo z'abantu, kuregana koroheje no gushinjanya hagati y'umuntu na mugenzi we bizashyirwa ku ruhande. . . . mu kuramya Imana kwacu, ntihazabamo itandukaniro hagati y'umukire n'umukene, umuzungu n'umwirabura. Urwikekwe rwose ruzashonga rushire. Ubwo tuzaba twegereye Imana, bizaba nk'ubuvandimwe bumwe. (*Urwibutso n'Integuza*, kuwa 24 Kanama, 1899, 677).

Ijisho ry'Imana riri ku biremwa byayo byose; Ibikunda byose, kandi nta tandukaniro Ishyira hagati y'umuzungu n'umwirabura, keretse gusa ko Ifitiye impuhwe nyinshi zidasanzwe, abahamagarirwa kwikorera umutwaro ukomeye kuruta uw'abandi. . . .

Abantu bose biyegurira Kristo, abantu bose bumva ukuri kandi bakakumvira, bahinduka abana bo mu muryango umwe. Abaswa n'abanyabwenge, abakire n'abakene, abapagani n'inkoreragahato, abera n'abirabura; abo bose, Yesu yishyuye igiciro cy'ubugingo bwabo. Nibamwizera, amaraso ye yeza azabuhagira. Izina ry'umwirabura ryandikwa mu gitabo cy'ubugingo iruhande rw'iry'umwera. Bose ni umwe muri Kristo. Aho umuntu yavukiye, urwego ariho, ubwenegihugu cyangwa ibara ry'umubiri we, ntibishobora gushyira abantu ku rwego rwo hejuru cyangwa kubatesha agaciro. Imico ni yo igize umuntu. Iyo uw'ibara ritukura (umuhindi w'umunyamerika), umushinwa cyangwa umunyafurika yeguriye Imana

umutima we afite kumvira no kwizera, Yesu amukunda atitaye ku ibara rye. Amwita umuvandimwe we ukundwa. . . .

Abantu bashobora kugira urwikekwe barazwe n'abo bakomokaho cyangwa urwo babibye ubwabo, nyamara iyo urukundo rwa Yesu rwuzuye mu mutima, hanyuma bakaba umwe na Kristo, bazagira wa Mwuka yari afite. Umuvandimwe ufite uruhu rw'irindi bara naramuka yicaye hirya yabo, ntabwo bazumva bamwishisha cyangwa ngo bamusuzugure. Bose bari mu rugendo rugana mu ijuru rimwe, kandi bazaba bicaranye ku meza amwe, kugira ngo basangire umugati mu bwami bw'Imana. Niba Yesu aguma mu mitima yacu, ntabwo twabasha gusuzugura umuntu ufite uruhu rw'irindi bara, ufite Umukiza umwe n'uwacu kandi uguma no mu mutima we. (Byasohotse muri *The Southern Work*, ingeri yo mu 1966, p.12-14).

Reba n'ikibazo n'igisubizo bibanziriza ibi.

## Ikibazo cya 98: Mbese Elina White yari afite igisekuru cy'amoko atandukanye y'uruvange? ("Amateka ya/ubwoko bwa Elina G. White")

*Igihe kimwe naganiraga n'incuti zanjye zimwe ku bijyanye n'inyandiko za madamu White, hanyuma umugabo umwe aravuga ati, "Mbese mwari muzi ko Elina White yakomokaga mu moko atandukanye y'uruvange?" Abandi baravuze bati "ni byo, yari umuzungu n'umwirabura", kandi benshi mu bo twari kumwe mu itsinda barabyemeye. Sinari narigeze na rimwe numva ibi bintu; bityo, mfite amatsiko menshi, kandi nasuzumye nsanga ko habaye hari n'umwe uzi ayo makuru, yaba uri uwo mu bagize itsinda ry'abarinzi b'inyandiko za Elina White. Mbese ibi ni ukuri? kandi niba ari byo, haba hari inyandiko izwi mu mateka ibivugaho?*

Ikibazo wabajije cyagiye kitugeraho kenshi mu gihe kirekire gishize, ndatekereza ko ahanini, byatewe n'uko amafoto amwe n'amwe ya Elina G. White, amugaragaza afite ibintu runaka bisa n'iby'abantu bakomoka muri Afurika. Kandi mu by'ukuri, ku rugero runaka, ayo mateka yakwerekanwa nk'ukuri kuri we. Nyamara kugeza ubu, ntanumwe wigeze abasha kugaragaza mu gisekuru cye, Umunyafurika cyangwa Umunyamerika wa kavukire w'umwirabura.

Mwenedata Charles Dudley, yakoze cyane ubutarambirwa kuri iyi ngingo. Niba mbyibuka neza, yabonye abantu bafite amako y'uruvange, bitwa ingeri zitandukanye z'izina *Gould,* babaga muri leta ya Delaware, New Jersey, no mu tundi duce dutandukanye. (*Gould* ni izina nyina wa Elina White yitwaga mbere yo gufata iry'umugabo we, kandi rikaba n'izina ryo hagati mu mazina atatu ya Elina White). Nyamara, ntiyabashije kugaragaza isano y'amaraso bafitanye na madamu White. Nubwo yakomeje kwemera neza yuko abo bantu ari "babyara" ba Elina G. White, aho bahurira n'amasekuruza ye nyirizina haracyakenewe kugaragazwa.

Kugira ngo ubashe kubona raporo irimo ubushakashatsi bwa vuha aha, ndetse n'umwanzuro w'abarinzi b'inyandiko za Elina White kuri iyi ngingo, reba amagambo yahawe umutwe witwa "The Genealogy of Ellen G. white – an Update" [Amasekuruza ya Elina G. White - yanonosowe], iboneka ku rubuga rwa murandasi rw'abarinzi b'inyandiko za Elina White.

## Ikibazo cya 99: Ni iyihe ndirimbo yo mu gitabo Elina White yakundaga by’umwihariko? (“Ikibazo cy’indirimbo yari ikunzwe by’umwihariko”)

*Nahoze nibaza niba hāba hari indirimbo yo mu gitabo Elina White yakundaga by’umwihariko.*

Tugendeye ku byavuzwe na Ella White Robinson, umwe mu buzukuru bakuru ba madamu White wari umuzi neza, madamu White yavuze ko indirimbo akunda by’umwihariko ari “Yesu Mukunzi Wanjye [Jesus, Lover of My Soul].” Hejuru y’ibyo, yari afite indirimbo nyinshi zo mu gitabo yakundaga, nyamara ntabwo ariko zose zizwi cyane uyu munsi. Zimwe muri zo ni “Hari urumuri rw’izuba mu mpinga y’umusozi [There is Sunlight on the Hilltop]”, “Muramye Umwami [O Worship the King]”, “Uri Uwera Wera [Holy, Holy, Holy]”, “Jy’uganza Mwami w’iteka [All Hail the Power of Jesus’ Name]”, “Ubu nje uko ndi [Just As I Am]”, “Mukiza Ngukurikire [I Will Follow Thee, My Savior]”, “Sinita ku butunzi [Is My Name Written There]”, “Ndi umushyitsi w’umwimukira [I’m a Pilgrim]”, “Sinzakureka haba na rimwe Mana [I will never, never leave Thee]”, “Mbese ko tujya tuvuga [We Speak of the Realms of the Blest]” na “Hari abamarayika batuzengurutse [There Are Angels Hov’ring Round].” Mu rugo rwa White, mu gukura kw’abahungu be, buri gitondo ubwo babaga bateranye ngo basenge, baririmbaga, “Mu gitondo njya ndirimba [Lord, in the Morning],” kandi nimugoroba baririmbaga, “Gihe cyiza cyo gusenga [Sweet Hour of Prayer].”

## Ikibazo cya 100: Mbese Lusiferi yabashaga kuririmba amajwi ane icyarimwe? (“Umuziki – Mbese Satani yabashaga kuririmba amajwi ane?”)

*Mbese Satani yabashaga kuririmba amajwi ane icyariwe – akarema indirimbo yuzuye igizwe n’amajwi ane yuzuzanya?*

Mu ibaruwa yanditswe na Arthur L. White, handitswe hatya:

“Wabajije niba twagufasha kubona amagambo wavuze ko wasomye ahantu runaka, havuga ko Lusiferi yabashaga kuririmba amajwi ane icyarimwe. Ntabwo nzi aho ushobora kuba warasomye aya magambo. Abandi bantu na bo, batubajije nubundi kuri iyi ngingo. Nyamara, ntitwigeze na rimwe tubasha kubona amagambo nk’ariya mu nyandiko za madamu White, yaba izacapwe n’izitaracapwe. Ihangane kubwo gutenguhwa uri buzanirwe n’aya magambo, gusa uku ni ko bimeze.”

## Ikibazo cya 101: Mbese Yohana Umubatiza yariye udusimba? (“Ikibazo ku bwoko bw’inzige Yohana Umubatiza yaryaga”)

*Mungire inama rwose ku bwoko bw’inzige Yohana Umubatiza yaryaga. Bamwe bavuga ko inzige zavuzwe ari udusimba, mu gihe abandi bavuga ko zari imbuto zo mu butayu zitwa “inzige”.*

Ukuri ni uko, yaba amasemura y’icyongereza y’ayo magambo, cyangwa ay’Ikigiriki [ari yo Isezerano Rishya ryanditswemo mu buryo bw’umwimerere], nta n’amwe atubwira neza icyo Yohana yaryaga. Mu gihe ijambo ry’Ikigiriki riha amahirwe menshi ubusobanuro bw’agasimba, hari ubuhamya bufatika bwo mu isi ya kera, buha amahirwe menshi ubusobanuro bw’imbuto zitwa “carob pod.” Mu gitabo cyitwa *Ubusobanuro bwa Bibiliya bw’Itorero ry’Abadiventiste b’Umunsi wa karindwi [The Seventh-day Adventist Bible Commentary]*, harimo rwose amagambo arambuye kuri ibi, aboneka mu muzingo wacyo wa 5, note ya 1, ku mutwe witwa “Amagambo y’inyongera ku gice cya 3” muri Matayo 3.

Madamu White yavuze amagambo akurikira ku bijyanye na Yohana Umubatiza muri *Testimonies for the Church [Ibihamya by’itorero]*, vol.3, p.62: “Yohana yitandukanyije ubwe n’incuti ndetse n’ibinezeza byo mu buzima. . . . Ifunguro rye ryari rigizwe gusa n’imboga, inzige n’ubuki bw’ubuhura; kwari ugucyaha kwinezeza mu irari ry’inda n’umururumba byagaragaraga ahantu hose.”